REPUBLIQUE RWANDAISE

MINISTERI Y'UBUTEGETSI BW'IGIHUGU
B. P. 446 KIGALI

# Raporo y'Ihugurwa lya ba Burgumestri lyabereye i Byumba kuva kuwa 7 kugeza kuwa 13 Nzeli 1980.

REPUBLIKA Y'U RWANDA

MINISTERI Y'UBUTEGETSI BW'IGIHUGU

B.P. 446

<u>KIGALI</u>

# R A P O R O  Y'I H U G U R W A  L Y A  B A B U R G U M E S T R I  L Y A B E R E Y E  I  B Y U M B A  K U V A  K U W A  7  K U G E Z A  K U W A  1 3  N Z E L I  1 9 8 0 .-

*******************************

RAPORO Y'IHUGURWA LYA BA BURGUMESTRI LYABEREYE MULI GROUPE SCOLAIRE Y'I BYUMBA KUVA TALIKI YA 7 KUGEZA KUYA 13 NZELI 1980.-

---

Ku Cyumweru taliki ya 7 Nzeli 1980.

Ikingurwa ly'ihugurwa lya ba Burgumestri lyatangiye saa kumi (16 h 00). Lyafunguwe na Ministri w'Ubutegetsi bw'Igihugu asomera ba Burgumestri ubutumwa bali bohererejwe na Nyakubahwa Prezida wa Republika.

"Ubutumwa Nyakubahwa Général-Major HABYARIMANA Juvénal, Prezida wa Republika na Prezida Fondateri wa Muvoma Revolisiyoneri iharanira amajyambere y'u Rwanda yoherereje inama ya ba Burgumestri bose b'u Rwanda iteraniye i Byumba kuva kw'italiki ya 7 kugeza kuya 13 Nzeli 1980":

Ba Bwana Burgumestri,

Muli uyu mwanya mwitegura gutangira inama yo kwihugulira imilimo ikomeye Igihugu cyabashinze, nejejwe no kubagezaho ubu butumwa mbifuliza amahoro kuli buli wese no ku abaturage ba Komini muyobora.

Ubu bubaye ubwa gatatu muli iyi myaka ilindwi, uhereye ku nama zabereye ku Kicukiro muli 1975 n'i Murambi muli 1978, ba Burgumestri ba Komini zose z'u Rwanda muhulira hamwe, mukamenyana, mukigira hamwe ibibazo buli wese muli mwe ahura nabyo muli Komini ashinzwe, bityo mbese mugatahiliza mu muganda umwe, mugashaka icyateza imbere umutekano n'ubumwe twifuliza iteka abanyarwanda, mukuzuliza hamwe umugambi Muvoma Revolisiyoneri iharanira amajyambere y'u Rwanda igamije, aliwo guharanira icyalimwe amajyambere y'Igihugu n'abagituye bose.

Koko rero nk'uko twabyifuje kuva kw'italiki ya 5 Nyakanga 1973 itazibagirana mu mateka y'u Rwanda, ali nayo taliki twigobotoye urugomo, umwiryane n'amatiku, tugahagurukira ubumwe n'amahoro, twemeje ku buryo buhamye ko Republika ya Kabili ishingiye kuli Komini aliyo soko n'isangano ry'amajyambere nyakuli. Muliyumvisha rero uruhare rukomeye mufite, mwe muyobora Komini zose, muli ayo matwara y'ubuzamukire rusange bw'Igihugu cyose.

Niyo mpamvu rero twabateganyilije ingingo nyinshi muzitaho, ali mu rwego rwa Politiki, mu rw'ubutegetsi, mu bibazo byerekeye ubukungu bw'Igihugu n'imizamukire y'abaturage, ubutabera n'imirangilize y'imanza.

Nizeye rero ko iyi nama muzayisoza murushijeho guhugukira ku matwara Muvoma yacu iteze kuli buli munyarwanda, cyane cyane kuli buli wese nkamwe ushinzwe umulimo utagira uko usa, wo kuyobora imbaga nyamwinshi, ayigeza ku majyambere rusange.

.../...

Sinshidikanya ko iyi nama izababera intambwe nyayo, izatuma muhugukirwa kurushaho, imiterere ya Komini n'uburyo bwa kijyambere bwo kuyiyobora.

Nizeye by'ukuli ko buli wese uko muli aha, azatahana muli Komini ashinzwe amatwara arushije ayo yali asanganywe, mu gucengeza mu batura-Rwanda bose intego ya Muvoma yacu ko u Rwanda ruzazamurwa n'imbaraga z'abana barwo, bityo akabakangulira umuganda, akababera urumuli mu milimo rusange izamura Igihugu, cyane cyane igamije imibereho myiza y'abaturage, guteza imbere uburezi n'urubyiruko no kujijukira amajyambere.

Muli uyu mwaka twitiliye uwo gufata neza ubutaka, ndifuza ko buli wese yazarangizana iyi nama amatwara mashya yo kwumvisha abo ashinzwe ko niba batarwanye ku butaka, bategulira inzara n'amapfa abana Imana yabahaye cyangwa ibateganyiliza. Ni ngombwa rero ko twese hamwe twahagurukira icyalimwe tugateza imbere ubuhinzi n'ubworozi tugaterana inkunga, dushakira hamwe icyatunga abanyarwanda bose, ubu no mu bihe bizaza.

Nifulije rero buli wese kwita ku nyigisho twabateganyilije, bityo iyi nama mugiye gutangira ikazababera mwese ingira-kamaro, mu migambi yacu twese twiyemeje, yo kwiyegulira ubumwe n'umutekano mu bavukarwanda twese, tukabahuliza hamwe, tugamije amajyambere kuli buli wese.

Ngiyo intego ya Muvoma yacu, ngayo amatwara ya buli mu Militant wayo, nguwo umutako w'akarusho ugomba kuranga buli mutegetsi wo muli Republika ya Kabili, mu mibereho ye, mu mibanire ye n'abandi no mu migenzereze ye ya buli munsi.

Muhorane uwo murava kandi mugire amahoro.

- KUWA MBERE TALIKI YA 8 NZELI 1980. -

Mbere ya saa sita, ba Burgumestri basobanuliwe ibyerekeye:

I. Muvoma Revolisiyoneri iharanira amajyambere y'u Rwanda (M.R.N.D.);

II. Ibyerekeye Ubutegetsi (MININTER);

III. Ibyerekeye abapolisi ba Komini (MININTER).

I. MUVOMA REVOLISIYONERI IHARANIRA AMAJYAMBERE Y'U RWANDA:

Umunyamabanga Mukuru wa M.R.N.D. yatangiye agira ati:

"Militants Bourgmestres,

Muli iyi Séminaire yabategulïwe, Ibiro Bikuru bya Muvoma Revolisiyoneri Iharanira Amajyambere y'u Rwanda byateganije kurebera hamwe namwe, no kwongera kwiyibutsa amahame ya Muvoma yacu n'ukuntu Umuyobozi wa Muvoma muli Komini yarushaho kuyubahiliza no kuyakulikiza mu milimo ashinzwe.

Ayo mahame ashingiye ku ntego ya Muvoma yiyemeje yo kugeza Igihugu cyacu ku majyambere mu mahoro no mu bufatanye bw'abanyarwanda n'abatura-Rwanda bose kuko amajyambere Muvoma iharanira areba rubanda nyamwinshi. Bitabaye bityo, twaba twiyibagiza icyateye Révolution yo muli 1959.

Twibuke, mu magambo make, ko Révolution ya 59, yatewe n'uko abaturage banze ubutegetsi bwa gihake bwayoboraga imibereho y'u Rwanda kandi bugasumbanya abaturage biturutse ku moko yabo, kugeza aho rubanda nyamwinshi bahinduka abaja mu gihugu.

Iyo Révolution izanwa na none no kwanga ubutegetsi bw'akarande mu nzu no mu bwoko bumwe gusa, hamwe n'ubucamanza bubumbiye mu maboko ya nyirugutwara gusa.

Abaturage kandi bangaga ubwikanyize bwaliho icyo gihe ku byerekeye ubutaka n'imilima. Bakanga kuba nk'ibikoresho by'abakire n'abategetsi. Abaturage bifuzaga ko ubutegetsi bwashingira kuli bo kugira ngo umutekano n'amajyambere byoye guhalirwa agatsiko ka bamwe.

Ibyo sinabitindaho, muzi ko nyuma y'iyo Révolution hashinzwe Republika alibwo buryo bwa politiki bwemejwe n'abaturage kutubera ishingiro ry'ubutegetsi.

Ibyo bikavuga ko igihe tugezemo no mu majyambere dushaka, ntawe ushobora kuyageraho bidashingiye kuli politiki nziza. Ni ukuvuga ko igihe cyo gushyiraho amateka n'amategeko bikozwe n'umuntu umwe cyarangiye.

.../...

Ibyo ni byo Révolution yacu ya 59 yaje ikuraho, yanga ububasha bwali bufitwe n'umwami cyangwa igikoma-ngoma; abaturage bakaberaho kwumvira gusa.

Mu mateka y'u Rwanda iyo ntego yaje guhama cyane muli Republika ya Kabili dukesha Ingabo z'u Rwanda zarokoye binwe na binwe mu byiza by'umurage wa Révolution yacu yo muli 1959, byali bitangiye guhungabanywa n'uburangare buturutse ku matiku n'inzangano byali byasakaye mu Gihugu.

Icyo gikorwa, aliyo Révolution yo kuwa gatanu Nyakanga 1973, iza ivugurura Révolution y'ishingiro yo muli 1959. Mu myaka ibili ikulikira iyo Révolution yo kuwa 5 Nyakanga, abayobozi bashya ba Republika ya Kabili baha abanyarwanda bose umwanya wo gutekereza, bagenda Igihugu cyose bumva icyo abanyarwanda batekereza kuli politiki rusange y'Igihugu.

Hakulikijwe icyifuzo cya benshi, nibwo kuwa 5 Nyakanga 1975, Prezida wa Republika, Militant Général-Major HABYARIMANA, ashyizeho Muvoma Revolisiyoneri Iharanira Amajyambere y'u Rwanda.

Bidatinze Itegeko-Nshinga lishya rya Republika y'u Rwanda ryatowe na rubanda nyamwinshi, liza ryemeza mu ngingo yaryo ya 7 ko abanyarwanda bibumbiye muli M.R.N.D. aliwo mutwe umwe wa politiki wemewe mu Gihugu. Uwo mutwe rukumbi washyiliweho gusyka no gukomeza ubumwe bw'abanyarwanda kugira ngo uhuze imbaraga n'ibitekerezo byabo no kugira ngo programu ya M.R.N.D. irangizwe n'abaturage twese.

Kubera ibyo, Muvoma ishaka ko abayobozi bo mu nzego zayo bagomba guhora begerana n'abo bayobora kugira ngo bashakire hamwe ibikwiye gukorwa n'ibikwiye guhinduka mu kuzamura Igihugu cyacu; tukabikora mu bwitonzi, kandi twubaha ibitekerezo by'abandi.

Mu ishingwa rya M.R.N.D., hateganijwe inzego z'imikorere yayo. Usibye urwego rw'ibanze alirwo Cellule, ubundi buli rwego rw'ubuyobozi bwa Muvoma mu gice ruhereyemo, rugiye rubangikana n'urundi rwego rw'ubutegetsi cyangwa se rw'ubucamanza kugira ngo buli rwego rwa Muvoma rushobore kwibutsa buli rwego rw'ubutegetsi programu ya Muvoma, no gufatanya n'izo nzego kurwanya cyangwa gukosora ikintu cyose Muvoma ibona cyashobora kubera inkomyi irangiza rya programu yayo.

Kuba Muvoma ubu aliyo yonyine rero ifite ububasha bwo kwerekana Manifeste na Programu igomba gukulikizwa na Gouvernement n'ubundi butegetsi, ikaba yaliyemeje gutsura amajyambere y'Igihugu; buli mukozi na buli muyobozi wayo bategetswe kugira umwete n'ubutwali byo gukulikiza no

.../...

kurangiza iyo programu kugira ngo Muvoma ishobore gukomeza amatwara yiyemeje n'intego yayo aliyo ubumwe, amahoro n'amajyambere ya rubanda nyamwinshi.

Turongera kwemeza rwose ko amajyambere atagerwaho mu mwiryane, mu mvururu, cyangwa turamutse dutatanyije imbaraga zacu, dukora nta programu twateganyije. Ngibyo ibizatuma dutera imbere.

Kwibwira ko gutera imbere mu majyambere ali ukugira amafaranga kwa benshi, ntibihagije n'ubwo amafaranga yaba yuzuye imifuka cyangwa amabanki, aliko abaturage bagahama mu bujiji, batazi kuyakoresha, cyangwa bakiha kubaho nk'abanyamahanga bagata umuco mwiza w'Igihugu cyabo ntibyatuma amajyambere atera imbere mu Gihugu.

Gutsura amajyambere rero ni ikintu gikomeye, kuko kureba ubukire bw'amafaranga bidahagije. No kwita ku bantu nacyo ni ikintu cya ngombwa.

Niyo mpamvu muli programu za Muvoma muzasangamo ibice bine, igice kireba imitunganyilize y'ubutegetsi, bugomba kubahiliza no kwuzuza iyo programu, igice cya kabili cyerekeye ibireba ubukungu ali nabwo Muvoma yemeza ko mu mizamukire y'Igihugu cyacu, mu bigomba kwitabwaho, ko bimwe ali ugusaranganya ku buryo bukwiye ibintu byose.

Nicyo gituma Muvoma ishaka kandi idutegeka ko ukize cyangwa se ujijukiwe mu bintu, agomba kureka abakene n'injiji bakamuzamukiraho; imilimo kandi igamije kuzamura ubukungu yakwerekeza cyane mu byazamura abatura-Rwanda bashyize hamwe ali benshi. Ni naho Muvoma yongera kwemeza ko imbaraga zose z'abana b'u Rwanda alizo tugomba kwizera mbere ya byose. Igice cya gatatu muli programu ya Muvoma kivuga uko imibereho y'abatura-Rwanda igomba kumera biturutse ku nyigisho bagomba guhabwa n'abayobozi babo, naho igice cya kane cya programu ya Muvoma kikareba ibyerekeye ugushyigikira umuco wacu.

Ibyo bice bine by'ingenzi bya programu ya Muvoma, ali nabyo umuyobozi wese yihatira kumenya no gushyikiliza abo ashinzwe bigamije gutuma umunyarwanda arushaho kubaho neza.

Iryo jambo "ukurushaho kubaho neza" likubiyemo ibintu byinshi, halimo guteka neza, kwambara no kujijuka. Halimo uko politiki y'Igihugu imeze, uko demokrasi icengera mu banyarwanda n'umubano w'Igihugu cyacu n'ibindi bihugu, no kumenya gukoresha umutungo uli mu Gihugu.

.../...

Uko kurushaho kubaho neza bizazanwa no gukora kwa buli wese muli twe, kuko burya kudakora bikurura ibibi byinshi, nko kubunza urunwa, gukwiza amagambo asopanya, bikavamo inzangano n'umwiryane, ibyo byose bigashyira ubutindi.

Kugira ngo iyo mico yo gutungwa n'utugambo iveho, aho gutungwa n'umulimo umuntu azi kandi ashoboye gukora, Muvoma yifashisha ibintu bikulikira:

1° Gukoresha inama.

Alibwo buryo bwo kwamamaza amahame ya Muvoma, mwagiye mubona namwe, kandi izo nama za Muvoma murazikoresha. Ibivugirwa muli izo nama biviramo abazijemo urumuli nyakuli rubamulikira mu kurushaho kwumva imilimo bagomba kwikorera no gukorera Igihugu kandi bakarushaho kugira ishyaka ryo kuyirangiza neza kandi vuba.

2° Ubundi buryo Muvoma yifashisha ni inyigisho zinyura muli Radio.

Tuzi twese ko Radio ali cyo gikoresho kigera ku baturage vuba. Nubwo umubare w'abayatunze utali mwinshi, ntawashidikanya aliko ko umubare w'abayumva ushobora kuba mwinshi kuruta uwabazitunze.

Kubera icyo gikoresho cy'ingenzi mu kwogeza ibitekerezo na programu za M.R.N.D. mu kujijura abaturage no kubamulikira inzira ya politiki Muvoma ishaka kubanyuzamo, buli Komini ikwiliye kujya yoherereza Ibiro Bikuru bya M.R.N.D. inzandiko zilimo ibikorwa by'amajyambere byagezweho mu karere aka n'aka, ibikorwa byavumbuwe n'ibitekerezo by'abaturage ba Segiteri, ba Solire iyi n'iyi bakoze babyibwilije. Ibyo byafasha abandi bikababera urugero. Utundi turere; andi makomini akabigana mu gihe bishobotse kandi umuntu akaboneraho n'uburyo bwo kuba yatera inkunga abagize icyo bakora kugira ngo bakomeze batere imbere. Ibyo bikwiye kugaragara ku biganiro byose bijijura abaturage mugezwaho na Radio-Rwanda.

3° Ubundi buryo Muvoma ikoresha ni ibyanditse mu mabwiliza cyangwa ibinyamakuru.

Kugira ngo Muvoma Revolisiyoneri Iharanira Amajyambere y'u Rwanda yumvikane kandi imenywe mu Gihugu, yihatiye gukwiza mu Rwanda hose udutabo dukubiyemo amahame yayo. Ikaba ifite n'urubuga rwayo mu binyamakuru byandikwa na Leta. Mu rwego rw'ibyandikwa, twavuga n'amabwiliza atangwa uko bibaye ngombwa, yaturuka muli Muvoma cyangwa mu zindi nzego z'ubutegetsi.

.../...

4° Uburyo bwa kane, Muvoma ikoresha abali mu nzego zayo.

Abo bantu bali mu nzego za M.R.N.D. uhereye ku bayobozi ba za Selire kuzamuka kugera kuli mwe bayobozi ba Muvoma muli Komini ukageza ku nzego zibumbye Igihugu, nibo mu by'ukuli indorerwamo abaturage bareberamo Muvoma kuko alibo bashinzwe kuyamamaza no kuyishyigikira mu baturage.

Niyo mpamvu mu gihe bakora imilimo yabo neza kandi vuba, baba bayikora mu ijwi rya Muvoma. Igihe bitangilira imilimo batizigama, igihe berekana ishyaka ku mulimo bihatira no kwongera ubushobozi kuli uwo mulimo bakorera Muvoma, igihe bifashe ku buryo butunganye, urwo rugero batanga mu baturage rurengeje kure agaciro Radiyo yagilira abaturage cyangwa igazeti cyangwa andi matangazo ya Muvoma. Icyo nicyo Muvoma ishaka ku bayobozi bo mu nzego zayo, ku bategetsi, buli muntu ku gice cy'ubutegetsi yahawe.

Niyo mpamvu nanone Muvoma yemera ko Umuyobozi mu rwego urwo alirwo rwose, aba ali umukozi w'abaturage, Muvoma ikaba imutezeho akamaro azabagilira n'uburyo azarangiza amategeko na programu byemejwe. Ibyo byose bizagaragalira mu bikorwa bizamura akarere ashinzwe.

Muvoma kandi ishyigikira programu zo kujijura abayobozi bo mu nzego zayo kuko ntawe utanga icyo adafite. Igihe batabifutukiweno, ntabwo bashobora kujijura abo bayobora.

Uretse uwo mwete wo kujijura ku bayobozi, hagomba n'ubujijuke ku baturage, kuko Muvoma itarwanirwa ishyaka n'abatumva amatwara ya politiki y'Igihugu; kuko abo batakwishoborera kumva no kugira icyo biyungura ku bibazo bili mu Gihugu cyabo.

Iyo abaturage bazi kandi bumva ikibabaje Igihugu cyabo, bazi icyo Muvoma ibashakaho, niho bakora bitanga nta shiti. Abayobozi babo bagomba kugenda babamenyesha icyagiye kibangamira politiki y'Igihugu cyacu, ku bibazo biliho bakabereka uburyo bakoresha kugira ngo bibonerwe umuti. Ibyo bizashoboka mu gihe abayobozi b'inzego za M.R.N.D. bazagenda barushaho kwumva no gukulikiza inyigisho Prezida-Fondateri, Militant Général-Major HABYARIMANA Juvénal ahora atubwira kandi abiduhamo urugero, avuga ko abayobozi bagomba guhora begera abaturage, bumva inama abo baturage babaha n'ibyifuzo by'abo kandi n'abo bayobozi bagahora bisuzuma niba badaca ukubili cyangwa batanyuranya n'ibyifuzo by'abaturage.

.../...

Ni ukuvuga mu by'ukuli ko uretse ko abaturage bagomba gusobanulirwa uko M.R.N.D. iteye, n'icyo ishaka kuli buli mutura-Rwanda, inzego za M.R.N.D. zegereye abo baturage zigomba no kubaha umwanya wo kwidagadura, wo kujya impaka aliko atali zimwe za ngo turwane, ahubwo bakabona aho bavugira ibishobora kuba bibabangamiye haba ku matwara cyangwa ku migambi ya Muvoma no mu mizamukire mu majyambere mu karere kabo.

Niba navuze mbere ko abaturage bagomba guhugurwa mu byerekeye politiki ya M.R.N.D., kubigeraho bizaturuka k'ubujijuke no ku bumenyi bw'abashinzwe Muvoma mu nzego zayo cyane mu rwego rwa Komini.

Ikindi niba tuvuga kandi twemeza ko Komini aliyo shingiro ry'amajyambere, ntitwakwibagirwa ko ali narwo rwego rw'ishingiro ry'ubujijuke bw'abaturage ku matwara Muvoma ishaka.

Uko kwemeza ko Komini aliho amajyambere y'Igihugu n'ubujijuke ku matame ya Muvoma bishingiye, birerekana ko abayobozi ba Muvoma muli Komini twabagereranya n'inkingi ikomeye, iyo nkingi igahora igororotse kugira ngo inzu ifashe itazavaho ihungabana.

Nimwe rero nkingi za Muvoma muli Komini, murakomeye, muragororotse kubera ko Muvoma yabizeyeho inkingi igomba guhagaraliraho. Uwo ni umulimo mwiza, ni umulimo w'ishema aliko ukomeye, kuko imikorere yanyu, ibikorwa muzageza ku baturage mushinzwe niyo ndorerwamo buli wese azareberamo aho mwagejeje abatuye muli Komini muyobora mu mizamukire y'amajyambere Muvoma ishakira buli mutura-Rwanda.

Kugira ngo icyo kibazo k'imizamukire y'amajyambere kigerweho kandi gitungane, izi ngingo zikulikira zigomba kwitabwaho haba ku baturage, haba no kuli mwe bayobozi babo.

1° <u>Kumenya mbere na mbere impamvu itumye igikorwa iki n'iki gitangira ali byo twakwita iherezo rya buli gikorwa.</u>

Ni ukuvuga ko imizamukire y'abaturage igomba iteka kureba uburyo abo baturage barushaho kubaho neza no kumenya uko ibyo bikorwa bigomba gukorwa.

2° <u>Ukuzamulira hamwe n'ukugendera hamwe kw'ibyo bikorwa.</u>

Ni ukuvuga ko muli programu rusange y'amajyambere ko batagomba kwita ku bikorwa bimwe na bimwe gusa kuko byatuma programu yose idindira hali ibiramutse biryamiye ibindi cyangwa byibagiranye.

.../...

3° Ukudatatanya ibikorwa.

Iyo mizamukire y'amajyambere kuli byose, ntigomba gutandukanya abo ishaka kuzamura.

4° Ukudasubira inyuma kwa buli gikorwa.

Hagomba iteka ingufu n'umurava batangiranye ibyo bikorwa, ntibatezuke ngo haveho hali igikorwa bata kitaruzura ngo badukire ikindi gishya-shya.

Niyo mpamvu mbere yo gutangira ibyo bikorwa hagomba gushakwa uburyo bwo gutera ingufu zo guhagurukira iyo milimo, buli wese cyangwa abenshi bumva icyo bagiye gukora, impamvu bagikora n'uburyo bagikora.

Ikindi tugomba kwibuka, ni ukwongera umurego no gushyigikira umuco wo gufatanya ibikorwa. Ubwo buryo nibwo buviramo abaturage za Koperative. Abashinzwe ibyerekeye Koperative barabibasobanuliye kandi bazakomeza kubisobanura mu mamagambo arambuye. Aha ngaha gusa ndagira ngo mbabwire ko ku bihugu bitaratera imbere, icyambere abayobozi babyo bagomba kwigisha abaturage babo ni ugukorera hamwe. No mu bihugu bindi, hirya no hino, niwo muco abahanga basanze wakwihutisha amajyambere y'abaturage muli rusange.

Uko gufatanya kwarahoze mu banyarwanda, intambwe tumaze gutera mu majyambere ntabwo aliyo yahanagura uwo muco mwiza.

Uko gufatanya kuzagaragara kandi no mu bikorwa by'umuganda kuko alibwo buryo bwiza bwo guhuza ingufu z'abaturage.

Twali dukwiye no kubabazwa ko hirya no hino mu Rwanda, abantu bacibwa intege na bamwe bihaye kunyereza umutungo rusange wa za Koperative cyangwa se abandi b'ishyaka lidafashije ku buryo basenya amakoperative agitangira kuzamuka bakayaca umutwe kubera kubura umurava wo gukomeza icyo batangiye.

Aha ndagira ngo nsabe ba Burgumestri gutera inkunga no gushyigikira byimazeyo abaturage bazabagezaho igitekerezo cyo kwifatanyiliza hamwe mu bikorwa bya Koperative.

Sinatinda kuli iyo ngingo yerekeye akamaro ka za Koperative mu mizamukire y'Igihugu kuko mwabisobanuliwe bihagije, n'ubu bazabibasubiliramo, gusa ndibutsa ko Muvoma yifuza ko mwahagurutsa abaturage bose, mukarushaho kubakangura no kubinjizamo ko ali twe tugomba kwizamulira amajyambere n'imibereho iboneye Selire zacu, Segiteri zacu na Komini dutuyemo, bityo n'Igihugu cyacu kikagenda kirushaho gutera intambwe mu nzira y'amajyambere.

.../...

Sinarangiza ili jambo ntabibukije ko mu mpera z'uyu mwaka tuzagira inama ya gatatu isanzwe ya Kongre y'Igihugu. Iyo nama tukaba tuyitezeho byinshi. Usibye kuzareba intambwe Muvoma yacu imaze gutera, tuzasuzuma uburyo amategeko yayo yavugururwa dukulikije itegeko-nshinga n'igihe tugezemo. Imyiteguro y'iyo nama igeze kure kandi ibyinshi tubikesha mwebwe n'abaturage muyobora kuko ibitekerezo-mbonera tuzashyigikira muli Raporo izamulikirwa Kongre ya III ya M.R.N.D. byaturutse mu nzego za Muvoma zose.

Umulimo wanyu aliko ntiwarangiye kuko nimwe muzafasha abazahagaralira rubanda muli iyo nama kujijukirwa n'ibibazo no gusanganya ibitekerezo kugira ngo demokrasi Muvoma ishaka ishinge imizi, inama izakorwe nta ngingimira hatagize abacikanwa mu bitekerezo.

Nkaba mbifulije guhugukirwa n'izi nyigisho zabateguliwe kugira ngo muzarusheho kubera urumuli abo muyobora.

Mugire amahoro, ubumwe n'amajyambere.

IBIBAZO:

Q.1: - Amaradiyo yatanzwe na M.R.N.D. yarononekaye kandi kuyakora bisaba ko Burgumestri yakwiyizira i Kigali. Nta kuntu mwashyira abakozi bazo muli buli Prefegitura bityo n'umuturage wapfushije radio akaba yayizanira kuyikoresha ?

R.1: - Ayo maradiyo garantie yayo yararangiye aliko kugira ngo M.R.N.D.ikomeze gushyigikira ba Responsables ba Komite za Selire yemeye kuzazikoresha. Abo bakozi tuzabashaka muli buli Prefegitura nkuko mubyifuza.

Q.2: - Ibitabo bya manifeste na stati byabanje kugulishwa,bigeze aho bitangirwa ubuntu,ku bulyo muli iki gihe iyo haje ibindi bitabo bigulishwa abaturage banga kubigura, ntimwatubwira uko tubigenza ?

R.2: - Gutangira ubuntu ibyo bitabo byatewe n'uko manifeste na stati za M.R.N.D. zali zigiye guhindurwa,noneho tubona ko kugira ngo uhindure ingingo uhera ku yali isanzwe ubwo rero ibyo bitabo byali ibyo kubafasha kubona ibyahindurwa.

Q.3: - Ali Komite ya Komini ali n'Inama ya Komini usanga kimwe gikora ibyo ikindi gikoze mbese bigasa n'ibigonganye,ubwo inzego z'ubutegetsi ugasanga zisa n'izigonganye n'iza Muvoma.

R.3: - Izo nzego zigomba gukorana; rumwe rugashyikiliza urundi ibyemezo byarwo. Ntizigomba kugongana, ahubwo zigomba kwuzuzanya.

Q.4: - Abakozi ba Politiki nta stati bafite ibagenga, mubitekerezaho iki ?

R.4: - Umunyamabanga Mukuru wa M.R.N.D. yababwiye ko icyo kibazo cyigwa ku bulyo mu minsi itaha kizabonerwa umuti, kiracyigwa na Komite Centrali ya M.R.N.D.

KU BYEREKEYE UBUTEGETSI.

Umwe mu bakozi ba Ministeri y'Ubutegetsi bw'Igihugu yasobanuye uko ubutegetsi bwa Komini bwo bwegereye abaturage bugomba kwifata, kugira ngo ya ntego ya Muvoma y'Ubumwe, Amahoro n'Amajyambere igerweho.

.../...

b) Burgumestri agomba kwilinda icyatera umwuka mubi n'ubwizerane buke abaturage bagilira abategetsi. Hali nko kuba intabera, kurangiza imanza, gutanga ibyangombwa bidakosheje n'ibindi byose byatuma abaturage cyangwa abamutegeka bamugilira ubwizere buke.

- Kurangiza imanza.

Urubanza rwaciwe ku buryo bukulikije amategeko ruba rubaye itegeko narwo. Rugomba rero kurangizwa uko rwaciwe kandi bitarenze igihe cyateganijwe. Umutegetsi utabikoze atyo rero aba yishe itegeko kandi bishobora kugira ingaruka mbi mu baturage ayobora. Abantu ntibaba bakizera ubutegetsi n'ubucamanza. Ukorewe ikosa agashaka kwihanira. Bityo bigahinduka akajagali. Ibyo mwabisobanuliwe ku buryo buhagije igihe Ministri w'Ubutegetsi bw'Igihugu na Ministri w'Ubucamanza basura za Prefegitura mu mwaka ushize wa 1979.

ICYITONDERWA: Kuli iki kibazo cyo kurangiza imanza, hali ingeso ikunda kugaragara kandi abarangiza imanza bagomba gucikaho.
Hali igihe umutegetsi yitwaza ko ngo urubanza ruciye nabi akanga kururangiza. Iryo ni ikosa abajya bakunda kubigwamo bagomba gucikaho rwose. Ahubwo igihe usanze imikilize y'urubanza ifite amakemwa, ugira umuburanyi inama yo kujya kujulira mu nzego zisumbuye.

- Gutanga ibyangombwa.

Twasanze hali indanga-muntu zisigaye zitangwa kandi zibeshya (cyane cyane ku byerekeye imyaka n'amoko). Bene kubigilirwa banyura inzira nyinshi kugira ngo babigereho. Ali ba Burgumestri, abakozi ba Komini, ba Maîtres Principaux de Zone, ba Inspecteurs b'amashuli, ababyeyi n'abandi ... Niyo mpamvu hatanzwe amabwiliza kuli icyo kibazo gikomeye.

Hali bamwe bashobora kwibaza impamvu icyo kibazo gikunda kugaruka kandi Politiki ishingiye ku moko yarasezerewe burundu. Politiki tugezemo ikaba ishingiye ku bumwe n'amahoro. Yego nibyo. Aliko iyo Politiki y'ubumwe n'amahoro ishaka ko amoko yose atuye igihugu atera imbere nta busumbane bukabije. Nicyo gituma, kugira ngo Leta ishobore kugenzura neza niba koko nta busumbane buli muli iyo mizamukire, igomba kumenya neza imiterere y'ayo moko kugira ngo ikosore ibikosheje kandi bishobora kudindiza uwo mugambi. Ni nabyo ishingiraho kugira ngo iteganyilize ibihe bili imbere. Murumva rero akamaro ko kudahindura imyaka n'amoko.

.../...

3. GUFATANYA N'IMPUGUKE ZOSE ZILI MULI KOMINI.

Komini ntishobora kuzamurwa n'ibitekerezo bya Burgumestri wenyine kuko atali we mpuguke wenyine uba uhali. Muli Komini hali impuguke kandi buli mpuguke ikaba ifite ubumenyi mu gace kayo. Abategetsi ba Komini bagomba kumva ibitekerezo n'ibyifuzo byabo. Bityo bikababafasha gutegura imishinga y'ingirakamaro kuli rubanda nyamwinshi.

4. GUKORESHA NEZA UMUTUNGO WA KOMINI.

Umutungo wa Komini ugizwe n'imali yayo n'ibindi bintu bishobora gutungwa. Mu itsura ly'amajyambere, kenshi ni amafranga akoreshwa, aliko ntitwakwibagirwa n'imbaraga bwite z'abatuye Komini. Aliko kandi, imali ya Komini ikunda kuba nke, bitewe cyane cyane n'uko isanduku ya Komini bamwe bayigira iyabo bwite, ikaba aliyo bakuramo amafranga yo kwikoreshereza mu byabo bwite. Ubundi kandi ubuke bw'imali ya Komini bugaterwa nuko ibintu bigomba gutangirwa amahôro abagomba kuyakira babigiramo akagambane ntibabisoreshe. Hakaba n'abantu badatanga umusoro w'umubili cyangwa w'amatungo, kubera ko babundikiwe na runaka. Yego na none hali igihe Komini ishobora kuba idatunze ibintu bihagije bigatuma imali yayo yaba nkeya. Aliko ikibabaje ni uko hali abatinyuka kwitwalira n'utwo duke Komini ifite.

Kubera rero akamaro kanini imali ya Komini ifite mw'itsura ry'amajyambere mu bice byose, ikwiye kwitabwaho, ikinjira mu buryo buhuye n'amategeko kandi ntikurwe mu isanduku ya Komini bujura. Sinilíwe mvuga byinshi ku mutungo wa Komini kuko muli bubone ikiganiro kihaliye.

5. UMUTEGETSI AGOMBA GUHORA YIHUGURA.

Umutegetsi agomba guhora yiga, guhora yijijura kugira ngo ashobore kunguka ibitekerezo bishya n'imigambi mishya. Bityo nawe akajijura abo ayobora. Niba umutegetsi ajijutse, azarushaho kumva neza abo ayobora nabo kandi ntibazarushywa no gukulikiza ibyo abategeka kuko biba bisobanuye mu buryo bwumvikana.

Tuzi neza ko mu makomini nta bitabo byo kwihugura bikunda kuhaboneka. Aliko kandi, igihe nibura habonetse inyigisho, amabwiliza aturutse mu nzego zo hejuru, abategetsi ba Komini bakwiye kubyitwaralika, bakabisoma bitonze kugira ngo bibacengeremo kuko alibwo bazashobora kuyakulikiza bitabaruhije kandi bakanayasobanulira abo bategeka mu buryo bufutuye neza. Ayo mabwiliza agomba gushyingurwa neza kugira ngo igihe umuntu ayakeneye ayabone bitamuruhije. Mbese navuga ko umutegetsi agomba kuba impuguke mubyo ashinzwe gukora.

.../...

## IV. IMYIFATIRE YA BURGUMESTRI.

Ba Bwana Burgumestri,

Mbere yo kurangiza iki kiganiro, hali indi ngingo nashakaga kubibutsa kuko ititaweho, Burgumestri ashobora kuvuga aliko ntiyumvikane mu baturage. Aha ndashaka kuvuga imyifatire myiza ya Burgumestri mubo ayobora.

- Umutegetsi agomba kuba intabera.

Niba Burgumestri akora akazi ke akulikije ikimenyane, akitwaralika nkunzi gusa, abantu bose ntibareshye igihe baje bagana ubutegetsi, icyo gihe bamwe bazamwinuba boye kujya bumva ibyo abategeka n'inama abagira.

- Umutegetsi agomba gutanga urugero mu mico no mu myifatire.

Kwifata nabi no kwiyandalika k'umutegetsi bidindiza amajyambere, ugasanga induru ali ndende muli Komini, bigatuma n'abaturage bashobora kwica mo ibice. Uko kwifata nabi kuli kwinshi. Hali abiyemera bikabije, ugasanga bafite amatwara yo kwibwira ko abandi bose ali injiji ku buryo batita ku bitekerezo byabo. Hali abakora ubufrode, abasinda ijoro n'umunsi, cyangwa bamwe ugasanga bakabije kwandagara mu gitsina kimwe cy'abo bategeka.

Ibyo byose iyo umutegetsi abikoze, hagomba kuba igice cy'abaturage kitabyemera, bigatuma batumva ibyo abategeka n'inama abagira. Ubwo agatangira guta agaciro no gusuzugulika mubo ategeka. Kenshi na kenshi impapuro zitagira amasinya zigatangira gucicikana muli Prezidansi cyangwa muli Ministeri y'Ubutegetsi bw'Igihugu ngo nibatabare abaturage ba Komini iyi n'iyi. Icyo gihe uwo mutegetsi nawe agatangira kugira abo yibasira ngo kanaka uyu n'uyu aramurwanya, ngo agakipe aka n'aka karamurwanya.

Noneho ibintu byatangira kudogera, mu baturage no mu nzego zo hejuru z'ubutegetsi bagatangira kwibaza niba bidakwiye gusimbuza uwo mutegetsi undi ufite imyifatire ishobotse.

Murumva rero ba Bwana Burgumestri ko uwo mutegetsi udashoboye kwifata neza no kuba intanga-rugero aba aliwe wishyize muli ayo magorwa. Ngayo amagambo nashakaga kubagezaho kugira ngo tuyafatireho tuganire twungurane ibitekerezo.

Murakoze.

## III. IBYEREKEYE ABAPOLISI BA KOMINI.

### IKIGANIRO CY'USHINZWE ABAPOLISI BA KOMINI MULI MINISTERI Y'UBUTEGETSI BW'IGIHUGU.-

Ikiganiro ngiye kubagilira cyerekeye Abapolisi ba Komini gikubiyemo ibice bine by'ingenzi:

1. Abapolisi ba Komini n'imilimo bashinzwe;
2. Ivugururwa n'ihugurwa ry'Abapolisi ba Komini;
3. Ingorane zagaragaye kugeza ubu;
4. Umwanzuro.

### I. ABAPOLISI BA KOMINI N'IMILIMO BASHINZWE :

Iteka rya Prezida n° 285/13 ryo kuwa 4 Ukwakira 1977 ligenga Abapolisi ba Komini lisobanura bihagije imiterere, imikorere n'imitegekere y'Umutwe w'Abapolisi muli Komini.

1. Hali Brigadier utegeka Abapolisi ba Komini, nawe akagengwa na Burgumestri,
2. Hali Brigadier w'umufasha usimbura Brigadier iyo adahali,
3. Hali n'Abapolisi ba Komini.

Ibyo bice uko ali bitatu byibumbiye hamwe bikaba ingufu za Komini. Burgumestri ashinzwe imitunganyilize; imikorere n'imigenzulire yose y'urwo rwego rw'Abapolisi ba Komini, rukaba ali narwo akoresha mu milimo ye ashinzwe yo gukomeza no kugarura umutekano rusange, kwubahiliza amategeko n'amabwiliza.

Nyamara aliko, izo ngufu za Komini zituye zitagaranye, bigatuma akazi kadashobora kugenda uko bikwiye. Abapolisi ba Komini byaba byiza batuye hamwe, mu kigo cyabo, bakabonekera igihe icyo alicyo cyose bashakiwe, n'ubategeka bikamworohera kubahozaho ijisho, no kubamenya bihagije.
Ibyo bigo ni ngombwa, aliko kubyubaka ni amafaranga; kandi ntayahali.
Icyakora uyu mushinga ugomba kuzilikanwa mu bihe bili imbere.

Mu gihe izo Camps Policiers zitaragerwaho, ni ngombwa ko hakwubakwa hafi ya Komini inzu y'Abapolisi. Si inzu nini cyane cyangwa se ihambaye, n'ubwo idakwiliye kuba imwaye. Iyo nzu Abapolisi ba Komini bali ku izamu bakayiruhukiramo bakuranwa amazamu ya nijoro.
Buli joro, kuli Komini, hakaba nibura Abapolisi bane. Niba Burgumestri ahurujwe, akaba afite nibura Abapolisi babili bamuherekeza, cyangwa se yakwohereza muli ako karere kamerewe nabi; bafatanije na Conseiller wa Segiteri.

.../...

Abapolisi ba Komini bagomba gukora Patrouilles, haba ku manywa, haba nijoro. Izo Patrouilles zigakorwa muli za Segiteri zose, no ku mipaka ku makomini ahana imbibi n'Ibihugu bidukikije.
Niba rero bavuye muli Patrouille nijoro, bakarara muli iyo nzu yabo kuli Komini, aho kurara barorongotana bataha. Mu gitondo, niba bananiwe, Burgumestri akaba yabaha ikiruhuko. Niba abona batananiwe, bagakomeza akazi kabo uko bisanzwe.

Ubu dufite amahoro kuko Umubyeyi wacu yayaduhaye. Aliko nyine, tugomba natwe guharanira kuyakomeza. Komini niyo shingiro ry'amajyambere, ni nayo shingiro ry'amahoro. Nicyo gituma igomba guteganya uko yakwilinda n'uko yatabara abayituye mu gihe havutse ibishobora kuyihungabanyiliza amahoro. Mbese tuvuge ko muli Segiteri iyi n'iyi, hali ikintu cy'icyuka kibi kivumbutse, Burgumestri akabona ko gishobora kuvumbukana imvururu, icyo gihe yahamagara Abapolisi ba Komini, akabashyira muli ya nzu navuze haruguru kugira ngo niba cya kintu kivumbutse ahite atabarana n'ingabo ze, azifite hafi kuli Komini.

Umupolisi wa Komini agomba kuba umuntu urangwaho discipline, agatanga urugero rwiza, kandi akifata neza k'uburyo bwose. Ibyo byose bizaterwa na Burgumestri, n'umutegekera urwo rwego rw'Abapolisi aliwe Brigadier. Abapolisi ba Komini bagomba kugira isuku, bagakora neza imilimo bashinzwe. Ibyo ni ibya Brigadier, aliko Burgumestri agomba kureba niba bikorwa. Kuko niba Umupolisi bamusuzuguye ku kazi ashinzwe, ntabwo ali we bazaba basuzuguye wenyine, ahubwo ni agasuzuguro k'ubutegetsi bwa Komini bwamutumye. Niyo mpamvu Burugmestri agomba kwita ku abapolisi be, akabaha agaciro bakwiliye k'umugaragaro; akabamenya neza imico n'imyifatire, no kubarenganura igihe cyose barenganywa n'abaturage, cyangwa se n'izindi nzego izo alizo zose.

Birumvikana ko kugira ngo Abapolisi ba Komini bashobore gukora akazi kabo neza, bali bakwiliye kuba benshi. Aliko nyine ntawe ushobora gukoresha uwo adashobora guhemba; kandi umutungo ni muke mu makomini amwe n'amwe. Icyakora, hali hakwiliye nibura ko muli buli Komini haba abapolisi 15. Kulinda ibiro bya Komini byonyine n'izindi mpanuka za nijoro umuntu yateganya, mwabonye ko bisaba abapolisi bane, kandi limwe na limwe hakaboneka izindi mpamvu zihutirwa, cyangwa se bamwe mu Abapolisi ugasanga barwaye.

Umuntu ushinzwe kwubahiliza amahoro agomba kugira umwambaro umuranga. Akaba yambaye neza, kandi afite isuku. Mwarabyiboneye namwe ko Abapolisi ba Komini bambaye nabi, kandi na uniforme ituzuye. Ikindi kandi nta kuntu Umupolisi muli Komini yakwambara imyenda ibili gusa mu mwaka.

.../...

Ni nayo mpamvu usanga hose bambaye amarere, nkaho abategetsi ba Komini batabibona ngo babyiteho. Na none ni amafaranga abura, aliko aho kubasekesha, Burgumestri yaha akazi abo ashoboye guhemba no kwambika kandi akabizilikana. Ni ngombwa rwose ko nibura Umupolisi wa Komini yagira uniforme eshatu buli mwaka; kandi umushahara we akawubonera igihe.

II. IVUGURURWA N'IHUGURWA LY'ABAPOLISI BA KOMINI:

Abapolisi ba Komini bagomba kwiga, bakamenya akazi bagomba gukora. Umupolisi wa Komini akwiye kuba nk'umujandarume, agakora imilimo yerekeye gukomeza cyangwa se kugarura umutekano rusange, gutuma amategeko n'amabwiliza akulikizwa muli Komini, kubera izo mpamvu, Ministeri y'Ubutegetsi bw'Igihugu yiyemeje kugenderera za Komini zose, kugira ngo irebe uko Abapolisi bameze, niba bashobora gukulikira inyigisho zabateganilijwe.
Turasaba ko Umupolisi wa Komini aba umuntu ushoboye akazi yahamagaliwe, ali k'ubujijuke, ali no ku mbaraga.

Umupolisi wa Komini agomba kumenya akazi ke.
Niyo mpamvu Ministeri y'Ubutegetsi bw'Igihugu yateganije inyigisho buli Umupolisi agomba kumenya. Ni ukuvuga :

1. Code pénal
2. Procédure pénale
3. Régime pénitentiaire
4. Technique d'enquête et Recherche
5. Technique criminelle
6. Maintenir et rétablir l'ordre public
7. Criminologie et criminalistique
8. Code de la route
9. Civisme
10. Administration communale
11. Technique de combat sans armes
12. Education physique et sport
13. Usage des armes à feu
etc...

Nk'uko mubibona, iyo programu nikulikizwa izasiga Umupolisi wa Komini ameze nk'umujandarume muli Komini ye, akaba yakwitwa noneho ingufu ya Komini koko.

Umupolisi wa Komini agomba kumenya ko akazi ke atali ako gukanga abaturage beza, ahubwo ko agomba gufatanya n'abo bakarwanya abagizi ba nabi, n'ibyigomeke, aliko ibyo byose bigakorwa hakulikijwe amategeko aliho. Ni ngombwa rero ko ayo mategeko ayamenya.

Twavuze tugitangira ko Abapolisi ba Komini bategekwa na Brigadier umwe, nawe akagengwa na Burgumestri. Iteka rya Prezida ligenga Abapolisi ba Komini livuga ko Brigadier agomba kuba afite amashuli atatu yisumbuye nibura; aho adashoboye kuboneka, umutegetsi ufite ububasha bwo gutanga akazi akaba yagira Brigadier Umupolisi wa Komini urangwaho ubuhanga n'ubumenyi buhwanye n'ubw'uwize ayo mashuli.

Ministeri y'Ubutegetsi bw'Igihugu yasanze byarushaho kuba byiza uwo Brigadier yize bihagije, akaba n'umugenza-cyaha (O.P.J.) muli Komini. Abo ba Brigadiers communaux OPJ batangiye kwiga mu kwezi kwa Gicurasi k'uyu mwaka. Ntabwo twashoboye gufata benshi bitewe n'uko aho bigira mu Ishuli ry'Igihugu rya Jandarumeri ali hato, kandi bahakwirakwiranya n'abandi banyeshuli b'abajandarume. 40 gusa nibo twashoboye gushyiramo. Nibarangiza, bazoherezwa muli za Komini z'imijyi n'izilimo za Su-Prefegitura. Ubutaha tuzafata abo muli za Komini zimwe zili ku mipaka kuko nazo zikunda kugira ibibazo byinshi by'ubwicanyi n'ubujura, kandi zili kure y'ubutegetsi bubishinzwe. Ibyerekeye imikorere n'imihemberwe y'abo ba Brigadiers OPJ, bizasobanurwa mu iteka lya Ministri w'Ubutegetsi bw'Igihugu mu minsi ili imbere.

Ubwo tuvuga ibyerekeye Abapolisi ba Komini, ntitwakwibagirwa kugira icyo tuvuga ku ntwaro bakoresha. Imbunda Komini ziherutse kubona, twazihaweho umusanzu na Ministeri y'Ingabo z'u Rwanda. Si byiza na gato ko zakononekara. Niyo mpamvu Burgumestri afatanyije na Brigadier bagomba kumenya ko zisukuye, kandi ko zibitswe neza. Burgumestri agomba guteganya icyumba kigenewe gusa imbunda n'amasasu. Burgumestri na Brigadier nibo bagomba kugira imfunguzo z'icyo cyumba gusa.

Nk'uko nigeze kubivuga haruguru, Umupolisi wa Komini agomba kwambara imyambaro ihwanye n'imilimo akora. Ministeri y'Ubutegetsi bw'Igihugu imaze kubona ko hali abantu benshi bambara nk'Abapolisi ba Komini, yahise yiyemeza guhindura imyambaro y'abo, bakazambara noneho isa n'icyatsi kibisi; insignes n'ingofero bafite bigahinduka. Umupolisi wa Komini ashinzwe kwubahiliza amahoro (agent de l'ordre). Agomba rero kwambara ibiberanye n'uwo mulimo. Niyo mpamvu Ministeri y'Ubutegetsi bw'Igihugu yateganije ibindi bazambarana n'izo uniformes, ndetse n'ibindi bikoresho ngombwa bikenewe mu kubahiliza amahoro n'umutekano. Navuga nka bottines, Casques pour le maintien de l'ordre, mattraques, menottes, pistolets za ba Brigadiers OPJ, n'ibindi... Namwe ba Burgumestri mwasabye za pistolets zo kuba mwakwirwanaho, cyangwa se kwilinda, icyo kibazo ntabwo Ministeri y'Ubutegetsi bw'Igihugu yakirengagije, iracyagikulikiranye bihagije. Icyakora bishobora na none gutinda kuko ngirango namwe muzi ko iby'imbunda bitoroshye.

## III. INGORANE ZAGARAGAYE KUGEZA UBU:

### 1. Ivugururwa ly'Abapolisi:

Umupolisi wese agomba kuva mu Bapolisi ba Komini igihe agejeje ku myaka 45 (kereka ba Brigadiers OPJ), kimwe n'abalimo ubu badafite byibura amashuli atanu abanza, usibye inkera gutabara zo mu ngabo z'u Rwanda kuko bo babonye izindi nyigisho nyongera za ngombwa igihe bali mu Ngabo z'u Rwanda. Abavuyemo Komini niba ibashima, ishobora kubaha akandi kazi niba gahali, kandi niba bagashoboye.

.../...

Ikibazo cyo kwongera umubare w'Abapolisi ba Komini kiraruhije mu makomini amwe, kuko ngo nta mafaranga yo kubahemba no kubambika bafite. Aliko ngirango niba mwumva icyo Umupolisi nyakuli wa Komini yamaliza Komini mushinzwe, akoze ibyo yize kandi akabikora neza, kubongera wasanga [illegible] bikubereye itegeko.

2. <u>Ihugurwa ly'Abapolisi ba Komini:</u>

Iryo hugurwa ryagombye kuba ryaratangiye, aliko ubu ntiturabona neza aho lishobora kubera. Ingorane ziracyahali, ni benshi, kandi ibyo bagomba kwiga nabyo ni byinshi. Nk'uko bagera hafi ya 1.800 Policiers, kandi bakaba bagomba kwigira mu mashuli ali bake bake ku buryo bashobora gukulikira neza, murumva ko hali byinshi bigomba guteganywa, no gushaka abalimu bahagije kandi bazobereye inyigisho zigomba gutangwa. Ngirango aliko birashoboka ko iryo hugurwa ryatangira mu mwaka utaha wa 1981.

IV. <u>UMWANZURO.</u>

Mu kiganiro maze kubagilira, nabanyuliye muli make Umupolisi wa Komini icyo alicyo n'umulimo ashinzwe. Nabagejejeho icyifuzo cya Ministeri y'Ubutegetsi bw'Igihugu cyerekeye ko Umupolisi wa Komini yakora akazi ke uko kagomba gukorwa, akaba alicyo cyatumye iteganya ivugururwa n'ihugurwa ry'urwo rwego. Nababwiye ingorane Ministeri yahuye nazo kugeza ubu. None nagira ngo mu kurangiza iki kiganiro, n'ubwo Abapolisi batali baba icyo dushaka ko baba cyo, mbasabe ibi bikulikira:

1. Ko Umupolisi wa Komini yagumya akaba Umupolisi koko, agakora umulimo we wo gukomeza no kugarura umutekano rusange no kwubahiliza amategeko n'amabwiliza, aho kugira ngo akore akazi ko kwakira amafaranga nk'aho ali Kontabule cyangwa Percepteur. Ibyo birumvikana ko igihe bibaye ngombwa ashobora guherekeza Kontabule cyangwa Percepteur, aliko si Umupolisi wa Komini ugenewe kwakira iyo misoro. Ahenshi usanga Abapolisi ba Komini nta kandi kazi bagikora atali ako gusoresha, ugasanga Abapolisi bilirwa bazererana ibitabo by'ibitansi, n'abayabonye bakayiguliza ugasanga bitera rwaserera. Byaba byiza rero ko yakora akazi ke gusa, ntiyivange mu by'amafaranga kandi atabigenewe.

2. Ko Burgumestri yahora yibutsa Abapolisi be ko bagomba kugira isuku kandi bakiyubaha, bizatuma n'abaturage batabasuzugura igihe bakora umulimo wabo. Iteka bagatanga urugero rwiza, bakarangwa na discipline.

3. Ko Burgumestri, afatanyije na Brigadier, barushaho gufata imbunda neza kuko izo ntwaro zihenda cyane. Burgumestri niwe mugenga mukuru muli Komini, niwe rero byose bireba kandi nawe akabireba, akabyitaho. Agomba rero guhora agenzura ko Brigadier amutegekera neza, kandi ko n'imbunda yamuhaye zifashwe neza, kimwe n'ibindi bikoresho bili mu maboko y'Abapolisi ba Komini.

.../...

I B I B A Z O

Q.1: - Gushyiraho ba Burgumestri (nomination) ni byiza kuko bituma bakora batishisha, aliko kubakuraho ntawundi mulimo babagenera barabatererana. Turasaba ko M.R.N.D. na MININTER byakwiga ukuntu bibashakira nka transfert ntibagombe kwandagara kuko akenshi bajyamo bagasanga iyo domaine atali iyabo.

R.1: - Abahoze ali abakozi ba Leta mbere yo kuba ba Burgumestri basubira mulí Fonction Publique. Ikibazo aho kili ni abatali abakozi ba Leta kandi batanafite amashuli ahagije. Nta kuntu rero abo bashobora kubona undí mwanya muli Administration Centrale.

Q.2: - Burgumestri ahabwa cote aliko iyo cote ntacyo imumaliye kuko atazamuka nk'abandi bakozi.

- Burgumestri na none arakubitwa mbese ntagire avocat wamuburanira
- Burgumestri nta stati agira imugenga.

R.2: - Izo cotes ni ngombwa gukomeza kuzibaha noneho igihe stati ibagenga izaba imaze kujyaho kimwe n'abandi bapolitisiye ibibazo byanyu bizatungana.
- Naho kugira ba avocats ku bibazo bibareba ibyo ntibyashoboka aliko ali ibireba Komini uko mbizi mwaha MINIJUST procuration ikabona kuburanira Komini. Icyo kibazo muzakibaze uzabasobanulira ibyerekeye ubucamanza n'ubutegetsi.

Q.3: - Ihindura ly'amoko usanga lyarakozwe kera, hanyuma washaka guha umuntu ubwoko bwe bigatera amahane. Ntawahindura amafishi aliho ubu ?

R.3: - Hali impamvu zigaragara ko yahinduye ubwoko nko kugira bene wabo b'abatutsi we akaba umuhutu wamuhindulira ukamusubiza ubwoko bwe. Naho ali ntacyo ushingiyeho nko kugira ibimenyetso nawe urabona ko ali ntacyamubuza kukurega. Icyo kibazo kiraruhije kandi cyatangiye kera.

Ku ngoma ya Gitutsi, abahutu bamwe bihinduraga abatutsi kugira ngo babeho neza. Ubu nabwo abatutsi bakora uko bashoboye kugira ngo babe abahutu bibwira ko alibwo bafata ubutegetsi. Gusa balibeshya kuko u Rwanda rugizwe n'amoko atatu kandi akaba ali nta na bumwe bugomba kulyamira ubundi.

Q.4: - Dutanga amafaranga yo kugulira abapolisi imyambaro aliko ntituyibone kubera CEFOMACO ibitindana. Turasaba ko buli Komini yajya ibyigulira ikanabyidodeshereza.

* Mu ba réservistes usanga halimo abadafite discipline ukaba wahitamo utaligeze mu busilikare.
* Brigadiers 40 biga muli EGENA bazabanza mu mijyi no muli za Su-Prefegitura. Turasanga mukwiye gutangilira kuli Komini zitegereye Parquets, ibigo by'abasilikali, ...

.../...

R.4: - Kutabona ibikoresho n'iyo myenda byaba biterwa na ba contrôleurs ba za Prefegitura zanyu kuko muli CEFOMACO ibyo bikoresho biba bihali. Kwidodeshereza ntibishoboka kuko hagomba uniforme y'u Rwanda rwose kandi idoze kimwe.

* Abapolisi si ngombwa ko baba aba réservistes gusa, hagomba mbere na mbere discipline n'ubushobozi.
* Abo ba Brigadiye bazabanza mu mijyi kugira ngo bagire expérience kandi tubone uko dukosora amakosa bashobora gukora bataramenya akazi.

Q.5: - Ba Fonctionnaires-Assistants ba Burgumestri bagiyeho. Turasaba kutumenyesha niba aho bagiye ali efficaces. Ese muteganya mute gushyiraho abandi ?

R.5: - Twatangiliye kuli 24; ababafite nimwe mwatumenyesha uko bakora. Gushyiraho abandi bizaterwa na MINIFOPE igihe izabatangira.

Q.6: - Kurangiza imanza biraturushya; twategereje ba huissiers turaheba.

R.6: - MINIJUST iracyabyiga, ubwo niyo izabasubiza.

Q.7: - Abapolisi ba za Komini bagomba kwambara, bagahembwa kandi bakwongerwa umubare; ko Komini zikennye, murabona zizabishobora zite ?

- Ba Brigadiye OPJ 40 ko bazabanza muli Komini z'imijyi kandi aliho hali Parquet ndetse n'abasilikali, murabona mutazaba mwirengagije ko za Komini za kure nazo zitorohewe mu bubandi kandi abazitabara bali kure ?

R.7: - Imyenda ya za Komini Leta irayizi aliko mukwiye kugerageza uko mushoboye mu gihe tugitegereje umuti w'icyo kibazo cy'ubukene.

- Abo ba Brigadiye OPJ niho bagomba kubanziliza kugira ngo dushobore kureba uko bazakora; bagomba kubanza kwimenyereza akazi begereye abashobora kubakosora.

<u>SOUHAIT</u>: Ubukene Komini zifite ni ubwa zose ku bulyo twibaza uko bizagenda bikatuyobera. Leta yagerageje gufasha Komini igahemba abakozi bayo byibura imyaka 4. Imodoka za Komini nazo Leta ikazizishyulira kuko ali inguzanyo.

Q.8: - Conseiller iyo agize accident cyangwa ageze igihe cya pansiyo bigenda bite kandi atali umunyamulyango wa C.S.R.?

R.8: - Kimwe n'abandi banyapolitiki icyo kibazo Umunyamabanga Mukuru wa M.R.N.D. yababwiye ko kicyigwa n'inzego zibigenewe.

Nyuma ya saa sita, ba Burgumestri basobanuliwe ibyerekeye:

I. Amajyambere ya Komini (MININTER);
II. Umutungo wa Komini (MININTER);
III. Ibigo bihugulirwamo abaturage (MINASOCOOP);
IV. Banki z'Abaturage (Banques Populaires);
V. Banki y'Amajyambere y'u Rwanda (B.R.D.).

.../...

## I. ITSURA RY'AMAJYAMBERE YA KOMINI :

Ba Militants Burgumestri,

Muli "Discours-Programme" yo kuwa mbere Kanama 1973, Nyakubahwa Prezida wa Republika yagize ati: "Komini nibwo butegetsi bwegereye abaturage; igomba rero kumenya kubafasha gutera imbere. Ishinzwe umulimo w'ingenzi wo gutsura amajyambere mu bukungu no mu mibereho y'Abatura-Rwanda". Niyo mpamvu Komini yiswe ishingiro ry'amajyambere y'Igihugu; Komini zose z'u Rwanda ziteye imbere, Igihugu cyose cyaba cyazamutse mu majyambere.

Buli wese muli twe yakwibaza ati: "Amajyambere ni iki"? Kubona igisubizo biragoye. Jye rero mbona ko amajyambere atali za miliyoni z'amafaranga umuntu yanyanyagiza mu baturage. Sibwo Komini zatera imbere. Amajyambere kandi si umwenda wera umuntu yakorosa Komini. Iyo habonetse umuhanda mushya tuvuga ko ali amajyambere. Iyo twatashye Centre de Santé, tuvuga ko twageze ku majyambere. Iyo batwigisha uburyo bushya bwo guhinga neza, bwo kwilinda indwara, tuvuga ko buzatugeza ku majyambere. Iyo twubaka amashuli, iyo turwanya isuli, tubyita amajyambere. Ibyo twita amajyambere bili kwinshi ku buryo tutamenya neza ikili amajyambere kurusha ikindi cyangwa ikili amajyambere n'ikitaliyo. Amajyambere twavuga ko ali intambwe ya buli gihe, akarere, Komini, Prefegitura cyangwa Igihugu bitera mu nzira ituma abaturage barushaho kumererwa neza mu mibereho yabo. Iyo bavuze ko Komini ishinzwe gutsura amajyambere, bishaka kuvuga ko mwebwe muyobora Komini mushinzwe gufasha abaturage gutsura ayo majyambere, mushinzwe gutsura ubwenge bw'abo muyobora, mushinzwe kubasobanulira, kubigisha, kubakangura, gushakira hamwe ibisobanuro by'ingorane bafite, guteza imbere ibyiza bizamura ubukungu bw'abaturage, bizamura imibereho yabo n'ibizamura umuco w'Igihugu.

Tugomba kandi kumenya buli gihe ko gutsura amajyambere bishinzwe buli wese.Amajyambere ashingiye ku cyifuzo cy'abaturage ubwabo cyo guhora barushaho kubaho neza. Igihe mu gihugu abenshi ali abafite ibitekerezo bishaje bya HAKIZIMANA, HATUNGIMANA, bagakuba akabero ntibakore, icyo gihe amajyambere arahagarara. Aliko Igihugu iyo gifite benshi ba HATUNGIMBARAGA na ba HAKIZAKWIHA bemera kwigomwa bagahaguruka bagakora kuko bemera ko bazazamurwa n'imbaraga zabo bwite, icyo gihe amajyambere aza yiruka.

Ba Militants Burgumestri,

Nagira ngo muli iki kiganiro cyerekeye "ITSURA RY'AMAJYAMBERE YA KOMINI", turebere hamwe kandi twiyibutse ibi bikulikira:

1. Intego z'ingenzi Komini ikwiye kwibandaho mu itsura ry'amajyambere y'abaturage;
2. Uburyo bwo kwerekana imimerere ya Komini: ifoto ya Komini (Monographie communale);

.../...

3. Uburyo bwo gutegura imishinga itsura amajyambere (présentation des projets);
4. Komini yarangiza ite imishinga.

Ibyo tugiye gusuzuma ni ukubyiyibutsa kuko buli gihe tubibabwira ali mu mabwiliza tuboherereza, ali no mu nyigisho tubaha cyangwa se mu nzandiko tubandikira.

## I. INTEGO Z'INGENZI KOMINI IKWIYE KWIBANDAHO :

Twabonye haruguru ko ibikorwa bitsura amajyambere ali byinshi cyane. Umuntu yakwibaza aho yatangilira, icyo yabanza, icyo yakwitaho kurusha ikindi cyangwa se niba yabikorera limwe byose. Republika ya Kabili yeretse uburyo Komini zabyifatamo ishyiraho "Umugambi wo gutsura amajyambere ya Komini" (Plan d'Action Communale) werekana ingingo z'ingenzi Komini zakwibandaho na none zihereye ku byo zagezeho n'ibyo zishingiye kandi ku byifuzo by'abazituye.

### 1. Kwongera umusaruro.

Muzi ko abanyarwanda batunzwe n'isuka ali bo benshi mu gihugu (± 95 %). Abo bahinzi bagenda biyongera buli mwaka, nyamara kandi ubutaka buguma uko buli. Muli 1962 twali hafi ya miliyoni eshatu, none ubu tugeze kuli eshanu. Murumva ko amasambu arushaho kuba mato kandi make. Abaturage bagomba kwihatira kwongera umusaruro cyane cyane mu bihingwa ngandurarugo n'ibihingwa ngenga-bukungu. Akalima gahinzwe kijyambere kakwera kurusha ikilima kinini gihinzwe ku buryo bushaje. Tugomba rero kwihatira:
- kurwanya isuli;
- gufata ubutaka neza tukabufumbira;
- guhinga imbuto z'indobanure no kuzitera kijyambere;
- guhinga imyaka mu turere ikwiranye natwo;
- gutera no gufata neza amashyamba;
- korora kijyambere n'ibindi.

### 2. Gutsura ubuhahirane.

- Komini ikwiye kugira isoko ryiza ryubakiye abantu bakagira aho bahahira hatunganye;
- Kubaka ikigega cyo guhunika imyaka, igihe cy'ihinga abantu ntibabure aho bahahira imbuto, cyangwa se inzara yatera ntibabure aho bahahira;
- Kugira Koperative ikomatanyije ibikorwa (coopérative multifonctionnelle); ishobora kwakira ibyo abaturage bejeje ikabagulira ku giciro kiza ibyo badahinga kandi ikaba yanabacuruliza ibintu biturutse mu bukolikoli;
- Gufata neza no kugira imihanda ihuza Komini n'izindi n'ihuza za Segiteri na za Selire.

.../...

3. Kwongera imibereho myiza ya buli muturage.

- Kulinda ubuzima bw'abaturage
- Kwigisha kugira isuku mu rugo no ku mubili;
- Kwigisha kwilinda indwara;
- Kwubaka za Centres de Santé na za Pharmacies za Komini;
- Gufukura amaliba no gutunganya imiyoboro y'amazi;
- Kwigisha abantu kurya ibibafitiye akamaro;
- Kurwanya nyakatsi no kwigisha abantu kudatatana mu mitulire yabo mu turere bishoboka.

4. Gutsura ubumenyi.

- Gukulikiza programu yateguwe na Leta mu myigishilize y'urubyiruko;
- Kwigisha gusoma no kwandika abatabizi.

5. Guhugura no gukangura abaturage.

Iyo milimo izakorerwa abaturage bose b'ibitsina byose mu kigo cyabigenewe (C.C.D.F.P.).

6. Kugira ibiro bya Komini biteye neza kandi biteretse neza.

Muzi ko services za Komini kenshi usanga zitatanye. Dukwiye kwihatira:

- kwegeranya izo services;
- gushyira centre administratif hagati ya Komini aliko nibura hegereye umuhanda munini, ahantu hafite aho za services zakwiyagulira, kera hazashobora kugera amazi n'amashyanyarazi;
- iyo centre igomba kuba aho abaturage bakunda guhulira kuko hali ivuliro, amaduka n'isoko. Kera ukazasanga bavuga bati: "Kanaka yashinze umujyi wacu".

Ntimuze kwibwira ko ibi mvuze ali byo Komini ikwiye gukora gusa. Byose biterwa n'ibyo ikeneye n'ibyo igezeho. Hali Komini ishobora kubanza guharuza umuhanda kuko ifite centre de santé, indi ikabanza kubaka centre de santé kuko ifite imihanda ihagije. Iyo mitandukanyilize y'amakomini iboneka muli za monographies communales tugiye kubona.

II. IMIMERERE YA KOMINI: Monographie Communale

1. Monographie communale ni iki ?

Monographie communale ni inyandiko yerekana uko Komini iteye iki gihe n'iki: imisozi yayo, uko ubutaka bwayo bumeze, uko abaturage bayo bangana n'uko babaho, ibyo itunze, ibyo ikeneye, ibyo ishaka kugeraho n'ibindi.

.../...

Twavuga ko monographie communale ali ifoto yerekana uko Komini isa. Nk'uko umuntu asa n'ifoto ye iyo uyigereranyije na we, monographie communale yerekana uko Komini imeze.

2. Monographie communale ikorwa ryali, ite, na nde ?

Kuko monographie communale ali ifoto ya Komini, igomba gukorwa buli mwaka kuko mu mwaka hashobora guhinduka byinshi. Uko umuntu agenda akura ni nako ifoto ye igenda ihinduka. Uko Komini igenda itera imbere mu majyambere niko ifoto yayo ikwiye guhinduka. Uwakwereka ifoto yawe ukili umwana wavuga ko ali wowe aliko atali ko ugisa.

Monographie ya Komini ni nka rapport ikubiyemo imilimo yose ya Komini: kuko usangamo ibyerekeye ubuhinzi, ubuvuzi, ubukungu, urubyiruko, koperative, ubworozi, uburezi n'ibindi.

Niyo mpamvu buli mukozi wa Komini azana ibyerekeye akazi ke kugira ngo iyo monographie ikorwe. Iyo rapport ya buli service ibonetse, Commission Technique iraterana igakora iyo foto ya Komini. Burgumestri wenyine ntashobora gukora monographie communale.

3. Akamaro ka monographie communale.

a) Monographie communale kuko ali ifoto ya Komini, ituma umuntu amenya uko Komini iteye. Umuntu akaba yakwicara i Kigali, i Bruxelles n'ahandi, akamenya uko Komini y'i Cyangugu imeze.

b) Monographies communales zifasha mu itegura ry'imishinga ireba akarere aka n'aka, ireba Prefegitura iyi n'iyi ndetse n'imishinga y'Igihugu cyose.

c) Monographies communales zifasha mu ishaka ry'imfashanyo zo guha amakomini kuko abatanga izo mfashanyo bazitanga bazi Komini cyangwa akarere bazihaye.

d) Iyo uteranyije monographies communales z'amakomini agize Prefegitura uba ufite monographie préfectorale. Wateranya monographies préfectorales ukaba ubonye uko Igihugu giteye.

e) Monographies communales zituma Leta ishaka izindi Komini zo mu mahanga zishobora gufasha no gufatanya n'amakomini y'u Rwanda.

Kubera izo mpamvu zose, Ministeri y'Ubutegetsi bw'Igihugu irasaba guhora muyohereza buli mwaka monographie ya Komini mushinzwe kuyobora. Birababaje kubona hali za Komini ziheruka kutwohereza monographie yayo yo muli 1975.

.../...

4. Amwe mu makosa akunda kuboneka muli monographies communales za Komini.

a) Usanga Komini zimwe na zimwe zohereza monographie yazo ku rupapuro rumwe cyangwa ebyili gusa. Umuntu akaba yakwibaza niba kuli urwo rupapuro hali icyo umuntu yakwerekana cyerekeye Komini.

b) Monographie communale igomba guherekezwa n'ikarita yerekana bimwe mu bigize Komini. Ikarita dushaka si nka zazindi zakozwe n'ababizobereyemo kuko zitabonwa na bose. Iyo dushaka ni "carte schématique" yerekana aho ibiro bya Komini bili, aho dispensaire, amashuli, isoko n'ibindi bili.

c) Kenshi na kenshi monographie communale kugira ngo yumvikane igomba kugaragaza imibare: uko abantu bayo bangana, imibare y'amatungo, toni z'imyaka yasaruwe n'ibindi.

d) Za Komini zimwe na zimwe zitwohererereza monographie zanditse mu kinyarwanda. Nubwo ali urulimi rwacu kandi rwemewe na Leta, aliko kandi monographie yanditse mu kinyarwanda yasomwa n'abakizi gusa. Ubwo se umuntu yasabira ate imfashanyo Komini mu mahanga ahereye kuli monographie yayo yanditse mu kinyarwanda ?

e) Monographies zimwe na zimwe zerekana gusa uko Komini ziteye, zikerekana ingorane zifite aliko ntizerekane icyashobora kuzizamura (potentialités de développement). Niyo mpamvu tubasaba buli gihe kwerekana muli monographie ya Komini imishinga mugamije kugeraho (à court, moyen et long terme).

## III. ITEGURWA RY'IMISHINGA ITSURA AMAJYAMBERE.

1. Umushinga utsura amajyambere ni iki ?

Umushinga utsura amajyambere ni uruhererekane rw'ibikorwa bishaka kugeza abaturage ku mibereho myiza. Umushinga utangira igihe umuntu akiwutekereza ukarangira igihe icyo ashaka akigezeho. Ni ukuvuga rero ko buli gikorwa gifitiye abantu akamaro ali umushinga utsura amajyambere. Ingero: centre de santé, umuhanda, koperative, umushinga w'ubuhinzi.

2. Ingorane ziboneka mu itegura ry'imishinga.

Mu itegura ry'imishinga, Komini zihura n'ingorane nyinshi, aliko ikomeye ni iyi: Kubura abahanga bategura umushinga (manque de technique): Nubwo Commission Technique ishinzwe ahanini gutegura imishinga, hali ubwo abayigize baba batarazobereye mu buhanga bwose. Urugero: "Gukora Plan na devis ya centre de santé". Ibyo bituma Komini zimwe na zimwe zitanga imishinga idasobanutse neza. Limwe na limwe usanga Komini zitwohererereza imishinga yanditse mu kinyarwanda bigatuma ntaho twayohereza ngo tuyishakire imfashanyo. Ubundi kandi iyo dusabye umushinga, usanga bamwe batwohererereza devis gusa nayo idasobanutse neza.

3. <u>Inama twagira Komini mu gutegura imishinga</u>
(cfr. lettre n°1068, 784 et 793/03.09.02/4 des 30/9/1976, 11/7/1977 et 18/7/1977).

1) <u>Kwitabaza ba techniciens ba Komini, Prefegitura na Ministeri n'abandi:</u>

Kubera ko Burgumestri na Commission Technique batashobora ubwabo bonyine gutegura imishinga yose, bakwiye kwitabaza ababizobereyemo. Abo ni abakozi ba Komini, ba Prefegitura, ba Ministeri n'abandi nka ba Entrepreneurs.

2) <u>Kwerekana ugitangira umushinga ku buryo busobanutse:</u>

Kuvuga mu magambo make uko Komini iteye mu byerekeye ibintu bifitanye isano n'uwo mushinga.

Urugero: Centre de santé: -kuvuga amavuliro Komini ifite
-kuvuga indwara zikunda kuboneka
-kuvuga aho umushinga uzakorerwa n'igihe uzarangilira.

3) <u>Kwerekana ibyo umushinga ugamije:</u>
Kuvuga akamaro uzagilira abaturage.

4) Niba ali umushinga ushobora kwongerera umutungo Komini cyangwa abandi bantu (projet de production), kwerekana icyo ushobora kubyara (compte prévisionnel d'exploitation).

5) Niba ali umushinga ulimo ubwubatsi, gukora schéma cyangwa plan y'amazu.

6) Kwerekana ibyo umushinga uzatwara (devis détaillé):
- Igiciro cyose (coût total)
- Umubare Komini izashyiraho (ubutaka, ibiti, amafranga,...)
- Umusanzu w'abaturage (cotisation)
- Umuganda: kubara imibyizi yose ukayiha agaciro mu mafaranga
- Indi mfashanyo yaturutse ahandi
- Imfashanyo isabwa (gutandukanya imfashanyo n'inguzanyo).

## IV. <u>IRANGIZA RY'IMISHINGA:</u>

Na none kubera ubukene bwa za Komini z'u Rwanda, inyinshi muli zo ntizishobora kurangiza neza imishinga. Reka turebe uburyo Komini yakwifashisha kugira ngo irangize imishinga:

1) <u>Umutungo wa Komini:</u>
Ibintu itunze: ubutaka, ibiti, ...
Isanduku yayo: amafaranga.

2) <u>Umusanzu w'abaturage:</u>
Ni amafaranga batanga ubwabo.

3) Umuganda:

Komini igomba kuwuha agaciro mu mafaranga.

4) Isanduku igenewe gutsura amajyambere muli Komini (F.D.C.):

Ni isanduku yashyizweho n'amakomini iyafasha mu gutsura amajyambere. Imaze imyaka hafi ine kandi yafashije amakomini muli byinshi.

5) Imfashanyo Leta ishobora guha Komini:

Urugero: za centres de santé zimwe zubakwa na Leta.

6) Amakomini yo mu bihugu by'amacuti:

Ubu hali Komini indwi z'u Rwanda zimaze kugira amakomini y'inshuti y'i Burayi. Ayo makomini afasha ay'u Rwanda kurangiza imishinga myinshi.

7) Ubutwererane bw'u Rwanda n'ibindi bihugu:
(coopérative bilatérale ou multilatérale).
Hali ibihugu bifasha u Rwanda mu mishinga minini kandi y'igihugu cyose (projets nationaux). Aliko mu bihugu bitanga imfashanyo yo kurangiza imishinga mu makomini twavuga nka:

- Communauté Economique Européenne yatanze hafi miliyoni 45 mu myaka ine muli Ve FED. Ayo mafaranga akazafasha Komini kurangiza imishinga y'ubwoko bwose.
- Suisse yatanze 25.000.000 Frw azajya muli F.D.C. akazafasha Komini kurangiza imishinga yakirwa imfashanyo (subsides). Amasezerano yashyizweho umukono taliki ya 2 Gashyantare 1979.
- Etats-Unis d'Amérique:

* Programme Self Help ya Ambassade des U.S.A. mu Rwanda ifasha Komini kurangiza imishinga y'ubwoko bwinshi.
* Agence pour le Développement International (USAID) yahaye F.D.C. 250 tonnes z'amavuta ya soja ahwanye na 206.250 $ (± 20.000.000 Frw). Ayo mafaranga azafasha Komini kubaka za centres de santé, centres nutritionnels n'ibigega no gukora imihanda ijya aho ngaho. USAID ifite kandi imigambi yo kwongera iyo mfashanyo.

8) Imilyango itali iya Leta (Organisations non Gouvernementales).

a) Imilyango ikorana na Ministeri y'Ubutegetsi bw'Igihugu:

a.1. Euro Action-Acord:

Ni umulyango ugizwe n'indi milyango 22 yo mu bihugu bya Belgique, Allemagne, Suisse, Italie, Espagne, Norvège, Hollande, Angleterre na Canada. Uwo mulyango wagiranye amasezerano n'u Rwanda taliki ya 3 Kanama 1979 yo gufasha amakomini akennye kurusha ayandi.

.../...

Imfashanyo ihabwa cyane cyane imishinga y'ubuhinzi, ubworozi, ibigega, kuyobora amazi, imihanda n'ibiraro, guhugura abaturage, amavuliro. Kugeza ubu uwo mulyango watoranyije amakomini 24 uzafasha; muli yo 18 yatangiye kubona imfashanyo.

a.2. Organisation des Volontaires Néerlandais:

Uwo mulyango w'abaholandi wibanda ku mishinga yo kuyobora amazi. Ubu watangiye gukora muli za Prefegitura za Kigali, Kibuye, Cyangugu, na Butare.

a.3. Oxfam:

Ni umulyango wo mu Bwongereza wagiranye amasezerano n'u Rwanda taliki ya 25/2/1980 yo gufasha amakomini mu mishinga y'ubuhinzi, ubuvuzi, kuyobora amazi no gufata neza amaliba, guhugura abaturage, gufasha imbabare.

b) Imilyango idakorana na Ministeri y'Ubutegetsi bw'Igihugu:

Ni imilyango y'ubwoko bwinshi ifasha amakomini kurangiza imishinga. Twavuga nk'imilyango y'abanyamadini, Bureau Episcopal de Développement, SUCO, Catholic Relief Service, Caritas, Imilyango y'aba Volontaires n'iyindi.

UMWANZURO.-

Ba Militants Burgumestri,

Ngibyo ibyo nagira ngo twiyibutse. Nzi neza ko Komini zose zatangiye gukora ibyo Plan d'Action Communale yatanzeho amabwiliza. Nongeye kubasaba kujya mukora imishinga mukulikije ibyifuzo by'abo muyobora. Mbasabye kandi nkomeje kujya mutibagirwa gufotora Komini zanyu ngo mutwohereze ayo mafoto buli mwaka kuko adufasha guteganyiliza Komini zanyu. Mu itegura ly'imishinga mujye mukulikiza inama twabonye haruguru n'amabwiliza Ministeri y'Ubutegetsi bw'Igihugu cyangwa izindi Ministeri zibagezaho.

Murakoze.

II. UMUTUNGO WA KOMINI

Ba Militants Burgumestri,

Muzi neza ko Umukuru w'Igihugu Nyakubahwa Général-Major HABYARIMANA Juvénal yashinze Komini kuba ishingiro ly'amajyambere. Koko rero uwasubiza amaso inyuma, uwasura Komini iyo aliyo yose, yasanga iyo ntego y'Umukuru w'Igihugu yarubahilijwe. Komini koko turasanga ali igicaniro cy'amajyambere. Ibyo byose tubikesha ahanini ubwitange bw'abaturage bumvise iyo ntego bakitanga batizigama, bagakora umuganda batinuba, bagatanga umusanzu uko bareshya, kandi muzi ko abenshi bakennye.

Aliko kandi n'ubwo ayo majyambere tuyakesha ahanini umuganda n'umusanzu w'abaturage, n'umutungo wa Komini ufitemo uruhare runini. Uwo mutungo wa Komini rero niwo tugiye kurebera hamwe ukuntu dukwiye kuwufata no kuwongera.

Muzi mwese ko umutungo wa Komini ugizwe n'ibintu bishobora kuvanwa aho bili, n'ibidashobora kuvanwa aho bili, byaguzwe cyangwa byabonetse nta kiguzi. Muzi kandi ko inama ya Komini aliyo itanga uruhushya ku byerekeye imikoreshereze y'umutungo wa Komini. Ibintu Komini yihaliye bitegekwa na Burgumestri mu izina ly'inama ya Komini. Ubwo rero Burgumestri afite uruhare rukomeye mu ikoresha ly'umutungo wa Komini.

Nicyo gituma rero imilima, amashyamba cyangwa amazu cyangwa se ibindi bikoresho bya Komini bigomba gufatwa neza rwose. Burgumestri agomba kubicunga nk'ucunga ibye bwite; akilinda kugurana imilima ya Komini atanga imyiza bakamuha imibi. Cyangwa se ugasanga ayitangira ubuntu ayiha abasilimu runaka kandi batayikeneye cyane nk'umuturage wabuze aho atura cyangwa ahinga. Kimwe n'amashyamba, ntitugomba kuyatagaguza tuyaha amacuti n'abavandiwe cyangwa se ngo tuyakubire mu mutungo wacu bwite. Amazu ya Komini ntagomba gutangwa cyangwa se ngo usange agulishwa ubusa ali ukugira ngo bene wacu bayijyanire cyangwa umucuruzi runaka ayikoreremo atanga ubukodeshe butagize icyo buvuga. Mbese ibintu byose bya Komini bigomba gufatwa neza kandi bikagilira Komini akamaro. Ibikoresho byose biguzwe bikagera kuli Komini kandi bikajya mu mishinga ya Komini. Aha navuga nk'ibikoresho by'ubwubatsi n'ibyo mu biro. Isima, inzugi, ibirahuli, amabati, iyo biguliwe umushinga uyu n'uyu niwo bigomba gukoreshwaho. Igice kimwe ntigikwiye kujya kuli Komini, ngo ikindi gisigare k'umucuruzi cyangwa se ngo kijye kwa Burgumestri, kwa Kontabule se cyangwa ahandi.

IMALI YA KOMINI :

Mu mutungo wa Komini kandi uretse ibintu bishobora n'ibidashobora kuva aho bili, halimo n'Imali yayo. Iyo mali ya Komini iva henshi aliko aho iva cyane ni aha:

.../...

1) Mu mutungo wa Komini:
   - Ubukodeshe cyangwa igulishwa ly'ibintu byayo,
   - Igulishwa ly'ibiva mu mutungo wayo,
   - Inyungu y'amafaranga yabitse.

2) Imisoro y'abantu, n'iy'amatungo maremare n'iy'amagare:
   - Amafaranga aturuka ku byemezo bitangwa na Komini (attestations),

3) Tagisi za Komini alizo: mu masoko, mu tubare, mu mangazini, mu mahoteli n'ahandi ...

4) Ashobora guturuka kandi ku mahazabu n'ibihano bitangwa (amendes et retenues disciplinaires),

5) Ashobora kuva ku nyungu Komini ibona iturutse mu miryango Komini yagiye ishoramo amafaranga,

6) Ashobora kuva kandi ku mfashanyo n'imisanzu abaturage, Leta cyangwa se abanyamahanga n'imilyango y'inshuti batanga.

Murabona rero ko Komini ifite ahantu henshi ikura amafaranga. Aliko muli aho henshi, ah'ingenzi ni habili, kuko urebye neza usanga aliho hatunze Komini. Aho hantu rero si ahandi ni mu misoro no muli tagisi.

<u>GUSORESHA NO GUHOZA</u> :

Komini zidafite amasoko ahagije, usanga ntaho zikura amafaranga uretse mu misoro y'abantu n'amatungo maremare. Ayo makomini kenshi na kenshi usanga akennye cyane iyo abayashinzwe badahagurutse ngo basoreshe abantu bose babigomba n'amatungo agomba gusorerwa.

Bamwe rero usanga batita ku gusoresha bakirengagiza kandi bazi neza ko imali ya za Komini aliho ituruka. Ntitugomba gutinya gusoresha kanaka kuko ali murumuna cyangwa se mukuru w'umuntu ukomeye. Ntitugomba gutinya gusoresha runaka kuko ali mwene wacu cyangwa se twasangiye inzoga.

Amatungo maremare agomba gusoreshwa yose; ntitugomba gusoresha inka 5 gusa kandi nyirazo afite 20. N'ubwo yaba ali inshuti, agomba gusora, ntagomba gutanga inyana ngo ntazasorera inka ze zose. Nk'uko rero mushinzwe gucunga umutungo wa Komini, mugomba kugenzura niba abashinzwe gusoresha babikora neza kandi bakabikorera bose. Ntihagomba gusora umuntu umwe undi ngo bamusimbuke.

Naho amakomini afite amasoko, usanga aliho akura amafaranga menshi kandi ni yo makomini akize. Aliko n'ubwo akize bwose ndetse ntakize ahubwo andi ayasumbya ubukene - wowe Komini itashobora kwigulira Benne

cyangwa se ngo yubake ibiro byayo ibirangize vuba itatse umusanzu cyangwa umuganda, ubwo ikize iki ? - Ayo makomini rero ntagomba kwirata ngo arakize, ahubwo agomba gufata amahoro yose. Kontabule na ba Percepteurs bagahoza abantu bose kandi amafaranga ntibayanyereze mu bitansi ngo yigwire mu mifuka yabo.

KUTANANIZA ABATURAGE :

Na none ndabasaba gukora iyo bwabaga mugasoresha, mukaka amahoro. Ibyo ni byiza. Aliko dukwiye gushyira mu gaciro ntidukandamize abaturage. Muzi umuturage ubukire afite, mubugereranye rero n'umuganda atanga, mugerekeho imisanzu atanga (Prefegitura, amashuli, centre de santé, tribunal, Ibiro bya Komini, n'ibindi n'ibindi ...).

Na none utarasonerwa agomba gusora ni itegeko; aliko igihe yijyaniye mu isoko udushyimbo, utujumba yiyejereje kugira ngo abone minerval y'umwana mu ishuli, cyangwa yigulire akunyu cyangwa agasabune, uwo ntagomba guhora. Kimwe n'ujyanye itungo lye mu isoko kugira ngo yikenure atagomba kulihorera. Abagomba guhora ni wa mu milita waguze lya tungo akalicuruza ashaka kuryungukamo cyangwa se akalibaga agacuruza inyama zalyo. Amabwiliza ya Ministri yaratanzwe buli Komini igomba kuyakulikiza. Kimwe na za Komini zikandamiza abaturage ugasanga iranga-muntu cyangwa se attestations n'ibindi byemezo bitangwa na Komini bigurwa 300 F, 400, ndetse bikagera muli 500. Ibyo si ukwica abaturage gusa, ni no kwica itegeko ryashyizeho ibyo biciro. Yego Komini zirakennye, aliko rerc 400 F ya attestation siyo azayikiza umaze kurenganya umumilita kandi uzi umuganda, imisanzu n'imisoro aha Komini.

GUFATA NEZA IMALI YA KOMINI :

Ahubwo nitwihatire gufata neza duke dufite twe kulibwa n'abashaka kunyunyuza imitsi ya rubanda. Nitwilinde kuligisa amafaranga ya Komini, kandi tubuze n'abakozi ba Komini bayakoramo kuyamalira mu mifuka yabo. Burgumestri n'Inama ya Komini ntibagatinye gukontorora Kontabule. Ngo barebe niba atarenza 50.000 F mu isanduku, cyangwa se niba amafaranga ayashyira muli Banki uko bitegetswe. Ahubwo niturebe niba isanduku ya Komini ituzuye za Bons Pour, amafaranga akaba yarashiliye mu nshuti za Kontabule cyangwa Burgumestri. Ahubwo niturebe niba muli Komini yacu hadakoramo ibitansi bitewe, bityo imisoro, imisanzu, amahoro abaturage batanga bikaba byarashiliye mu mifuka y'ibyonnyi. Ahubwo nitwilinde gusesagura amafaranga ya Komini. Ngo twihe gutubura za fagitire twatanzeho make ngo bazigire nini. Ahubwo nitwilinde gusesagura amafaranga tuyapfusha ubusa mu bishimisha umubili n'imikino. Gukina si bibi, aliko kurara inkera no kugwa ivutu ntawabyifuza. Bityo umutungo n'imali bya Komini bizarushaho kugilira Komini n'abaturage bayo akamaro.

.../...

F.D.C. :

Na none sinarangiza iki kiganiro cyerekeye umutungo wa Komini tutavuze cya kigega gitsura amajyambere ya Komini kuko nacyo ali umutungo wa za Komini kandi nyine kikaba kizifasha gutsura amajyambere.
Icyo kigega kimaze kugeramo 173.241.400 F; aliko kimaze gutanga 84.260.744 F z'inguzanyo ku makomini na 11.708.944 F z'imfashanyo.

Kugeza ubu icyo kigega cyashyigikiye imishinga irenze 162 kandi yatwaye amafaranga 226.063.148. F.D.C. kugira ngo ibigereho yiyambaje Isanduku yayo Banki y'Abaturage, Isanduku y'Ukuzigama y'u Rwanda na Banki Itsura Amajyambere y'u Rwanda. Nta n'umwe rero wahakana akamaro iyo sanduku ifitiye amakomini.

Aliko muli iki gihe, icyo kigega cyanyu gifite ingorane ebyili. Iya mbere ni uko Komini zimwe zitagitanga umusanzu nk'uko itegeko-teka libisaba. Bigatuma rero umutungo wacyo usubira inyuma. Yego tuzi ubukene Komini zifite cyane cyane muli iki gihe, aliko mugomba kuzilikana akamaro iyo sanduku ibamaliye. Mugomba rero gukora uko mushoboye.
Icya kabili ni uko Komini zitishyura umwenda zafashe muli F.D.C. cyangwa se wishingiwe nayo. Ubu F.D.C. imaze kwishyulira Komini amafaranga atagira ingano. Komini rero zigomba gukora uko zishoboye zikishyura.

IBIBAZO N'IBISUBIZO :

Q.1: - Mu gukora monographie biraturushya akenshi na kenshi tutanabizi kandi tukabura n'impuguke kuli Prefegitura itugira inama tukaba twayiyambaza. MININTER nta kuntu yateganya abo batekinisiye umwe umwe muli buli Prefegitura? Bene uwo mukozi yadufasha no gutegura imishinga.

R.1: - Hali abakozi kuli Prefegitura bigeze guhugulirwa uwo mulimo gusa, muli bo hali abahawe undi mulimo. Niyo mpamvu haliho projet yo gushaka abandi batekinisiye bazitwa ba "Planificateurs".

Q.2: - Ba Burgumestri bali basanzwe ali abakozi ba Fonction Publique bahabwa 500 F y'urugendo bakoze kandi abandi bakozi ba Leta bahabwa 1.000 F. Nta kuntu nabo bajya babona amafaranga ya mission 1.000 ?

R.2: - Nta kuntu mwaba muli ba Burgumestri mwembi ngo umwe afate 1.000 F undi 500 F. Mutegereze stati yanyu ko isohoka icyo kibazo kizabonerwa umuti.

Q.3: - Itegeko lishyiraho F.D.C. livuga ko Assemblée Générale iterana buli mwaka. Kuki itabaye muli iyi myaka ? Iya Komite ya Gestion se yo bite?

R.3: - Izo nama ntizibagiranye, ahubwo byatewe n'uko Ministri w'Ubutegetsi bw'Igihugu yali akili mushya agomba kubanza kwiga dosiye. Hagombaga nanone kubanza gukorwa bilan nayo rero ikaba ubu yararangiye.

Q.4: - Ba Contrôleurs bagombye kuboneka batagombye gutumwaho, bityo umutungo wa Komini ntuligiswe cyane.

R.4: - Kuli Prefegitura hali Contrôleur ushinzwe amakomini, agomba guhora ayasura, yabona bimunaniye akabimenyesha Prefe nawe akadusaba abandi bagenzuzi bo kumufasha aliko si Burgumestri ugomba gusaba MININTER kwohereza abagenzuzi.

SOUHAIT: Mu gihe cya programmation y'imishinga, turasanga Leta ikwiye kujya ibaza ibyifuzo bya Komini.

* Ibihano by'amafaranga 200 kimwe na indemnités y'ibirometero, amategeko abishyiraho ni aya kera kandi ibindi biciro bihora byiyongera. Turasaba kutwigira icyo kibazo.

Q.5: - Abandi bakozi ba Komini barahugurwa, aliko mwibagirwa ba Secrétaires. Hali ihugurwa nabo mubateganyiliza ?

- Amakomini manini ntabwo mwaba muteganya kuyagabanyamo za S/Communes ?

R.5: - Igihe cyabo nikigera, bizakorwa kuko ikibura ali ahantu bahugulirwa n'amafaranga;

- S/Communes ntaho ziteganywa.

.../...

## III. IKIGANIRO CYEREKEYE BANKI Z'ABATURAGE MU RWANDA

## INTERURO: POLITIKI Y'IKWIRAKWIZA LYA BANKI Z'ABATURAGE MU RWANDA

### I. INTANGILIRO

Ubu Banki z'Abaturage zimaze imyaka itanu mu Rwanda. Banki y'Abaturage ya mbere yashinzwe muli 1975, iya nyuma yashyizweho mu mwaka ushize (ni iya 57). Mushobora kwibaza muti Banki z'Abaturage 57 mu myaka 5 gusa ? Mwibuke ko mu ntangiliro y'umushinga wazo hali hateganyijwe 3 gusa muli iyo myaka 5. Ibi byatuma umuntu yibaza icyatumye ziyongera cyane vuba vuba.

Umuntu yavuga atibeshye ko byatewe n'uko Banki z'Abaturage zaje mu gihe inyota yo kubitsa yali yose, kandi ibigo bibika amafranga ali bike. Bikaba byaraterwaga ahanini n'uko hali nka za Koperative zavukaga hirya no hino, zigahura n'ingorane nyinshi ziturutse ku bushobozi buke mu gucunga imali yazo, kandi zidafite n'ikizitera inkunga ngo zirangize neza ubutumwa bwazo; ubundi bigaterwa n'uko abantu batagira ububiko bizeye kubera abajura n'ababandi. Hali n'izindi mpanuka zisanzwe; nk'imbeba, umuliro, imiswa, imvura ... Ni izo mpagarara zo kutagira aho babika amafranga ku buryo atahungabana, zatumye abadusaba kubafasha gushinga Banki z'Abaturage barabyihutiye cyane ku buryo ubu dufite abasabye barenze ijana.

Indi mpamvu ni uko abaturage bali batangiye kumenya ko umuntu ashobora guhabwa umwenda ukamufasha kwirangiliza umushinga kandi mu kuwuvanaho akabikora yishyura buhoro buhoro. Bityo nabo batangira kugira inyota yo kubona imyenda ibafasha kwizamura no kuzamura akarere kabo.

### II. IBIRO BIYOBORA BANKI Z'ABATURAGE SE BYABYIFASHEMO BITE ?

Ubutumwa bwa Banki z'Abaturage ni ukugerageza gufasha abantu mu kuzigama ngo bashobore kugulizanya. Akaba ali nayo mpamvu Ibiro-Nyobozi byihutiye gutabara ababyifuza, Banki z'Abaturage zigashingwa hirya no hino. Koko rero, hashinzwe Banki 13 muli 1975, hashingwa Banki 22 muli 1976, muli 1977 hashyirwaho 15, muli 1978 havuka 6, naho muli 1979 hatahwa imwe rukumbi. Uyu mwaka hazashyirwaho 6 cyangwa 7.

Ko bisa naho bidohoka buli mwaka biterwa n'iki? Ni iki cyatumye tudakomezanya umurego twatangiranye ? Impamvu nyayo ni iyihe ?

### III. INGORANE ZITURUKA KULI BANKI ZISHINZWE HUTIHUTI

Umulimo wo gushinga Banki ntiworoshye kandi ugira ibibazo bitali bike. Akazi ka buli Service yo mu Biro-Nyobozi karushaho kuba kenshi, bigatuma Banki z'uturere zirushaho kudindira kuko zikeneye Ibiro-Nyobozi. Ni koko ingorane zili kwinshi aliko izivunanye ni eshanu :

III.1. Ingorane zituruka ku gutunganya imilimo

Ishingwa lya Banki y'Abaturage lirakomeye kandi lifata igihe. Mbere y'uko Banki itangira gukora, hagomba gushyirwaho inzego ziyigize. Izo nzego iyo zikimara gushyirwaho, abazigize ntacyo baba bashoboye bityo byose bigakorwa n'Ibiro-Nyobozi. Ikindi kandi kugira ngo Banki ibashe gutangira, igomba kubanza kubona ibikoresho bya ngombwa byose. Ibyo byose bikaba bisaba igihe kitali gito no kubyitaho bihagije.

III.2. Ingorane zituruka ku guhugura abantu

Iyo Banki imaze gushingwa, inzego ziyigize zimaze gushyirwaho, umulimo w'ibanze ukulikiraho ni uwo guhugura ba nyir'ubwite: umucunga-mali, inama y'ubutegetsi n'iy'ubugenzuzi, abanyamulyango. Koko rero ihugura ly'abo bose nilyo shingiro ly'ubuzima bwiza bwa Banki z'Abaturage ni nayo mpamvu lidahosha. Ni cyo gituma, n'iyo duhugura bene Banki nshya, tutirengagiza na limwe izisanzweho. Dushakashaka ubulyo ilyo hugura lyahura n'igihe tuba tugezemo kandi tukabikora dukulikije ibibazo buli Banki ihura nabyo. Kugera kuli iyo ntego bidusaba kwitonda tukagenda buhoro buhoro dukulikije uko ba nyili ubwite bagenda bahugukirwa mu byo bashinzwe.

III.3. Ingorane zituruka ku bakozi

Kwongera umubare wa Banki z'Abaturage ntigusigana no kwongera umubare w'abakozi. Koko rero kimwe ntiwagitandukanya n'ikindi. Byakoroshywa gusa nuko abashinzwe Banki z'uturere babikorana ubushobozi n'umwete. Ibyo babigeraho na none buhoro buhoro kuko bitazira limwe. Nicyo gituma tugomba kwita cyane kuli Banki ziliho kugira ngo zibanze zigere kuli iyo ntera. Nyamara aliko hali bimwe bigomba gukorwa byanze bikunze na Services z'Ibiro-Nyobozi kuko bisaba ubumenyi buhanitse. Twavuga nk'ibyerekeye gukontorora imali. Kwongera Banki z'Abaturage bisaba ko Service ibishinzwe yongererwa abakozi babishoboye. Kubabona bikaba bikomeye kandi binagomba imishahara yo kubahemba. Iyo mishahara se yava he handi, hatali mu nyungu Banki zose zigomba kubona ? Niyo mpamvu tugomba gukora uko dushoboye kose ngo Banki zacu zibone urwunguko ruhagije.

III.4. Ingorane zituruka ku bwigenge Banki z'uturere zigomba kugira

Banki y'Abaturage yemewe ku giti cyayo. Igomba rero kugera ku bwigenge buhagije. Kugira ngo ibigereho, igomba kwihaza kuli byose, ntitegereze ak'imuhana. Niyo mpamvu ikeneye gufashwa cyane, bityo ikagera kuli iyo ntego mu gihe giteganyijwe. Iyo mfashanyo iyibona muli byose. Ibyo bisaba abayitanga kutagira ibindi bibarangaza cyangwa se ngo batatanye imbaraga zabo bazisaranganya muli Banki z'uturere, nabwo kandi ntibigire icyo bimara kuko imilimo bagomba kuhakora iba isumbye ubushobozi bwabo. Banki nshya nyinshi zituma akazi karushaho gukomera no kuba kenshi cyane, bityo izisanzwe zigatinda kugera kuli ubwo bwigenge.

III.5. Ingorane zituruka ku kwihaza Banki z'Abaturage zigomba kugeraho

Kugeza ubu, Banki z'Abaturage zose ziliho kubera imfashanyo y'abanyamahanga. Nyamara iyo mfashanyo ntizahoraho. Ni ngombwa rero ko Banki zose zishobora

kwilihilira amafranga yose agenda ku milimo yazo zikagira ndetse n'ayo zisagura y'ikirenga. Umulimo w'ingenzi utuma Banki y'Abaturage yinjiza amafranga ni uw'iguliza. Ni ngombwa rero ko muli Banki uwo mulimo ugenda neza imyenda igatangwa neza kandi ikishyulirwa igihe. Ibiro-Nyobozi rero bikora iyo bwabaga kugira ngo Banki zose zitangire kuguliza kandi iguliza libe isoko yo gutera imbere aho kuba impamvu yo kumera nabi. Igihe rero uwo mulimo w'iguliza utali wagenda neza muli Banki ziliho zose, ni byiza kandi ni ngombwa ko dufasha izo Banki kugera kuli iyo ntambwe, bityo bikagabanya ingufu twagashyize mu ishinga lya Banki nshya.

Ibyo bibazo byose bifite ingaruka ku iyongera lya Banki z'Abaturage. Uramutse ushinze Banki nshya esheshatu, ni nako waba ukubye gatatu izo ngorane zose. Niyo mpamvu dusanga kwitonda ali ntako bisa tukagenda buhoro buhoro, aho guhubuka; kuko gushinga Banki nshya bikwiye guturuka ku buzima bwiza bw'izisanzwe.

Iyo Banki igeze kuli iyo ntera, ubushobozi bwo gushinga indi nshya muli ako karere buba ali bwose. Bityo, kimwe mu bigomba kwitabwaho mbere yo kwemera gushinga Banki nshya aho ali ho hose, ni ubushobozi bw'akarere.

III.5.1. Ubushobozi bw'akarere

Ntakuvuga ngo uyu mwaka uyu n'uyu hazashingwa Banki izi n'izi mu gihugu cyose. Banki izajya ishingwa biturutse ku bushobozi bw'akarere. Ni byiza ko Banki zimwe zashobora gushyigikira izindi aho gusanga zose zigendera ku bugenge. Ntabwo rero ali akazi kacu ko kubwira akarere aka n'aka ngo tubongereye Banki, tuzajya tubikora ali uko abashinzwe ako karere biyumvamo ubushobozi buhagije bwo kuba babona umwanya wo kwita ku zindi zaza zongera izo bafite. Babigeraho ali uko izisanzweho zitakibasaba ingufu nyinshi. Akarere rero uzasangamo Banki zigenda neza cyane gashobora kwongera umubare w'izo Banki; naho akarere uzasangamo Banki zitagenda neza, kaba gafite ububasha buke bwo kwongera umubare wazo.

## IV. IBYITABWAHO MU GUSHINGA BANKI NSHYA

### IV.1. Akarere gakennye

Uturere tutitaweho biturutse ku mpamvu nyinshi, cyane cyane ku bwigunge bwatwo, tuzageragereza kuba ali two twitaho mbere y'utundi. Kuba nta buryo buhali bwo kubitsa nabyo bishobora gutuma twakira ikibazo cy'akarere vuba na vuba. Nyamara, ntawakwiyibagiza ko kutitabwaho kw'akarere bishobora kuba bituruka ahanini ku bukene bwako. Akaba ali nayo mpamvu twita cyane ku ngingo ikulikira.

### IV.2. Kuba hali amafranga azigamwa

Banki y'Abaturage nta kindi ikoresha kitali ifaranga. Kugira ngo ishobore kurangiza imilimo yayo, igomba gukoresha amafranga menshi bityo ikagira inyungu ikuramo. Ni ngombwa rero ko muli ako karere habamo amafranga ashobora kuzigamwa. Ayo mafranga niyo Banki ikoresha iyagarura mu bayazigamye igihe ibaguza. 95 % b'abanyarwanda ni abahinzi, 60 % y'amafranga abikijwe muli Banki z'Abaturage ava muli bo. Niyo mpamvu 60 % y'amafranga agulizwa yali akwiliye gutangirwa ubuhinzi n'ibijyana nabwo, bityo bigatuma na none twita ku ngingo ikulikira:

.../...

IV.3. Kuba hali imishinga yatangirwa imyenda

Muli anketi twakoresheje mu minsi ishize, twasanze politiki yo gutanga imyenda muli Banki y'Abaturage ntaho ihuliye n'ibikorwa. Amafranga y'abahinzi usanga yifashiliza abacuruzi, abakozi, abalimu ... kurangiza imishinga yabo. N'uduke abahinzi babonye, aho kugira ngo tubafashe kwongera umusaruro wabo ahubwo bakatwiyubakishiliza amazu, arushaho kubakenesha. Ni byiza kwiyubakira inzu nziza, aliko umuntu ashobora kubigeraho anyuze mu zindi nzira nko kubanza kwongera umutungo. Twasanze kandi 62 % y'imyenda dutanga, itangirwa ubwubatsi. Si bibi ndetse ni byiza, aliko umuntu ntiyakwiyibagiza ko ubukungu bw'Igihugu bubarwa bakulikije umusaruro wacyo. Banki z'Abaturage rero zali zikwiliye mbere na mbere gufasha abanyarwanda kwongera umusaruro wabo ali mu buhinzi, mu bworozi, mu myuga, n'ibindi. Kugira ngo ibyo bigerweho, ahemejwe gushyirwa Banki nshya, hagomba kuba imishinga itangirwa amafranga mu buryo bwo guteza imbere ako karere.

IV.4. Ubwumvikane hagati y'abavuganira abaturage

Ubuzima bwa Banki y'Abaturage ntaho butaniye n'imibereho y'abantu bo muli ako karere. Ubwumvikane hagati ya Burgumestri na Padri, hagati ya Burgumestri na Pasteri, hagati yabo uko ali batatu, hagati ya Burgumestri n'abakozi bakorera muli Komini, bushobora gutuma Banki igenda neza cyane, ikagera ku ntego zayo.

Naho ubwumvikane buke n'umwiryane hagati y'abo bose, butuma abaturage bicamo uduce, agatsiko kamwe kakajya ku ruhande uru n'uru, akandi ni uko. Bityo Banki ili bugufi aho, ikitilirwa kanaka, noneho utundi dutsiko tutumvikana na kanaka uwo, tukayitaza, bigatuma Banki idindira. Ni ngombwa rero ko ubwumvikane n'ubufatanye buba bwose.

V. UMUSOZO

Mbere yo kurangiza, twibutse abasaba Banki ko Ibiro-Nyobozi atali byo birema Banki aha n'aha, ni ba nyili ubwite babyikorera. Ibiro-Nyobozi bibafasha gusa kubitegerezaho ku buryo buhagije, bikanabafasha kubona ibikoresho bya ngombwa kugira ngo Banki itangire. Ikindi kandi, ishingwa lya Banki ntiligomba kuba igikorwa cy'umuntu umwe, ligomba gusabwa no gutegurwa n'agatsiko kagizwe n'abahagaraliye ibice byose by'abaturage. Nk'uko twabivuze tugitangira, ubutumwa bw'Ibiro-Nyobozi ni ubwo gufasha rubanda gushinga Banki z'Abaturage mu turere twose tw'Igihugu, buli segiteri, selire, ikagira Banki ishobora kubera umunyamulyango. Birumvikana na none ko ibyo tutabigereraho icyalimwe cyangwa vuba aha kubera impamvu zose twavuze. Ni nacyo gituma tubasaba mwese kutwumva no kwihangana kuko igihe kizagera buli Komini ikabona Banki yayo.

Murakoze.

## IV. IBIGO BIHUGULIRWAMO ABATURAGE (C.C.D.F.P. par MINASOCOOP)

### IKIGANIRO CYA MINISTERI Y'IMIZAMUKIRE Y'ABATURAGE NA ZA KOPERATIVE GISOBANURA IHUGULIRO RYA KOMINE (C.C.D.F.P.)

MILITANTS BOURGMESTRES,

Ministeri y'Ubutegetsi bw'Igihugu itegura ili hugura ryanyu yashyize ku murongo w'ibizigwa IHUGULIRO RYA KOMINE. Isaba Ministeri y'Imizamukire y'Abaturage na za Koperative kubohererereza umuntu wo kubasiganulira iby'icyo kibazo. Ngicyo rero ikinzanye hano.

IHUGULIRO RY'ABATURAGE NI IKI ?

Ihuguliro ry'abaturage mbere na mbere ni umushinga cyangwa se uburyo bushya bwo gukangulira abaturage amajyambere, duhereye ku bakuru b'amakipe twasanga bashobora kuzaba intangarugero. Ihuguliro ry'abaturage kandi ni ahantu abatekinisiye bahulira n'abaturage bakahamenyera ibibazo byabo kandi bagafatanya kubishakira umuti. Mvuze ko ali ahantu. Ubwo ali ahantu, hagomba kuba amazu akenerwa muli izo nyigisho, umulima ntangarugero, ubworozi, ateliye ... Nongeye ho ko bahahulira n'abatekinisiye. Ndashaka kuvuga ko programu y'ibihigwa ikorwa n'abakozi ba Komine akaba ali nabo bayigeza ku baturage. Aho hantu rero ni ihuliro ry'abashinzwe umulimo wo gucengeza amajyambere muli Komine, alibo Burgumestri, agronome, veterineri, abalimu b'amashuli y'ababyeyi, abigisha gusoma no kwandika, ankadreri b'urubyiruko, ankadreri ba za Koperative, n'abalimukazi b'ibigo bitsura amajyambere.

PROGRAMU BAKULIKIZA NI IYIHE ?

Programu bakulikiza ni ya yindi yemejwe na seminari yo mu Ugushyingo 78, bamwe muli mwe mwatumiwe mo.

Uwo mushinga uha buli mukozi uwaliwe wese kumva uruhare afite mu majyambere y'abaturage n'umwanya wo kugira icyo amalira abaturage afatanyije n'abandi bakozi kuko uwo mushinga ureba Ministeri nyinshi, n'abakozi baso bo muli Prefegitura no muli Komini.

Ibyigwa muli iryo huguliro ry'abaturage ntabwo bikuraho cyangwa bivuguruza ibigo bitsura amajyambere, amashuli y'ababyeyi, centre de santé, dispenseri veterineri, service agri, kwigisha gusoma no kwandika, gufatanya muli za koperative na mutualité, réforme scolaire etc... Ahubwo birabishyigikira kuko ibyo byose ali nka ateliye cyangwa intangarugero z'iryo huguliro. Aho hantu hagomba guhuza inyigisho zabo kugira ngo ze kuvuguruzanya ahubwo zuzuzanye.

.../...

Byongeye kandi ayo mahuguliro y'abaturage, usibye ko ntacyo abogamiye si ibigo by'injiji. Guhugurwa ntawe utabikeneye, ubwenge burarahurwa. Utazi ubwenge ashima ubwe. Ntawiga byose ngo abirangize. No mu bihugu bijijutse hali bene ibyo bigo byo kwihugura. Natwe tugomba gushakashaka inzira ituma umuturage amenya ibibazo afite akanafatanya n'abandi kubishakira umuti.

Guhagurukira amajyambere niyo matwara ya Muvoma. Imana ntiyaturinganije. Tuli magirirane. Tugomba kugira icyo twungurana. Tuli mu bwato bumwe bwo kwambuka inyanja y'ubukene.

UWO MUSHINGA UGEZE HE ?

Kuva muli 1973 akamaro k'iryo huguliro rya Komini karasobanuwe bihagije. Muli 1973 Prezida wa Republika yatangaje ko buli Komini igomba kugira ahantu ho guhugulira intangarugero mu guharanira amajyambere. Pla y'Igihugu 1977 - 1981 yegulira Burgumestri abakozi bose ba Komini ngo abahembe, abakontrole, abahane. Iyo pla iha Prefe ububasha bwo guhuza programu za Komini no kuzikontrola yitabaje C.P.D.F.P. Diskuru-programu yo kuwa 8 Mutarama 1979 yongeye kutwibutsa guhugura igihe cyose abaturage bose bahereye ku bahinzi-borozi batowe muli buli selire zabo. Bagahugurwa mubyo guhinga no kworora kijyambere, kugira isuku, kurya neza, kutabyaragura, gufatanyiliza amajyambere n'ibibazo bya buli kigero.

Kugira ngo iyo Programu ikulikizwe Ministeri zose zigomba kubihagurukira. Muli 1978 twakoresheje seminari kuli icyo kibazo. Iyo seminari yasanze hagomba kubaho:

1) Komisiyo ya za Ministeri igomba gutegura za programu, igakontrola za C.P.D.F.P. na za C.C.D.F.P.

2) Ikipi ihamye ya Prefegitura ishinzwe za C.C.D.F.P. zose za Prefegitura.

3) Ikipi ihamye y'abakozi ba Komini kuli buli C.C.D.F.P. igomba gukulikiza programu y'ihugura rya Komini.

4) Ihugura rya ba formateri ba za C.C.D.F.P. baturutse muli Ministeri nyinshi.

5) Kwegulira Prefe abakozi bose bakora muli Prefegitura ye no kwegulira Burgumestri abakozi bose bakora muli Komini ye kugira ngo bashobore kubashyira muli C.P.D.F.P. no muli C.C.D.F.P.

6) Kurebera ku ngero za Komini zifite za C.C.D.F.P. nka RUTSIRO, GITESI i Bubazi, NYAKABANDA, KIVUMU ku Rukoko na BWAKIRA mu Munzanga, MWEZI ya Cyangugu, GITI na RUTARE.

Ubwenge burarahurwa. Icyo Komini Nyakabanda, Rutsiro, Gitesi, Kivumu, Bwakira, Giti, Rutare, Karengera zagezeho, kuki izindi zo zitakigeraho ?

.../...

Intangiliro nuko abategetsi ba Komini babanza kumva ko iryo huguliro likenewe iwabo; hanyuma bakabyumvisha nabo bayobora; noneho bagahuliza hamwe imbaraga zose zili muli Komini kugira ngo babigereho, aliko bazi icyo bashaka n'icyo bagishakira.

KOMINE ZIZABIGERAHO ZONYINE ?

Mu makomine amwe n'amwe hagiye haba abagiraneza bifuza kubibafashamo. Aho ni ubuhoro. Ahandi ikibuze ni ugushaka politiki, ali ko kumva akamaro k'iryo huguliro. Ahandi uko gushaka kurahali uretse ko imilimo yagiye idindizwa n'iyubaka ry'amashuli y'imyaka ya 7 n'iya 8 ya réforme.

MINISTERI IWUSHINZWE IZAWUMARIRA IKI ?

Inkunga Ministeri y'Imizamukire y'Abaturage na za Koperative yabizeza ni iyihe ? Ntizabaha amafranga y'ubwubatsi kuko itayagira. Muziyambaza umuganda ushishikaliwe n'imfashanyo z'abagiraneza. Ministeri ibasezeranije kuzabahugulira abalimu n'abalimukazi muteganyije kandi mwiyemeje kuzahemba. Ministeri kandi izababonera ibikoresho. Bije ya formasiyo tuzayikesha FAO naho bije équipement izatangwa na UNICEF.

Ngibyo ibyo mbona mugomba kumenya kuli iryo huguliro rya Komine bigomba guhagurukirwa n'Igihugu cyose nkuko cyahagurukiye réforme y'irera ry'ibibondo byacu. Ahasigaye namwe mbahaye urubuga rw'ibibazo.

## I B I B A Z O

Q.1. - Ministeri y'Imizamukire y'Abaturage na za Koperative hali ukuntu iteganya gufasha Komini kubaka C.C.D.F.P. ?

R.1. - Projet yo guhugura abakozi bakoramo no gutanga ibikoresho yo irahali kandi izagerwaho. Naho kubaka uretse ko Ministeri y'Imizamukire y'Abaturage na za Koperative yabaha Pla Komini zigomba kwirwanaho.

Q.2. - Ibyo bigo byo kwihuguliramo Komini zirabyubaka aliko abakozi bo kubikoramo barabura kuko Ministeri y'Imizamukire y'Abaturage na za Koperative isa n'aho itabateganya.

R.2. - Abakora muli ibyo bigo ni abakozi ba Komini aliko bagomba guhugurwa bafatanyije na animateri.

## V. AGATABO "TUMENYE BANKI Y'AMAJYAMBERE Y'U RWANDA"

Ba Militants Bourgmestres,

Ndemeza ko mwese mwabonye udutabo twitwa TUMENYE BANKI Y'AMAJYAMBERE Y'U RWANDA twabohererеje mbere n'utundi twabohererеje nyuma tuvuga ibintu bimwe uretse ko two twanditswe mu kinyarwanda no mu gifransa.

Twandika ako gatabo twibanze cyane cyane ku kibazo abantu benshi bakunda kwibaza kuli Banki y'Amajyambere y'u Rwanda. Aliko kubera ko tudashobora kumenya ibibazo byose ikaba aliyo mpamvu twagarukiye kubyo twabonaga ali ngombwa kumvisha abatura-rwanda amatwara ya Banki y'Amajyambere. Ni uburyo bumwe twasanze bwatuma abantu bashobora kumva vuba akamaro ka Banki y'Amajyambere y'u Rwanda n'uko bashobora kuyitabaza mu mizamukire yabo bwite cyangwa se rusange. Bityo Banki igafasha abaturage gutera inkunga Leta mu mizamukire y'ubukungu bw'u Rwanda.

Muli ako gatabo twasobanuye mu magambo make amavu n'amavuko ya Banki y'Amajyambere tuyigereranya n'izindi Banki, umutungo wayo w'ishingiro, imigambi yayo n'ibyo yagezeho. Banki y'Amajyambere ni isosiyete yikulikiranirwa mu byo ikoze byose (S.A.R.L.) imaze imyaka icumi ishinzwe; ubu imali y'ishingiro igeze kuli miliyoni 416. Nyamara usanga abantu benshi badashobora kuyitandukanya n'izindi banki cyangwa n'Isanduku yo kuzigama. Izo zose zirabitsa kandi zikaguliza amafranga.

Izindi Banki, uretse Banki y'Amajyambere, zigamije ubucuruzi, zishakira igikorwa cyose cyerekeye kubitswa no kuguliza amafranga yishyurwa mu gihe gito ku buryo bwungura cyane. Ubwo rero iyo ushatse guhinga icyayi cyangwa kenkina, iyo ushatse gushinga uruganda cyangwa gutangira umushinga wose utinza isarura kandi udafite inyungu ihagije izo banki zindi ntiziwitaho.

Kubera ko Igihugu kidatungwa gusa n'ubucuruzi kuko butabaho nta musaruro kandi ko imishinga itinza isarura aliyo ilimo uburumbura gihugu nicyo gituma Banki y'Amajyambere ishyigikira iyo mishinga nk'iyo izana amafranga yo mu mahanga atuma dushobora kugura ibintu mu bindi bihugu, ituma ibyo twaguraga tubibona tutarushye, iha abene gihugu akazi; bityo iyo mishinga yose igafasha abaturage kwizamura na Leta igatsura amajyambere y'Igihugu.

Bene iyo mishinga itinza isarura usanga aliyo ikeneye gushorwamo amafranga menshi umuntu atakwibonera ku giti cye. Banki kugira ngo ishobore kubafasha ikoresha amafranga yayo y'ishingiro aliko kandi nayo ikunda kwitabaza indi miryango iguliza amafranga ali iyo mu Rwanda ali n'iyo mu mahanga kugira ngo igere ku ntego yiyemeje.

.../ ...

Nk'uko mwabisomye, ntawarondora ibyo Banki yagezeho byose. Yashyigikiye imishinga y'ubuhinzi, n'ubworozi, iy'inganda, iy'ubukolikoli, iy'amahoteli, mbese ibyerekeye kuzamura Igihugu byose ntiyabyibagiwe ikulikije ubushobozi bwayo.

Muli ako gatabo kandi twavuzemo uko Banki ihitamo imishinga ikwiye guterwa inkunga, uko banyirayo bagomba kuba bameze, uko Banki itanga amafranga n'ibiherekeza amasezerano y'ubuguze. Abantu benshi bashaka kumenya ibyo Banki ikulikiza kugira ngo ihitemo imishinga ikwiye kugulizwa. Kubera ko Banki igezwaho imishinga myinshi isaba inguzanyo igomba guhitamo. Buli gihe ifasha abantu (ali umuntu umwe cyangwa abifatanyije) bemera kwigomwa byinshi bakazigama, ikabongerera ikibuze ku mutungo bazigamye kugira ngo igikorwa bifuza kugeraho cyuzure. Umuntu yakwibaza ngo amafranga umuntu (cyangwa abifatanyije) yaba yarazigamye ni angahe ? Byose biterwa n'imiterere y'umushinga, ni ukuvuga rero amafranga yose azawugendaho, umwanya ufite mu burumbura gihugu, akamaro uzagilira abaturage ubakomorera akazi. Konshi Banki isaba ko uruhare rw'usaba kugulizwa rutajya munsi ya mirongo itanu kw'ijana by'amafranga azatangwa ku mushinga aliko hali imishinga ishobora gusabwa uruhare ruli munsi ya mirongo itanu kw'ijana bitewe n'uko bene kuwutangira badafite amafranga ahagije aliko ukaba wuzuye uburumbura-gihugu. Iyo mishinga ni nk'iyo ubuhinzi ngandura-bukungu, inganda za rutura cyangwa indi mishinga ifitiye Igihugu akamaro kanini kandi kagaragara.

Ubundi Banki isaba ko uguza aba adafite imyenda ahandi, aba afite ingwate zihagije (garanties) kandi aba afite ubudakemwa n'umurava.

Ibyerekeye kugulizwa no kwishyura byasobanuwe bihagije muli ako gatabo. Aliko tubibutse ko Banki itera inkunga imishinga yerekeye ubuhinzi, inganda, ubukolikoli, n'ibya tourisme ndetse n'ubucuruzi bw'ingirakamaro, ireba rero niba iyo mishinga igamije uburumbura-gihugu; ishobora kandi no gushakira abatura-gihugu imishinga myiza yo gushoramo imali. Iyo umushinga umaze kwigwa, Ubuyobozi Bukuru bwa Banki buwushyikiliza Inama y'Ubutegetsi mu nyandiko ivuga uko uwo mushinga uteye, ukuntu uzashobora kwishyura umwenda n'akamaro ufitiye Igihugu.

Mbere y'uko amafranga agulijwe atangwa, akenshi Banki ibanza kureba ko nyili ukugulizwa yabanje gukoresha ay'umwihariko. Iyo nyili ukugulizwa yarangije gukoresha aye Banki itangira kumuha kuy'inguzanyo buhoro buhoro kugira ngo hatagira ifranga likora ikindi kiterekeye uwo mushinga wateganyijwe.

Uburebure bw'igihe cyo kwishyura buterwa n'uburumbuke bw'umushinga n'umubare w'amafranga yagulijwe; icyakora iyo uburumbuke ali bwinshi amafranga yishyurwa mu gihe gito.

.../...

Banki y'Amajyambere n'ubwo idakora nk'indi miryango iguza amafranga icyo zihuliyeho ni inyungu y'amafranga yakwa ku mafranga yagulijwe. Aliko ugereranije usanga Banki y'Amajyambere yaka inyungu nkeya cyane. Banki ica nyili ukugulizwa amafranga y'urwunguko ikulikije ubwoko bw'umushinga n'igihe inguzanyo izamara. Imishinga yerekeye uburumbura gihugu icibwa make kurusha imishinga y'ubucuruzi. Iyo kandi amafranga azishyurwa mu gihe gito nabwo urwunguko ruba ruke. Ibyo alibyo byose Banki ntiyaka amafranga y'urwunguko ali hasi ya 8 % kandi ntarenza 13 %. Iyo hali amafranga atinze kwishyurwa ku nyungu zavuzwe haruguru hiyongeraho 4 % hashize iminsi 30 uhereye umunsi yagomba kwishyulirwaho.

Muli ako gatabo twavuzemo kandi n'ukuntu Banki ikulikirana imigendekere y'imishinga yateye inkunga igira inama nyili ukugulizwa kugira ngo umushinga ukomeze kugenda neza uzagilire Igihugu akamaro kandi na Banki yishyurwe. Halimo rero n'uko Banki yishyuza ikitaraganya iyo uwishyura atabikoze igulisha ingwate zatanzwe, byose binyuze mu mategeko y'ubugulizwe.

Nkuko twabasabye uzasoma ako gatabo wese ndakeka ko namwe mukugasoma mwaba mutaranyuzwe n'ibisobanuro mwasanzemo mukaba mufite ibibazo kuli Banki y'Amajyambere y'u Rwanda. Ndabasaba kubibaza nanjye mbasezeranije kugerageza uko nshoboye mbisubize, ibidashoboye kubonerwa ibisubizo ndabyandika nzabigeze ku Umuyobozi Mukuru wa Banki hanyuma tuzabisubize mu nyandiko.

## I B I B A Z O . -

Q.1. - Banki y'Abaturage kugira ngo ishingwe bigomba guturuka ku baturage b'amasegiteri, b'amaselire, kuki mubacamo ibice kandi Komini ali imwe ntimubareke ngo babe abanyamuryango bose ?

R.1. - Banki y'Abaturage ni Koperative igomba gukorera mu karere gatoya kugira ngo ba membres b'akanama k'ubutegetsi bamenyane kandi bagulize abantu bazwi neza. Abo bantu rero bagomba kuba begeranye.

Q.2. - Komini zirakennye n'Igihugu kirakennye. Kuki Banki zili mu Rwanda zitatuguliza amafranga azishyurwa mu gihe kirekire nk'imyaka 50 ?

R.2. - Banki z'Abaturage ntizabishobora kuko amafranga zifite ali make kandi tugomba kuyasaranganya mu banyamulyango.

Banki y'Amajyambere y'u Rwanda (B.R.D.) yo yashobora kuguliza amafranga Komini zagira umushinga w'uburumbura gihugu aliko nawo ntugomba kurenza imyaka 10.

****************************************

Kuwa kabili taliki ya 9 Nzeli I980

Kuli uwo munsi ba Burgmestri basobanuliwe ibyerekeye:

I. Uruhare rw'Icyayi mu majyambere y'u Rwanda;

II. Ubuhinzi bwa Kawa;

III. Imigambi y'Ubuvuzi mu Rwanda;

IV. Ubwiteganyilize bw'Abakozi;

V. Gutanga amaraso.

I. URUHARE RW'ICYAYI MU MAJYAMBERE Y'U RWANDA

Ba Militants Burgmestri,

Ntawashidikanya ko icyayi ali kimwe mu bihingwa ngenga bukungu kimaze kwamamara mu turere twinshi tw'u Rwanda gishobora kweramo: giteye mu ma Komini arenga 30 mu ma Prefegitura 6 y'u Rwanda.

Kuva mu mwaka wa 1950 alibwo abazungu ba mbere batangiye guhinga Icyayi mu Bigutu h'i Cyangugu kugeza ubu, ubuso ndetse n'umusaruro w'Icyayi byaliyongereye cyane: ubu dufite inganda ndwi zikora icyayi alizo: 1. MULINDI (Byumba)
2. SHAGASHA (Cyangugu)
3. PFUNDA (Gisenyi)
4. GISAKURA (Cyangugu)
5. KITABI (Gikongoro)
6. CYOHOHA (Byumba)
7. RUBAYA (Gisenyi

Uyu mwaka kandi izindi nganda ebyili zizuzura:

8. NYABIHU (KARAGO-GICIYE) (Gisenyi)
9. MATA (Gikongoro)

Mu myaka ibili itaha:

10. GISOVU (Kibuye) nayo izaba yuzuye, zizaba zibaye icumi.

Ibyerekeye ubuso n'umusaruro mu mpera z'umwaka w'I979, hali hegitari 8.500 zihinze mo Icyayi naho umusaruro wali hafi ya toni 5.700. Uyu mwaka turateganya umusaruro w toni 7.000.

Ba Militants Burgmestri

Muli iki gice cya kabili, ndagirango turebere hamwe bimwe mu bikorwa by'amajyambere bizanwa n'imishinga y'Icyayi:

/...

- IMIHANDA: Imishinga y'Icyayi iharuza imihanda myinshi mu turere ilimo bigatuma abahatuye bashobora kugenderana bitabaruhije cyane: Urugero: nk'umushinga wa RAMBA-GASEKE wakoze ibirometero 108 by'imihanda kandi imyinshi ili mu giturage.

- IBIGO BYO KUJIJURA, KUVURA NO GUFASHA ABATURAGE:
  Muzi nk'amashuli, dispenseri byo ku Mulindi; Centre de Santé yo mu Gisakura; Ibiro bifasha abaturage kwizigamira muli Karago-Giciye (Jenda).

- AMASHYAMBA;
  Imishinga y'Icyayi yihatira gutera amashyamba mu turere ilimo. Ntawe uyobewe akamaro k'amashyamba: avamo inkwi zo gucana ndetse n'ibiti byo kubaza.

- GUTANGA AKAZI N'IMILIMO:
  Imishinga y'Icyayi itanga imilimo myinshi cyane ikinjiza amafaranga menshi mu karere ilimo, tuvuge nk'akarere ka Mulindi, buli kwezi projet ihinjiza amafaranga arenze miliyoni 13. Uretse kandi ayo mafaranga ahembwa, umuturage wihingiye Icyayi abona andi mafaranga iyo agulishije Icyayi kuli Usine: Ikilo cy'Icyayi kibisi kigulishwa amafaranga 13. Ubundi Icyayi gifashwe neza kandi gihinzwe mu mulima mwiza gishobora kuzanira umuturage amafaranga ali hagati y'ibihumbi 15 na 20 kuli ares 25 (mu mwaka)

  $$\frac{6.000 \text{ kgs F.V.} \times 13 \text{ Frs/kg F.V.}}{4} = 19.500$$

  Abakozi bose bakora mu mishinga y'Icyayi barenze ibihumbi 20 utabaliyemo abikorera mu masambu yabo bwite.
  Ntawakwibagirwa ko Icyayi gikulikira Ikawa n'amabuye y'agaciro mu kwinjiza amafaranga akomeye y'amanyamahanga (devises) mu Rwanda.

Ba Militants Burgmestri,

Ntawahakana akamaro imishinga y'Icyayi ifitiye abaturage b'uturere ilimo ndetse n'Igihugu cyose. Nyamara hali ingorane nyinshi iyo mishinga ihura nazo. Turebe zimwe muli zo:

- Akenshi mu ntangiliro y'umushinga abaturage basa n'abadashaka kuwitabira.
- Abahinga Icyayi bafite indi milimo, bamara kugihinga bakagitererana, ibyo bikabera abandi urugero rubi kandi Icyayi cyatewe ku mafaranga agujijwe na Leta kikangilika. Nyamara kandi alibo bagombye gutanga urugero.
- Hali abahinga Icyayi bishyize hamwe hanyuma hakazamo umwete muke no gusigana muli bamwe muli bo.
- Hali n'ingorane zituruka ku bushobozi buke bwa Usine iba idashoboye kwakira Icyayi cyose cyangwa se bagatangira gusarura itaruzura.

/...

Ba Militants Burgmestri,

Turebere hamwe noneho bimwe mu byo icyayi gikeneye kugira ngo gikure neza kandi ngo kigire umusaruro uhagije:

- Kugihinga mu butaka bwiza kandi burebure;
- Kubona imvura ihagije x 1.200 mm;
- Kutagira ibindi bihingwa bavangamo, cyane cyane ibishobora gutuma bangiza imizi yacyo igihe babisarura (ibirayi, ibijumba,...);
- Kugifata neza: kukibagalira, kugisasira no kugifumbira;
- Kumva no gukulikiza amabwiliza y'Abagronome mu byerekeye kugikonda, kugikata, gutera ifumbire, gusarura n'ibindi.

Ba Militants Burgmestri,

Mbere yo gusoza iki kiganiro cyacu, ndagirango mbibutse ibi bikulikira:

- Intego Leta iba igamije mu guhingisha icyayi mu karere aka naka, ni ukugira ngo abahinzi bo mu turere tuteza kawa cyangwa ikindi gihingwa ngenga bukungu babone uburyo bwo kuzamura imibereho yabo mu byerekeye ubukungu, cyane cyane kugirango babone udufaranga bakeneye aho kujya kuyapagasa mu mahanga. Intego ya kabili ni ukugirango Igihugu gishobore kubona amadovize (amafaranga y'amahanga)gikeneye kugirango gishobore gutumiza ibicuruzwa bya ngombwa mu mahanga.

- Amenshi mu mafaranga ashorwa mu mishinga y'icyayi tuyahabwa n'ibihungu by'inshuti ibyiza iyo mishinga izanira abaturage twabivuze bihagije: imihanda, amavuliro, amashuli n'ibindi.

- Icyo twasaba bamwe muli mwe batuliye imishinga nk'iyo ni ugufasha abayobozi bayo kumvisha abaturage ko ibyo bikorwa bagomba kubifata neza: Abahinzi b'icyayi rero bagomba kwiyumvisha kurushaho ko bategetswe gukorera icyayi cyabo kuko iyo bagitereranye baba biyangiliza kandi bangiliza n'Igihugu cyose. Twese rero dufatanye gushyigikira iyo mishinga no kwongera umusaruro w'icyayi mu Rwanda.

/...

## II. UBUHINZI BW'IKAWA

### A. AKAMARO K'IKAWA MU BUKUNGU N'IMALI BY'IGIHUGU

Ikawa ni Igihingwa cy'ingira-kamaro cyane kuko kizanira Igihugu cyacu amadevize menshi, hafi mirongo itandatu kw'ijana, kandi no muli budget ya Leta ikawa ifitemo uruhare runini.

Ikawa ituma kandi abayihinga babona amafaranga yo guhaha mu masoko no kugira icyo bateganyiliza iminsi mibi. Ni byiza rero kwita kuli icyo gihingwa ngenga-bukungu kugirango umusaruro wiyongere cyane.

### B. IBYO ABAHINZI BAGOMBA GUTUNGANYA MU BUHINZI BWA KAWA

#### 1. Uturere bagomba kuyihingamo

Ikawa ntiyera ahabonetse hose. Ikunda uturere duteganye kandi duhanitse hagati ya metero 1.400 na metero 1.800 (niveau de la mer). Yuzura n'isi ndende, izira ubutaka bwa giseseka, ikuzura n'ubutaka bufite imborera. Izirana n'impeshyi ndende n'imbeho rugeretse, ikuzura n'uturere tutabura imvura birenze amezi abili n'igice.

Ikawa ikunda ahantu hagwa imvura ili hagati ya milimetero 1500 na milimetero 2000 mu mwaka.

#### 2. Gutera ikawa

Itera lyayo liba ku muhindo kandi mu minsi y'imvura. Bagomba gutera ingemwe zivuye muli pépinière igenzurwa na OCIR. Byaba byiza umulima uzaterwamo ikawa ubanje guhingwamo indi myaka nibura limwe kugira ngo urwili cyangwa ibindi byatsi bibi bihacike kandi n'ubutaka bworohe.

Igihe basubiza itaka mu myobo mbere yo gutera ligomba kuvangwa n'ifumbire nziza nibura ingana na kimwe cya kabili cy'umwobo kandi bakilinda gusubizamo igitaka babona ali kibi. Umwobo ugomba kuba ufite centimetero 60 mu mpande zose. Iyo bamaze gutera ikawa bagomba kuzisasira kugira ngo ubutaka butuma cyangwa bugatwarwa n'isuli.

#### 3. Nyuma y'itera

Kugeza ubu nta bundi buryo bwakoreshejwe bwo kongera umusaruro uretse kwongera umubare w'ibiti. Niyo mpamvu abashinzwe ubuhinzi bose bagomba kumvisha umuhinzi ko ali ngombwa kongera umusaruro ahinga bya kijyambere ngo yeze byinshi mu milima mike afite.

/...

a) Kwita k'ubutaka

- Kubagara: ubulyo bwiza ni ukurandura ibyatsi n'intoki kugirango batangiza imizi y'ikawa.

- Gusasira: Isaso ifitiye umulima akamaro kanini kuko ilinda isuli, ituma amazi atinda mu butaka kandi ikavamo ifumbire. Ikawa ikenera isaso nyinshi nka centimetero 50. Ikawa idasasiliwe, ntibagarwe, ntibona ibiyitunga bihagije, kandi ibura n'amazi yo kubikwiza mu bice byayo byose, bityo imbuto zijeho zikaba ibihuhwe.

b) Gufumbira
Kubera ko kawa ikura ibiyitunga mu butaka, ni ngombwa gusubiza ubwo butaka buli gihe ibyavuyemo. Muti dute? Dushyizemo isaso n'ifumbire bishobotse tugasaba abegereye aho batonorera kawa gukoresha ibishishwa aho kuboreraho ngo bibure akamaro. Gukoresha ifumbire ya kizungu nabyo byagira akamaro. Aliko irahenda ubu, igatuma n'umusaruro wiyongera iyo umuntu yasasiye neza.

4. Uburezi bw'Igiti

a) Gukata kawa

Gukata kawa biyitera gukomera bigatuma ibice byayo by'ingenzi bikura neza n'umusaruro ukarushaho kwiyongera. Ni umwe mu milimo ya ngombwa kandi ugomba kwitonderwa kuko akenshi aliwo ugena umusaruro. Iyo utitaweho mu minsi ya mbere usanga abagenewe kwamamaza ubuhinzi bahura n'ingorane. Niyo mpamvu byaba byiza abantu bo ku murenge bajya babikorera hamwe bayobowe n'impuguke mu iby'ubuhinzi bwa kawa kugira ngo uwo mulimo w'ingenzi utunganywe neza.

Ubundi kawa igizwe n'igiti gihagaze kikagira amashami agenda ateganye abili abili nayo akagira andi ayashamikaho kuli ubwo buryo. Ayo mashami rero hali ubwo yiyongera birengeje urugero cyangwa akabangikana n'ibyana bishibukira munsi yayo bita "ibisambo" bigomba kuvanwaho buli gihe. Ibyo bigaragara cyane ku kawa zititaweho cyane. Bene iyo kawa iyo yeze usanga ili mu gishishwa ali igihuhwe, ubwo rero umusaruro ukagabanukiraho. Gukata kawa ni ngombwa kugirango amashami akomeze kugira amahuliro n'umubyimba wayo bityo umusaruro ukiyongera.
Iyo kawa imaze umwaka umwe itewe, imaze gufata neza, barayigonda, mu gihe gito ikazashibuka ibyana (ibitsina) hejuru y'imerero lyayo bazaterekamo bitatu bizera umusaruro utubutse.

/...

Mu mwaka ukulikiraho niho batoranya ibyo bitatu biteganye neza (hafi y'ubutaka) bakaba alibyo basigaza ibindi bakabikata hanyuma bagatema na nyina nyuma yo kuyisaruraho bwa mbere.
Mu myaka ikulikiraho bagenda bakata amashami yo hasi yarangije kwera kugira ngo asigaye arusheho kumererwa neza no kwera cyane. Ayumye cyangwa ayegeranye cyane nayo aratemwa kugira ngo ahane intera ingana n'umubyimba w'intoki ebyili zo hagati.

Mu mwaka wa 8 cyangwa mbere yaho iyo ibiti bimaze kureshya na metro 3:
* Ibiti bibili biratemwa hagasigara kimwe.
* Mu bishibutse hasi baterekamo bitatu byiza bisimbura ibimaze gusaza bikazaba alibyo bisarurwa kugeza igihe bizasazira bigasimbuzwa ibindi.

Mu mwaka ukulikiraho niho batema icyo kimwe cyali gisigaye bityo bikabisa ibyo bitatu bikili bito bitezweho umusaruro mwiza.
Bityo ikawa ihora ali ntoya abahinzi bayo bakulikije izo nama, kandi bagafata neza ubutaka iteyemo.
Ibyo biti bikomeza gukaragirwa buli mwaka nk'uko byavuzwe haruguru kugeza igihe byongeye gusaza bigasimburwa kuli ubwo bulyo.
Kuvugurura kawa zishaje kurubwo bulyo, ni ngombwa kugira ngo zizabashe gukomeza kwera neza imyaka itaha. Byongeye kandi, kawa idakase bihagije niyo usanga yuzuyemo twa dusimba tuyangiza kuko igihe batera umuti ayo mashami menshi awubuza kwinjiramo nk'uko abuza igiti uruhumekero.

b) <u>Gutera umuti</u>

Ntawe uyobewe ko hali udusimba dukunda kwihisha mu giti cya kawa, tukayirya uruteja, bityo tukayitera ubusembwa buyangisha abaguzi bayo. Umubare w'utwo dusimba ugenda uhinduka bikulikije uturere.

Udukoko twiganje mu Rwanda n'utwo bita ubusulira (Antestia) ali natwo hose bahagurukiye kurwanya batera imiti.

Ubusulira bukunda kuba ahantu hali igicucu, niyo mpamvu bwibera cyane mu biti bya kawa bifite amababi n'amashami menshi n'imbuto nyinshi alizo bwilira. Mu gihe cy'impeshyi, umuyaga ugurukana utwo dusimba (udukoko) ukaba watujyana kure tugatera iyindi milima nubwo yaba yaratewe umuti. Niyo mpamvu imiti igomba guterwa mu gihe kimwe kandi igaterwa vuba ku bulyo buhagije.

Ubusulira bwangiza kawa cyane. Agasulira kalya imbuto ya kawa ikili igitumbwe kagashyiramo amacandwe yako akayishongesha noneho kakanyunyuza iyo mishonge. Imbuto kaliye gatyo zirononekara cyane bigatuma umusaruro ugabanuka.

.../...

Udusulira dutanu tugabanya umusaruro ho 20 kw'ijana (20%) Iyo nta mbuto ziliho, ako gasimba karya imitwe y'amashami mato n'amababi bigatuma igiti kidakura, amashami n'amababi ameze nabi akacyuzuraho naho ururabo n'imbuto bikagabanuka.

Ubulyo bwo kurwanya ubusulira:

Utwo dukoko baturwanya igihe batera imiti mu makawa. Imiti ibushobora niifu ya DDT 10% ENDOSULFAN 4% - SEBAYCID 3% na SUMITHION 3%. Kera mu Rwanda bakoreshaga DDT 10% kubera igiciro cyayo cyiza aliko ibihugu byinshi ntibikiyikoresha niyo mpamvu kuva mu mwaka wa 1977 mu Rwanda nabo bahisemo SUMITHION 3%.

Imiti bayitera mu mpeshyi (Nyakanga - Kanama) kuko iyo miti ihuye n'amazi ishira ubukaka bwayo. Umuti uterwa inshuro ebyili, hagati y'inshuro n'indi hali/ibyumweru bibili cyangwa bitatu. Inshuro ya kabili ni ukugira ngo udukoko twavuye mu magi yaba yarasigaye batera ubwa mbere dupfe; kuko umuti utica amagi. Buli nshuro ni grama 10 ziterwa ku giti (ikiyiko kinini).

Nkuko twabivuze mu gukata kawa no gutera imiti, abantu bo ku murenge umwe bali bakwiye kumvikana bagaterera hamwe bayobowe na Monagri. Kubera ko Komini ifite akanama k'impuguke, byaba byiza ko abagize ako kanama bakora programu yo gutera umuti no gukata kawa bakulikije segiteri na serile.

* Muzi kandi ko OCIR itanga ibikoresho byo guteza imiti no gukata kawa buli mwaka: " Imikasi, Inkerezo, Impombo na Procall". Aliko rero ntitumenya aho ibyo bikoresho bigana kuko nta Inventaire ikorwa. Niyo mpamvu ba gronome bagomba kubikorera inventaire bikabikwa ahantu hazwi mbese nko ku biro bya Komini cyangwa bya segiteri. Ibipfuye bigomba kumenyeshwa OCIR ikohereza ababisana.

Twiyemeje rero ko muli buli Komini hashyirwa Moniteri Agri umwe wo kwita kuli Magasin ibikwamo ibyo bikoresho hamwe n'ibikwamo umuti ni nabo bazita no ku mamashini ahera kawa.

Kandi twandikiye ba Burgumestri bose kugira ngo batubwire ahantu bafite amangazini abikwamo imiti. Twizeye ko mwese mwabitanze.

5) Isarura

Kugira ngo kawa lyohe igomba gusarurwa ihishije neza, ibyo ubibwirwa n'ibara ryayo. Kawa ihishije usanga ifite ibara ry' umutuku w'amaraso. Kawa isaruwe idahishije neza ibishya izindi ikazambura igikundiro abaguzi bayo bazishakaho. Kawa aliko ntigomba guhisha birenze urugero kuko ibyo nabyo bituma itagira uburyohe yali kugira; ubwo iba yatangiye guhuguta.

.../...

Ibigomba kwitonderwani ibi:

- Kutavanga kawa nziza n'izumiye ku biti cyangwa gutoreramo izahungukiye hasi, ahubwo izo zigomba gutwikwa;
- Gutandukanya kawa nziza n'iziteze neza cyangwa nizarengeje urugero;
- Kuzijyana ku cyuma, kuzitonora umunsi zasaruweho, byatinda zigatonorwa mu gitondo gikulikira, iyo icyo gihe kirenze bituma kawa ibiha bikayiha n'impumuro mbi itewe n'uko iba itangiye kugaga.

6) Gutonora (guhera kawa).

Hamaze kubakirwa imashini zitonora kawa zigeze kuli 700, ikawa niho zitonorerwa ubu. Muzi ko izo mashini ziduhenda cyane. Niyo mpamvu zigomba gufatwa neza cyane igihe cyose cyane cyane igihe cy'ihera.

Buli mashini ifite umulinzi wayo kandi igihe zitameze neza abo twigishije kuzisuzuma bagomba kubitumenyesha bidatinze. Iyo zitogejwe nyuma yo kuzikoresha usanga zuzuyemo umwanda ukurura udukoko dushobora kunutsa kawa. Uwo mwanda utera kawa kugira icyanga cy'ibirayi bibisi, gikomoka ku bwoko bw'isazi usanga zitumuka ku bishishwa biba byandagaye iruhande rw'izo mashini cyangwa mu byobo bikabije kuba hafi yazo.

Umulinzi utita ku mashini ashinzwe agomba kuvanwaho hakajya umurusha umwete.

Buli munsi nyuma yo gutonora kawa, imashini igomba kwozwa, igasigwa amavuta.

Ikindi kandi, hali centres z'amamashini zimeze nabi, ugasanga zidasakaye cyangwa pavement yarasenyutse cyangwa zitubakiye na busa kandi OCIR yaratanze ibya ngombwa byo kuzubakira (Imashini, Sima, Umufundi). Iyo duhaye Komini imashini aba ali umuganda tuyitije, nayo rero igomba gushyiraho akayo. Komini igomba gusiza, gutanga umucanga, amabuye, amatafali, ibiti n'amategura cyangwa amabati byo gusakara.

OCIR itanga imashini, sima yo kubakisha ikaliha n'umufundi uyubakira. Birababaje rero kubona OCIR yohereza sima igakoreshwa indi milimo. Iyo mushaka kubakira imashini nshyashya mukorana amasezerano n'umufundi ubizi.

Agronome wa Komini akorana contrat akayisinya na Burgumestri agasinya agateraho na cachet. Umufundi avuga igihe azarangiliza kubaka, yarangiza mukareba niba yubatse neza akabaha na garantie ko niba isenyutse mbere yiyo garantie azayisanira ubusa. Byose byarangira agakora facture itarenze amafaranga 6.000 ku mpapuro enye akayisinya, Agronome akayisinya, Burgumestri nawe akayisinya agateraho na cachet. Hanyuma facture, amapatano n'attestation yerekana ko imilimo yarangiye bikoherezwa muli OCIR. Naho ibyerekeye gusana amacentre ngira ngo twabibabwiye bihagije mu ibaruwa yacu n° 31/BJ/MH.E yo kuwa 5/01/1979 cyane cyane muli annexe yayo page I kugeza page 15.

.../...

Abenshi ntibabikulikije, sima yaraliwe indi yumira ku biro bya Komini indi abafundi barayitwalira. Rwose izo mashini ni izanyu nimuzifate neza.

7) Kuronga

Uruhande rwa buli mashini hali utubumbiro tugomba gukoreshwa umulimo tugenewe. Kawa zigomba kurongwa kugeza igihe zitakinyerera, zitagifite umurenda na busa. Iyo kawa zanikanywe umurenda bizikurulira indi nenge nini yo kunuka bene kuzinywa banga cyane. Ntibihagije rero kuzitonora gusa zigomba kurongwa neza. Ni ngombwa ko kawa ziva ku mashini zironze kwitwaza ko zirongerwa imuhira sibyo kuko amazi mu rugo ali imbarwa (aba adahagije) bigakubiraho n'indi milimo.

8) Kwanika

Mu milimo kawa zikorerwa, uwo kwanika nawo ni ngombwa kandi urakomeye cyane kubera ko akenshi kawa yera igihe cy'imvura. Abafite utuyungiro two kwanika kawa bagomba kudufata neza, kutugilira isuku bakilinda kudukoresha indi milimo uretse uwo kwanika kawa.

Abatadufite nabo ntibagomba kwiheba kandi nibo benshi. Bagomba kugura ibidasesa, intaro zisanzwe cyangwa ibirago maze bakajya alibyo banikaho kawa zabo ahantu heza habigenewe.

Ikintu cyanikwaho kawa kigomba kuba gifite isuku ihagije. Ibyo bikoresho bigomba kumanikwa ku rutara rwabigenewe igihe bikoreshwa kugira ngo umwuka ushyushye ucengeremo neza kandi bidahura n'ubutaka. Ibifite impande enye nibyo byiza.

Iyanikwa lya kawa ligomba kwitonderwa; alibyo kuvuga ko batagomba kubikerereza kuko byashobora kuzitera uruhumbu alirwo mpumuro mbi twanga. Aliko kandi bagomba kuzilinda kwiyasa no kuzitinza ku zuba zikimara kurongwa.

Igihe zimaze kurongwa bagomba kuzanikiliza ku kazuba gake bityo uko zivamo urubisi bakajya barushaho kuzitinza ku kazuba; ibyo bikaziha kugumana ibara lyiza bazishakaho kandi zitiyashije.

Mu magambo make, dore ibya ngombwa byo kwitonderwa igihe cyo kwanika:

- Mu ntangiliro bilinde kuzirundanya, ahubwo bazitaraganye;
- Boye kuzanika hasi gusa, cyangwa se ku bintu byanduye;
- Bilinde kuzihunika zitaruma neza;
- Bareke kuvanga kawa zitumiye limwe;
- Bilinde kuzibika ahantu cyangwa se ku bintu bitose by'infungane kuko zagwa uruhumbu.

.../...

U m w a n z u r o :

Ntawashidikanya ko imilimo igomba gukorerwa kawa kuva bayihinga kugeza mu gihe zumye bwo kugurwa itoroshye. Nyamara kandi ntawakwirengagiza ko idakulikijwe neza byatuma kawa yacu ita agaciro mu masoko y'isi yose.

Abategetsi, abamamaza ubuhinzi twese hamwe duhagurukire gufasha abahinzi kuvugurura umusaruro w'ikawa zabo. Tubafasha gukulikira ingingo zose zavuzwe haruguru. Bityo bazatera imbere ku giti cya buli wese no kuli bose hamwe.

" ABAHINZI BA KAWA MURUSHEHO KWITA KW'IKAWA YANYU KUGIRA NGO IDATA UBURYOHE BWAYO".

IBIBAZO N'IBISUBIZO

1. Ba Monagri bahembwa na OCIR amafaranga yabo ngo azajya anyura kuli Agronome wa Prefegitura aho kuza kuli Komini nkuko bisanzwe. Murabona bitazadindiza imilimo?

R. Ibyo byatewe nuko hali amakomini abona ayo mafaranga akayikoresheereza mu yindi milimo, bene kuyahembwa ntibayabone.

2. Muli iki gihe Thé villageois yafashwe nabi aho abazungu bagendeye kuko abaturage batagihabwa ifumbire.
Usanga ubu rero umuturage ntacyo abona ahubwo usine aliyo yunguka.
-Muli Prefegitura ya CYANGUGU hagombye igiciro cya kilo cy'ikawa bihaliye bitewe nuko ali kure cyangwa bakahashyira ka succursale ka Rwandex.
-Abatali muli zone ya Kivu amakawa yabo OCIR-CAFE ntiyitaho, bizagenda bite?

R.-Izo za thé villageois ni za Coopératives zemewe na Minasocoop ubwo rero zikaba zigomba kwimenyereza kwirwanaho.
-Ibyo by'igiciro cyihaliye muli CYANGUGU ntibishoboka kuko twasanze abacuruzi b'i CYANGUGU bizanira ikawa i Kigali hali ibindi bintu baje kwigulira.
Bagombye guha kawa zose Trafipro yo yabiherewe uburenganzira.
-Ibyo nta kundi twabigenza kuko ako karere aliko kaduha umusaruro munini wa kawa mu Rwanda hose, aliko si ukuvuga ko iz'ahandi twazirengagije.

3. Komini zeramo icyayi zo ntizikwiliye guhabwa amaparseli noneho ahera ikawa naho zigaterwa mu muganda?

Nka Komini Nkuli yali ifite icyayi OCIR irakiyambura.

R. Ibyo byaba ali byiza aliko Komini nazo zasaba nk'abandi. Naho icyo kibazo cya Komini Nkuli nuko twasanze icyo cyayi kitasigara hagati ya bloc industriel.

4. Habonetse imashini zikorwa n'abaturage b'abanyabukolikoli. Izo mashini zitonora mwe muzitekerezaho iki?

R. Abatekinisiye bo muli OCIR bazaza kubisuzuma gusa nuko abazikora bangiza iza OCIR kugira ngo bibonere amafaranga menshi; nidusanga zaba nziza, tuzatanga uburenganzira bwo kuzikoresha.

* * *

*

## III IMIGAMBI Y'UBUVUZI MU RWANDA (MINISANTE)

### I. INTANGILIRO

Ba militants ba Mouvement Révolutionnaire iharanira amajyambere y'Igihugu, Mbanje kubagezaho indamutso ya Ministri w'Ubuvuzi utashoboye kwiyizira kubera imilimo yihutirwa yamutunguye. Ni indamutso ya buli mu militante na buli mu militant: "Ubumwe, amahoro, amajyambere".

Mboneyeho kandi no gushimira Ministeri y'Ubutegetsi bw'Igihugu, yatekereje ko mu rubuga nk'uru rwaba Burgumestri, Ministeri y'Ubuvuzi yahabwa umwanya wo kurebera hamwe n'abashinzwe kuyobora abaturage imigambi ubuvuzi bukwiye kwitaho, kugira ngo abaturage bagire ubuzima bwiza.

Nkaba mbashimira namwe kuba munteze amatwi, kandi mukaba muli bunangezeho ibyifuzo byanyu, kugira ngo ubuvuzi bubashe gutera imbere mu Rwanda, cyane cyane mu byaro.

Mbere yo kubabwira imigambi y'Ubuvuzi, nagira ngo mbibutse ko Ubuvuzi mu Rwanda, bugendana n'Ubuvuzi kw'isi. Akaba aliyo mpamvu imigambi y'Ubuvuzi, akenshi yita kubyo amanama mpuzamahanga y'ubuvuzi yagezeho.

.../...

Mu nama y'umulyango mpuzamahanga wita ku buzima kw'isi yose, yabereye Alma-Ata muli 1978 aho ni mu Burusiya, hakoraniye abahanga bazobereye mu buvuzi, basanze ko nta kundi ubuvuzi bushobora gutera imbere, budashingiye ku baturage aribo mbaga nyamwinshi. Bavuga ko ubuzima ali ubwa bose, kandi ko buli wese agenewe kwita k'ubuzima bwe bwite, akita no ku buzima bwa bagenzi be, murumva ko rero, ubuvuzi budakwiye kuba umulimo w'abaganga gusa, ahubwo ali umulimo wa buli wese akaba aliyo mpamvu, Ministeri y'Ubuvuzi, ibifashijwemo n'izindi za Ministeri, yifuzako inyigisho nk'izo zo gufata neza ubuzima, zikwiye gucengera muli buli rwego rw'Ubutegetsi. Komini niurwego rw'Ubutegetsi rwegereye abaturage, kandi Komini niyo shingiro ly'amajyambere. Nagirango mbibutse ko iryo vugururwa lishya mu buvuzi atali igitekerezo gishya mu Rwanda kuko muli diskuru programu yo kuwa 1 Kanama 1973, Nyakubahwa Militant Général-Major HABYALIMANA Juvénal, Président wa Republika, Président Fondateur wa M.R.N.D. yagize ati: "Ubuvuzi bugomba kwita cyane cyane kuli rubanda nyamwinshi, abana, ababyeyi n'abakozi". Tukaba dukomeza kwizera ko intego ya za Ministeri z'ubuvuzi kw'isi yose, ikaba niy'umulyango mpuzamahanga wita ku buzima kw'isi yose, aliyo "UBUZIMA BWIZA KULI BOSE MUW'I 2000 (Santé pour tous en l'an 2000) izagerwaho dufatanije n'inzego zose z'ubutegetsi, cyane cyane inzego za Komini.

II. <u>Imitunganilize y'Ubuvuzi mu Rwanda mu magambo avunaguye.</u>

Ku byerekeye ubuvuzi, u Rwanda rufite hafi Ibitaro 25, Centres de santé 63 n'Amavuliro mato twita Dispensaires 178. Mu mitunganilize y'ibyerekeye Ubuvuzi mu gihe tugezemo, Ubutegetsi bw'Igihugu bushaka ko muli buli Komini, amavuliro (dispensaires) yahindurwamo Centres de Santé. Mu by'ukuli izo Centres de Santé zifite akamaro kanini kurusha Amavuliro asanzwe kuko zitavura gusa, ahubwo zigomba no kujijura abaturage mu byerekeye kwilinda indwara, mu mikorere rusange kuko alibwo buryo bwiza bwatuma Ibihugu bikili mu nzira y'amajyambere bigera ku buzima bwiza.

III. <u>Imitunganilize y'Ubuvuzi mu Rwanda n'icyo igamije.</u>

Imitunganilize iboneye y'Ubuvuzi mu Rwanda igomba guhuza n'amatwara ya politiki y'Igihugu. Niyo mpamvu imitunganilize y'Ubuvuzi mu Gihugu cyacu ili muli pula y'imyaka itanu (kuva muli 1977 kugeza muli 1981) ikubiyemo ingingo zikulikira:

1° Kubonera abaturage ibibatunga bihagije.

2° Guteza imbere no gukoresha neza umutungo w'Igihugu.

3° Kurushaho gutunganya imibereho ya buli muntu n'iy'imbaga nyamwinshi

4° Kurushaho gutunganya umubano w'u Rwanda n'amahanga.

.../...

Ku byerekeye imikorere nyayo yo guteza imbere abaturage nyamwinshi mu byaro, hagomba gukulikizwa amatwara mashya akubiye mu ntego ya M.R.N.D. no muli Discours Programme yo ku italiki ya 1 Kanama 1973 ya Nyakubahwa Général-Major HABYALIMANA Juvénal, Prezida wa Repu-blika, Prezida Fondateri wa M.R.N.D. ibyo bigakorwa dukulikije impamvu tugiye kubona;

- Kubera ko Amavuliro aliho adahagije kandi adakwiranye n'igihe tuge-zemo,
- Kubera ko rubanda nyamwinshi ruli mu byaro,
- Kubera ko Amavuliro yibanda mu kuvuza imiti gusa kandi ubwabyo bigatuma adashobora gushyikira imbaga nyamwinshi,
- Kubera ko uburyo bwo gukingira indwara kimwe no kwigisha kuzilinda bitaragerwaho ku buryo bunonosoye,
- Kubera ko uburyo bwose bwerekeye, mu kurwana ku buzima bukwiliye kujyana n'ibindi bikorwa bitsura amajyambere,
- Kubera ko kugeza ubu abaturage bose bataracengerwamo ubwabo no kurwa-na ku buzima bwabo, niyo mpamvu Leta ishaka ko Ministeri y'Ubuvuzi yakwita cyane ku buvuzi bushyikira abaturage.

  Iyo migambi mishya igomba kugerwaho kugira ngo buli mutura-Rwanda wese amenye kurwana ku buzima bwe.

  Ni ngombwa kubanza kwigisha abazakora muli ayo mavuliro ashyikira abaturage kugira ngo iyo migambi igerweho.

Abo bakozi bagizwe n'ibice bibili:

- Abakozi bashinzwe ubuvuzi bushyikira abaturage (agents de Santé communautaire),
- Abakozi bayobora imikorere y'ubwo buvuzi.

Mu ishyirwaho ry'abo bakozi hagomba gukulikizwa izi ngingo:

- Abo bakozi baba abagabo cyangwa abagore, bagomba kuba bagejeje ku myaka 18 y'amavuko, ali kavukire ko muli ako karere, bagatorwa n'abaturage kandi muli bo.
- Bagomba kuba bashobora gukulikira inyigisho zifatizo, zituma bakora neza imilimo bashinzwe.
- Abo bakozi bagomba kuba baliyemeje ubwabo kwitangira umulimo bashinzwe nta gihembo baka,
- Abo bakozi bagomba guhora bahugurwa kandi bihugulira aho bakora.

Imilimo y'abashinzwe ubuvuzi bushyikira abaturage ni iyi:

1° Abo bakozi bagomba gufatanya n'abaturage mu kureba no kurangiliza hamwe ibibazo, ali ibyo babona ali n'ibyo batabona.

2° Bagafatanya n'abaturage gusesengura ibyo bibazo.

3° Bakiga ibikorwa byakemura ibyo bibazo.

.../...

4° Bagateganya uburyo bizakorwa.
5° Bakabitunganya.
6° Bakazareba niba icyo ibyo bikorwa bigamije cyaragezweho.
7° Bagatoza abaturage kuyoboka amavuliro basanganywe.

<u>Imilimo y'abashinzwe kuyobora imikorere y'ubuvuzi bushyikira abaturage ni iyi:</u>

- Guhora bahugura abo bakozi bashinzwe ubuvuzi bushyikira abaturage.
- Kubayobora no guhora bareba niba imilimo bashinzwe igenda neza.

Byongeye kandi abo bakozi nabo bagomba kwihugura muli za Centres de Santé z'intanga-rugero zisanzwe mu Gihugu, mu byerekeye ibibazo by'abaturage cyangwa mu byerekeye ubuvuzi.
Kugira ngo hatavuka ikibazo cy'imishahara, abo bakozi bashinzwe ubuyobozi bazatoranywa mu bakozi basanzwe bahembwa.

## IV. IMITERERE Y'UBUVUZI MU GIHE KILI IMBERE :

Mu gihe kili imbere, hateganywa kwubakwa byibura nk'ibitaro bitatu muli buli Prefegitura, kandi hakaba nk'abaganga batanu muli buli bitaro. Muli iki gihe tulimo, dukeneye nka Centre de Santé imwe muli buli Komini, ubutaha hakaboneka byibuze Centre de Santé ebyili cyangwa eshatu muli buli Komini.
Ndetse mu minsi ili imbere, hazashyirwaho za postes de Santé (ahantu abo bavuzi bazajya bakorera) muli buli secteur ya Komini.

Kugira ngo iyo milimo igende neza, hali amashuli ateganyijwe yo kuzigishilizwamo ba agents de Santé communautaire.
Si abo gusa Ministeri iteganya kwigisha. Mutuwe muzi ko muli za Centres de santé zubatswe n'umuganda w'abaturage halimo abakozi bake. Vuba aha hazaboneka amashuli yigishilizwamo ba aide-accoucheuses na ba aide-infirmiers, bazakora muli za Centres de santé. Bazigishilizwa i Mibilizi, Ruhengeri, Rwankuba, Kibogora, Gahini, Kibungo, Kanombe (armée).

## V. IMIFATANYILIZE Y'UBUVUZI N'IZINDI NZEGO Z'UBUTEGETSI

Abakozi b'ubuvuzi bushyikira abaturage bazakorana n'inzego za cellules, naho abashinzwe ubuyobozi bw'ubuvuzi bazakorana n'Ubutegetsi bwa Komini. Hazakoreshwa amavuliro asanzwe muli ako karere ku buryo bunogeye abaturage kandi butuma bakoresha imbaraga zabo mu bikorwa byo gutsura amajyambere. Ibyo bizatuma bagera ku ntego ya pula y'imyaka itanu, twavuze haruguru.

## VI. IMIFATANYILIZE Y'UBUVUZI BWA GIHANGA N'UBWA KIZUNGU.

Ubuvuzi bwa Gihanga burakomeye muli Afrika, imigenzereze y'ubwo buvuzi mu byaro irazwi bihagije.
Ni ngombwa kuvanaho imbogamizi yagiye iba hagati y'ubuvuzi bwa Kizungu n'ubuvuzi bwa Gihanga. Nyamara kandi iyo mbogamizi ntiyigeze ibabuza gukorana umurava. Ni ngombwa kumenya ko umugabane w'Afrika ufite ubukungu butagira ingano bw'ibiti n'ibyatsi bivura. Ni kuki iyo miti itakoreshwa kugirango igilire abaturage akamaro?

Ntibibwiye ko ubuvuzi bwa Kizungu bwakandamiza ubuvuzi bwa Gihanga, kuko bwombi bwemewe. Ahubwo bwombi bugomba kwuzuzanya, bugatera imbere kugira ngo bubashe kugilira umuntu akamaro. Aliko kandi kugira ngo ubwo buvuzi butungane, ni ngombwa ko abavuzi ba Gihanga b'ukuli bavangurwa n'abavuzi b'abanya-binyoma. (rôle du Bourgmestre)
Kuli iyo ngingo u Rwanda rumaze gutera intambwe ikomeye, kuko mu burasirazuba bw'Igihugu cyacu hali Ivuliro-ntangarugero ry'abavuzi ba Gihanga cumi na babili (12). I Butare naho tuhafite ikigo gikorerwamo n'abahanga mu by'ubushakashatsi bw'imiti ya Gihanga. Inama ya CAMES yabereye i Kigali kuva ku italiki ya 8 kugeza kuya 15 Ukwakira 1977 yabaye gihamya kuli ubwo buvuzi.

## VII. Ibikoresho n'Imiti.

Twese tuzi ko ikibazo cy'Imiti giteye inkeke muli ibi Bihugu byacu bikili mu nzira y'amajyambere. Imiti iragenda irushaho kuba mike kandi igahenda. Uretse abakozi bamwe na bamwe bakora muli za Sosiyete bashobora kubona imiti bitagoye, naho abandi bakozi n'abaturage bo mu byaro babona imiti mike, ndetse hakaba ubwo bayibura rwose. Niyo mpamvu igitekerezo cyo gushinga amaduka acuruza imiti muli za Komini gikwiye gushyigikirwa, kugira ngo abaturage bo mu byaro babone imiti hafi yabo. Ayo maduka acuruza imiti yo muli za Komini, azayibona iturutse ku mafaranga azava mu bikorwa by'umuganda w'abaturage b'iyo Komini. Ayo maduka acuruza imiti azagenzurwa na Comité. Abagize iyo Comité bazatorwa mu bakozi ba Komini.

Ku byerekeye abashinzwe ubuvuzi bushyikira abaturage (agents de santé communautaire), bazahabwa ibikoresho bya ngombwa uretse imiti, kugira ngo abaturage bamenye ko kwilinda indwara biruta kuyivuza. (mu magambo make, imiburo iruta igitero).

## VIII. Gusuzuma aho imigenzereze mishya y'Ubuvuzi igeze.

Iryo genzura lizagerwaho hakoreshejwe ibarura (statistiques) ry'abarwaye n'abapfuye, kandi bita mu kureba aho imibereho igeze mu gihe tugezemo.

.../...

Indwara zo mu mutwe

Indwara zo mu mutwe zimaze kujya zitera ikibazo mu bavuzi, kandi amavuliro yazo ali makeya cyane. Aliko kandi hali ubundi buryo bwo gufatanya ubwo buvuzi bw'indwara zo mu mutwe n'ubundi buvuzi busanzwe, tuzabifashwamo n'ibihugu by'amacuti n'imiryango mpuza-mahanga.

IX. Umwanzuro.

Ba Militantes, Ba Militants ba Mouvement Revolutioneri iharanira amajyambere y'Igihugu nitumara kugera kuli iyo migambi y'ubuvuzi, dushobora no kwizera ko tuzagera kuli ya ntego " Ubuzima bwiza kuli bose mu mwaka wa 2.000 ". Ibyo kandi tuzaba tubikesha intego ya M.R.N.D. y'uko buli muturage wese yabona ibimutunga bihagije, bityo bikazatugeza ku majyambere y'Igihugu cyacu.

- Harakabaho Nyakubahwa Militant Général-Major Juvénal HABYALIMANA, Prezida wa Republika, Prezida Fondateri wa M.R.N.D.
- Harakabaho Muvoma yacu
- Harakabaho Ubuvuzi mu Rwanda.

* * *

*

IV. UBWITEGANYILIZE BW'ABAKOZI MU RWANDA (C.S.R.)

I . Bwaje bute mu Rwanda kandi gihe ki?
II. Itegeko-teka ryo kuwa 22 kanama ligenewe bande?
Mu yandi magambo ligenga bande?
III. Intwaro Isanduku y'Ubwiteganyilize bw'abakozi yitabaza kugira ngo igoboke abanyamuryango bayo ni iyihe?
IV. Ibyago ibatabaramo. (Gisida, Pansiyo).

I. Ukuntu Ubwiteganyilize bw'Abakozi bwaje mu Rwanda.

Ikinteye kuvuga mu Rwanda ni uko mu bindi bihugu Ubwiteganyilize bw'abaho bwatangiye kera. Kubera ko byasanze abakozi babyo bahura n'ibizazane byinshi bihalira ku milimo cyangwa ku mpamvu zifitanye isano n'iyo milimo. Ikindi kandi byasanze abakozi badafite ubushobozi bungana bwo kwirwanaho muli ibyo bizazane buli wese ku giti cye, ndetse abenshi batabishoboye na busa.

.../...

Maze bajya inama yo gushyiraho umuryango wo guteranyiliza hamwe ingufu zabo kugira ngo barwanye ibyo bizazane, bishyize hamwe, bafatanye urunana kugira ngo bidahungabanya ubuzima bwabo. Ubwo rero hashingwa umuryango w'Ubwiteganyilize bw'Abakozi, bemeza kandi amoko y'ibizazane bazajya batabaramo biyambaje amafaranga abakozi ubwabo bazajya bizigamira bafatanyije n'abakoresha babo. Mu Rwanda ho ubwo bwiteganyilize bw'abakozi, bwatangiye mu mwaka w'1957 ku byerekeye Pansiyo naho ku byerekeye ibyago bituruka ku kazi byatangiye mu w'1950. Icyo gihe kandi u Rwanda, Uburundi na Zaïre byategekwaga n'Ububiligi. Aho u Rwanda ruboneye ubwigenge kuwa 15 Ugushyingo umwaka w'1962. Nyuma iryo tegeko liza kuvugururwa n'Itegeko-teka ryo kuwa 22 Kanama 1974.
( 1/7/1950 ni italiki iteka ryo kuwa 1/8/1949 ryatangiye gukulikizwa)
( 1/1/1957 ni italiki iteka ryo kuwa 6/6/1956 ryatangiye gukulikizwa).

II. Iryo tegeko-teka ligenga bande?

Mbere yo gusobanura abo ligenga, reka tubanze twiyumvishe icyo Isanduku y'Ubwiteganyilize bw'Abakozi ali cyo n'icyo ishinzwe kugeza ubu. Isanduku y'Ubwiteganyilize bw'Abakozi ni ikigo cy'igihugu gishobora kwihagaralira no kwigenga ku mali yacyo. Cyishingiwe na Leta kandi gifite Ministri ugenzura imilimo yacyo.

- Ubwo buyobozi rero bwerekeye Ubwiteganyilize bw'Abakozi, kugeza ubu, bushinzwe imilimo ikulikira:

a) Gutanga amafaranga mu gihe cy'ibyago biturutse ku milimo n'indwara zitewe n'akazi, (ishami ry'ibyago biturutse ku kazi).
b) Gutanga za Pansiyo z'ubusaza, z'ubumuga n'iz'urupfu (ishami rya pansiyo);
c) N'andi mafaranga yose yerekeye Ubwiteganyilize bw'Abakozi azashyirwaho kugira ngo ahabwe abakozi bahembwa.

Turebe noneho abagengwa n'ingingo z'Itegeko-teka, abo ni aba:
a) Abakozi bagengwa n'ingingo z'itegeko ryo kuwa 28 Gashyantare 1967 lishinga amategeko agenga imilimo muli Republika y'u Rwanda ntatandukanya ry'ubwene-gihugu, ry'igitsina cyangwa ry'amavukiro, igihe bakora mu Rwanda, bakorera umukoresha umwe cyangwa ba nyamwigendaho, bidakulikije kamere y'amapatano n'uko ateye cyangwa se uko umushahara umeze.

b) Abandi ni abakozi ba Leta.

Abiga mu mashuli y'imyuga cyangwa y'imilimo n'abitoza imilimo, ndetse n'iyo badahembwa nabo bashobora kubarwa mu bakozi navuze mbere, aliko kulibo uburyo bwihaliye mu ikulikizwa ry'ili tegeko-teka, buzashyirwaho na Ministri ushinzwe Ubwiteganyilize bw'Abakozi.

.../...

Uko binjira mu muryango w'Ubwiteganyilize bw'Abakozi:

Umukozi wese ugengwa n'Itegeko-teka ligenga Ubwiteganyilize bw'Abakozi agomba kugira ikarita imwe rukumbi itangwa n'Isanduku y'Ubwiteganyilize bw'Abakozi. Iyo karita umukoresha agomba kuyimwuzuliza akimwemerera kumukorera.
Yanditseho n° itukura, igizwe n'ibipande bine, aliko bisa. Iyo umukoresha amaze kubyuzuza neza, kimwe agiha umukozi, ikindi akakibika muli dossier ye, bibili akabyoherereza isanduku y'Ubwiteganyilize bw'Abakozi. Ubwo rero akaba abaye umunyamuryango wemerewe kwifatanya n'abandi awusanzemo, akazajya ahabwa imfashanyo iyo Sanduku itanga igihe byabaye ngombwa.

Cyakora kandi uwo mukozi ashobora kuva ku mukoresha yatangiliyeho akazi, akajya kugashakira ahandi. Icyo gihe, iyo yemerewe akazi, agomba kwereka umukoresha mushya ikarita y'icyemezo cy'uko asanzwe ali mu bwiteganyilize bw'Abakozi. Uwo mukoresha ntayindi numero ya kabili amuha; ahubwo amwuzuliza indi karita, aliko italiho inumero. Hejuru iburyo akahandukulira ya numero umukozi yimukanye yahawe n'umukoresha wa mbere. Iyo karita igizwe nayo n'ibipande bine bisa, Iyo amaze kubyuzuza byose, kimwe agiha umukozi, ikindi akakibika, bibili akabyoherereza Isanduku y'Ubwiteganyilize bw'Abakozi kugira ngo imenye ko umunyamuryango wayo yimukiye ahandi, umusanzu we ukazakomeza kwibumbira hamwe.

Uko niko umukozi agomba kubigenza ku bakoresha bose azajya ajya gushakaho akazi. Ashobora rero kugira nk'ayo makarita menshi, aliko inumero ikaba imwe igihe cyose.

## III. Intwaro Isanduku y'Ubwiteganyilize bw'Abakozi yitabaza kugira ngo igoboke Abanyamuryango.

Iyo ntwaro ni amafaranga y'umusanzu agomba kuzigamirwa umukozi buli kwezi. Ku byerekeye ishami rya pansiyo, umukozi afatanya n'umukoresha; umukozi akaturwa buli kwezi 3%, umukoresha nawe akamuzigamira, ku mufuka we 3%; ayo mafaranga uko ali 6% azigamirwa umukozi mu gihe azagera muza bukuru. Ku byerekeye ishami ry'ibyago by'akazi, umukoresha noneho wenyine amuzigamira 2%, yose hamwe uko ali 8% umukoresha akayabika. Bityo hahita igihembwe, umukoresha akayajyana aho Isanduku y'Ubwiteganyilize bw'Abakozi ishyira amafaranga yose atangwaho umusanzu wo kuzigamira abakozi; aho ni muli Banque Nationale cyangwa muli Poste. Iyo bimushobokeye kandi ayizanira mu biro by'iyo Sanduku. Mu gihembwe cya mbere rero ntagomba kurenza ukwezi kwa kane; mu cya kabili, ukwa kalindwi; mu cya gatatu, ukwa cumi; mu cya kane alicyo cyanyuma ntarenza ukwa mbere. Iyo arengeje kandi ibyo bine mvuze, ahabwa ibihano byagenewe abakoresha batinda kuyohereza.

.../...

Ayo mafaranga kandi siyo umukoresha yohereza yonyine. Hali impapuro bita "Déclaration Mod.VI" zijyana nayo. Ziba zanditseho izina ry'umukoresha, numero ze z'ubupatane n'Isanduku y'Ubwiteganyilize bw'Abakozi, adresse ye, amazina y'Abakozi be bose, numero zabo z'icyemezo cy'uko ali abanyamuryango, igiteranyo cy'amafaranga y'igihembwe ya buli mukozi, italiki yatangiliyeho akazi, n'italiki y'irangiza ryako (kubasezerewe muli icyo gihembwe); hanyuma igiteranyo cy'amafaranga y'abakozi be bose.

Izo mpapuro zo zoherezwa mu Isanduku y'Ubwiteganyilize bw'Abakozi, bitarenga bya bihe maze kuvuga. Iyo ibyo bihe birenze, umukoresha ahabwa nanone ikindi gihano kitali cya kindi gihabwa abakoresha batinda kwohereza amafaranga y'umusanzu. Izo mpapuro nizo zituma Isanduku y'Ubwiteganyilize bw'Abakozi imenya ko umukozi yafatanyije n'abandi guterana inkunga mu bizazane by'ubuzima bw'abo bw'ubukozi.

IV. Ibizazane by'ubuzima abanyamuryango bafashanyamo ni ibihe?

Ibizazane mu buzima bw'abantu ni byinshi cyane, nta nuwabibarura ngo abishobore. No mu bindi bihugu byateye imbere mu majyambere, abanyamuryango b'Ubwiteganyilize bw'Abakozi ntibabifashanyamo byose. Barebye ibibabaje cyane kurusha ibindi:

a) gisida n'indwara zikomoka ku kazi
b) Maternité;
c) Imfashanyo zo kurera abana neza;
d) Indwara zindi zidakomoka ku kazi;
e) Ubusaza;
f) Ubushomeli.

Ngibyo rero ibizazane abo bafite ubukungu bugaragara kandi n'abakozi babo bakaba bahembwa amafaranga menshi koko, bahisemo kugirango abo bakozi babo bateranе inkunga babifashanyamo, ku bindi byago umukozi wese akirwanaho ku giti cye.

Mu Rwanda rero bakulikije umutungo, ubukungu igihugu cyacu gifite, n'umushahara abakozi bahembwa, bahisemo ibizazane bibili bikomeye cyane:

1) gisida n'indwara zikomoka ku kazi,
2) ubusaza.

Ibyo byonyine ni byo umukozi n'umukoresha batangira imisanzu. Maze rero umukozi waza gutakambira Isanduku y'Ubwiteganyilize bw'Abakozi ku bindi bitali ibyo yabaayirenganya kuko itabona aho ikura amafaranga yo kumurwanaho.

.../...

## A. GISIDA - INDWARA ZIKOMOKA KU KAZI

Uko bisanzwe, uko abantu bose babyumva, gisida ni icyago kigwilira umuntu atabyiteguye, atabizi, twese kandi turabizi gisida ni nyinshi cyane. Ibyo byago byose, siko Isanduku y'Ubwiteganyilize bw'Abakozi ibyishyura ku ba nyamuryango bayo. Ibyo irwanaho ku mukozi uli mu muryango wayo, ni ibimugwira biturutse ku mulimo ashinzwe n'umukoresha we.

Dore uko Itegeko-teka lisobanura icyo bita icyago cy'akazi. CF.ART.20." Icyo bita icyago cy'akazi ni ikigwilira umukozi cyose ku mulimo we, ryaba ikosa rye cyangwa litaba irye". Itegeko-teka lirakomeza, liti: " Ikindi bita icyago cy'akazi ni ikigwilira umukozi igihe ava iwe mu rugo, cyangwa aho asanzwe alira, ajya ku kazi, aho ahemberwa ali mu igenda cyangwa mu igaruka; bareba kandi ko atanyuze mu nzira cyangwa ngo ace indi nzira ku mpamvu ze bwite cyangwa ziterekeye ku kazi. Ibindi bisa n'ibyo ngibyo ni iyo agize ibyago ali mu rugendo rwishyurwa n'umukoresha".
Ibyo ni ibyerekeye gisida. Naho ku byerekeye indwara, dore uko itegeko-teka livuga. " Indwara ikomoka ku kazi ni indwara ifata umuntu bitewe n'akazi akora cyangwa impamvu iturutse kuli ako kazi".

Umukozi rero ugwiliwe na kimwe muli ibyo byago byose agira inkulikizi mbi. Imbaraga ze z'umubili cyangwa z'ubwenge zirahungabana, ubwo ntabe agishoboye gukomeza imilimo ye mu gihe gito cyangwa kinini, ndetse akaba yanakwitaba Imana. Ubwo rero ntaba agishoboye gukora imilimo yamuheshaga amafaranga yo kumutunga no mu kumutungira urugo. Icyo gihe rero Isanduku y'Ubwiteganyilize bw'Abakozi iramugoboka ku byerekeye imiti no kubyerekeye amafaranga.

Kubyerekeye imiti imurwanaho: kuvulirwa ubusa, kubagwa iyo Muganga asanze ali ngombwa, gusuzumwa, guca mu cyuma, gufatwa ibigomba gupimwa no kubisesengura, guhabwa imiti, gufatwa neza mu bitaro cyangwa mu mavuliro n'ibindi n'ibindi. Ibyo byose bigirwa n'Isanduku y'Ubwiteganyilize bw'Abakozi kuko uko bigenda, yishyura amavuliro yarwaje uwo murwayi. We ntacyo atanga.

### Ku byerekeye amafaranga

Tubanze twibuke ko gisida zose cyangwa indwara zose zitazahaza umuntu ku buryo bumwe. Hali izihungabanya ubuzima bwe mu gihe gito. Ubwo alivuza agakira, agasubira ku mulimo we ntacyo atakaje ku bushobozi bwe. ........

.../...

Icyo gihe Isanduku y'Ubwiteganyilize bw'Abakozi igenera uwo muntu amafaranga bita mu gifaransa:"Indemnités journalières". Agomba kuyabona igihe cyose akivuza kuko aba ali ishumbusho y'umushahara yarasanzwe akorera.

Hali na za gisida/umuntu (zigira) ikimuga ku buryo bukomeye cyangwa bworoshye gucika urutoki si kimwe no gucika ukuboko si kimwe no gucika ukuguru. Uwatakaje 15% z'ubushobozi bwe kujyana hejuru aba afite ubumuga bukomeye. Usibye amafaranga y'igihe arwaye agomba kubona hali andi abona kugeza gupfa kubera ubwo bumuga. Naho ufite ubumuga bworoheje, ni ukuvuga uwatakaje ubushobozi buli hasi ya 15% nawe agenewe amafaranga y'igihe akirwaye n'andi yerekeye ubwo bumuga, aliko akayabonera icyalimwe; niyo bita "Allocation" mu gifaransa. Gusobanura iby'ubumuga kandi, ni urubuga rwa muganga.

Ikindi cya gatatu gishobora kuba kuli uwo mukozi ni uko ashobora kwitaba Immana ahitanywe n'icyo cyago. Isanduku y'Ubwiteganyilize bw'Abakozi ntirekera aho, iha amafaranga abamuhambye, abo alibo bose. Ibyo kandi ntibirangilira aho, igira icyo iha abo asize. Ni bande? Itegeko-teka lirabatubwira ni :

- Umupfakazi asize iyo apfuye bakili kumwe kandi bakaba barashakanye mbere y'ibyago bimuhitanye cyangwa se niba barashakanye nyuma yabyo bakaba bamaranye nibura amezi atandatu;

- Abana bali bagizwe na nyakwigendera ni ukuvuga abana bali batunzwe nawe: abana b'ingaragu badafata umushahara baba koko kwa nyakwigendera, kandi ali abana be bwite cyangwa se abana yabyaye ahandi akabemera akulikije amategeko cyangwa binyuze mu rukiko rubigenewe, bapfa kuba batarengeje imyaka 25 iyo bakulikiye amashuli cyangwa batarengeje 18 iyo baba imuhira. Iyo badashobora gukora umulimo bahemberwa kubera ubumuga bwabo bw'umubili cyangwa bw'ubwenge, bafata pansiyo kugeza igihe bapfuye.

Ababyeyi b'uwapfuye.

Isanduku y'Ubwiteganyilize bw'Abakozi rero irwana ku munyamuryango wayo mu gihe cyose akirwaye, yaba kandi yitabye Immana ikarwana k'ubo asize. Ibyo ni ibyerekeye ibyago bikomoka ku kazi.

Pansiyo

Pansiyo si iy'ubusaza gusa nk'uko bamwe babyibwira; hali na pansiyo y'ubumuga n'iyimburagihe, hali n'amafaranga yerekeye izabukuru atangwa limwe gusa.

.../...

1) Pansiyo y'Ubusaza ihabwa umuntu ufite nibura imyaka 55 y'amavuko, atakili ku kazi gateganyilizwa, kandi yaratanze umusanzu w'amezi 60 nibura mu gihe cy'imyaka 10 yanyuma ibanziliza italiki yemereweho pansiyo. Abasilikare bo, bafite imyaka bakiraho pansiyo isobanurwa mu mategeko abagenga. Imyaka 55 yerekeye abandi bakozi bose usibye abasilikare. Umuntu ugejeje ku myaka y'itegeko atujuje ibya ngombwa bihagije aliko afite nibura amezi 12 yatanzemo umusanzu abona amafranga limwe gusa bita "Allocation de vieillesse" mu gifaransa.

2) Pansiyo y'imburagihe ihabwa umuntu ubuze ingufu cyangwa ushaje imburagihe ku buryo byamubuza gukora umulimo uwo aliwo wose ahembwa kandi bikemezwa na muganga ubigenewe. Icyo gihe ya myaka ya pansiyo ntibayitaho, bareba gusa niba afite umusanzu w'amezi 60 mu gihe cy'imya-10 yanyuma ibanziliza italiki yemereweho pansiyo y'imburagihe.

3) Pansiyo y'ubumuga, yo ihabwa umuntu waretse akazi gateganyilizwa kubera ubumuga yatewe n'ibyago bisanzwe, bidafitanye isano n'akazi, byemejwe na muganga ubigenewe, aliko akaba amaze imyaka 5 yinjiye mu bwiteganyilize bw'Abakozi kandi yaratanze umusanzu w'amezi atandatu nibura mu gihe cy'amezi 12 abanziliza ibyo byago byamugize ikimuga. Icyo gihe nabwo, ya myaka ya pansiyo ntibayireba.

<u>Ku byerekeye urupfu rw'umunyamuryango</u>

Ese iyo uwiteganyilije apfuye, ubwo aba abyaranye abo n'Isanduku y'Ubwiteganyilize bw'Abakozi? Oya, ntibaba babyaranye abo, iyo Sanduku ikomeza gufasha abo basize. Ni bande? Itegeko-teka lirabatubwira livuga liti:

" Iyo uwafataga pansiyo y'ubusaza, y'ubumuga cyangwa y'imburagihe apfuye n'iyo uwateganyilizwaga apfuye wali ufite ibyangombwa bihagije kugira ngo abone pansiyo y'ubusaza aliko afite amezi 180 y'Ubwiteganyilize agapfa, iryo tegeko-teka likomeza liti:

"Abitwa abo asize ni aba":

a) Umupfakazi wali ukili kumwe na nyirukwigendera, aliko hashize amezi atandatu ashyingiwe mbere yo kureka akazi ku bagomba kubona amafaranga y'ubusaza, cyangwa mbere y'italiki pansiyo y'ubumuga isimburwa na pansiyo y'ubusaza" ku bagenewe kubona pansiyo y'ubumuga.

b)"Abana bali batunzwe na nyakwigendera".
Abo bana rero ni babandi twavuze mu mwanya tuvuga abana bafashwa iyo uwali ubagize yitabye Imana azize ibyago bikomoka ku kazi. Cyakora muli izo pansiyo zose tumaze kwumva, iyo umupfakazi yongeye gushaka, ububasha bwo gufata pansiyo ya nyakwigendera buvaho.

.../...

Ngibyo rero mu magambo make ibyo twifuje kubasobanulira byerekeye Isanduku y'Ubwiteganyilize bw'Abakozi. Twumvise iyo Sanduku icyo ali cyo, abayinjiramo abo alibo, intwaro bitabaza, ibizazane batabaranamo n'ukuntu abo basize batabarwa igihe uwali ubagize yitabye Imana. Ikindi kandi iyo uwagombaga kubona "allocation de vieillesse" apfuye, abo asize babonera icyalimwe "allocation de survivants".

Ibyo bisobanuro biratwumvisha ko Isanduku y'Ubwiteganyilize bw'Abakozi itandukanye n'andi masanduku cyangwa za Banki babikamo amafaranga. Icya mbere, habikamo ubishatse wese, umubare w'amafaranga yishakiye kandi agashobora kuyitabaza igihe cyose abishakiye. Iyo arangiye, biba biciliye aho. Muli ayo masanduku yandi cyangwa se Banki umuntu abikamo ku giti cye; mbese aba ali nyamwigendaho. Si kimwe n'Isanduku y'Ubwiteganyilize bw'Abakozi rero; Abantu bibumbira hamwe, bagafatana urunana, bagatizanya imbaraga kugira ngo bashobore kurwanya umwanzi umwe bahuliyeho mu buzima bwabo bw'ubukozi. Iyo Sanduku ni Assurance yabo. Igihe cyo gutanga amafaranga, ntireba igiteranyo cy'amafaranga y'imisanzu umuntu yatanze. Urugero: Igihe umukozi agwiliwe n'ibyago bikomeye kubera akazi kandi atarakamazeho igihe.

Sinarangiza ntabamenyesheje ko Isanduku y'Ubwiteganyilize bw'Abakozi, ihereye ku byifuzo by'abakozi, ikulikije n'ibitekerezo by'igihe tugezemo, yamaze gutegura umushinga ugamije kuvugurura itegekoteka ligenga ubwiteganyilize bw'Abakozi kuva ku italiki ya 22 Kanama muw'1974. Uwo mushinga washyikilijwe inzego nkuru z'ubutegetsi bubishinzwe kugira ngo zigire icyo zongeraho cyangwa ziwemeze. Numara kwemerwa burundu Isanduku y'Ubwitegenyilize bw'Abakozi izihutira kumenyesha abantu bose icyo iryo vugururwa lizaba ryungukiye abakozi bali mu bwiteganyilize bw'Abakozi.

Murumva rero ko iyo Sanduku itima amatwi inama bayigira.

Izahora iharanira icyatuma ubwiteganyilize bw'Abakozi butera imbere mu Rwanda kandi uburenganzira bw'abanyamuryango hokugira ikibuhungabanya.

.../...

## V. G U T A N G A   A M A R A S O (C.R.R.)

Militant Secrétaire Général,

Ba Militants Burgumestri muteraniye muli ili hugurwa,

Nshimishijwe no kuba mbonye aka kanya kugira ngo tuganire mu magambo make ibyerekeye itanga ly'amaraso.

Mbere na mbere, turashimira Ministeri y'Ubutegetsi bw'Igihugu yateganyije ili hugurwa kandi likaba liduhaye aka kanya.

Nta magambo menshi mbagezaho ku byerekeye uwo mushinga w'ifashisha ly'amaraso kuko twigeze kubiganira hamwe mu nama yanyu yabereye i Gitarama; mu w'1978.

Kubyerekeye Croix-Rouge y'u Rwanda muli rusange, haramutse hali ibibazo n'ingorane mufite, mushobora kuza kubimbaza nkagerageza kubibasobanulira nibiramuka ali ibyo nshoboye.

Ku byerekeye itanga ly'amaraso, mboneyeho akanya ko kubashimira kubera inkunga nini mutera umushinga w'ifashisha ly'amaraso mudutumira mu manama/hyinshi mugirana n'abaturage mushinzwe. Nkaba kandi nshimira za Komini zimwe na zimwe zashoboye kudutumira kubera ko zali zabonye abaturage b'abagizi ba neza biyemeje gufashisha amaraso yabo bagenzi bacu, baya-keneye kwa Muganga.

Ayo ma Komini ni aya: RUTONDE, BICUMBI, NGENDA, GITI, RUTARE, KIBALI, BUYOGA, NYAMABUYE, MUKINGI, RUTOBWE, NYABISINDU, RUHONDO, NKULI, NDORA na MBAZI. Hali n'izindi zadutumiye aliko kubera ubushobozi buke n'urugendo rurerure, tukaba tutarashoboye kubageraho nazo turazishimira cyane, tuzashyira tubagereho. Twizeye ko muzakomeza uwo murego ndetse tukaba twizeye ko n'izindi zizadutumira mu minsi ili imbere, tuzagerageza uko dushoboye kugira ngo tuhagere dufatanyilize hamwe gusobanulira aba militantes n'aba militants batuye mu ma Komini, ibyerekeye uwo mushinga.

Twizeye kandi ko mu nama yanyu mugirana n'abaturage ko muzajya mubasobanulira uwo mushinga n'icyo ubategerejeho kuko nibo ureba ntawe uheza. Ku byerekeye uko twifuza gukora mu minsi ili imbere, turareba tugasanga abashinzwe za selire, za segiteri na za Komini alibo bafite uruhare runini kugira ngo abaturage barusheho kumva akamaro k'uwo mushinga.

Tulifuza kandi kubegereza inzu zigenewe kwakira abagizi ba neza biyemeza gutanga amaraso atabara bagenzi bacu. Ikaba aliyo mpamvu tubasanga cyangwa twifuza kubasanga muli za segiteri zabo kugira ngo tubaruhulire urugendo noneho bafashishe amaraso bitabagoye.

.../...

Ubwo murumva ko ahanini ali ahanyu kuko nta sensibilisation nabaye nta bantu baboneka; mutadutumiye kandi ntabwo twabimenya kugira ngo dushobore kuza kwakira ayo maraso. Ikaba aliyo mpamvu tubasaba gushyigikira byimazeyo abashinzwe guhagaralira Croix-Rouge muli segiteri no muli Komini kugira ngo barusheho kudufasha mu isobanura ly'ibyifuzo duteze ku baturage ali mu rwego rwa Croix-Rouge ali no murw'uyu mushinga.

Ndabamenyesha kandi ko inzu yakira amaraso itali i Kigali gusa, hali indi yakinguye inzugi zayo kuli 24/4/1980 i Butare muli Komini Ngoma (Hôpital ya Université). Hali n'izindi ziteganijwe nka Rwamagana, Ruhengeri, Mibilizi mu mwaka utaha. Nyuma hagateganywa izindi nka Kilinda, Gisenyi, Kigeme, Kibogora, Muhororo etc... Tukaba rero twizera ko mu myaka 5,6 ili imbere, byibura ayo ma centres yazaba akora kuburyo abaturage bazaba bafite aho batangira amaraso yabatabara hamwe na bagenzi babo. Igihe barwaliye muli ibyo bitaro bibegereye kandi ba-keneye amaraso.

Ndagira ngo rero turebere hamwe uko mushobora kudufasha kugira ngo uwo mushinga ugende neza: nabivuze hejuru mvuga ukuntu mwadufasha mwifashishije abayobozi ba za selire na za segiteri. Hanyuma mukatwandikira kugira ngo tubashyigikire tubasura kandi tubafashe gusubiza ibibazo bimwe na bimwe abaturage bashobora kubaza byerekeye itanga ly'amaraso.

Turebere hamwe icyo twifuza kuli ba militantes na ba militants bose; tulifuza y'uko babyumva kandi bakamenya ko ali ukwibikira, bakamenya neza akamaro ko gutanga amaraso bakitaba ali benshi kugira ngo za nzu zakira amaraso zitazananirwa kubafasha kubera kubura amikoro kuko amaraso atabonetse ntakundi natwe twabigenza. Bakiyumvisha ko ntacyo bitwara uyatanze, kandi ko tutaba Croix-Rouge ngo tugilire nabi abantu tubizi, ntitwaba tuli n'abavuzi ngo aho twakoze umulimo wacu dushake icyahungabanya ubuzima bw'abantu bazima.

Ku byerekeye uko mwasobanulira abaturage umuntu ushobora gutanga amaraso uwo aliwe,

Abayatanga ni aba:
- Kuba ufite imyaka 18 gusubiza hejuru,
- Kuba ufite imyaka ili munsi ya 60,
- Kuba ufite ibiro (kgs) byibura 50,
- Kuba utonsa kandi udatwite.

Ku byerekeye ubulyo ayo maraso agaruka mu muntu, icya mbere dutwara make cyane dukulikije ibiro umuntu afite. Aha nkabibutsa ko buli biro 10 bigabulirwa na litiro 1 y'Amaraso, ni ukuvuga ko umuntu ufite ibiro 60 afite litiro 6. Iyo uwo muntu yiyemeje kandi yifuza gutanga amaraso yatanga mililitiro 350 gusa (hasi ya 1 cya kabilicya litiro).

.../...

Ayo maraso atanze agaruka mu mubili bidatinze (30' kugeza ku minsi ibili), igice gitinda kugera mu mitsi alicyo kigizwe na za globules rouges na globules blancs, nicyo kigeza ku minsi ibili, naho ubundi volume y'amaraso yuzura vuba ntiharenga iminota 30' itaruzura.

Aho ava, muli sérum na plasma umuntu asanganywe, globules zikava mu magufa maremare n'ayo mu gatuza no mu rwagashya. Aho niho hali ibigega bibitse amaraso yatabara umuntu igihe yikomerekeje agatakaza amaraso kubulyo budakabije.

Ahasigaye rero umuntu akalya kugira ngo asubize muli bya bigega, yiteganyilize ingorane z'ubutaha igihe yongeye agakomereka. Ninako bigenda iyo umuntu yatanze amaraso.

Uti rero nalya iki? Ibilyo birahali ahubwo tubilya nabi, tubilya bidahiye (ibishyimbo n'ibindi). Iyo bidahiye umuntu abyituma uko yakabiliye, umubili utashoboye kubibyazamo ibitunga umubili, ibitera imbaraga n'ibilinda indwara.

Duhereye ku kiganiro cy'ubuvuzi cyabateganilijwe uyu munsi "ubuzima mu gihe kili imbere", mu ruhare rw'itanga ly'amaraso ubuvuzi busanga ntakintu cyasimbura amaraso igihe umuntu ayakeneye cyane, iyo ayabuze, byanze bikunze agombe apfe.

Tukaba rero twizeye ko amaraso azaboneka cyane kandi buli gihe kugira ngo abavuzi batazajya bayabura. Uretse kandi ibyo gusa, mu maraso halimo ibintu byinshi bishobora kurokora abantu.

a) Albumine: ihabwa umuntu uhitwa kandi uruka alimo atakaza amazi menshi iyo Albumine igumisha amazi mu mubili bityo umuntu ntakomeze guhitwa no kuruka bikabije kandi ngo atakaze amazi menshi.
b) Fibrinigène, plaquettes sanguines, facteur VII, VIII, IX, XII, etc... bifasha umuntu ntakomeze kuva iyo yikomerekeje (facteurs de coagulation).
c) Globules Concentrés zihabwa abarwaye nka za malariya zabarenze.
d) Plasma na sérum: bihabwa abarwaye za choléra, typoïde, dysenterie (macinya).
e) Gamma globuline anti D: umuti batera umugore ufite amaraso ya Rhésus négatif afite umugabo wa rhésus positif kandi uruhinja amaze kubyara rufite rhésus positif ya se. Uwo muti utuma nyina atarema anticorps anti + zishobora kuzica amaraso y'abandi bana azasama igihe bazaba bafite rhésus ya se, bikaba byatuma bapfira mu nda, bavuka bapfuye cyangwa bapfa bamaze iminsi mike bavutse. Hali n'ibindi byinshi cyane.

.../...

Murumva rero ko amaraso afite akamaro kanini cyane, tuyafite ibyo byose nti twabiheba, bikaba byatuma dutabara abantu buli gihe tudatinze kandi dukoresheje ibintu by'ingenzi.

Ntabarambiye rero ni ibyo ahanini nagira ngo twibukiranye, cyane cyane akamaro k'itanga ly'amaraso, ibindi muzajya mubisoma mutunyamateka twa Croix-Rouge, ndetse nzanabohererereza ibisobanuro mu gatabo ndimwo nandika mu kinyarwanda kagamije kubafasha gusobanulira abaturage uwo mushinga uko ukora n'icyo wifuza kuli buli muturarwanda wese wumva gufatanya no gutabarana icyo alicyo, ntagihembo ategereje uretse kunezezwa n'uko yagize neza, akayigilira uwo atazi, no kuba azi groupe y'amaraso ye.

Nkaba nongeye gushimira Ministeri y'Ubutegetsi bw'Igihugu kubera inkunga nini itera umulyango utabara imbabare n'uyu mushinga mpagaraliye, nkongera kubashimira namwe ubwanyu ukuntu mudushyigikiye mu ma Komini mushinzwe.

Niharambe Igihugu cyacu na Prezida Fondateri wa M.R.N.D.

Murakoze.

## I B I B A Z O N' I B I S U B I Z O

1. Biragaragara ko Komini zilimo imyenda minini ya C.S.R. kandi namwe ntimuyobewe ubukene bwa Komini, nta kuntu mwaduhalira amezi amwe hanyuma tukabona gushaka ubulyo bwo kwishyura asigaye?

R/Icyo kibazo tuzagishyikiliza abakuru barebe niba gishoboka.

2. Mwatse za listi z'abantu bakoze muli Zaïre none bisa n'ibyaheze aho.

R/ Tripartite niyo yali yabisabye nigira icyo itubwira tuzabibashyikiliza.

3. Amakomini azahabwa uburenganzira bwo gufungura pharmacies lyali kandi abazazikoramo bazahembwa na nde?

R/ Ubwo burenganzira Ministri w'Ubuvuzi mumwandikiye yabubaha naho ikibazo cy'abazakoramo cyo nticyoroshye kuko hagomba ababyize; ntihakoramo ubonetse wese. Ibyerekeye Registre bireba MINECO naho Komini ikaba yifitiye inzu yayo.

4. Umukozi w'umunyapolitiki uciliwe urubanza rwo gupfa hali icyo batanga? Ese ko limwe na limwe bapfa bene we ntibabimenye basaba pansiyo ye bate?

.../...

R/ Nawe kuko aba ali umukozi abe bagira icyo babona naho ibyo gupfa ntibimenyekane icyo kibazo nacyo ni kimwe na statut y'abanyapolitisiye icyigwa ubwo kizateganywa.

5. Kubera imilimo myinshi Burgumestri afite, turasanga uwo mulimo wamutera indwara y'umutima; hali ubwo yateganyijwe mu ndwara z'akazi?

R/ Iyo ndwara ntiyateganyijwe.

6. Kuki mu byaro usanga mwoherezayo abaganga n'abandi bavuzi bananiranye?

R/ Kubifata mutyo ni ukwibeshya kuko Ministeri y'Ubuvuzi idakoresha abakozi bananiranye gusa ngo noneho abe alibo yohereza mu makomini.
Buli mukozi wa MINISANTE rero uba muli Komini azi ko agomba kubaha Burgumestri. Yego hamwe na hamwe usanga batumvikana aliko iyo tubimenye turamwimura tukamujyana ahandi.

8. Gutanga amaraso mu giturage kubibumvisha ntibyoroshye, bitewe n'umwuka mubi wakwiliye hose ngo guca amashu, guca ibihanga by'abantu, kureza, kandi koko twagiye tubibona ndetse hali abo twafashe, murabivugaho iki?

R/ Abaca amashu ntawamenya icyo bibamaliye kuko uko kureza, amaraso arapfa agashiramo ibya ngombwa. Twe dufite ubulyo tuyatwara, dufite za frigos n'ibindi biyalinda kwononekara kandi tubona bitatworoheye natwe nkanswe abo baca ibihanga by'abantu.Ni ukubibacengezamo.

9. Mwavuze ikibazo cy'abakozi bashinzwe ubuvuzi bushyikira abaturage. Ese abo bantu bazahembwa bate kandi bazahembwa na nde?

R/ Abo bakozi bazatorwa mu baturage b'akarere batuyemo kandi bashobora kuba mu bitsina byombi bafite imyaka 18 y'amavuko.
Abo bakozi bazitorerwa n'abaturage.
Bagomba kuzaba baliyemeje kwitangira umulimo wabo nta gihembo baka.
Icyakora bazajya babona ishimwe kuli ako kazi.
Bazaba bajijutse bihagije kugira ngo bababshe gukulikira inyigisho bazahabwa. Naho abashinzwe kuyobora imikorere y'ubwo buvuzi, bazatoranywa mu bakozi basanzwe bakora kugira ngo hatavuka ikibazo cy'imishahara.

10.Muli iki gihe amakomini yakennye akajyamo imyenda ya Caisse Sociale haramutse hagize umukozi ushaka pansiyo yabigenza ate?

R/ Caisse Sociale ifasha abiteganyilije gusa akaba aliyo mpamvu mukwiye kwihutira kwishyura imyenda mulimo, naho ageze igihe cyo kuyibona ibyangombwa bituzuye ntibyashoboka.

KUWA GATATU TALIKI 10/9/1980

Mbere ya saa sita ba Burgumestri basobanuliwe ibyerekeye ubuhinzi n'ubworozi babisobanulirwa na Nyakubahwa Bwana Ministri w'Ubuhinzi n'Ubworozi. Yabibasobanuliye mu magambo avunaguye aha umwanya abatekinisiye ba buli kintu basobanura nabo:

- Uko twateza imbere amashyamba, uburobyi n'ubworozi bw'amafi;
- Uko twateza imbere Ubuhinzi bw'Ibihingwa ngandura-rugo;
- Uko twalinda ubutaka;
- Uko twateza imbere ubworozi bw'amatungo.

Ba militants Burgumestri:

Intumwa za Ministeri y'Ubuhinzi n'Ubworozi dushimishijwe no kuba tubonye umwanya wo gusuzumira hamwe namwe, bayobozi ba za Komini, mufite uruhali runini mu mizamukire y'abahinziborozi dushinzwe guhugura mubyo bataragerahо neza.
Twaje tuli bane kubagezaho bimwe mu milimo yerekeye Ministeri y'Ubuhinzi n'Ubworozi; ndavuga bimwe kubera ko ubuhinzi n'ubworozi bitasobanurwa mu masaha 4 yagenwe uyu munsi.

Nkuko rero mwabibonye kuli programme turarebana:

1/ Uko twateza imbere Ubuhinzi bw'Ibihingwa ngandura-rugo, Ibihingwa ngenga-bukungu mwabisobanuliwe n'abashinzwe ubuyobozi bwa OCIR. Ndabagezaho mu magambo avunaguye inyigisho mwateguliwe na Directeur Général wa Agronomie NSABIMANA Dismas uli muli mission mu mahanga.

2/ Uko twateza imbere amashyamba, uburobyi n'ubworozi bw'amafi. RUREMESHA Joseph Chef de Division muli Minagri niwe ubibasobanulira.

3/ Uko twalinda ubutaka, n'uko twaburumbura. Mr BARAHIRA Cyprien, Ingénieur Agronome et Chef de Bureau Pédologie Minagri niwe ubisobanura.

4/ Uko twateza imbere ubworozi bw'amatungo, Mugezwaho na RWARAHOZE Anastase, Chef de Division muli Minagri.

Kubera ko alijye utangiye ndagirango mbibutse igituma tugomba guhindura imihingire n'imyororere, aha ndasubiramo tugomba kubera ko bitagenze bityo tutabona ibyabeshaho abatura Rwanda. Iyi niyo ngingo y'ibanze muli Plan y'Igihugu 1977-1981.

U Rwanda rufite Km2 26.338

- mulizo ahagenewe ubuhinzi n'ubworozi ni ha 1.853.593
- Ahahingwa imyaka ntiharenga ha 1.000.000
- Recensement ya 1978 yagaragaje ko abanyarwanda bali bageze kuli 4.800.000,
- Tubaze ubwiyongere bwacu butali hasi ya 3% (144.000 + 148.200) ubu tugeze kuli 5.092.200,
- Dufashe $\frac{1.000.000 \text{ ha} \times 6}{5.000.000}$ = 1 ha (moyenne y'imilyango y'abantu 6).

.../...

Iyi mibare irasobanura bihagije ukuntu imiryango yo mu Rwanda idafite ubutaka buhagije. Niba rero moyenne y'ubutaka bwayo ali ha. 1,20; biratwereka ko imiryango myinshi itagejeje kuli ha. 1 nubwo nayo ali ntoya cyane.

Kubera kubura ubutaka buhagije byatumye abahinzi bapfa kwadukira n'ahatagombaga guhingwa, hagenewe urwuli n'amashyamba kubera ko hafite ubutaka bubi, umusaruro ukomeza kuba muke, bikubitiyeho no kudafumbira amasambu. Ubutaka bwarushijeho gusaza mu turere twiganjemo imisozi miremire bitewe n'isuli.

Plan ya kabili y'Igihugu 1977-1981 idutegeka guhindura imihingire, tugahinga na none dufumbira kugira ngo twongere umusaruro. Kugira ngo dukulikize iyo plan tugomba kwita kuli iyi milimo y'ingenzi yongera umusaruro:

1/ Kurwanya isuli no gufumbira ahahingwa;
2/ Guhinga imyaka mu turere dukwiranye nayo;
3/ Guhinga imbuto z'indobanure;
4/ Gusimburanya imyaka uko ibihe bitashye;
5/ Guhingira igihe;
6/ Guhunika neza ibyo twejeje;
7/ Gutunganya ubuhahirane bw'uturere.

I. <u>Kurwanya isuli no gufumbira ahahingwa</u>

Murabisobanulirwa na mugenzi wanjye BARAHIRA Cyprien.

II. <u>Guhinga imyaka mu turere dukwiranye nayo</u>

Kugira ngo umusaruro wiyongere birumvikana ko ali ngombwa guhinga buli gihingwa aho gikwiye, nukuvuga ahali ubutaka gikunda, hakaba ubushyuhe gishaka, hakagira imvura gikeneye n'imicyo cyifuza. Ibyo bizagerwaho abahinzi-borozi bamaze kumenya ko ali ngombwa guhinga imbuto zikwiranye n'uturere batuyemo, kandi akaba alizo bahinga zonyine ku buryo bwa kijyambere.
Iyi programme ikubiye mu gatabo "<u>Duhinge tworore kijyambere</u>" mwohererejwe na Ministeri y'Ubuhinzi n'Ubworozi. Ilimo uturere 12 n'ibigomba kuduhingwamo.

III. <u>Guhinga imbuto z'indobanure</u>

Ili jambo ntiligomba igisobanuro kubera ko indobanure ali izitoranyijwe kubera ko zirusha izindi mu: -kwera byinshi
- kurwanya indwara
- kwera vuba
- kuryoha.

Ibi ntibibazwa buli muhinzi cyangwa buli Komini ahubwo bishinzwe ISAR ibazanira izirusha izindi.Icya ngombwa ni ugukulikiza inama zayo.

IV. Gusimburanya imyaka uko ibihe bitashye

Ni ukuvuga ko ibinya-bijumba bisimburwa n'ibinya-misogwe, nabyo bigasimburwa n'ibinyampeke (tubercules - légumineuses et céréales). Ibyo bikorerwa kugira ngo bisaranganye ibili mu butaka kandi ntibusaze. Imyaka imwe ifite imizi miremire igatungwa n'ibiba hasi, indi ifite imizi migufi igatungwa n'ibyo inyunyuza hejuru. Imyaka imwe ikenera ifumbire nyishi, indi aho kuyikenera cyane ikagira iyo yongeramo.

V. Guhingira igihe

Kubera ibihe byacu bisigaye bitujijisha, igihe cyiza ni igihe imvura itangiye kugwa neza, ntidutegereze italiki runaka.
Ubundi ibihe twali twaramenyereye byo guhinga ni ibi:
1. Kuva hagati y'ukwa cyenda kugeza ukwa cumi kurangira;
2. Kuva mu kwa gatatu gutangira kugeza mu kwa kane hagati.

VI. Guhunika neza ibyo twejeje:

Ntitwaruha duhinga kugira ngo ibyo twejeje bilibwe n'imungu n'imbeba. Niyo mpamvu ubu Leta yatangiye programme y'iyubakwa ry'ibigega by'imyaka (ibya GRENARWA na za SILOS za Catholic Relief Services UNICEF). Za projets zifasha kongera umusaruro na za Coopératives, ntizibagirwa iyo programme y'ibigega.

IBIGEGA BISHOBORA GUHUNIKWAMO TUMAZE KUGERAHO

| | | |
|---|---|---|
| 1. | OPROVIA - GRENARWA | 8.550 T |
| 2. | CECOBM | 4.130 T |
| 3. | CATHOLIC RELIEF SERVICES | 1.530 T |
| 4. | P.I.A. GIKONGORO | 1.500 T |
| 5. | COPISHYAKA KIBUNGO | 1.300 T |
| 6. | OVAPAM | 800 T |
| 7. | P.A.M. | 750 T |
| 8. | PAYSANNAT ICYANYA | 400 T |
| 9. | A.I.D.R. RUHENGERI | 200 T |
| | TOTAL | 19.160 T |

Programme ya Leta igamije ko buli Komini yagira silo yayo ya toni 100 nyuma secteur ikazagira silo ya toni 50. Kuli ubwo buryo abahinzi bashobora kubika neza ibyo bejeje, ibyo badakeneye bikagulishwa mu tundi turere ali byiza kubera ko byabitswe neza. OPROVIA nayo igomba kugira ibigega bihagije muli za Prefegitura kugira ngo bishyingurwemo ibisagutse buli za silos za Komini na segiteri kandi bigoboke za Komini zitejeje ibihagije. Iyi programme igomba kujyana no kongera umusaruro mu turere twose tw'u Rwanda.

.../...

VII. Gutunganya ubuhahirane bw'uturere:

Kugira ngo umusaruro wiyongere ni ngombwa kandi ko buli muhinzi mworozi yabibonamo inyungu imushimishije. Nicyo gituma itunganya ry'ubuhahirane ligomba kwihutirwa, lishingiye ku biciro bihagije. Ministeri zibishinzwe, cyane cyane iya Economie na Commerce ibifashijwemo n'iya Affaires Sociales na Mouvement Coopératif, ntibagiwe iza Intérieur na Travaux Publics, zigomba kubitunganya bidatinze (Coopératives - Transports - prix).

Gutanga urugero:

Kugira ngo abahinzi-borozi bashobore guhinga bakulikiza iyi programme, ni ngombwa kubona ingero nziza ziturutse kuli Komini no ku bajijutse kurusha abandi. Nyakubahwa Prezida wa Republika yategetse kuwa 1/8/1973 ko Komini zigomba kugira imilima ntanga-rugero abagorokuwa nome berekaniraho imihingire ya kijyambere, aliko kugeza ubu abafite urugero koko ni bake cyane. Mu ntangiliro ya 1980 yongeye kwibutsa ko ba agronome batanga urugero, kubera ko abahinzi badakeneye amagambo. Iyo milima izaba iy'urugero igihe Burgumestri azaba abyumvikanyeho na agronome, umulima wa Komini ukagira abakozi bahinga bakulikiza amabwiliza ya agronome.

Urugero kandi ntirukwiye guhagaralira kuli Komini, rugomba gukulikizwa na za secteurs, cellules na ba Militants bafite umutwe n'umufuka nkuko bigenda mu myubakire no mumyambalire.

Indorerahamwe y'inyigisho. Guteza imbere amashyamba mu byaro.

I . Akamaro k'ishyamba
II. Uburyo bwo gutera amashyamba n'uko bikorwa
III. Gufata amashyamba neza no kuyatutira
III.1. Kubagara
III.2. Gukonera
III.3. Gukaragira (kwanganya, kwicira) no gututira
IV. Imbaraga zidapfa ubusa zongera gukoreshwa.

I. Akamaro k'ishyamba:

Kera abantu batarajijuka babonaga ishyamba ali ahantu h'ukuzimu hadafitiye umuntu akamaro. Yaba ali uko ligiye gushira, usanga ubungubu abantu balicira akali urutega, impamvu aliko ni nyinshi.

- Abahanga mu byerekeye kumenya ijuru n'ibihe byaryo basanze lifite akamaro cyane mumigwire y'imvura. Uturere twahozemo amashyamba bakayamaraho imvura yaho yaragabanutse.
- Ishyamba liringaniza ubushyuhe bw'aharyegereye.
- Ishyamba lituma amazi ali mu butaka adakamukamo vuba ngo apfe ubusa.
- Amababi n'ibyatsi byose bihashangukira bifumbira ubutaka. Ishyamba kandi ni ikigega cy'inkwi, amakara n'imbaho.

.../...

- Akandi kamaro k'ishyamba gakomeye ni uko lirwanya isuli. Imizi yaryo ifata ubutaka ntibutwarwe.
- Ku byerekeye imiterere karande y'ahantu, ahali ishyamba niho usanga hakili ibiti n'amabuye byaho bya kamere.

TABLEAU XII. Amashyamba mu Rwanda:

| Aho ligereye | Nyungwe | Mukura | Gishwati | P.N.Birunga | Igiteranyo |
|---|---|---|---|---|---|
| Ubuso (ha) | 106.450 | 3.760 | 25.870 | 12.250 | 148.830 |
| % | 71 | 3 | 17 | 9 | 100 |

Ishyámba liri kuli 6% ry'ubuso bw'Igihugu.

II. Uburyo bwo gutera amashyamba n'uko bikorwa:

Igihe cyo kuvuga ko amashyamba agomba kwimeza gusa cyararangiye. Ali aya kimeza ali n'amaterano yose agomba kwongerwa, gukorerwa agafatwa neza nk'ibindi bihingwa. Urebye ukuntu dukoresha ubutaka kuli iki gihe, uwavuga ko amashyamba ashobora kwisubiza ubwayo yaba yibeshya cyane. Amashyamba y'amaterano nayo twitereramo ibiti tuzi akamaro kabyo kandi dushobora kwicungira neza. Aliko rero ntitwayatera mu ubutaka bugenewe ibihingwa ngandura-rugo n'ibyingenga-bukungu.

Gutera ishyamba bigomba izi ngingo:

- Guhitamo ubutaka aterwamo butagenewe ibindi bihingwa,
- Gutoranya amoko y'ibiti meza. Iryo toranya ligomba kwita ku mimerere y'aho ishyamba lizaterwa (sipure, pinusi, ikalitusi mu misozi miremire), amoko amwe y'ikalitusu, gereveriya, mu misozi ilinganiye, casia n'accasia mu misozi migufi) n'akamaro balitezeho (umusaruro, igihe limara kugira ngo libe likuze, kulisarura, ibiciro mu masoko). Umurama uterwa ugomba gukomoka ku moko y'indobanure kandi ku biti byiza.

Ku moko afite imbuto nini bagomba kuzijonjorera hamwe bagatera iziruta izindi. Umurama uhumbikwa (winazwa) mu kalima kabanziliza pépinière mu butaka bwiza, bworoshye kandi hafi y'amazi. Ubuso bwa Pepiniyeri bugenwa n'uko imbuto ingana n'aho bashaka kuzatera ishyamba uko hangana. Pepiniyeri igabanywamo imigende (imitabo) ya m1 -1,5 itandukanyijwe na cm 50.

Uko imbuto iterwa ingana bituruka k'ubwoko bw'igiti:
- Kalitusi salinya, robusta, tereticornis, hagomba gr.150/Ha, ponctata, globulus, maideni, hagomba gr.200:ha, izambere zigira umurama muto.
- sipure hagomba gr. 250/ha,
- grevelia hagomba gr. 100/ha.

Aho bamaze guhumbika (kwinaza) barahasasira, bakazasasura imbuto zigitangira kumera (icyumweru 1 - 2 ). Hagomba kuvomerwa 2 ku munsi, mu gitondo na nimugoroba.

Mu kalima kabanziliza pepiniyeri imbuto zihamara ibyumweru 6 - 8 zikabona kugemurwa muli pepiniyeri. Ingemwe zigiye muli pepiniyeri bazatera mu bihoho bya plastike cyangwa ibiboshywe mu birere bashyizemo itaka ryiza lirimo ifumbire. Aho niho zikulira zikamera neza, zigakomera k'uburyo zishobora kuzafata aho zizaterwa. Aho ibihoho bipanze bagomba kufatwa neza hakubakirwa, bikavomerwa bihagije. Nyuma y'iminsi 10 bamaze gutera mu bihoho ingemwe zitafashe zigomba gusimburwa. Ingemwe ziterwa zimaze amezi 6 - 7 muli pepiniyeri zifite cm 15 - 20 z'uburebure. Mbere yo gukura imbuto muli pepiniyeri zijya guterwa babanza kuzivomera cyane. Imbuto zili mu bihoho bya plastike bazitera babikuyeho kugira ngo imizi izakure neza. Ahazaterwa hatunganywa hakili kare:

- Gupima ahazacukurwa imyobo bikulikije ubwoko bazatera.

| | | |
|---|---|---|
| Kalitusi | zikura zitinze | m 2 X 1,5 |
| " | " vuba | m 2 X 2 (Robusta, Salinya, maideni) |
| Grevelia | | m 2 X 2,5 |
| Pinusi | | m 2 X 1,5 |

- Gucukura imyobo igira cm 50 z'ubugali na cm 50 mu bujyakuzimu.

Batera m'ukwakira n'ugushyingo, Nyuma y'iminsi 15 bamaze gutera bareba izanze gufata bakazisimbuza izindi.

## III. Gufata amashyamba neza no kuyatutira:

Ishyamba lititaweho limera nabi, usanga ryamezemo ibyatsi bibi, likuzuramo udukoko, indwara na za muhekenyi (rongeurs). Usanga kandi ibiti byaryo bitameze neza, umusaruro ugatuba. Imilimo ikorerwa amashyamba ilimo ibice bitatu: kubagara, gukonera, gukaragira (kwanganya,kwicira).

### III.1. Kubagara:

Kubagalira ishyamba ni uguhora batema ibyatsi bilimeramo. Biba ngombwa cyane cyane mw'ishyamba likili lito. Ilimaze gukura balitema limwe mu mwaka.

### III.2. Gukonera:

Gukonera ni ugukokora amashami yo hasi. Ibyo bituma igiti gikura neza kigororotse kandi imbaho zacyo ntuzisangemo amapfundo (amasubyo). Ni byiza gukonera mu mpera z'impeshyi kuko aho bakomerekeje huma vuba naho mu gihe cy'imvura hatinda kuma hakajyamo twa tuyege dutera indwara. Hali amoko y'ibiti yikonera ubwayo, nka cedrela n'umuhumuro (maesopsis).

### III.3. Gukaragira (kwanganya, kwicira) no gututira:

Bikorerwa kugira ngo ibiti bibone urumuli ruhagije n'aho bikulira bitabyigana. Batema ibimeze nabi hagasigara ibifite igikuliro cyiza kandi bigororotse.

.../...

Mu mashyamba y'amashibukano basiga ibishibu 3 byiza ibindi bikavaho. Igihe cyo gutemera igiti giterwa n'ubwoko bwacyo cyangwa icyo bashaka kugikoresha. Ku biti byo kubaka bashobora gutema ilimaze imyaka 4 - 5, naho iby'imbaho n'ibibazwamo utundi dukolikoli bigomba kuba bikuze cyane.

Ibihe bashobora gutemera ibiti ukulikije amoko yabyo:

| | | | |
|---|---|---|---|
| Ibyitwa conifères | imyaka | 10 - 15 | bivamo impapuro |
| " " | " | 40 | birabazwa |
| Sipure | " | 25 - 35 | birabazwa |
| Kalitusi | " | 4 - 12 | birubaka |
| " | " | 25 | birabazwa |
| Umuhumuro (Maesopsis éminii) | " | 40 - 50 | birabazwa |
| Pinus | " | 40 - 80 | birabazwa |

IV. Imbaraga zidapfa ubusa zongera gukoreshwa:

Ikibazo cy'ibicanishwa giteye inkeke mu Rwanda kuva muli iyi myaka ishize ntawe utabibona (ibiciro bya peteroli byarazamutse, amakara ni make, inkwi zabaye ingume). Mu byaro bali basanzwe bicanira inkwi none ibiti byarakendereye haboneka gusa 17% z'inkwi bakeneye. Inkwi ziva mu mashyamba ubu ni nkeya cyane. Mu 1978 muliyo amasiteri 20.393 ni ayo mu mashyamba ya Leta, naho 67.601 ni ayo mu mashyamba ya za Komini. Iyo bagereranyije ubu basanga abaturage bakeneye amasiteri nka 7.000.000 (isiteri 1,5 k'umuntu mu mwaka). Inkwi ziboneka ubungubu zipfa kwongerwa n'udushyamba tw'abaturage, ibikenyeli, ibigoligoli, ibiti by'imyumbati, amashara n'ibisheshe. Amakara yo ni makeya cyane (T 3.300/umwaka) kuyacana kandi bigomba ibiti byinshi none byamaze ishyamba. Bavuga ko ha 1 y'ishyamba ivamo T 2,5 z'amakara. Bikubitiyeho kandi ko amakara ahenda cyane (300 F/umufuka) ugereranyije n'isiteri (200 F/ isiteri).

Umuti rero waba uyu:

- Buli muturage akwiye kwiterera ishyamba mw'isambu ye ahabi adahinga indi myaka ntanaharagire;
- Gutera amashyamba mu butaka bwose bwa Leta n'ubwa za Komini butaberanye n'imyaka n'urwuli;
- Gukoresha nyiramugengeri aho ili hose kandi ikagulishwa ku giciro umuturage ashoboye gutanga;
- Ibisigara mu milima basaruye, ibiva mu nganda z'isukali, pireteri na Kawa bishobora gucanwa ntibipfe ubusa byose bigakoreshwa.

.../...

PROBLEMES RELATIFS AUX FORETS

A. FORETS NATURELLES:

- Bugesera: Presque finie. - Envisager un programme de reboisement avec des essences appropriées.

- Nyungwe: Actuellement - programme de sauvegarde. Toute coupe interdite.

- Gishwati: Une partie à sauvegarder et l'autre à exploiter dans le cadre du projet agro-sylvo-pastoral financé par la Banque Mondiale.

- Fraude des planches dans les Forêts Naturelles surtout dans les Communes MUKO, KIVU et MUSEBEYA. "Participation des Bourgmestres pour lutter contre des fraudeurs: n°s des plaques pour les véhicules transportant les planches".

- Instruction ministérielle empêchant les privés d'exploiter du bois dans les Communes en bordure des Forêts Naturelles. Seules les Communes peuvent exploiter leurs boisements mais avec une autorisation du Ministre.

- Vu l'utilité de nos forêts, il est grand temps de les protéger pour avoir:
  - la pluie
  - régularisation de notre climat
  - source d'eau
  - feuilles - déchets constituent de la fumure
  - bois de construction, de chauffage, planches, charbon, poteaux, etc...
  - rôle de la forêt dans la lutte contre l'érosion.

- Diversifier les essences :
  - eucalyptus à scier
  - bois d'oeuvre au lieu de détruire le reste de nos forêts naturelles (grevilea , podocarpus, cedrella, etc...).

B. Amashyamba y'amaterano :

- Intego : Utemye kimwe atere bibili.
- Inyandiko zitagira uko zingana z'abantu basaba ibiti: - kubaka
  - gucana
  - kubaza

* Icyemezo cy'Agronome na Burgumestri ko bateye inshuro 2 z'ibyo basaba.

.../...

* Kureba niba ishyamba basabamo likuze,
* Kulitema neza bagatema ibyo agronome aberetse.

- Communes ; nazo zigomba gusaba uburenganzira Ministri w'Ubuhinzi n'Ubworozi kugira ngo ziteme ibiti mu mashyamba yazo kandi nazo zigatera inshuro ebyili z'aho zatemye kandi Agronome akabikulikira.

- Gufata neza amashyamba ya Komini: Amashyamba menshi asigaye atitaweho, ameze nabi; aho kulinda ubutaka asigaye atera isuli, amwe bayaragiramo, bayatema uko babonye.
Amategeko arahali, agomba rero kubahilizwa maze amashyamba akarushaho kugilira abantu akamaro.

- Ikibazo cy'ibicanishwa giteye inkeke: Peteroli isigaye ihenda, amakara ni make, inkwi nazo zabaye ingume kubera amashyamba adafashwe neza.
Uretse udukwi duke tuva mu mashyamba y'abaturage, bongeraho ibikenyeli, amashara, ibigoligoli, ibiti by'imyumbati, ibisheshe n'utwatsi twose babonye.

Muli 1978, habonetse amasiteri 20.393 mu mashyamba ya Leta na 67.601 mu mashyamba ya Komini.
Ugereranyije ko umuturage umwe akeneye isiteri 1,5 mu mwaka, usanga hagomba kuboneka amasiteri 7.000.000 mu mwaka, kandi kuli ha 1 hava toni 2,5 z'amakara.
Ubuso bw'ahantu hasigaye kuba haterwa amashyamba mu Rwanda buragera kuli ha 200.000. Tukaba rero tubona ko umuti kugira ngo dushobore kubaho ali uko twatera amashyamba ahantu hose hadahingwa ntihabe n'inzuli.

Gukoresha nyiramugengeri aho ili hose kandi ikagulishwa ku giciro kidahenze umuturage. Gukoresha ibisigara mu milima iyo barangije gusarura, ibiva mu nganda z'isukali, za pireteri n'iza Kawa cyangwa mu masarumara aho kugira ngo bipfe ubusa.

- Gufata amashyamba aliho neza kugira ngo avemo umusaruro mwinshi kandi mwiza; ibyo bikaba biterwa no kuba warayateye aho agomba guterwa atabangamiye ibihingwa ngandura-rugo cyangwa ngenga-bukungu.
  * Gutoranya amoko meza y'ibiti biterwa bikulikije aho uzatera ishyamba n'akamaro ulitezeho,
  * Gutera umurama ukomotse ku biti by'indobanure ( Centrale des graînes forestières de Butare à l'ISAR),
  * Kwinaza imbuto mu butaka bwiza (pépinière, germoir), no kuzifata neza igihe zikili ntoya (kuvomera, gutwikira, kuzishyira mu bihoho, gusimbura izaba zitarafashe neza,

.../...

* Gutegura neza imyobo bazaziteramo ku gasozi no kuhapima bakulikije ubwoko bw'ibiti bizahaterwa,

* Gutera mu Ukwakira cyangwa mu Ugushyingo igihe imvura itangiye kugwa,

* Gufata amashyamba neza no kuyatutira, kuvanamo ibyatsi bibi bikururamo udukoko n'indwara za muhekenyi,

* Kuyabagara cyane cyane iyo akili mato,

* Kuyakonera bakokora amashami yo hasi kugira ngo ibiti bizagororoke kandi bizagire imbaho zidafite amasubyo,

* Kuyakaragira no kuyanganya kugira ngo abone urumuli ruhagije, ibiti byoye kubyigana.
Batema ibiti bimeze nabi bagasiga ibyiza kandi bigororotse.

- Amashyamba agomba kulindwa umuliro:

Ubu wagira ngo hali indwara yadutse yo gutwika amashyamba. Ibyo byiganje hafi muli za Prefegitura zose aliko biteye inkeke muli KIGALI, KIBUNGO na GIKONGORO. Iyo ngeso mbi ikwiliye kuvaho, abatwitse amashyamba bagahanwa bihagije.

Mu ngingo ya 439 ku rupapuro rwa 111 rw'itegeko-teka n°21/77 ryo kuwa 18 Kanama 1978 lishyiraho igitabo cy'amategeko ahana igira iti: (emprisonnement de 3 mois à 5 ans et d'une amende de 10.000 Frw au maximum ou de l'une de ces peines seulement..).

Kubera ukuntu icyo cyorezo cyo gutwika kimaze gukwira, mwali mukwiye kudufasha kubahiliza iryo tegeko kugira ngo amashyamba yacu abashe kutugilira akamaro tuyatezeho.

Itunganyamilimo y'amashyamba agomba guterwa.

- Mu ibaruwa ye n° 30/12.02 yo kuwa 4 Mutarama 1980, Ministri w'Ubuhinzi n'Ubworozi yandikiye ba gronome ba Prefegitura bose akabimenyesha na ba Prefe bose, yabasabye ko bamumenyesha ku buryo bunonosoye ubuso n'imisozi yaterwaho amashyamba muli Komini zose, umubare w'ibiti nkenerwa ukulikije ubwoko buteganijwe, aho za pépinières zizubakwa n'ubwoko buzaterwa ukulikije uko ahantu hameze n'icyo uzakoresha ibyo biti. Ibyo byose Ministri yasabaga byagombaga gutuma tumenya amafaranga azateganywa na Leta muli iyo milimo yose, abakozi bakenewe, ibihoho, ibikoresho n'ibindi. Aha rero naho nagira ngo muzadufashe kubigeraho kugira ngo mu iteganya ry'ibya ngombwa Leta yafashisha imwe n'imwe muli iyo milimo ibiteganye hakili kare kandi inashobore kugenzura uko ikorwa.

Ibyo kandi byazanadufasha kugira/imishinga twategura hakili kare Leta ikaba yayishakira abayikora.

Amafishi y'amashyamba yose yo mu Rwanda:

- Mu mwaka ushize, Ministeri y'Ubuhinzi n'Ubworozi iherutse kohereza ubwoko bulindwi bw'amafishi yerekeye amashyamba ali aya Leta, aya Komini, ay'abaturage bishyize hamwe, ay'abaturage ku giti cyabo, ayo ku Mihanda ya Leta, ayo ku mihanda ya Komini n'ifishi y'ubwiyongere bw'amashyamba buli mwaka mu makomini.

- Mulibuka ko ayo mafishi na kera yahozeho agatuma ubutegetsi bukulikira imimerere y'amashyamba. Ubu rero ayo mafishi yasubiweho, none twifuzaga ko yakoreshwa maze Komini, Prefegitura na Ministeri zikabasha kuyakulikira bitaruhije.

- Ibyo nabyo mukwiye kubidufashamo kugira ngo iyo milimo itungane kandi tubashe gukulikira imiterere n'ihinduka ry'umutungo-shyamba w'igihugu.

IMISHINGA Y'AMASHYAMBA:

- Hano ndagira ngo nshimire ba Burgumestri badufashije kandi bakomeza kudufasha mu itunganya ry'umushinga rukomatanyo w'ubuhinzi, amashyamba n'ubworozi bw'amatungo mu rya kimeza rya Gishwati, no gutera amashyamba kuli ha 5.000 i Kigali na 3.000 i Butare by'inkwi zo gucana.

Nk'uko mubizi, uwo mushinga wahawe amafaranga arenga miliyoni 2 na Banki y'Isi yose bifatanyije n'u Rwanda.
Uwo mushinga washyizweho ibuye rya mbere na Prezida wa Republika y'Urwanda ku munsi wa mbere wo gutangiza no gutaha imishinga. Muzagumye rero kudufasha kugira ngo uwo mushinga ufitiye akamaro Igihugu cyose ugere ku ntego zawo.

- Umushinga-mbonera w'amashyamba ku Kibuye:

Muzi akamaro uwo mushinga ufitiye igihugu mu gutera amashyamba ku Kibuye n'i Cyangugu, mu kwigisha impuguke mu by'amashyamba n'ibindi. Turashimira ba Burgumestri bafatanya n'uwo mushinga kugira ngo biyongerere umutungo batera amashyamba muli za Komini bashinzwe.

- Indi mishinga nka OVAPAM mu Mutara, B.G.M. mu Bugesera, Gisaka Migongo, Intensification yo ku Gikongoro na Nyabisindu n'indi nk'iyo idufasha mu byerekeye iyongera-mashyamba mu karere iherereyemo kandi ikanafasha za Komini.

INYIGISHO MU BYEREKEYE AMASHYAMBA/

- Umushinga-mbonera wo ku Kibuye umaze kwigisha impuguke zirenga 20 mu byerekeye amashyamba hakaba halimo ba Ingénieurs 9 kandi ukaba unagumya kudufasha muli izo nyigisho.

.../...

Birumvikana rero ko abize iby'amashyamba bagikenewe aliko nyamara tukaba duteganya mu myaka ili imbere ko Komini yagira Kanyeshyamba wayo. Ishuli ry'i Nyamishaba likaba liteganya kuzigisha ba Techniciens Forestiers mu gihe gitaha naho Université ikaba yigana na Ministeri y'Ubuhinzi n'Ubworozi hamwe na Pula n'iy'Uburezi bw'Igihugu ukuntu bazigisha ba Ingénieurs forestiers.

Ku byerekeye ba moniteurs forestiers, ba Conseillers, umushinga mbonera wo ku Kibuye ujya uhugura abo bantu mu bireba ibibazo by'amashyamba. Kuva ku italiki ya 2 kugeza kuya 8 Kanama 1980, abahinzi n'abalimu b'amashyamba bo muli Kigali, Gisenyi, Butare, Byumba na Kibuye baherutse kwihugura muli ubwo bumenyi.

UMUNSI W'IGITI MU MWAKA WA 1980.

Muli uyu mwaka, umunsi w'igiti mu Rwanda uzaba kuwa gatandatu taliki ya 25 ukwakira. Uwo munsi ngira ngo kandi sinshidikanya ko buli Komini yawiteguye kuburyo buhagije mufatanyije n'abagronome banyu, pépinières ubu zimeze neza, ahazaterwa harateguwe hamwe n'imbuto zihagije

Mboneyeho akanya ko gushimira ba Burgumestri bagiye batera ibiti bilibwa ku mihanda ya Komini cyangwa se ibiti bibazwa. Ministeri nayo yabafashije muli iyo milimo kuburyo yabishoboraga ibohereza ibikoresho n'ibihoho birenga miliyoni 12 n'ibindi. Uwo munsi ngira ngo ni ukuwuzilikana cyane duhesha igiti akamaro kacyo kandi twambika imisozi yacu kugira ngo idatwarwa n'isuli. Uwo munsi rero sinshidikanya ko muzawutunganya uko bikwiye mukanatugezaho umubare w'ibiti u Rwanda ruzaba rwungutse.

Kuli za Komini z'imijyi, ndagira ngo nongere nibutse ko kuhatema ibiti bibujijwe kuko bihazana umwuka n'ubuzima bwiza; niba hali ibiti bikuze cyane cyangwa se bibangamiye ibintu byo mu mujyi, uruhusa rutangwa na Ministri w'Ubuhinzi n'Ubworozi wenyine kandi impushya zitangwa zigomba gukulikiza yuko utemye kimwe atera bibili. Muzadufasha rero kugenzura niba abasaba ibiti bakulikiza iyo ntego.

Kugira ngo rero umunsi w'igiti uzajye urushaho gutungana buli mwaka, Ministeri ikeneye kumenya ibyo Komini ziba zarateganyije buli gihe n'aho zizatera aho hahereyeye.

IRUSHANWA RY'AMASHYAMBA MEZA RYO MULI 1980-1981.

Mu byerekeye umunsi w'igiti uteganywa mu 1980 na 1981 kuli 25 ukwakira 1980 na 31 ukwakira 1981, Ministeri y'Ubuhinzi n'Ubworozi yateganyije irushanwa ry'amashyamba meza ya Komini zose z'u Rwanda igamije ubwiyongere bw'amashyamba mu Gihugu.

Iryo rushanwa lizakorwa mu buryo bukulikira:

1. Lizita ku mashyamba azaba yaratewe mu gihembwe cya kabili cyo muli 1980 (Ukwakira n'Ugushyingo) no mu gihembwe cya mbere cya 1981( Werurwe na Mata). Agomba kuzaba yaratewe na za Komini ubwazo zidafashijwe n'amafaranga aturutse ahandi uretse ibihoho bitangwa na Ministeri y'Ubuhinzi n'Ubworozi.

2. Komini zifuza kuzajya muli iryo rushanwa zizuzuza urupapuro rukulikira rugomba kugera muli Ministeri mbere y'italiki ya 1 Ukwakira 1980
   Jyewe kanaka ushinzwe Komini ya ...............Prefegitura ya......
   .............nemeje ko Komini...................yiyandikishije mu irushanwa ry'amashyamba meza ya za Komini z'u Rwanda 1980 - 1981.
   Bikorewe i................taliki ya...........................1980.
   Burgumestri (izina, signature na cachet ya Komini).

3. Mu kwezi kwa gatandatu 1981, abategetsi ba Komini babishinzwe bazereka agronome wa Prefegitura nibura amashyamba 3 ya Komini aliko buli shyamba ligomba kuba lifite ha 2.
   Agronome wa Prefegitura azahitamo ilyiza limwe gusa muli buli Komini.

4. Abashinzwe kugenzura amashyamba meza bazita kuli ibi bikulikira:
   - Ubuso bw'ishyamba nibura ha 2 kuli buli shyamba lyatoranyijwe,
   - Ubwiza bw'ishyamba (aho liteye, ubwoko bw'ibiti, uburyo byatewe, uko likoreye, imimerere rusange n'ibindi...).

5. Agronome wa Prefegitura azereka abashinzwe igenzura ly'irushanwa amashyamba angana n'uko Komini zirushanwa zingana.

6. Igenzura lirangiza liteganyijwe mu kwezi kwa 8 n'ukwa 9/1981 lizasura amashyamba meza agronome wa Prefegitura azaba yarahisemo muli za Komini maze bakuremo amashyamba 3 meza aruta ayandi muli buli Prefegitura.

7. Ibihembo biteye bitya:
   * Igihembo cya mbere : amafaranga 100.000
   * Igihembo cya kabili: amafaranga 60.000
   * Igihembo cya gatatu: amafaranga 40.000

Ayo mafaranga azahemba bakulikije listi abakozi bazatera andi mashyamba muli Komini zizaba zabaye iza mbere kugarukira kuli ibyo bihembo bazaba babonye. Ibyo bihembo bizatangwa ku munsi w'igiti wo muli 1981.
Nguko rero ukuntu Ministeri y'Ubuhinzi n'Ubworozi yateguye irushanwa ry'amashyamba meza azaba yaratewe na Komini muli 1980-1981.
Ntimutangwe rero, nimutangire mwandikishe Komini zanyu.

.../...

UMUSHINGA W'IBICIRO BISHYA BY'IBITI BYO MU MASHYAMBA YA LETA N'AYA KOMINI/

Iteka rya Ministri w'Ubuhinzi n'Ubworozi n° 7/10 ryo kuwa 10 Nyakanga 1969 lyasohotse muli gazeti ya Leta n° 15 yo kuwa 12/8/1969 lishyiraho ibiciro by'ibiti bitemw mu mashyamba ya Leta n'aya Komini lili hafi gũhinduka.

Ibyo biciro bishya bigenewe guhesha agaciro ibiti gutyo abantu bakarushaho kubitera aho kubitemagura uko babonye kubera ko bidahenda;

Abaturage bongeje ibiti byabo kuva kera (120 - 150 frw);

Guhuza ibiciro naho igihe kigeze mu byerekeye ubucuruzi;

Kubasha gukulikira neza uburyo batema amashyamba.

- Abashinzwe iby'amashyamba bazajya babanza gushyira ikimenyetso ku biti bigomba gutemwa;
- Ibiciro bishya bizajya bigendana n'uko ibiti bingana kuli 1,30 m uturutse ku butaka;
- Abaguzi ubwabo ntabwo alibo bazajya bitemera ibiti baguze, hazaba abakozi babishinzwe bahembwa na Ministeri;
- Ku ishyamba kimeza rya Gishwati, igiciro kizashyirwaho na Ministri hamwe n'Umushinga waho kandi kuli m3 bakulikije uburyo buzashyirwaho mu icunga ry'iryo shyamba;
- Ku byerekeye ibiti kimeza bya Gishwati, ubwoko bwabyo bwashyizwe hamwe hakulikijwe ubwiza bwabyo aliko ibiguzi bizanarutana;

  Ibi biciro ntabwo byitaye ku mafaranga yo gutemesha, ayo kubivana mu ishyamba kubitwara bigomba kwishyurwa n'ubiguze.
- Ministeri y'Ubuhinzi n'Ubworozi izagumya gutanga uburenganzira bwo gutema ibiti mu mashyamba ya Leta n'aya Komini cyakora amafaranga akakirwa na ba Kontabure babishinzwe bo muli Komini naho ibya Leta akajya muli ya Sanduku yo kongera amashyamba y'u Rwanda (FFN).

Mu magambo make rero ngibyo ibyo nagira ngo mbagezeho muli iyi nama, none mukaba mwambaza n'ibibazo ku ngingo nagiye mbagezaho wenda mwaba mutaboneye ibisobanuro bihagije.

Mbifulije inama nziza kandi murakoze.

.../...

# GUTEZA IMBERE UBUROBYI N'UBWOROZI BW'AMAFI MU BYARO.

I. Intangiliro
II. Uburyo bwo kuroba
1. Kurobesha urushundura
2. Kurobesha umugono
3. Kurobesha umutego witwa "Epervier"
4. Kurobesha umutego witwa "Filet donnant"
5. Kurobesha umutego witwa "Senne"
III. Uburyo bwo kworora amafi
1. Icyuzi bita "Etang"
2. Icyuzi bita "Vivier"
I V. Gufukura icyuzi
V. Kworora amafi.

## I. Intangiliro.

Kurya ifi hambere cyaraziraga aliko ubu bimaze gukwira kubera ko ubworozi bw'inka bwagabanutse kandi imiziro imwe n'imwe mu bilibwa ikagenda ivaho. Ibitunga umubili bili mu mafi bisa n'ibyo mu nyama z'inka (Ibyubaka ubuzima -Protéines 19%, Amavuta-liquides 14%, Imyunyu-Sels minéraux 1-2%) aliko ku mavuta ubwoko bwose bw'amafi ntibufite angana (hali izifite duke, izifite alinganiye n'izifite menshi). Byongeye kandi ifi zibikika neza kurusha inyama (izumye cyangwa izitaze) Indagara(zirobwa mu Kivu) zumye cyangwa Tilapia zitazwe hanyuma bakazumisha zishobora kumara ibyumweru byinshi zitarangilika. Bityo rero ifi zishobora gusimbura inyama aho batorora cyane cyangwa igihe amatungo yatewe n'icyorezo. Ubundi kandi uburobyi buha abatuliye ibiyaga n'imigezi minini amafaranga. Abo barobyi Ministeri y'Ubuhinzi n'Ubworozi ifite umurego wo kubateranyiliza muli za Koperative amafi yabo ikayabagulira agacuruzwa mu mangazini abigenewe i Kigali. Umusaruro ushobora kuva mu biyaga byacu uli hagati ya Toni 11.300 na toni 16.300 mu mwaka.

Tableau XIII. Umusaruro w'ifi muli 1978

| Préfecture | Umusaruro wo mu biyaga (Kg) | Umusaruro wo mu byuzi (kg) | Igiteranyo (Kg) |
|---|---|---|---|
| KIGALI | 163.826 | 1.500 | 165.326 |
| GITARAMA | - | 690 | 690 |
| BUTARE | - | 9.696 | 9.696 |
| GIKONGORO | - | - | - |
| CYANGUGU | 136.253 | - | 136.253 |
| KIBUYE | 2.820 | 604 | 3.424 |
| GISENYI | 35.456 | 42 | 35.498 |

..../...

| | | | |
|---|---|---|---|
| RUHENGERI | 124.911 | 2.745 | 127.656 |
| BYUMBA | 35.000 | - | 35.000 |
| KIBUNGO | 309.890 | - | 309.890 |
| IBITERANYO | 709.256 | 15.277 | 724.533 |

Abashinzwe imilimo y'ubuhinzi bamaze kubona ko ibiyaga byo mu Rwanda bilimo amafi makeya batangiye kuyongeramo no gufukura ibyuzi byo kuyororeramo; ibyo byatangiye mu gikclonize n'aho tuboneye ubwigenge birakomeza. Nko mu Kivu batangiye gushyiramo indagara mu 1959. Barabikoze birashoboka zirahororokera, batangiye kuziroba mu 1977. Muli Ministeri y'Ubuhinzi n'Ubworozi ubu hali umushinga worora amafi ukanayatera mu bizenga witwa "ELADEP". Ukaba ushinzwe n'ubushakashatsi ku byerekeye amafi.

II. Uburyo bwo kuroba.

Hali uburyo bwinshi bwo kuroba ukulikije aho uroba uko hameze, iyo ali mu ruzi, mu bizenga cyangwa mu biyaga. Bihindurwa kandi n'ubwoko bw'amafi uroba. Mu nzuzi bakoresha cyane cyane ubu buryo:

1. Kurobesha urushundura

Ifi ifatwa n'akuma k'ingobe baba bashyizeho icyo ishobora kurya (umunyorogoto, agace k'inyama cyangwa umugati). Mu biyaga bito hafi y'inkombe n'ahali ibitare bigaragara hejuru y'amazi.

2. Kurobesha umugono

Umugono ni akantu kameze nk'umutemeli kaboheshejwe imigano. Bagashyira mu mazi umunwa wako ureba aho aturuka. Ifi yinjiranyemo n'umuvumba w'amazi ntibone uko isohoka. Mu biyaga bakoresha ubu buryo.

3. Kurobesha umutego witwa "épervier".

Uwo mutego uba uboshye ku buryo umeze nk'umutemeli ku munwa wawo bagahambiraho igiti. Umurobyi awurobesha ahagaze mu bwato. Afata cya giti akavika umutego mu mazi akadaha akawuzamura uwo mwanya ifi zigafatwa mu ndiba kuko zigendera hamwe ali nyinshi.

4. Kurobesha umutego witwa "filet dormant".

Ni umutego umeze nk'urukiramende munini (m 100 - 200 z'uburebure na m 2 - 4 z'impagazi, imyenge yo mu njishi ikagira cm 10 z'uruhande). Ku ruhande ruherera hejuru bazilikaho ibintu bireremba naho urwo hasi bagahambiraho amabuye kugira ngo bawurêge, uwo mutego ibyiza n'uko ifi nini iyo ziroshye mu myenge y'injishi zawo amababa yazo afatirwamo naho intoya zikikomereza. Izifashwe bazikuliramo aho ngaho.

.../...

5. Kurobesha umutego witwa "senne".

Ni umutego ubwato bugenda bukurura mu mazi ufite uburebure bwa m 60 - 100, m 3 - 4 z'impagazi imyenge yawo ikagira cm 7 - 100 z'uruhande. Babanza kuzilika umutwe umwe w'umugozi uwufashe ku nkombe undi bakawuhambira ku bwato bukagenda buwurambura mu mazi aho bashaka kuroba, hanyuma ubwato bugakata busubira ku nkombe hafi y'aho bawuzilikiye. Ku nkombe haba hali amakipe abili y'abantu noneho agakurura wa mutego ifi zili aho wa mutego wagose zikaza ku nkombe. Uwo mutego nawo hejuru uba uliho ibintu bituma ureremba, ku ruhande rwo hasi bagahambiraho ibintu biremereye byo kuwurega kandi wa mugozi uwufashe ugomba kuba muremure kandi ugakomera cyane. Ubu buryo bwombi ntiburakoreshwa cyane mu biyaga byacu aliko mu Bihugu bidukikije barabukoresha cyane.

III. Uburyo bwo kworora amafi.

Ubworozi bw'amafi bukorerwa mu bizenga bisanzwe cyangwa ibyuzi umuntu afukuye ku buryo bimwungukira. Ibizenga bisanzwe n'ibiyaga, imigezi, ibishanga. Ibyuzi nabyo ni ibyo umuntu afukura ubwe ahantu bitahasanzwe (ibyo bita "étangs" n'ibyo bita "viviers").

1. Icyuzi bita "étang".

Ibyo byuzi ni ibyo bafukura mu mibande cyangwa mu bishanga by'ahantu h'imisozi miremire. Amazi atangirwa n'umugomero. Iyo amazi abaye menshi bayakorera ahantu anyura akuzuruka. Kugira ngo birusheho kugira akamaro igishanga bafukuyemo icyuzi bagitunganya cyose (bagafukuramo byinshi bikulikiranye).

2. Icyuzi bita "viviers".

Ni icyuzi gifukuwe ahantu ho mu misozi y'ibibaya hacuramye buhoro Kubigezamo amazi no kuyakuramo bikagira ubuhanga bwabyo.

IV. Gufukura icyuzi.

Gufukura ibyuzi bilimo imilimo yo gucukura (imigomero) n'imilimo y'ubwubatsi (aho batangilira amazi bakanayarekura "Ecluse", aho bayapompera "siphon"). Hali impamvu nyinshi zituma ibyuzi bigira umusaruro mwinshi; tulibanda ku izingenzi: ubutaka, amazi, udusimba n'ibimera bili mu mazi.

- Ubutaka bwiza ni ubw'igishonyi nubw'urubumba rulimo agasenyi, naho ubulimo nyiramugengeli si byiza kubukoresha.

- Amazi yongera umusaruro biturutse ku mimerere yayo n'ibiyalimo (uburemere bwayo, uko afatira, uko yifashe ku ruhande rwayo rugaragara hejuru "tension superficielle", ubushyuhe bwayo, ibara, uko abonerana, impumuro n'imyunyu iyalimo).

- "Planton" ni utuntu dutoya cyane, tukabamo utw'utumera (phytoplanton) n'utw'udusimba (zooplanton) tugatunga ubwoko bw'amafi bumwe na bumwe (consommateurs de 1er ordre, izitungwa n'utwo tuntu zo mu rwego rwa mbere). Habaho n'ubundi bwoko bw'amafi burya ibimera bisanzwe n'udufi dutoya (consommateurs de 2è ordre, izirya utwo tuntu zo mu rwego rwa 2 nka clarias mossambicus = Inkube).

V. Kworora amafi.

Habaho uburyo bwinshi bwo kworora amafi:

- Ubworozi bwa kijyambere bukorerwa muli bya byuzi byitwa "viviers". Ifi zigatungwa n'ibyo nyirazo azigabuliye gusa. Ibyo bigabulirwa amafi bilimo amoko menshi ibitangwa bigaterwa n'ubwoko bw'amafi yorowe, ikigero agezemo n'icyo bayororera.

- Ubworozi bulinganiye, bukorerwa muli bya byuzi byitwa "étangs": Umworozi agabura ibiryo bicyeya ahasigaye ifi zikirwanaho.

- Ubworozi bworohej bukorerwa muli bya bizenga bisanzwe (ibiyaga, imigezi n'ibishanga). Icyo umworozi akora ni ugushyiramo utwana tw'ifi gusa ahasigaye zikishakira ibizitunga mu mazi zilimo.

Mu bworozi bw'amafi bwa kijyambere (nko m'ubundi bworozi bwose)habaho:

- Ibyuzi by'ururerero, aho bashyira ifi z'ingabo n'ingore zigeze igihe cyo kubyara hakarererwa abana bazo.

- Ibyuzi by'urwororero, bashyiramo abana, ifi zikahakulira zitegereje kuzimurwa bwa nyuma.

- Ibyuzi by'urubyibuhiro, aho hakajya ifi zigenewe kuzalibwa. Mu byuzi barobesha umugano (bawuteze aho amazi asohokera mu cyuzi) no kubikamyamo amazi (babanza gukamya amazi mu cyuzi hanyuma bakabona kuyora amafi). Umusaruro w'ibyuzi mu Rwanda uracyali mukeya kandi ntunahuze ukulikije uburyo ubworozi bukorwa. Ibyuzi bidashyirwamo ibiryo bibona umusaruro wa kg 300 - 600/ ha/mu mwaka naho ibifashwe neza bigeza kuli Kg 1.000 - 6.000/ha/mu mwaka.
Intego ni ukugeza kuli Kg 2.500/ha/mu mwaka.

.../...

## GUFATA UBUTAKA BWACU NEZA

Ba Nyakubahwa Militants Burgumestri,

Nishimiye gufata ijambo muli uru ruhame kugira ngo turebere hamwe kimwe mu bikorwa by'ubuhinzi bituma umusaruro wiyongera, alicyo gikorwa cyo "GUFATA UBUTAKA BWACU NEZA".

Twese tuzi neza ko ubukungu bw'Igihugu cyacu bushingiye ku UBUHINZI n'UBWOROZI. Aliko kandi tugomba kumenya ko umusaruro mwiza kandi mwinshi, hamwe n'amatungo meza tubikesha ubutaka bufashwe neza n'inzuli zifite ubwatsi bwiza.

Kugira ngo ibyo byose bigerweho, twese hamwe tugomba guhagurukira kurwanya isuli ku misozi yacu, tugafumbira imilima yacu, tugatera amashyamba aho indi myaka idashobora kwera, n'ahatagenewe inzuli z'amatungo.

Uyu mwaka wa 1980, nkuko mubizi, Nyakubahwa Prezida wa Republika akaba na Prezida Fondateri wa M.R.N.D., yawitiliye "UMWAKA WO GUFATA UBUTAKA BWACU NEZA"; atwumvisha kandi ko icyo gikorwa atali icy'umuntu umwe gusa, ko tugomba gufatanyiliza hamwe kugira ngo turwanye icyo cyorezo kidutwalira ubutaka alicyo twita ISULI. Muliyumvira lero ko kurwanya icyo cyorezo bigomba gucengera muli buli muvuka-rwanda wese, kandi bikitabwaho buli gihe.

Mu minota 20 cyangwa 30 sinshobora kubagezaho ibigomba gukorwa byose kugira ngo turwanye isuli kandi dufate ubutaka bwacu neza, ndababwira bimwe mu bya ngombwa, ibyo mwaba mushidikanyaho, njye na bagenzi banjye turagerageza kubibasobanulira, tumaze kumva ibibazo n'ibyifuzo muli butugezeho. Ibyinshi kandi muzabisanga mu dutabo dukubiyemo inyigisho z'ubuhinzi twandikwa na Minagri.

Ikibazo cya mbere umuntu yakwibaza, yagira ati: "Isuli ni iki? Twabigenza dute kugira ngo tuyirwanye?

Ikindi kibazo cya kabili umuntu yabaza niba uyu mwaka wa 1980 Umukuru w'Igihugu yabatije umwaka wo gufata ubutaka neza warakulikijwe mu makomini kandi ko uzanabera urugero mu baturage kuyindi myaka izaza.

Ahantu henshi mu Rwanda hali imisozi miremire, kandi ihanamye, imvura yahagwa ali nyinshi kandi ukubitiyeho n'uko ubutaka bumeze ugasanga imivu yatwaye mu kabande no mu migezi ubutaka bwiza, igasiga yatsembye n'imyaka.

..../...

Nkuko rero ubutaka buli amoko menshi nabwo ntabwo butwarwa kimwe, hali inombe, urusenyi, ubutaka bwo mu makoro, n'ubundi.

Impamvu zitera isuli ni nyinshi, muzingenzi twavuga:

1) Imyifatire y'imisozi n'ubutaka
2) Ubwinshi bw'imvura n'igihe imara (durée)
3) Ibikorwa by'umuhinzi-mworozi nko:
   - gutwika imisozi n'amashyamba,
   - guhinga iteka ubutaka ikijyaruguru,
   - guhinga umulima ntuwufumbire,
   - guhinga imbuto ahantu hamwe igihe cyose,
   - kutarwanya isuli mu milima ihingwa,
   - kurenza umubare w'amatungo akwiranye n'urwuli alisha.

Uburyo bwo kurwanya isuli nabwo buli ukwinshi, cyakora ni ngombwa kwamamaza mucyaro ubwo umuhinzi ashobora kwikorera mu isambu ye, kuko uburyo buhambaye bubaza amafaranga menshi, imbaraga nyinshi, n'ubumenyi umuhinzi atabona.

Mu ukurwanya isuli twakwibanda ku:
- gupima no gucukura imingoti ku misozi
- gutera ibyatsi nka setaria, tripsacum, pennisetum kuliyo mingoti
- ahali imisozi ihanamye cyane, kirazira kuhacukura, aho nk'ahali ubucurame (pente) burenze 25% kandi hafite ubutaka buseseka, bene nk'aho haterwa ibyatsi gusa bakulikije imilingoti yapimwe n'abagronome.
- kurwanya isuli bitangilira mu milima ihingwa kandi bagahera mu mpinga z'imisozi kuko aliyo ituruka
- gutwika imisozi n'amashyamba muzi ko atali byiza kandi ko byaciwe burundu. Mwe mufite uburenganzira bwo guhana abo bagira nabi bangiza umutungo w'Igihugu, mukwiye kubahanisha ibihano byateganijwe, abigize kagarara mukabashyikiliza ubutegetsi bwo hejuru.
- gutera amashyamba.

Mu magambo make rero GUFATA UBUTAKA BWACU NEZA NI UKUVUGA:

- guhinga neza
- guhinga ahantu hashashe cyangwa hadacuramye cyane
- gushyira inzuli ahantu hacuramye buhoro
- gufumbira imilima
- gusimburanya neza imyaka mu mulima
- gusasira ubutaka
- kwilinda gutwika aho aliho hose.

Ba Militants Burgumestri,

Uyumwaka wo gufata ubutaka bwacu neza kandi dukesha Umukuru w'Igihugu ntabwo ukwiye kudupfira ubusa.

.../...

Nicyo gituma Ministeri y'Ubuhinzi n'Ubworozi yohereje muli Prefegitura abakozi bo hejuru kugira ngo bayobore imilimo yo kurwanya isuli bafatanije n'abayobozi ba Prefegitura n'aba Komini. Bigatuma abaturage bamenyera iyo milimo kandi bakajya bahora bayikora mu gihe cyibigenewe.

Ndabibutsa ko umuganda muli Komini ukwiye gushyigikira iyo milimo mu mezi aba abigenewe, ayo mezi ni Nzeli (9), Ukwakira (10), Ukuboza (12) Mutarama (1), Werurwe (3), Mata (4) na Gicurasi (5). Hanyuma kandi abaturage bagakorera hamwe amaselire ku maselire, kuko u Rwanda ruzazamurwa n'amaboko y'abana barwo.

Leta izakomeza ibafashe ibohererereza impuguke zo kubagira inama no kuyobora imilimo, izajya ibashakira bimwe mu bikoresho abaturage badashobora kubona mu cyaro nk'amapiki, imbaho y'amazi, rujoro, ibitiyo n'ibindi.

Ikintu cyatuma abaturage bemera akamaro ko kurwanya isuli, ni uko abategetsi abalibo bose, ba Burgumestri n'abandi bayobozi bali muli Komini bakwiye gutanga urugero mu masambu yabo, kugira ngo umuhinzi-mworozi atagira ngo ibyo abagronome bamubwira ni ukumurereka.

Ngibyo ibitekerezo nashakaga kubagezaho.

## IBIBAZO N'IBISUBIZO

1/ Ba Burgumestri ntibamenyeshwa imishinga Ministeri y'Ubuhinzi n'Ubworozi ishaka gushyira muli Komini ku buryo usanga nta jambo Burgumestri afite ku bayikora kuko aba atazi icyo igamije. Murabona atali ukuduheza mu mishinga y'amajyambere yo muli Komini zacu?

R/ Burgumestri ubundi agomba kubimenya. Aho atabimenye rero ni amakosa yakozwe aliko ubu tuzajya tubibamenyesha.

2/ Abajyanama bali mu ihugurwa mwatubwiye ko hali amafranga bazahabwa na Minagri none twarategereje turaheba byaba byaragenze bite?

R/ Ikibazo cy'ayo mafaranga turakizi; Muzayabona mu minsi ya vuba.

3/ Za projets ziba nyinshi muli Komini kandi zigakorwa n'abanyamahanga badakomoka hamwe. Urugero: abo muli Aziya n'abo mu Burayi. Burgumestri ubwo yabyifatamo ate iyo habaye ubwumvikane buke?

R/ Icyo kibazo gitunganywa na Minagri. Burgumestri icyo yakora ni ukubimenyesha iyo Ministeri.

.../...

4/ Hali amafaranga muvuga ngo muzahemba abakozi bacukuye imilingoti bakora na za pépinières; ayo mafaranga ageze he?

R/ Amafaranga arahali aliko amalisti ntagera muli Minagri vuba. Hagomba no kubanza gukorwa contrôle kugira ngo Minagri imenye niba iyo milimo yarakozwe koko.

5/ Umushinga wo guhinga ibisheke mu gishanga cya Bahimba waradindiye bitewe n'uko ibyo bisheke byahanze. Aho hantu mwahashubije abaturage?

R/ Tuzahabasubiza aliko ntibazongera kuhahinga akajagali ahubwo tuzatanga amaparseli.

6/ Abaturage bahinze ibihwagali none babuze aho babigulishiliza. Ese bizamara iki?

R/ Hateganyijwe uruganda rwabyo kimwe n'ubunyobwa na soya kuko byose ali ibibyara amavuta. Ubwo rero ababihinze ntibagire ubwoba bw'ahantu bazabishyira, muzamenyeshe Minagri aho bili n'uko bingana.

7/ Abaturage boroye amafi aliko abenshi ntibazi uko alibwa. Mwaba mwarateganyije kubibigisha?

R/ Ibyo byigirwa muli za C.S.D. kandi hali n'agatabo kabyigisha no muli radio bashobora kubyigisha.

8/ Amapfizi ali mu makomini ayamaraho amafaranga arusha ayo yinjiza, dusanga rero akwiye guhabwa abaturage bayashobora tukayabagulira tukabafasha no kuyorora neza. Murabivugaho iki?

R/ Mubonye bishoboka Minagri siyo yabangira kuko icyo ishaka ali uguteza ubworozi imbere.

9/ Soya irushwa igiciro n'ibishyimbo ibyo bigatuma ubuhinzi bwayo buca abaturage intege, ntabwo icyo giciro cyakongerwa?

R/ Igiciro cya soya ntigihindagulika aliko ibishyimbo byo bihora bihindagura ibiciro bitewe n'uko bihali byinshi cyangwa bike.

10/ Hali itegeko ligenga igura n'igurisha by'amasambu. Gutega kubona uruhushya rwa Minagri biratinda. Inzira binyuramo ni ndende, nta kuntu mwabyiga ngo bigarukire kwa Prefe?

R/ Ubwo bulyo bwashyizweho kugira ngo abafite amafaranga batamara amasambu ku bakene bayabashukisha nyuma bo bakabura aho berekeza.

11/ Akarere ka Buberuka ntikagira igihingwa na kimwe cy'ingenga-bukungu, ahubwo bigeze gushyira muli Komini Cyeru pépinières z'icyayi hanyuma bakabihakura babijyana mu kandi karere, twe ubwo tuzaba abande?

R/ Icyo cyayi twakihakuye tukijyanye aho cyera cyane kandi icyo gishanga cyalimo pépinières twagihaliye ibihingwa ngandura-rugo kuko twabonye byagilira abaturage akamaro kurusha icyayi.

Ibyerekeye imishinga mu karere ka Buberuka ntikibagiranye, hali umushinga w'ubworozi na FIDA ishaka kuhashyira undi. Umushinga w'ubuhinzi bw'ingano nawo uli muli ako karere.
Nanone kandi Minagri yemeje ko ahali ubutaka bwiza hagomba guhingwa mbere na mbere ibihingwa ngandura-rugo.

## KUGABULIRA AMATUNGO

### I. Ijambo ry'ibanze

Ubworozi bufitiye Abanyarwanda akamaro kanini kuko buduha ibiryo bifite agaciro kanini, cyane cyane mu byubaka umubili alinabyo bita "protéines". Ibyubaka umubili bikomoka ku matungo ni ngombwa kugira ngo umuntu agire ubuzima bwiza. Uretse akamaro budufitiye mu kugabulira abantu, butuzanira n'amafaranga y'amahanga aliyo bita "devises Ayo mafaranga aboneka iyo tugulishije impu mu mahanga; aliko twongeye umusaruro twakoherezayo n'ibindi bikomoka ku matungo nk'inyama, amata, amagi......
Kandi n'ubwo ibyo twohereza mu mahanga bikili bike, bituma ubukungu bwacu budasubira inyuma kuko ibyo tuvana mu musaruro w'ubworozi twagombye kubitumiza mu bindi bihugu igihe tutabifite.
Urugero: mu myaka ishize, inkoko zilibwa n'abantu bakize bo mu mijyi zatumizwaga muli Kenya kimwe n'inyama z'inka. Aliko ubu ntabwo bikibaho kubera ko imishinga y'ubworozi itanga umusaruro mwiza Ahubwo abazigura ntibatinya kurata uburyohe n'ubwiza bw'amatungo yororewe mu Rwanda ugereranyije n'ibyo biva mu bindi bihug
Ubworozi buduha ifumbire igandura ubutaka bityo bigatuma umusaruro w'ibyo duhinga wiyongera.

Nizeye ko ntawe ugishidikanya ko ubworozi busanzwe nk'uko abakurambere bacu babukoraga butagishoboka. N'uwabakulikiza, ntabwo yabona umusaruro umuhagije, ngo asagulire amasoko yo mu Rwanda n'ayo mu mahanga. Ni ngombwa rero ko twihatira gukulikiza amabwiliza impuguke ziduha kugira ngo tuzagere ku bworozi buhamye twita bwa kijyambere. Nibwo bwonyine bushobora kuzamura abaturage n'igihugu cyacu.
Murumva rero ko ba Burgumestri bafite umulimo ukomeye wo kujijura abaturage no kubashyigikira kugira ngo programu Leta itanga zikulikizwe n'amajyambere arusheho gusakara.

.../...

## II. Kugabulira amatungo ni ngombwa mu bworozi bwa kijyambere.

Kugabulira amatungo neza bituma tubona umusaruro mwiza kandi uhagije.

- bituma amatungo agira ingufu zo kurwanya indwara nyinshi;
- bituma umworozi arushaho kubona inyungu kandi mu gihe gito;
- bituma tubona ifumbire nyinshi kandi inogeye ubutaka. Tugomba no kwibuka ko gufumbira imilima birwanya isuli bita nyamuligita ituma amazi ayungurura udupande tugize ubukungu bw'ubutaka.

## III. Ibyo twagabulira amatungo.

1. Ubwatsi bwo mu rwuli: Amatungo nk'inka, ihene, intama, inkwavu, ashobora gutungwa n'ibyatsi. Akenshi ibyo byatsi bikomoka mu nzuli uretse ko ubuso bwazo bugenda bugabanuka buli mwaka bitewe n'uko abaturage biyongera bigatuma batura ahagombaga guhalirwa amatungo. Byongeye kandi usanga inzuli nke zisigaye atali nziza (ishinge, ibiharabuge) ndetse zikalishwamo n'amatungo arenze umubare wa ngombwa.

2. Ubwatsi buhingirwa amatungo : Amatungo agomba guhingirwa ubwatsi uretse ko abanyarwanda bitarabacengeramo neza. Hali n'ababutera aliko ntibabuhe amatungo kandi bayafite. Abo rero balihombya bagahombya n'igihugu. Icyakora mu ma Komini amwe n'amwe ya Prefegitura ya Gitarama, Kibungo na Butare batangiye kubyumva. No mu zindi baragerageza aliko ugasanga bigenda buhoro.

3. Ibiryo by'inyongera bikomoka ku musaruro w'ubuhinzi:

   a) Ibinyampeke: Amasaka, ingano n'ibigoli bishobora kugabulirwa amatungo; aliko kubera umusaruro wabyo muke kandi bikaba bitunze rubanda nyamwinshi usanga bitoroshye kubigabulira amatungo.

   b) Ibisigazwa by'inganda zitunganya ibilibwa nk'ibiheli by'ingano, umuceli, ibikatsi bya pamba, ubunyobwa, soya, ibihwagali n'ibindi nk'umushongi usigara bakora isukali bifitiye amatungo akamaro kanini cyane. Na none usanga ibyo bisigazwa ali bike ku buryo abaturage benshi batabasha kubibona bitewe n'uko ubuhinzi butaratera imbere ngo izo nganda ziyongere zibone umusaruro munini wo gutunganya kandi zisakare mu Rwanda hose.

.../...

c) <u>Imvange y'imyunyu</u>: Hali imvange y'imyunyu ifitiye amatungo akamaro kuko nayo itanga ibya ngombwa umubili ukenera kandi bidakunda kuboneka mu byatsi no mu bindi biryo. Iyo myunyu igurwa mu mahanga kandi igulishwa na Service y'ubworozi, n'imwe mu mishinga y'ubuhinzi ili mu gihugu.

<u>NB</u>: Hali n'amaliba mu turere tumwe na tumwe afite imyunyu ifitiye amatungo akamaro, ndetse n'abaturage bikaba byarabacengeyemo bafite akamenyero ko kuyuhiramo amatungo. Byaba byiza ko Komini zifite ayo maliba zatera inkunga abaturage mu kuyasukura no kuyakora neza.

d) <u>Amazi</u>: Amazi meza kandi ahagije ni ngombwa mu buzima bw'amatungo. Hali abakeka ko hali amatungo adakenera amazi. Abo balibeshya cyane kuko n'ingamiya ziyakenera. Ahubwo ni imwe mu mpamvu ituma ihene, intama, inkwavu n'inkoko zimera nabi ntizitange umusaruro uhagije kuko ba nyirayomatungo batibuka kuziha amazi, baba baziyahaye bakazigerera ntizibone ahagije. Ntitwibagirwe kandi ko amazi y'imivu, ibinamba n'andi yose adatemba aliyo soko y'indwara nyinshi zibuza amatungo kumera neza, cyane cyane iziterwa n'inzoka. Ndetse ubu ntawe ugishobora gushidikanya ko amazi afite isuku aliyo shingiro yo kugabulira no kworora amatungo kijyambere.

Dore urugero amatungo akeneramo amazi ku munsi:

- inka : litiro 40 - 50
- intama : " 2 - 6
- ihene : " 5 - 10
- ingurube ihaka cyangwa ifite abana: 7 - 20 (bitewe n'uburemere ifite ishobora kugeza kuli litiro 35 - 40)
- inkoko itera : litiro 0,250
- urukwavu rukuru: litiro 0,300 - 0,600.

<u>N.B.</u>: Tugomba kumenya ko amatungo arushaho gukenera amazi arenga ayo twabonye haruguru mu gihe ubushyuhe bwiyongereye, igihe yakoze urugendo rurerure, mu gihe arya ibyatsi byumye cyangwa imvange y'ibiryo by'inyongera.

.../...

## IV. IBYO TWAKORA KUGIRA NGO AMATUNGO ARUSHEHO KURYA NEZA

1. Amatungo alisha

a) Kulinda no gufata neza inzuli:

N'ubwo mu Rwanda inzuli zigenda zigabanuka buli mwaka, abategetsi ba Komini babifatanyijemo n'impuguke zibishinzwe, bagombye kwihatira kuzitira inzuli nke zisigaye, kuziragiramo umubare w'amatungo ukwiye, ndetse no kuzihingiramo amoko amwe n'amwe y'ibyatsi amatungo akunda no kuranduramo ibyo atalisha. Kuli iyo ngingo twakwibutsa ba Burgumestri kwita kw'itegeko rya Prezida n° 110/11 ryo kuwa 17 Mata 1978 ryekeye kulinda inzuli, kuzifata neza, kuziragiramo no kurushaho kuzitunganya. Ibyo bikozwe vuba byatuma amatungo yacu atangiye gusubira inyuma kubera indyo nkene agarura akabili, ataneho tugasigarana umubare ulinganiye w'amatungo meza, atanga umusaruro kandi tukazajya tuyavanaho icyororo igihe rubanda nyamwinshi bazaba batangiye kwumva ubworozi bwa kijyambere. Ni ukuvuga ko tugomba kwororera amatungo mu biraro, tukayahingira ubwatsi tukayaha n'amazi meza.

Nagira ngo mbonereho kwibutsa ba Burgumestri ko bafite umwanya ukomeye kugira ngo abaturage bagere kuli iyo migambi. Uretse gufata neza inzuli ziliho, bali bakwiye no gushakashaka uburyo bwo gutarura izindi bakaziha abaturage bakorereramo ku buryo bwa rusange. Ibyo bireba cyane cyane uturere tukilimo amasambu y'aba "colons" n'abagifite ibikingi. Hali aho ugera ugasanga umuntu afite urwuli rwa 10 - 20 ha avuga ngo ni isambu ye. Ibyo ni ukwikanyiza kwa bamwe bikwiye kurwanywa. Birababaje kubona ba Burgumestri bamwe, ba Conseillers bihutira gukatira abaturage amasambu ahantu hateganyilijwe inzuli. Abo rero turabibutsa ko bonona ubutaka kandi bononera igihugu cyose.
Ku busanzwe hali ubutaka bugenewe gutangwamo inzuli bitewe n'uko atali bwiza bihagije cyangwa uko buteye (nk'iyo buli ahantu hacuramye cyane). Bene ubwo butaka babuhingamo, hashira imyaka mike ntibwongere kwera, bugatwarwa n'isuli. Turongera kwibutsa abakeka ko uworoye aliwe wibonera inyungu ku giti cye bibeshya. Muzi ko ntawihalira itungo wenyine kandi utabyirengagiza yakwishimira kubona aho akomora itungo ryiza yaba ashaka kuryorora cyangwa kulirya.

.../...

b) Guhingira amatungo ubwatsi.

Inka ikuze ipima 300 Kgs ikenera are 30 kugeza kuli 40 z'ubwatsi bikulikije ubwiza bw'ubutaka. Ihene cyangwa intama nkuru bikenera are 5 - 6. Icyakora abaturage badafite isambu ifite nibura ha 1,5 kugeza kuli 2 birabakomerera kugira ngo bagabulire inka mu kiraro. Aliko n'uwaba afite isambu nto ntiyamubuza guhingira ubwatsi andi matungo nk'intama, ihene n'ibindi.
Hali n'uburyo bwongera umusaruro w'ibihingwa duhinze ubwatsi bw'amatungo mu mulima aho kureka ngo urare hameremo ibindi byatsi. Bituma ubutaka bwisubira kandi tukabona ibyo tugabulira amatungo.

N.B: Ku byatsi bihingirwa amatungo twakongeraho n'ibisigazwa by'ibihingwa ngandura-rugo (ibishogoshogo by'ibishyimbo n'amashaza, imboga, imitumba n'ibindi). Guhingira amatungo ubwatsi niyo nzira yonyine yatugeza ku bworozi bw'ingirakamaro. Ndetse twavuga ko aliyo ntango ikomeye y'ubworozi mu gihugu cyacu.

c) Ibiryo by'inyongera (Concentrés): Twabyita ibiryo bitangwa mu rugero ruto kugira ngo amatungo abone ibitunga umubili bitaboneka mu byatsi. Muli ibyo biryo bifite agaciro kanini mu kuzana ibyubaka umubili (protéines) n'ibitera imbaraga (énergie), vitamini n'ibindi.
Urugero ni nk'ibigoli, amasaka, ingano, ibiheli by'ingano n'umuceli, ibikatsi by'ubunyobwa, pamba, soya, ibihwagali,.....
Akenshi ibi tumaze kuvuga biba bivangavanze mu rugero impuguke zishinzwe ubuhinzi n'ubworozi zakwereka abashaka kubikoresha. Muli iyo mvange bashobora kwongeramo imyunyu. Icyakora limwe na limwe iyo myunyu itangwa mu bibumbe amatungo aligata buli munsi.

2. Ingurube - Inkoko (Ibiguruka):

- Ayo matungo arya ibyatsi bilinganiye aliko ntabasha gutungwa nabyo nk'ayo twabonye haruguru. Ahubwo akunda kurya ibihingwa ngandura-rugo n'ibisigazwa by'inganda zitunganya umusaruro w'ubuhinzi. Muzi kandi ko ibyo biryo bitunze rubanda nyamwinshi ku buryo kubona ibyo gusagulira amatungo cyangwa kujyana mu nganda bitoroshye. Ubwo rero bisaba abategetsi n'abashinzwe kujijura abaturage kubigisha uburyo bwose bugamije kwongera umusaruro. Byatuma tweza ibidutunga, ibigabulirwa amatungo n'ibyo kwohereza mu nganda.
- Ingurube n'inkoko bikenera imyunyu cyane cyane inkoko zitera. Iyo myunyu ikunda kuboneka mu mazu acuruza imiti n'ahandi. Ni ngombwa rero ko mu mvange y'amoko y'ibiryo twavuze hakwongerwamo imyunyu.
- Nk'uko twabibonye ku yandi matungo, ingurube n'inkoko bikenera amazi ahagije kandi asukuye.

.../...

## V. URUHARE RWA BA BURGUMESTRI MU GUTSURA AMAJYAMBERE Y'UBWOROZI

Abayobozi b'abaturage cyane cyane ba Burgumestri bafite umwanya ukomeye mu kuzamura ubworozi mu gihugu. Noneho turebe inzira zimwe na zimwe bakwihatira gukulikiza.

1. Gushyigikira impuguke mu byerekeye kubahiliza programu za Leta (Ministeri) no mu kujijura abahinzi-borozi.

2. Gutanga urugero mu masambu yabo kuko rubanda ruhora rubahanze amaso. Iyo wigisha ibyo udakulikiza ntawe ukwemera ahubwo ulisekesha. Hali za Komini zimwe tuzi zimaze gutsura intambwe igaragara mu buhinzi no mu bworozi. Aliko iyo ubigenzuye usanga abaturage babikora kubera ko ba Burgumestri n'abandi bategetsi babihagurukiye kandi badahwema guhatira impuguke gutunganya imilimo zishinzwe. Ahubwo usanga nabo ubwabo ali abahinzi-borozi ntanga-rugero. Byagiye bigaragara kenshi mu marushanwa y'abahinzi-borozi ndetse no mu bikorwa rusange bigamije kuzamura abaturage. Muli icyo gihe rero birumvikana ko abaturage barushaho kugira umwete no gukulikiza ibyigisho impuguke zibagezaho. Ikibabaje gusa ni uko usanga bene abo bategetsi babalirwa ku ntoke. Murabona ko urwo rugero buli muyobozi yagombye kurukulikira kugira ngo abere abo ayobora urumuli.

3. Gushyiraho imishinga itsura ubuhinzi-bworozi no kwakira neza imishinga ya Leta igenera akarere.
Mu mishinga yoroheje Komini zishobora gutunganya twavuga nko:

- gucukura no gusukura amaliba;
- kwubaka ibibumbiro;
- gushakira abaturage amapfizi y'indobanure (centres de saillie);
- kwororera amatungo kijyambere mu milima ntanga-rugero bikulikije ubuso bw'imilima n'ubushobozi bwa Komini;
- gushyiraho imilima izajya ikomokamo icyororo cy'ubwatsi buhingirwa amatungo;
- gutera inkunga abaturage mu kurwanya isuli batera n'ibyatsi ku mulingoti cyangwa imirwanyasuli;
- kurushaho kwita kw'itegeko rya Prezida n° 110/11 ryo kuwa 17 Mata 1978 ryerekeye kulinda inzuli, kuzifata neza, kuziragiramo no kurushaho kuzitunganya.

Nyuma ya saa sita ibiganiro byarakomeje ba Burgumestri bagezwaho ibyerekeye ivugururwa ly'amashuli.

## AMABWILIZA RUSANGE AGENGA IVUGURURWA LY'AMASHULI

### IMIGAMBI Y'ILYO VUGURURWA

Imigambi y'ilyo vugururwa yatanzwe na Leta kuwa 25 Werurwe 1977 ni iyi:

- Abana bazakomeza gutangira amashuli abanza bujuje imyaka ilindwi.
- Amashuli abanza azajya amara imyaka munani; imyaka itandatu ibanza izaba iy'inyigisho rusange, ibili isigaye yibande ku nyigisho zigamije imilimo y'amaboko.
- Amashuli abanza bazayiga badasibira, nibayarangiza habeho irobanura:

  1° Icyiciro cya mbere kigizwe na bake, kizajya mu mashuli yisumbuye batangiramo inyigisho rusange n'imyuga. Umubare wabazemererwa uzaterwa n'imyanya n'ibikoresho biliho.

  2° Icyiciro cya kabili alicyo kinini, kizajya mu mashuli bigiramo imyuga. Inyigisho bazahabwa zizamara imyaka itatu.

- Mu mashuli abanza, amashuli y'inkubirane azagenda avanwaho buhoro buhoro. Kugira ngo umwana ashobore gucengerwamo n'umuco wa Kinyarwanda n'izindi nyigisho za gihanga zawinjiyemo tuzihatira kwigisha ikinyarwanda. Ubwo nibwo buryo buzatuma abana bacu bakomeza kuba Abanyarwanda nyabo. Aliko ntitugomba kureka ibyiza tuzanirwa n'imico n'indimi by'ahandi, nk'igifaransa cyabaye urundi rulimi rukoreshwa na Leta.

- Amashuli y'ingoboka agomba gusubirwaho integanya-nyigisho zayo zikibanda ku myuga. Komini izatera ayo mashuli inkunga, ikoresheje ubushobozi bushya yahawe.

- Za "Troncs Communs" zizavanwaho kugira ngo abana bemerewe mu mashuli yisumbuye bahite batangira inyigisho bagenewe.

- Inyigisho zo muli "I.P.N." no muli "U.N.R." zigomba gutegulira igihugu abakozi gikeneye koko muli iki gihe.

Ilyo vugurura ly'amashuli, ligitangira, lizatwara amafaranga menshi. Uruhare rw'abenegihugu n'imfashanyo zizaturuka mu mahanga bizahulizwa hamwe kugira ngo ilyo vugururwa ligerweho. Nyuma y'imyaka mike, amafaranga azaba yaratanzwe azagaragaza icyo yakoze kuko ubwiyongere bw'imyuga buzongera umutungo mu gihugu.

.../...

Kugira ngo ibyo ili vugurura liteganya bigerweho, mbere na mbere hagomba ibi:

1. Gusobanulira abaturage, ku buryo bunonosoye, ili vugurura;
2. Kubahiliza programu y'ibigomba gukorwa;
3. Kudatezuka ku ntego yo kugera kuli uwo mugambi ugomba ubwitange bw'abategetsi n'abaturarwanda bose.

## UMUTWE WA I: AMASHULI ABANZA

Ivugurura ly'amashuli abanza lishingiye ahanini ku gushyiraho imyaka ya kalindwi n'iya munani, kuvugurura integanya-nyigisho mu nzego zose z'amashuli, kwiga badasibira, no gukuraho buhoro buhoro amashuli y'inkubirane.

### 1. IRYO VUGURURA NI IRYA GIHE KI?

Kugira ngo intego zimaze kuvugwa zigerweho, hagomba kuba harubatswe andi mazu yo kwigishilizamo kandi harateganijwe abalimu bahagije.

Ili vugurura ly'amashuli lyatangiye muli Nzeli 1979. Aliko gushyiraho imyaka ya kalindwi n'iya munani, kwiga badasibira no gukuraho amashuli y'inkubirane, ibyo byose kubikomatanya biragoye, niyo mpamvu hagomba kugira ibibanziliza ibindi. Gushyiraho imyaka ya kalindwi n'iya munani nicyo cyabanje , kuko imwe mu mpamvu z'ingenzi z'ivugurura ly'amashuli ali ukugira ngo abana barangije amashuli abanza bagire icyo bamalira igihugu n'icyo bimalira ubwabo.

Ivanwaho ly'amashuli y'inkubirane si ilyo kwihutirwa; lizaza mu cyiciro cya kabili cy'ivugurura ly'amashuli abanza kuko ligomba abalimu benshi, amazu menshi, amafaranga menshi n'ibindi....

### 2. UKWIMUKA

Mu mashuli abanzaabana bazajya biga badasibira. Kwiga badasibira bifite akamaro ko kugumisha umwana mu ishuli mu gihe cyose gitegetswe kandi bigatuma yongera ubumenyi no gutaha afite icyo azi gukora.

Kwiga badasibira ntibigomba kugabanya ireme ly'inyigisho. niyo mpamvu hategetswe:

- Gusuzuma ubuhanga bw'umwana bahereye ku manota y'ibyo akora buli munsi n'ibizamini bya buli gihembwe. Buli mwana azagira ifishi yandikwaho amanota ye, akazajya ayimukana.

.../...

- Mu myaka ibili ya mbere, y'amashuli abanza, kugira ngo umwana yimuke azagomba kuba azi gusoma, kwandika no kubara.
  Izo nyigisho z'ifatizo nizo zizahabwa umwanya munini mu mwaka wa mbere n'uwa kabili.

- Gusibira muwa mbere cyangwa muwa kabili bizemerwa:
  Urwo ruhushya ruzatangwa na Inspegiteri w'Akarere, abisabwe n'inama y'abalimu y'aho abana biga. Iyo nama y'abalimu izafata ibyemezo byerekeye gusibiza no kwirukana abanyeshuli badashoboye gukulikira kubera ko ali abaswa babuhaliwe cyangwa ali uko bigize kagarara cyangwa babitewe n'ibyago bikomeye. Abo balimu mbere yo kugira ibyemezo bafata bagomba kujya babimenyesha ababyeyi.

- Ayo mabwiliza yatangiye gukulikizwa kuva mu mwaka w'amashuli 1979-1980 mu myaka yose uretse uwa kabili n'uwa gatatu, yatangiye gukulikizwa mu mwaka ukulikiyeho.

3. <u>ISHYIRWAHO LY'IMYAKA YA KALINDWI N'IYA MUNANI</u>

Kugira ngo imyaka ya kalindwi n'iya munani ishyirweho ibyagombaga kuba byarakozwe kandi bikarangira mu mwaka wa 1978 ni ibi:

a) <u>Kwumvisha abategetsi n'abaturage ko bagomba kwubaka andi mashuli</u>.

Nk'uko byali biteganijwe ku ngereka ya I, mu mwaka wa 1978 n'uwa 1979 abaturage bagombaga kwubaka amashuli 1186 y'imyaka ya kalindwi, n'andi nk'ayo y'uwa munani.

b) <u>Kwubaka amazu yo kwigiramo imyuga (ateliers scolaires)</u>

Abaturage bagombaga gukora uko bashoboye bikazageza muli Kamena 1979 bujuje byibuze amazu 924 yo kwigiramo imyuga n'ubukolikoli.

Ali mu bwubatsi bw'amashuli abana bigiramo, ali mu ubw' amazu y'imyuga, Leta yishingira gutanga ibikoresho abaturage batakwibonera ubwabo bakoresheje umuganda. Ibyo bikoresho ni nk'inzugi, amadilishya, amabati na sima.

Ibyo gushaka ibikoresho byo muli za "Ateliers" tuzabifashwamo n'ibihugu by'amacuti n'imiryango y'abagira neza.

c) <u>Igenzura ly'ubwubatsi</u>

Guhera muli Nzeli 1978, abakozi bo muli Ministeri y'Uburezi bw'Igihugu batangiye gusura za Prefegitura zose z'u Rwanda bareba aho imilimo igeze.

.../...

d) Abalimu bigisha ayo mashuli

Mu kigo gifite umwaka wa kalindwi umwe hateganijwe umwalimu umwe waryo uzigisha imyuga n'inyigisho rusange. Mu kigo gifite imyaka ya kalindwi ibili hagomba guteganywa abalimu babili; umwe akigisha imyuga undi inyigisho rusange. Ni nako bimeze mu kigo gifite umwaka wa kalindwi umwe n'uwa munani umwe.

Uko bimeze kose bizaba ngombwa ko habaho undi muntu wo gufasha umwalimu kwegeranya no gushyingura ibikoresho byo mu nzu bigiramo imyuga. Dufatiye kubimaze kuvugwa, turasanga hakenewe abalimu 2.400 mu wa kalindwi n'uwa munani n'abafasha babo 924. Abalimu bo kwigisha imyuga babuze bazashakwa mu banyamyuga batuye mu karere ishuli lilimo.

Mu gihe tugitegereje ko abalimu basanzwe bahugurwa mu nyigisho z'imyuga, abarangije amashuli y'ingoboka, bo muli Komini baza-jya banyaruka batange izo nyigisho.

Bamwe mu balimu basanzwe bigisha bazimulirwa mu myaka ya kalindwi n'iya munani. Mu gihe abazaba barangije mu mashuli y'aba-limu babaye bake, ababishaka bazahabwa ikizamini batoranywemo abashobo-ye kwigisha. Ni biba ngombwa, abo bantu bazategulirwa inyigisho zo kubahugura mu by'uburezi muli za Prefegitura.

4. URULIMI BAZIGISHAMO N'IZO BAZIGA:

1. Urulimi ruzigishwamo mu mashuli abanza.

Kugira ngo umuco w'Igihugu uhabwe agaciro kandi inyigisho zicengere neza mu banyeshuli, icyo tugamije ni ukwigisha abana b'Abanyarwanda mu Kinyarwanda kandi mu nzego zose z'amashuli.

Mu mashuli abanza yihaliwe na Leta, afashwa na Leta cyangwa ayigenga bazakomeza bigishe mu Kinyarwanda gusa.

2. Indimi zigishwa mu mashuli abanza.

Mu mashuli abanza biga i Kinyarwanda n'Igifaransa. Igifaransa bazata-ngira kucyiga mu mwaka wa Kane.

Hali impamvu ebyili zateye guhitamo uwo mwaka:

- Kwigisha igifaransa mu myaka itanu (kuva muwa 4 kugeza muwa 8) birahagije ngo umunyeshuli ashobore gukulikira inyigisho zo mu mashu-li yisumbuye zitangwa mu gifaransa.
- Muli iki gihe, biracyakomeye kwigisha igifaransa mbere y'umwaka wa Kane kuko mu myaka ibanziliza uwonguwo, hagishyirwamo abalimu bada-fite ubushobozi buhagije bwo kwigisha urwo rulimi.

.../...

5. KUVANGA IBITSINA

Kuva ubu mu bigo by'amashuli abanza abahungu n'abakobwa bazigana kubera impamvu z'imbonezamuco n'imbonezaburere no kugira ngo amafaranga akoreshwa n'amazu bigiramo bigilire benshi akamaro.

6. INTEGANYA-NYIGISHO Z'IMYUGA

Hemejwe ko mu nyigisho z'imyuga abahungu n'abakobwa bigishwa bimwe. Nyamara mu milimo imwe n'imwe, umwalimu azagenera buli gitsina ibyo gishoboye.

Abanyeshuli baziga ibi bikulikira:

- Guhinga no kworora
- Kubaza;
- Kwubaka;
- Gucura no kubumba;
- Kudoda;
- Guteka;
- Kurera abana;
- Kuboha no gutaka;
- Ubukolikoli (kudoda inkweto, gukora amagare, amamashini adoda n'ayandika, n'ibindi).

Integanyanyigisho z'imyuga zigomba kuzaba ziteye k'uburyo butuma ibikorwa mu karere ishuli lilimo bishobora kwigwa kandi buli mwalimu uzi umwuga w'ingirakamaro akaba yashobora kuwigisha.

7. UKO INZU BIGIRAMO IMYUGA IGOMBA KUBA ITEYE.

Kugira ngo integanyanyigisho z'imyuga zigerweho neza inzu bigiramo imyuga igomba kuba ifite aho bigira kubaza n'ubukolikoli, guteka, kudoda, kuboha no gutera amabara, gucura n'aho babika ibikoresho. Iyo nzu yubakishwa amatafali ahiye, amabuye cyangwa rukarakara, isakajwe amabati cyangwa amategura.

UMUTWE WA II: AMASHULI AGAMIJE AMAJYAMBERE Y'IMYUGA MU RWANDA.

I. ICYO AGAMIJE

Amashuli agamije amajyambere y'imyuga yigirwamo n'abana batemerewe kujya mu mashuli yisumbuye ali nabo bazaba inkingi z'amajyambere mu byaro. Ubwo rero, ayo mashuli agamije intego eshatu:

.../...

a) Kubera abana bazaba abaturage b'ingira kamaro, bashobora kwirwanaho, baharanira amajyambere, bagateza imbere umuco n'umutungo by'Igihugu. Kubera izo mpamvu bazibanda ku buhinzi n'imyuga y'ingenzi ikorwa mu byaro. Ni ukuvuga ko integanyanyigisho zizakorwa ku buryo umwana yigilira akamaro ubwe kandi akakagilira n'akarere atuyemo. Mu migi bazibanda ku nyigisho z'imyuga ihaboneka.

b) Kwinjiza mu bana umuco mwiza wo gukorera hamwe.

c) Kubera abaturage urumuli.

## 2. AMASHULI AGAMIJE AMAJYAMBERE Y'IMYUGA AZATANGIRA LYALI?

Amashuli agamije amajyambere y'imyuga azakira abanyeshuli barangije uwa munani w'amashuli abanza. Aba mbere baziga ayo mashuli bazatangira muli Nzeli 1981.

## 3. IBITSINA

Abashinzwe gushyiraho ibigo by'amashuli agamije amajyambere y'imyuga nibo bazihitiramo kuvanga abahungu n'abakobwa cyangwa se kubavangura bitewe n'intego bazaba bagamije. Baramutse bahisemo kuvanga ibitsina inyigisho zimwe zizavangurwa bitewe n'uko zigenewe abahungu cyangwa abakobwa.

## 4. URULIMI RUZIGISHWAMO MU MASHULI AGAMIJE AMAJYAMBERE Y'IMYUGA.

Dukulikije ibyavuzwe mu gice cya 4.1. cy'umutwe wa I cyerekeye urulimi bazigishamo mu mashuli abanza, turebye n'icyo ayo mashuli agamije, inyigisho zizatangwa mu Kinyarwanda.

## 5. INYIGISHO ZIZATANGWA.

Inyigisho z'imyuga zizatangwa muli ayo mashuli ni zimwe n'iziteganijwe ku ngingo ya 6, umutwe wa I aliko amasomo azategurwa kandi yigishwe bakulikije urwego rw'ayo mashuli n'icyo agamije. Inyigisho rusange zizatangwa mu mashuli agamije amajyambere y'imyuga ni izi:

- Ikinyarwanda
- Igifaransa
- Imibare
- Economie rurale
- Umuco w'imbonera-gihugu
- Ubumenyi bw'Isi
- Amateka
- Iyoboka-Mana cyangwa Imbonezamuco.

Abanyeshuli baziga badasibira aliko ntibizababuza gukora ibizamini. Igihe bazaba barangije, bazahabwa icyemezo cy'uko bize amashuli agamije amajyambere y'imyuga mu Rwanda.

.../...

7. AHO AMAFARANGA N'IBIKORESHO BIZAVA.

Leta izatanga infashanyo mu mashuli agamije amajyambere y'imyuga. Umusaruro w'amashuli agamije amajyambere y'imyuga ugengwa na Komite igizwe n'abayashinzwe, abahagaraliye ababyeyi, abahagaraliye abanyeshuli n'umuyobozi w'ikigo.

8. GUSHAKA ABALIMU BAZIGISHA MU MASHULI AGAMIJE AMAJYAMBERE Y'IMYUGA.

8.1. Mu cyiciro cya mbere (ni ukuvuga ishyirwaho ly'umwaka wa mbere liteganyijwe muli Nzeli 1981, ily'uwa kabili muli Nzeli 1982 n'ily'uwa gatatu muli Nzeli 1983).

Abanyeshuli mirongo cyenda ku ijana barangije amashuli abanza bazimulirwa mu mashuli agamije amajyambere y'imyuga. Buli mwalimu yigishije abana 40, ishyirwaho ly'ayo mashuli y'imyaka itatu ligomba abalimu hafi 3.000.-

Abo balimu bazigishilizwa mu mazu azaboneka mu mashuli yisumbuye bitewe n'itangira ly'uwa kalindwi n'uwa munani mu mashuli abanza. Ayo mashuli alikoyagombaga kuba afite amazu yigishilizwamo imyuga n'abalimu bayo muli Nzeli 1979. Ayo mashuli ni nk'aya; Ishuli ly'abalimu ly'i Byumba Ishuli lyisumbuye ly'abakobwa ly'i Nyanza, Amashuli y'imyuga yo ku Kicukiro, i Save, i Butare no ku Nyundo.

8.2. Mu cyiciro cya kabili (Uburyo bushya bwo kwigisha abalimu)

Abazigisha mu mashuli abanza n'abazigisha mu mashuli agamije amajyambere y'imyuga bazahabwa inyigisho zitandukanye. Izo nyigisho n'ubwo zitandukanye, zizatangirwa mu bigo bimwe. Muli Nzeli 1981, amashuli y'abalimu yose agomba kuzaba afite amazu yo kwigishilizamo imyuga. .

9. KWUBAKA AMASHULI AGAMIJE AMAJYAMBERE Y'IMYUGA NO KUYASHYIRAMO IBIKORESHO.

Muli Nzeli 1983 ibigo 1.300 (ingereka n° 2) byo kwigiramo bigomba kuzaba byaruzuye kandi bifite ibikoresho. Igice kimwe cy'ubwubatsi kizakorwa n'umuganda; Leta itange amabati, sima, inzugi n'amadilishya.

Ibikoresho bimwe bikenewe by'amashuli abanza n'agamije amajyambere y'imyuga tuzabihabwa n'ibihugu by'amacuti n'imiryango y'abagiraneza.

.../...

UMUTWE WA III : AMASHULI YISUMBUYE

1. INDIMI BAZIGISHAMO N'IZO BAZIGA

1.1. Indimi bazigishamo

Twibutse ko amaherezo ali ukuzigisha abana b'abanyarwanda mu rulimi rwabo. Abanyeshuli bazarangiza umwaka wa munani bakajya mu mashuli yisumbuye baziga mu Kinyarwanda izi nyigisho tugiye kuvuga (izindi nyigisho zizatangwa mu gifaransa usibye indimi).

a) Inyigisho rusange:

- Ikinyarwanda
- Umuco w'imbonera-gihugu
- Imilimo y'amaboko
- Muzika
- Iyoboka-Mana cyangwa Imbonezamuco
- Gushushanya
- Ubugorora-ngingo.

b) Inyigisho zigamije imyuga

Inyigisho zigamije imyuga, cyane cyane izibanda ku bikorwa bizamura rubanda zizigishwa mu Kinyarwanda kugira ngo ibyo abazaba bakulikiye izo nyigisho bazakorera abaturage bizumvikane neza.

Ingero: Inyigisho zerekeye kwigisha gusoma no kwandika, kwamamaza ubuhinzi, kwita ku buzima, kurera abana, ....

Kugira ngo bagere kuli iyo ntego yo kwigisha abana b'Abanyarwanda mu rulimi rwabo ibyateganijwe kandi bigomba gukorwa vuba:

- Kwigisha Ikinyarwanda ku buryo bunonosoye haba mu mashuli abanza, agamije amajyambere y'imyuga, ayisumbuye n'amakuru.
- Kworohereza abalimu bigisha Ikinyarwanda babaha integanyanyigisho n'ibikoresho.
- Gushyiraho inyigisho zo guhugura abalimu b'Abanyarwanda b'amashuli yisumbuye kugira ngo bigishe Ikinyarwanda kandi bigishe n'izindi nyigisho mu Kinyarwanda.

1.2. Indimi zizigishwa

Ingingo ya 80 y'itegeko ligenga Uburezi bw'Igihugu muli Republika y'u Rwanda ivuga ko Ikinyarwanda, Igifaransa n'Icyongereza ali inyigisho zitegetswe mu mashuli yisumbuye.

Bitewe n'akamaro Igiswahili gifite mu mubano w'u Rwanda n'ibihugu bidukikije, kizigishwa mu mashuli yisumbuye amwe n'amwe.

.../...

2. IMYUGA MU MASHULI YISUMBUYE.

Pula y'Igihugu iteganya ko amashuli yisumbuye agomba na none gutegulira amashuli makuru, aliko cyane cyane agaha Igihugu abakozi gikeneye muli iki gihe ku bulyo bidatwara amafaranga menshi. Niyo mpamvu ali ngombwa ko amashuli yisumbuye yagira umwuga yigisha. Ibyo bikazatuma abanyeshuli, igihe baviliye muli ayo mashuli cyose, bashobora guhita batangira akazi batagombye kubanza guhugurwa.

Amashuli y'inyigisho rusange n'ategulira imilimo azajya atangirwa mu bigo bimwe kugira ngo abo mu mashuli y'inyigisho rusange badashoboye gukulikira bazayoborwe mu y'imilimo bitagoye. Imwe mu myuga batangiliraho kwigisha, ndetse imwe n'imwe ikaba yaremejwe muli "Plan" ya II y'Igihugu, ni nk'iyi:

- Gupima imilima, imihanda, amashyamba
- Gushyira mazi mu mazu
- Kwiga utulimo tworoshye tw'ubuvuzi
- Kubumba ibintu by'agaciro
- Kumenya iby'igihe, imvura n'amazi
- Kumenya iby'indege
- Kumenya ibyo gutumanaho mu byuma
- Kumenya iby'amahoteli na ba mukerarugendo
- Kumenya imilimo ikorwa muli za "imprimeries"
- Kumenya iby'ubucamanza
- Kumenya imilimo ikorwa muli za "laboratoires"
- Guhindura indimi no gusemura
- Gukora amasaha
- Kwiga gufata amafoto no gutegura senema
- Kumenya iby'ibarura
- Guhimba no kwandika mu Kinyarwanda
- Kwiga kuzimya imiliro
- Kwiga iby'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro
- Kumenya gutunganya ibilibwa bimwe na bimwe nk'umugati, confiture, sukali, amata n'amavuta, imbuto, imboga, inyama,....

3. IMITERERE Y'AMASHULI

3.1. Za "Troncs Communs"

Za"troncs communs"zizavaho kugira ngo umwana ukirangiza amashuli abanza ahite atangira kwiga umwuga yifuza kuzakora.

3.2. Imyaka amashuli yisumbuye azamara

Kumenya imilimo yose abazaba barangije amashuli yisumbuye bazakora n'ubuhanga bagomba kugira nibyo bizatanga inzira yo kwemeza imyaka amashuli yisumbuye amara, ali itanu cyangwa itandatu ndetse hali n'ashobora kumara ili munsi y'itanu bitewe n'ubushobozi igihugu cyifuza ku bakozi gikeneye.

.../...

Abazaba bararangije neza amashuli yisumbuye amara imyaka itanu, nibamara igihe bakora, bazashobora kujya mu mashuli makuru babanje gukora ikiżamini.

4. ABANA BIGA BICUMBIKIYE

Ikiruhije mu kwigisha abana bicumbikiye ni uko hali ababyeyi badashobora kubabonera hafi y'ishuli amacumbi atunganye atuma bashobora kwigira imuhira. Niyo mpamvu nta mwana bakwiye kugenera kwicumbikira atabishoboye. Naho ubundi kwigisha abana bicumbikira bifite akamaro.

- Byatuma amashuli yisumbuye yakira abana benshi kandi bikagabanya amafaranga yatangwaga na Leta ku banyeshuli icumbikiye.
- Byatuma abanyeshuli bagumana uburere bahabwa n'ababyeyi babo.
- Byatuma ibigo bito nabyo byakira abana benshi kuko amazu bacumbikagamo yatunganywa akigishilizwamo.

Kwigisha abana bicumbikira ni icyifuzo kigomba gukwira hose ali nayo mpamvu hemejwe ibi:

a) Kuva muli Nzeli 1981, abana biga mu mashuli ali ahantu hashobora kuboneka amacumbi ku bulyo bworoshye bazatangira kwiga bicumbikiye. Andi mashuli azabigeraho buhoro buhoro bitewe n'imizamukire y'akarere azaba alimo.

b) Abanyeshuli batuye hafi y'ikigo bigamo, ni ukuvuga bitarenze km 10, bagomba kwiga bataha. Mu guteganya amasaha biga buli munsi ntibazibagirwe iyi ngingo.

c) Abatanga imyanya mu mashuli bagomba gukora uko bashoboye kose bagashyira umwana mu kigo kili hafi y'iwabo bakulikije na none icyo uwo mwana yifuza kwiga.

Uburyo bwo gutanga amafaranga yo gutunga abanyeshuli bugomba gusubirwaho kugira ngo ayo mafaranga yubakishwe amashuli anayafate neza.

5. IBITSINA MU MASHULI YISUMBUYE.

Kubera impamvu z'imbonezamuco, no kugira ngo amazu n'amafaranga bikoreshwa bigilire benshi akamaro mu bigo bifite abana biga bicumbikiye, abahungu n'abakobwa bazigana.

Mu bigo abana bigamo bamwe bacumbikiwe, igitsina kizaba nkene nicyo kizicumbikira.

.../...

Mu mashuli yisumbuye, abahungu n'abakobwa baziga bimwe, nibiba ngombwa habeho inyigisho z'umwihaliko w'igitsina iki n'iki.

6. KWIGISHA ABALIMU B'AMASHULI YISUMBUYE

6.1. Muli I.P.N.

Za "Sections" zo muli I.P.N. zizongerwa kugira ngo yakire abafite diplômes z'imyuga y'amoko menshi bavuye mu mashuli yisumbuye; kandi "section" yitwa "Techniques Modernes" (izasimbura iyitwaga "section F.") izitabwaho cyane kuko aliyo izategura abalimu bazigisha imyuga mu mashuli y'abalimu.

6.1. Abasaba kwiga amashuli makuru

Inyigisho zidafite abalimu bahagije nizo bazaheraho mu gutanga imyanya y'abajya kwiga amashuli makuru. Zimwe muli izo nyigisho ni izi:

- Arts et Métiers
- Sciences Sociales
- Chimie
- Géographie
- Hôtellerie et arts ménagers
- Economie
- Swahili
- Education physique et sportive
- Administration, Secrétariat et Comptabilité.

7. KWUBAKA IBIGO BY'AMASHULI YISUMBUYE

7.1. Ibigo bito

Ibigo bidafite imyaka y'amashuli ihagije bizongerwa. Ni ngombwa kumenya imyuga izahigirwa n'imilimo y'ivugururwa izahakorerwa kugira ngo bamenye amafaranga bizatwara.

7.2. Ibigo bishya

Kwubaka andi mashuli yisumbuye bizatuma ibiteganywa muli "Plan" y'Igihugu byubahilizwa kandi n'abaturage bazi umwuga barushaho kwiyongera. Ntitwibagirwe rero ko Abanyarwanda biyongera buli mwaka ho 2,6 ku ijana. Ni ngombwa rero ko Igihugu cyakora aho bwabaga kikongera umubare w'abana bajya mu mashuli yisumbuye; buli myaka itanu, Leta izubaka nibura ikigo kimwe cy'amashuli yisumbuye gishobora kwakira abanyeshuli magana atanu. Ibyo bizatuma ingorane ziliho ubu zo kwimulira abana mu mashuli yisumbuye zoroha.

.../...

IBIBAZO N'IBISUBIZO

1. Hali amashuli yubatswe ahantu hato ku bulyo hatazaboneka umulima nk'uko Ministeri y'Uburezi bw'Igihugu ibyifuza. Urugero ni nko muli Komini NYARUGENGE. Aho bizagenda bite?

R/ Buli Komini niyo ikwiye kwiga ahantu yagenera amashuli ikoresheje ukwimura abahatuye, ibyo bigaterwa na none n'uko ifite aho iberekeza.

2/ Amashuli aba hafi ya za Paroisses bamwe ntibemera ko hongerwamo andi bavuga ngo isambu si iya Komini. Bizagenda bite?

R/ Icyo kibazo cyatunganywa na Burgumestri afatanyije n'umuyobozi w'aho hantu. Noneho bakagerageza kwumvikana.

3/ Umuraliri'zi umwe kuli atelier ntahagije kandi amafaranga ahembwa ni make ku bulyo batazajya baboneka n'abahali bazakareka.

R/ Mbere uyu mushinga w'ivugururwa ly'amashuli ugitangira, nta muzamu wali warateganyijwe. Amafaranga yashatswe nyuma nayo aza kuba make. MINEDUC yakoze uko ishoboye ibona umuzamu umwe. Umuzamu w'amanywa rero we ntiyateganyijwe. Ahagomba umuzamu wa kabili twasabye ba Prefe kubitumenyesha kugira ngo duteganye amafaranga yo kumuhemba aramutse ashyizweho.

4/ Amafaranga yateganyijwe ndetse n'ibikoresho bitangwa ntibihagije ku bulyo usanga MINEDUC isa n'aho yabyeguliye Komini. Ibikoresho byashoboye kuboneka mwali mukwiye kubitwegereza kuko bitagera muli Komini ku bulyo byoroshye.

R/ MINEDUC yakodeshaga za remorques nini ku buryo zitashoboraga kunyura mu duhanda twa Komini. No kugira ngo igenzura ly'ibikoresho lyorohe ba Burgumestri bagombaga kubanza gusinya. MINEDUC yabonye izo ngorane igura amakamyo azatwara ibikoresho cyangwa agatwara ibyarunzwe n'abaturage abigeza kuli za chantiers.

Amafaranga nibishoboka azongerwa, aliko biterwa n'imfashanyo zituruka mu mahanga uko ziba zingana.

5/ Umukozi ushinzwe ibya réforme muli Prefegitura ntakunda gusura za chantiers ngo akosore ahakosamye, abafundi batakulikije plans bahawe, kandi iyo baje imodoka iza nta bikoresho bilimo kandi abisize kuli Prefegitura; iyo modoka ni iy'iki?

R/ Nta kuntu uwo mukozi yasura za chantiers zose kubera ubwinshi bwazo. Icyakora nawe agomba gukoresha iyo modoka neza ndetse twagiye duhana abo twamenye bazikoresheje nabi.

.../...

6. Amaradiyo yahawe abalimu ba Burgumestri batabizi, Komini izayagulira amabuye kandi iyakoreshe ite itanazi uko abo balimu bayakoresha ku mashuli?

R/ Nta kundi byagenda, muzafate muli yayandi 100 ya cotisation buli mwana atanga, mubagulire amabuye incuro imwe buli gihembwe.

7. Ko muvuga ngo amashuli, ibikoresho n'ibindi n'ibindi bizakorwa n'umuganda, nta kuntu MINEDUC yatanga urugero ngo yubake ishuli n'umuganda?

R/ MINEDUC Ikora umuganda ikulikije aho izindi Ministeri zikora, ntabwo lero ibyo byo kwubaka amashuli bili muli planification y'umuganda wa za Ministeri.

8/ Mu bikoresho byose bitangwa byerekeye ivugururwa ly'amashuli, kuki mwibagirwa amashuli ya Université Radiophonique y'i Gitarama?

*Amashuli ya Réforme yahilimbije amakomini menshi. Mwashatse imfashanyo ihagije mukayiyubakira?

R/ Ubwo icyo kibazo cyerekeye U.R.G. turacyumvise, tuzagerageza guteganya turebe ko nayo yahabwa ibikoresho nkuko andi mashuli abihabwa.

*Ntibishoboka kuko no kubona imfashanyo tubona ubu biraturushya cyane. Ubwo bukene bwa Komini kandi burazwi. Ministeri y'Ubutegetsi bw'Igihugu izagerageza kwiga icyo kibazo, uretse ko ntavuze ko izakibonera umuti mu minsi ya vuba.

<u>DORE IBIBAZO BITASHUBIJWE KUBERA IGIHE CYABAYE GITO</u>

9. Abakozi ba Leta n'abasilikare bahabwa za mutations kandi baba banaturuka kure abana babo twagenzura dute amavuko yabo?

* Amazu ya Réforme yarubatswe aliko factures zimwe MINEDUC ntirasishyura.

* Turasanga ERAI zikwiye kwubakwa na MINEDUC ubwayo kuko Komini zitazabona amafaranga.

* Ko muteganya kuvugurura amashuli yose mu Rwanda, muli Ecole Belge ho bizagenda bite?

* Ko abanyeshuli bazakenera imbaho zo kubaza, bazazikura he?

* Turasaba MINEDUC gukulikirana by'ukuli abaliye amafaranga ya "frais de scolarité" kuko batubwiye ngo bazayakata ku mishahara yabo kandi kugeza ubu ntibyakozwe.

.../...

* Mwagize neza gutanga uniforme mu mashuli abanza, aliko tulibaza impamvu mutateganyije na za CERAR na Familiale kandi nabo ali abana b'u Rwanda.

* Dusuzumye neza dusanga ibiro bya réforme bikoresha abantu batazobereye muli uwo mulimo, batazi ingorane ziboneka kuko tubatakira ntibatwumve.

* Kiliya kibazo cyo kwimura abana bose turasanga kizatuma batiga neza kandi n'abalimu bazaba bavuga ngo "nintigisha neza na none bazimuka ni hahandi".

* Kuki i Kigali hali za Ecoles gardiennes kandi réforme ivuga ko abana bazatangira bafite imyaka ilindwi?

* Niba hali amashuli privées MINEDUC Itemera ikaba itayaha n'ibikoresho, yo azajyamo ivugururwa bigenze bite?

* Turasaba ko buli Komini yagira Inspecteur de secteur wayo yihaliye.

* Aho za 7è na 8è bitarashobora kubakwa, nta kuntu babatiza za locaux zahoze zilimo za TRONCS COMMUNS zizaba zibereye aho?

<u>N.B.</u>: Ibibazo bimwe byali ibyifuzo ibindi nabyo bitangirwa ibisubizo. Gusa wasangaga halimo ingorane ba Burgumestri bahura nazo cyane cyane ikibazo cy'amafaranga. Ba Burgumestri bakomeje bifuza ko iyo milimo y'ivugururwa ly'amashuli yashingwa ba Inspecteurs de secteur aliko basubizwa ko Burgumestri aliwe mutegetsi mukuru muli Komini ko aliwe byose bigomba kubazwa.

* * * * * *

* * * *

* *

## KUWA KANE TALIKI YA 11 NZELI 1980

Mbere ya saa sita, ibisobanuro byatanzwe kuli ibi bikulikira:

I. Ibikorwa by'urubyiruko mu majyambere yo mu cyaro no guteza sporo imbere mu cyaro;

II. Koperative mu Rwanda.

### 1. IBIKORWA BY'URUBYIRUKO MU MAJYAMBERE YO MU CYARO NO GUTEZA SPORO IMBERE MU CYARO.

1. Ministeri y'Urubyiruko n'Imikino ikulikije intego ya Republika ya Kabili ku byerekeye imikino, yihatiye kuyikoresha mu nzego zose z'abaturage cyane cyane muli iyi myaka ine ishize.

Ingero ni nyinshi, aliko iz'ingenzi navuga ni izi:

- gukoresha buli mwaka irushanwa ly'umupira w'amaguru lihuza amakomini muli za Prefegitura uretse ko Prefegitura zimwe na zimwe zagiye zidohoka kuli iyo ntego;
- gukoresha imikino ngorora-mubili aliyo "Athlétisme" muli za Komini na za Prefegitura;
- gukoresha buli mwaka irushanwa ly'umupira w'amaboko (Volley-ball na Basket-ball);
- gukoresha shampiyona nasiyonali y'umupira w'amaguru mu Rwanda;
- gukoresha isiganwa ly'amagare.

2. Imikino gakondo nayo igomba kwitabwaho mu byaro. Ministeri irashaka ikomeje ko haremwa:

* Imitwe yo kubuguza;

* Imikino yo kumasha n'imbunda cyanga n'umuheto;

* Imikino yo gutegana n'indi nyarwanda.

Iyo ni imwe mu mikino y'ingenzi kandi ni kimwe mubizatuma u Rwanda rukomeza kuba nyarwanda. Icyo rero twifuza ni uko mu gihe cya vuba muli buli Komini hajya haba irushanwa ry'imikino gakondo.

3. Politiki yo gutangilira imikino mu cyaro ishingiye ku ntego ya Mouvement yacu Prezida yatwibukije kuwa 8 Mutarama 1979 muli Discours-Programme ye. Yagize ati: "Imikino igomba kwitabwaho na za sporo zigasesekara mu makomini yose y'Igihugu. Ntibiterwe kandi gusa no kugira ngo abantu baruhuke iminaniro y'ibyo bakoze, ali iby'ubwenge, ali iby'imilimo isanzwe, ahubwo ali ukugira ngo biyumvishe ubuvandimwe, abantu bashyikirane kandi batume imyifatire yabo yubahwa kandi bose bakanguka".

Ahangaha rero Ministeri y'Urubyiruko n'Imikino ikaba igira ngo isabe abategetsi ba Komini kuyifasha bashyizeho umwete gucengeza sporo mu byaro. Uwo mulimo ntuhalirwe Umuyobozi w'Urubyiruko n'Imikino kuko ku giti cye ntacyo yageraho atabifashijwemo n'abategetsi.

.../...

Umukuru wa Cellule, Umujyanama, Burgumestri, buli wese akiyumvisha ko imikino ali kimwe mu bituma abantu bagira ubuzima bwiza ali ku mubili no mu bitekerezo, tutibagiwe n'uko bihesha igihugu cyacu ishema mu mikino mpuza-mahanga. Ikipi yacu y'Athlétisme yagiye izana imidali mu mikino mpuza-mahanga mu bihugu bya Afrika. Iyo kipi igizwe ahanini n'abakinnyi baturutse mu byaro ali abahungu ali n'abakobwa.

Twiyibutse amagambo amwe muyo Prezida wa Republika yavugiye i KIBUNGO kw'italiki ya 19 Ukuboza 1976 mu mikino y'Athlétisme yahuzaga amakomini yose ya Prefegitura ya KIBUNGO. Icyo gihe Prezida wa Republika yavuze ati; "Iyo mikino igomba gutangilira muli cellules, iyo mikino igomba gutangilira muli secteurs. Ba conseillers communaux rero, ba responsables ba cellules zacu, abashinzwe za Komini nibadufashe kubicengeza muli cellules zacu".

Icyo twagira ngo dusabe abategetsi ba Komini, si ukugira ngo bareke indi milimo ikomeye bashinzwe yo kuzamura Igihugu ngo bakore sporo gusa, ahubwo ni ukugira ngo bajye borohereza akazi abayobozi b'Urubyiruko n'Imikino. Ikindi tubasaba ni uko mu nama bakoresha, abo bategetsi bajya bateganyamo n'ijambo ryerekeye imikino ndetse bikazagera aho buli secteur igira umunsi wayo wo gukora sporo ukaba uzwi muli Komini.

4. Birumvikana ko iyo tuvuga ko sporo zigomba gukorwa mu byaro, ntabwo twirengagiza ko ahenshi muli za Komini nta bibuga bihali. Ibyo birumvikana kuko urebye no muli Kapitali, nta bibuga bihagije bihali.

Icyo twifuza ni uko ibibuga byaboneka ali byinshi mu mpande zose z'u Rwanda n'ubwo bitaba ali byiza byose. Kul'iyo ngingo, Prezida wa Republika, mw'ijambo yavugiye i KIBUNGO kuli 19 Ukuboza 1976 yagize ati: "Nemeye ko Komini izaharura ikibuga cy'umupira muli secteur, igihe baza batwereka bati hali ikibuga kiboneye koko, tuzabohereza umupira kugira ngo bajye bakina".

Arongera kandi ati: "Dushaka ko ayo masporo aba ay'abanyarwanda bose. Amasporo tuyakwize mu Rwanda rwacu nk'uko Mouvement ibidusaba, nk'uko Mouvement ibidutegeka".

Twihatire rero kwiharulira ibibuga, dusibure ibyasibye dukoresheje umuganda. Urubyiruko muli segiteri aho kugira ngo ruzerere, rukwiye guhitamo umunsi umwe mu cyumweru rukiharulira ikibuga rubifashijwemo na Conseiller. Bityo Ministeri ikazajya igerageza kubafasha ikulikije umwete ibona muli buli Komini.

Ministeri y'Urubyiruko n'Imikino yishingiye kujya yohereza impuguke zo kwerekera no kugira inama abamilitants b'amakomini azaba afite bene uwo mushinga. Komini zimwe na zimwe zahagurukiye icyo gikorwa, turazishima bikomeye.

Izo Komini navuga nka RUHASHYA, MARABA na MURAMBI zatugejejeho ingorane zahuye nazo zatumye iyo mishinga igenda ihagarara; ubu turashaka uburyo bwo kuzitera inkunga tuzibonera nk'ibikoresho byafasha abaturage mu muganda (amapiki, ibitiyo, n'ibindi...).

.../...

Ku byerekeye Stade muli za Prefegitura, icyifuzo cyacu ni uko nibura nko mu myaka 10 ili imbere, buli Prefegitura yose yaba imaze kwuzuza Stade ifite imyanya y'abantu 5.000 ikagira n'ibibuga by'umupira w'amaguru, uw'amaboko, n'ibibuga by'imikino ngorora-mubili. Ndetse byashoboka izo Stades zikaba zagira nk'amazi hafi, ndetse n'umuliro w'amashanyarazi bituma nka nijoro habera imikino iyo aliyo yose.

Prefegitura ya BUTARE yo ntiyiliwe itegereza imfashanyo ya Leta. Muli Komini NGOMA hali Stade yitiliwe wa musozi HUYE. Iyo Stade yubatswe n'umusanzu w'abaturage n'abandi bagira-neza. Hali Stade KAMENA yo muli GROUPE SCOLAIRE na Stade KAMINUZA yo muli Université. Ibyo bikorwa byose byarangiye Leta ntacyo itanze. Tubashimiye umwete n'ubushobozi babikoranye. Ministeri y'Urubyiruko n'Imikino ibasabye ikomeje kuyifasha kugera ku mishinga nk'iyo ituma rubanda rureba imikino, n'abakinnyi bakidagadura mu mahoro. Hali izindi Prefegitura ziyemeje guhagurukira byimazeyo iyo programu yo kubaka ibibuga. Urugero twatanga ni Prefegitura ya GISENYI imaze umwaka itangiye uwo mushinga mu bikorwa by'umuganda. Iyo Stade irubakwa muli Komini RUBAVU kandi abahakora ni abamilitants ba Komini RUBAVU n'abakozi ba Prefegitura.

Abamilitants ba Prefegitura ya BYUMBA nabo batugejejeho umugambi bafite wo kwubaka Stade muli Komini KIBALI. Ministeri yoherejeyo impuguke kureba aho bateganya ko izubakwa. Zigarutse, zatubwiye ko aho hantu hadahagije ukulikije icyifuzo cyacu cy'uko izo Stades zigomba kuba zimeze n'imikino igomba kuhabera. Twizeye ko hazaboneka ikibanza gihagije cyatuma abo bamilitants batangira uwo mushinga biyemeje.

Impamvu Ministeri y'Urubyiruko n'Imikino isaba inzego zose z'ubutegetsi kwihatira kuyifasha gukwiza ibibuga mu makomini, ni ukugira ngo abatura-Rwanda benshi bakore imikino, ye kuba umwihaliko wa bamwe. Prezida wa Republika, muli Discours-Programme yo kw'italiki ya 8 Mutarama 1979, avuga ibyo Ministeri y'Urubyiruko n'Imikino ishinzwe, yagize ati: "Iyo Ministeri izajya yita no ku nyigisho z'imyitozo y'ingorora-mubili; izo nyigisho kandi tubyibutse ntizigomba kuba umwihaliko wa bamwe mu Banyarwanda, ahubwo zigomba gutangilira muli cellule no muli segiteri za Komini".

Mu byerekeye gucengeza sporo mu byaro, uretse ibibuga bike twavuze haruguru, indi ngorane izwi ni ukubura abahanga babizobereyemo. Icyo ni ikibazo kitubabaza kuko usanga no muli Ministeri ubwaho tudafite abahagije.
Icyakora duteganya kuzajya dukoresha ihugurwa ry'abakozi b'Urubyiruko n'Imikino, kugira ngo biyibutse ibyo bize, kandi bongereho n'ibindi bishya. Ikindi kandi, Ministeri izihatira kwandika amategeko y'imikino ishobora gukorwa muli za Komini kugira ngo nibura buli Encadreur wa Komini agire agatabo gakubiyemo ayo mategeko yiyibukilizamo.

5. Muli make, nagira ngo mbibutse ibyo Ministeri iteganya gukora kugira ngo izagere ku mabwiliza Umukuru w'Igihugu yayihaye yo gucengeza sporo mu banyarwanda benshi:

- Kwigisha no guhugura abasifuzi mu mikino yose ishobora gukorwa mu Rwanda;
- Kwigisha no guhugura impuguke n'abalimu bahagije bazobereye mu by'imikino;
- Kwinjiza no gushyigikira imikino mu mashuli ndetse igashyirwa ku rwego rw'andi masomo. Ibyo tuzabifashwamo na Ministeri y'Uburezi;

.../...

- Gutanga amafaranga ahagije yo kugura ibikoresho by'imikino byo guha amashuli, za Komini na za Prefegitura, ndetse n'amasosiyete abyifuza akabona aho abikura bitayaruhije;
- Kwemera gutanga amafaranga ahagije yo kubaka za Stades zikwiranye n'igihe tugezemo. Ibi bifite akamaro cyane. Uretse ko amafaranga yakwinjira ali menshi, n'abantu bajya babona aho bicara cyangwa bagahagarara mu mahoro, nta muvundo;
- Gutoza bihagije amakipi, cyane cyane ali imbere, kugira ngo ubushobozi bwayo bubere urugero agitangira;
- Kwihatira kwohereza abakinnyi mu mikino mpuza-mahanga, kuko bahigira byinshi;
- Kwumvikana n'Ibihugu bikomeye kandi byádutanze amajyambere mu mikino kugira ngo biduhe za Stages zo gutoza abakinnyi bacu, ndetse n'impuguke zo kwigisha inyigisho kaminuza mu duce twose tw'imikino u Rwanda rwinjiyemo;
- Kugerageza gushyiraho ishuli ry'imikino mu Rwanda.

Iyo rero ni imigambi Ministeri y'Urubyiruko n'Imikino ifite kugira ngo sporo itere imbere mu cyaro, tutaretse no mu mijyi. Tumaze kandi rero no kurebera hamwe ingorane ihura nazo ali mu byerekeye ibibuga bikili bike, impuguke n'ibindi; tumaze no kubagezaho programu rusange ya Ministeri ku byerekeye imikino kugira ngo mujye mukulikira mumenye inzira tuganamo munabidufashemo.

Murakoze.

Mbanje gushimira cyane Ministeri y'Ubutegetsi bw'Igihugu ihora itegura umwanya wo guhuza abategetsi ba za Komini n'Abayobozi b'inzego nkuru za M.R.N.D. n'iza Ministeri, kugira ngo barebere hamwe ibimaze kugerwaho mu majyambere ya Komini, ingorane bahura na zo, umuti ukwiye wo kuzivura no kureba ibikwiye kwitabwaho mu gihe kili imbere, kugira ngo intego ya Mouvement yacu yo kugeza u Rwanda ku majyambere muli byose igerweho vuba.

Ikiganiro cya Ministeri y'Urubyiruko n'Imikino kilimo ibice bibili: - hali icyerekeye ibikorwa by'Urubyiruko mukuzamura amajyambere y'Igihugu;
- hali n'igice cyerekeye Imikino n'imyidagaduro.

Murabona rero ko ibyo bice bikulikije nanone amashami abili y'ingenzi asanzwe agize iyi Ministeri. Mu gice cya mbere, ibyo tugiye kubabwira ni ibi:

1) Imiterere y'Ubuyobozi bukuru bw'Urubyiruko (Direction Générale de la Jeunesse);
2) Umwanya Urubyiruko rufite mu guharanira amajyambere y'Igihugu;
3) Ibikorwa Ministeri imaze kugeraho;
4) Ibyo Ministeri igamije gukora;
5) Ibibazo by'ingenzi Urubyiruko ruhura na byo;
6) Uburyo ibyo bibazo byabonerwa umuti.

1. <u>Imiterere y'Ubuyobozi Bukuru bw'Urubyiruko (Direction Générale de la Jeunesse).</u>

- Ubuyobozi Bukuru bw'Urubyiruko (Direction Générale de la Jeunesse) bushinzwe cyane cyane :
  * gushaka ukuntu Urubyiruko rwakwibumbira hamwe mu bikorwa by'amajyambere,
  * gushakashaka uburyo bwateza imbere imilimo y'Urubyiruko,
  * kwigira hamwe n'abandi cyangwa izindi "services" kugira ngo hashyirweho amategeko arengera Urubyiruko.

Kugira ngo iyo milimo migali ishobore gukorwa neza, Diregiteri Jenerali afashwa n'Abadiregiteri babili.

- Uwambere ashinzwe kwiga imishinga yose y'urubyiruko n'ibyo rugomba gukora kugira ngo rugere ku majyambere (Directeur de la Planification).
Uyu nawe afashwa n'undi mukozi ushinzwe gutegura no gukora anketi na statistiki (Chef de Bureau Enquêtes et Statistiques). Agomba kumenya umubare w'urubyiruko Ministeri yacu ishinzwe (kuva ku myaka 10 kugeza kuli 24), umubare n'ubwoko bw'ibikorwa by'urwo rubyiruko.

- Undi Mudiregiteri ni ushinzwe kuyobora, kujijura no guhugura Urubyiruko.
Niwe ushinzwe kwiga no gukora programu z'inyigisho zigomba guhabwa Urubyiruko rwavuye mu mashuli n'urutarayigezemo. Agomba kandi kwita ku kuyobora ibikorwa by'urubyiruko rugamije amajyambere n'ibyerekeye imyadagaduro y'Urubyiruko (Directeur de l'Encadrement et Formation).

.../...

- Ingoro y'Urubyiruko igomba guhugulirwamo abayobozi b'urubyiruko igakorerwamo n'ibindi bintu byinshi birureba nko kumulikiramo ibintu biva mu bukolikoli, yaruzuye, twafashijwe kuyubaka n'inshuti zacu z'Abakoreya (ba Ruguru), yatashywe kuli 15 Mata 1980.

- Umushinga w'isanduku yo kuguliza no gufasha urubyiruko ruhinga n'urworora nawo warakozwe, woherezwa muli Canada (ACDI) yali yadufashije no kuwukora, aliko bigeze aho bahindulira ya mafaranga muli Banki z'Abaturage ngo abe alimo tuzayasanga. Ntibyatunyuze, nicyo gituma tugishakashaka abandi bashobora kubidufashamo, kuko uwo mushinga ali ingirakamaro kandi utubabaje.

- Umushinga wo gufasha Urubyiruko gucuruza umusaruro warwo; uretse ibikorwa biba hirya no hino muli za Prefegitura, hali imishinga ibili y'ingenzi igamije gucuruza umusaruro w'Urubyiruko cyane cyane urwibumbiye hamwe, iyo ni:
  * Umulyango witwa "FAJECOP" ukorera i Kigali mu nzu watijwe na Ministeri y'Urubyiruko n'Imikino.

  Hali n'undi mushinga watangiwe n'abayobozi b'Urubyiruko n'Imikino muli Prefegitura ya Byumba ugamije guhuliza hamwe amashyirahamwe y'Urubyiruko kugira ngo bakore Koperative icuruza iby'ayo mashyirahamwe yose yejeje.
  Uwo mushinga ubungubu dusa n'abawuhaliye Ministeri y'Imizamukire y'Abaturage na za Koperative, kuko twasanze ko Koperative yitwa "Union des Coopératives de Byumba".
  Mubyerekeye kwigisha no guhugura Urubyiruko, Ministeri y'Urubyiruko n'Imikino ifite ibigo 29 urubyiruko rwigiramo, bifite abana hafi 4.000, irashaka gushinga bihamye ibigo bine by'urubyiruko yihaliye: GACULIRO na KABARE muli Prefegitura ya KIGALI, SHYOGWE muli Prefegitura ya GITARAMA, na KARAGO muli Prefegitura ya GISENYI.
  Ibindi byose uko ali 25 byashinzwe n'abagira-neza, cyane cyane abihaye Imana. Ministeri ikabatera inkunga muli byose cyane cyane ihemba abalimu ikanatanga n'ibikoresho. Mboneyeho gushimira abo bagira-neza, nk'abita ku bigo by'abasukuti i Butare, ab'i Gahanga, i Kisaro, i Butamwa n'ahandi.

- Mvuze ko Ministeri itanga abakozi, impuguke n'ibikoresho: muli ibyo bigo 29 mvuze halimo abalimu n'abandi bakozi barenze 100 bahembwa na Ministeri y'Urubyiruko n'Imikino.

- Haliho n'ibindi Ministeri imaze kugeraho byiza nk'ishyirahamwe ntanga-rugero ly'Urubyiruko muli GIKONGORO lihuje amakomini 6: NSHILI, KIVU, RWAMIKO, MUBUGA, RUNYINYA na NYAKIZU. Ayo makomini ya nyuma akaba ali aya Prefegitura ya BUTARE.
  Ligamije kwigisha urubyiruko guhinga kijyambere, kurwanya isuli no kworora amatungo magufi. Kugira ngo uwo mushinga utungane, Umulyango ushinzwe ubutwererane mu by'umuco na tekinike aliwo AGECOOP, ufite intebe yawo i Paris mu Bufaransa, waduhaye amafaranga arenga 12.000.000 muli 1978 na 8.000.000 muli 1979.
  (Aho uwo mushinga ugereye, tumaze guha urubyiruko inkwavu 600, inkoko 600, ingurube 300 n'ihene 285, utuyungiro, ibiti, imbaho, ibilibwa by'amatungo, n'ibindi ...).

.../...

4. IBYO MINISTERI IGAMIJE GUKORA

Mu gihe cya vuba:

- Mu kwezi kwa Gicurasi 1980 hazaba seminali izabera i KIGALI. Iyo seminali izahuza abakozi ba Ministeri nyinshi duhulira mu kazi, Abayobozi b'Urubyiruko muli Prefegitura no muli S/Prefegitura, Abihaye Imana n'Abagira-neza bandi bita k'urubyiruko. Iyo seminali, uretse amasomo tuzakuramo, izadufasha no gutegura Plan ya gatatu y'Amajyambere y'Igihugu itaha ya 1982-1986.
- Mu ntangiliro za Kanama 1980, kuva kw'italiki ya 2 kugeza kuya 7, abayobozi b'ibigo by'urubyiruko bazihugulira i KIGALI.
- Kwita kurushaho ku bigo by'urubyiruko by i SHYOGWE, GACULIRO, KABARE na KARAGO nk'uko byavuzwe haruguru. Ministeri yifuza ko ibyo bigo byabera ibindi byose urugero ali mu nyigisho ali no mu bikorwa. Bikabera ndetse isoko y'ubumenyi n'urugero by'urubyiruko rw'amakomini ane cyangwa atanu ya hafi ya buli kigo.
- Gutegura imishinga ya Plan y'amajyambere ya gatatu y'Igihugu 1982 - 1986.

Mu gihe kirekire:

- Mu gihe kilinganiye, Ministeri ilifuza gushinga muli buli Prefegitura ikigo kimwe cyabera ibindi byose byo muli iyo Prefegitura urugero.
- Nyuma yaho, ikagerageza gushinga muli buli Komini ikigo kimwe cy'urubyiruko.
- Ilifuza kohereza buli mwaka mu mahanga impuguke ngo zihugure biruseho nko mu Bulayi, no mu bindi bihugu cyane cyane iby'Afrika. Ibyo bizaterwa n'umwete n'inkunga bene iyo mishinga izaterwa mu nama ntegura-butwererane.
- Ilifuza ko ibigo ntanga-rugero byakorwa muli buli Prefegitura.

IBIBAZO URUBYIRUKO RUHURA NABYO

Murabona rero ko Urubyiruko ruhura n'ibibazo byinshi cyane, aliko ibibabaje cyane ni nk'ibi:

- kubura ubutaka buhingwa cyangwa urwuli, n'ubutaka rubonye ntibwere
- imihanda ihuza za segiteri ni mike n'ihali ni mibi muli za Komini
- kudashyigikirwa n'abashinzwe kuyobora Komini
- kubura aho bagulishiliza umusaruro wejejwe n'urubyiruko
- urubyiruko rwananiwe n'ubuzima bwo mu byaro rwifatira inzira yo mu mugi, kenshi rukahatesekera.
- Ministeri y'Urubyiruko n'Imikino ntishobora gufata mu ntege uko ibishaka cyane kubera ubuke bwa bije Leta iha Ministeri, n'ubushake buke bw'abanyamahanga bwo kwinjira mu bikorwa byose bireba urubyiruko mu byaro.

.../...

- Abashinzwe gukangura urubyiruko bacika intege bitewe:
* N'amashuli make bamwe muli bo bafite n'ubushobozi n'ubwitange buke
* Benshi muli bo kandi nta nzu bakoreramo, n'abayafite nta bikoresho bafite bihagije. Hali n'abamara amezi arenze 6 nta mushahara n'umwe babonye.
* Komini ni nini cyane, bigatuma Abayobozi b'Urubyiruko batita bihagije k'Urubyiruko rwose rwa Komini.
* Ubwumvikane buke bw'Abategetsi muli Komini zimwe na zimwe nabwo budindiza Urubyiruko.
- Ubuhemu bwa bamwe mu bashinzwe amashyirahamwe, nk'abiba umutungo wa bene wabo, abategetsi ntibabahane, ibyo bituma abandi banyamuryango bacika intege, bigatuma imilyango y'urubyiruko isenyuka, kenshi na kenshi.
  Ikindi iyo abanyamuryango batumvikana ubwabo, ntacyo bageraho.
- Amashyirahamwe y'abakobwa kenshi cyane asenyuka iyo bagiye gushyingirwa ntibabone ababasimbura bahuje amatwara. Byongeye kandi bene ayo mashyirahamwe aracyali make cyane mu Rwanda.

UKUNTU IBYO BIBAZO BISHAKIRWA UMUTI

- Ibyo bibazo byose bigaragazwa muli za raporo zose za Ministeri buli mwaka.
  Byongeye kandi maze kubabwira mu magambo make, ukuntu Ministeri igerageza gukora akazi ishinzwe n'ubwo ibibazo ali byinshi, kandi biyikomereye cyane.
- Twavuga ko kugeza ubu ubushobozi bwa Ministeri budahagije na gato ukulikije ibyangombwa Komini, Prefegitura, Imilyango n'Ibigo by'Urubyiruko bisaba buli mwaka.
  Kenshi amashyirahamwe y'Urubyiruko abura udufaranga tw'ifatizo, akabura amasambu, akabura n'ibikoresho, akabura inkunga y'Abategetsi. Ubwo urubyiruko rukiheba, rugatezuka k'umurego no mu migambi yarwo yo kwizamura no kuzamura Igihugu.
- Twakwifuza ko urubyiruko rwashigikirwa cyane, bije ya Ministeri bakayongera, iyo Ministeri ikabona kugaragaza mu bikorwa ko urubyiruko ali imbaraga nyamwinshi z'Igihugu cyacu.
- Twiyemeje ko ibyo bitatubuza gukoresha uko dushoboye utwo duke baduha, no gutera inkunga Urubyiruko, ali mu burere, ali no mu mashyirahamwe rukora mu mijyi cyangwa se mu byaro.
- Ibyo, tuzi neza ko tuzabifashwamo n'abayobozi b'urubyiruko bahuguwe cyane mu nzego zose, kugira ngo barusheho kumenya neza ibibazo no kubishakira umuti ukwiye.
  Bityo urubyiruko, u Rwanda rw'ejo, rukaboneraho kuramba mu miterere, mu mimerere no mu mibereho myiza.

Mu bibazo twabonye urubyiruko rukunda guhura nabyo, twasanze ko halimo kimwe ndetse mu by'ingenzi gica Urubyiruko n'abaruyobora intege, alicyo cyerekeye ubwumvikane buke bw'abategetsi ba Komini zimwe na zimwe, ugasanga Burgumestri ntiyumvikana na Encadreur, bigatuma amwima ibiro, ibikoresho n'umushahara we, ntagire icyo yashobora kwimalira ngo abe yagira n'icyo amalira Urubyiruko. Ahandi, usanga abategetsi ba Komini basa nk'aho batumva akamaro ko kwita k'Urubyiruko, batazi ingufu urwo rubyiruko rulyamanye, baramutse bazikoresheje neza byimazeyo byageza Komini n'Igihugu cyose ku majyambere vuba, bagatererana Encadreur, n'abaramutse bamuhaye ibikoresho byo mu biro, ntibamufashe mu gukangura no gushak■ ibikorwa byagilira akamaro urubyiruko. .../...

Aha nagirango mbibutse bimwe mu byo mwabwiwe mu kiganiro cya Ministeri y'Ubutegetsi bw'Igihugu mw'ihugurwa lyanyu lyo mu mpera za 1976 no mu ntangiliro ya 1977, aho bavuga ibyo Burgumestri ashinzwe: "Ashinzwe kuzamura amajyambere ya Komini mu bukungu, mu mubano n'ubujijuke, akabigenzurwamo n'ubutegetsi bwa Prefegitura. Ahangaha niho ngombwa kwibutsa ba Burgumestri ko babazwa ikintu cyose kibaye muli Komini bashinzwe.
Abavuga ngo Segiteri ifite umujyanama uyishinzwe ntacyo njya kumarayo, balibeshya.
Muli segiteri umujyanama ahagaraliye Burgumestri aliko ntahamusimbura".
Ibyo bivuzwe ku Mujyanama wa Segiteri nanjye nabivuga ku rubyiruko.
Ntabwo Burgumestri n'abafasha be bagomba kwigurutsa ibibazo by'urubyiruko ngo rufite Encadreur azirwaneho abirangize wenyine.
Ababikora baba bibeshya rwose, bagombye kwisubiraho bagakorera Komini byimazeyo ntihagire abibwira ko hali igice cy'abayituye badashinzwe.
Nongeye kugaruka ku kiganiro mwagiliwe na Ministeri y'Ubutegetsi bw'Igihugu, kubyerekeye ubulyo bugomba gukoreshwa kugira ngo abategetsi ba Komini barangize neza imilimo bashinzwe, "Abayobozi ba Komini bagomba gufatanya n'impuguke zose zili muli Komini cyangwa se Segiteri" muli izo mpuguke halimo abakozi Komini zishyiliraho ubwazo, akaba ali nazo zibihembera.

Muli abo bakozi ashaka kuvuga abagengwa na stati y'abakozi ba Komini yashyizweho n'iteka lya Prezida n° 254/03 lyo kuwa 25 Ugushyingo 1975, nabo balimo ba Ankadereli b'urubyiruko bahagaraliye Ministeri y'Urubyiruko n'Imikino.
Muli icyo kiganiro babibukije ko "mugomba kubahiliza amategeko abagenga kugira ngo bajye bakorana umutima mwiza imilimo bashinzwe.
Mugomba kubahembera igihe kugira ngo bashobore kwimara ubukene n'inzara.
Muzi neza ko umushonji ntacyo ashobora gukora.

"Dossiers zabo zigomba gufatwa neza buli gihe ... Byongeye kandi mujye mwibuka ko kwirukana abakozi atalicyo gihano cyonyine kibaho muli za stati n'amategeko yose agenga abakozi (Art.32 ya stati)...
Ndetse igihano cyo guhagalikwa no kwirukanwa ku mulimo kigomba gutangwa n'inama ya Komini. Kikemerwa na Prefe. Umukozi uregwa agomba guhamagarwa mu nama kugira ngo yiregure (aburane na dosiye ye).

- Gutanga buli kwezi pansiyo y'umukozi muli caisse sociale.
"Birakwiye lero ko mbere yo gutanga akazi mwajya mushaka abakandida benshi, mukabaha ibizamini na none aliko mutibagiwe no gusuzuma imibereho n'imyifatire ya buli mukandida, noneho abafite amanota ya mbere akaba alibo babanza guhabwa umulimo.
Igihe tulimo sicyo kwihera akazi nkunzi gusa. Byongeye kandi Inama ya Komini niyo itanga akazi muli Komini".
Ndabona ibyo bitekerezo bitagira amakemwa, nta n'icyo nakwilirwa nongeraho kirekire, uretse ko mbibutsa ko hali Iteka lya Prezida lishyira ba Ankadereri b'Urubyiruko mu maboko ya Komini, hali n'Itegeko ligenga Komini, ntabyagombye kuvundirwaho bidakulikije ayo mategeko.

.../...

Ministeri y'Urubyiruko n'Imikino yo ibemereye ko izakora uko ishoboye kugira ngo ibyerekeye Tekinike mu kazi no guhugurwa kw'Abayobozi b'Urubyiruko bigende neza, nayo rero irabasaba gutunganya ibibazo twabonye bishobora kuba bibaturukaho kandi byica akazi bikanadindiza ibikorwa by'Urubyiruko rw'u Rwanda.

Murakoze.

## IBIBAZO N'IBISUBIZO

1. Ibigo by'urubyiruko nk'ibili i GACULIRO cyangwa i SHYOGWE bizamara iki cyangwa muteganya kuzabihindura mute réforme nimara gushinga imizi ihamye?

R. Ibyo bigo ntibiteze kuvaho, ahubwo bizahindura imikorere yabyo.

2. Mul'ibyo bigo by'urubyiruko encadreur w'urubyiruko muli Komini afitemo umwanya ki ko bamubuza kwinjirayo?

R. Gufatanya na Diregiteri w'icyo kigo bashaka urubyiruko rugomba kuhiga nibyo byashoboka; naho ubundi encadreur ntagomba kubyirangamo kereka aramutse ali umwe mubahigisha.

3. C.C.D.F.P. n'izo centres z'urubyiruko, nta kuntu mwabifatanya (fusion)?

R. Ntabwo ibyo bishoboka, kuko bidafite amatwara amwe.

4. Sporo zibujijwe ni izihe?
Ingingo zikulikizwa mu gutanga imyambaro n'ibikoresho bya sporo ni izihe?

R. Imikino y'intambara igomba kwitonderwa mukuyikwiza mu gihugu kuko aho kubaka usanga yasenya.
* Mu gutanga imyambaro n'ibindi bikoresho, dukulikiza igihe inzandiko zibidusaba ziba zaraziye. Kandi tubitanga ali bike dufite bigashira tudashoboye kubiha benshi. Gusa uko tubibonye niko tubitanga.

5. Ba encadreurs bamwe usanga ntacyo biyiziye, ndetse usanga nta mukino n'umwe bazi.

R. Ihugurwa lyabo lihora liba, kandi lirateganyijwe. Kuvuga ko bamwe batazi gutera nk'umupira, birumvikana ko atamenya byose kuko amenye kubyina ntiyamenya no gukina umupira w'amaguru cyangwa kwiruka. Ibyo rero ntawabimurenganyiliza.

## IBYIFUZO

* Imishahara ya ba encadreurs ili hejuru cyane ugereranyije n'imilimo bakora. Turasanga encadreur w'urubyiruko yabifatanya no kuba encadreur wa za Koperative.
* Encadreur na Burgumestri usanga bafitanye ubwumvikane buke. Turabasaba kujya mukora enquêtes mukirebera.

.../...

## II. INYIGISHO YEREKEYE KOPERATIVE MU RWANDA

### IJAMBO LY'IBANZE

Kuli programu y'uyu munsi, handitseho ko mwumva inyigisho yerekeye za Koperative mu Rwanda.

Kubera igihe gisa n'aho ali gitoya, nahisemo kubanziliza ku nyigisho yerekeye KOPERATIVE YO GUTSURA AMAJYAMBERE RUSANGE, aliyo yitwa mu gifransa "Coopérative Multifonctionnelle de Développement Communautaire", byashoboka tukaza kurebera hamwe nyuma ibindi bibazo rusange bireba za Koperative zose, muli byo halimo icyerekeye ba ankaderali bazo.

### KOPERATIVE ITSURA AMAJYAMBERE RUSANGE : COOPERATIVE MULTIFONCTIONNELLE DE DEVELOPPEMENT COMMUNAUTAIRE.

Mu gitabo gikubiyemo imigambi igihugu cyiyemeje yo gutsura amajyambere mu bukungu, mu mibereho no mu bujijuke mu gihe cy'imyaka itanu, ku rupapuro 131, mu gika gisobanura ibyerekeye za Koperative, handitsemo ko: "hazashingwa Koperative yo gutsura amajyambere, ... izahahira kandi igacuruliza abanyamulyango mu nzira nyinshi".

Komini zimwe zatangiye gushinga iyo Koperative, izindi ntiziratangira. Iyo turebye rero aho batangiye, dusanga bose batayumva kimwe. Buli wese agerageza kuyikora uko abyumva. Niyo mpamvu muli iki kiganiro, Ministeri y'Imizamukire y'Abaturage na za Koperative, yasanze ali ngombwa, kubera ko aliyo umushinga w'iyo Koperative ukomokaho, kwongera kubasobanulira icyo alicyo, uko iteye, icyo igamije, icyo ikora n'uko ikora kimwe n'inkunga Leta iyitera. Bityo Ministeri yabateganyilije iki kiganiro ikaba yizeye ko nyuma y'ili hugurwa, programu yo gushinga Koperative zitsura aamajyambere rusange yazarushaho kwihuta no kugenda neza.

#### A. ICYO ALICYO

Koperative itsura amajyambere rusange ni Koperative ihuliwemo n'abaturage bose batuye nk'akarere kamwe. Ako karere gashobora kuba Komini yose nk'uko kaba segiteri yihaliye cyangwa se segiteri ebyili cyangwa eshatu zihuje imbibi, zaba muli Komini imwe cyangwa se muli Komini zegeranye.

#### B. UKO ITEYE

Uretse kuba ihuliwemo n'abaturage rusange kandi igakora ibikorwa bifitiye rubanda nyamwinshi akamaro, ahasigaye, Koperative itsura amajyambere rusange ni Koperative nk'izindi zose. Igengwa n'amategeko rusange yerekeye imiryango y'ubufatanye kimwe n'itegeko ryo kuwa 22 Ugushyingo 1966 ligenga za Koperative mu Rwanda.

.../...

C. ICYO IGAMIJE

Muzi ko abaturage bo mu makomini cyangwa mu turere tumwe bicwa n'inzara kandi ahandi imyaka imungirwa mu mitiba cyangwa ikaborerera mu milima.

Muzi ko kenshi na kenshi umuturage ahendwa n'umucuruzi kubyo agura iwe, akongera agahendwa no kubyo yiyejereje amugulishaho.
Muzi ko hamwe na hamwe haboneka ikibazo cy'ingegera.
Muzi ko mu nyigisho zitangwa mu bigo bitsura amajyambere cyangwa mu bigo by'ihuguliro ry'abaturage, inama zo kwongera umusaruro, zo gutura heza, zo kurya neza, zo kwambara neza, zo kuzigama no gushora imali mu bindi bikorwa byongera umusaruro, zihora kuli programu.
Muzi ko umuco wo gufatanyiliza hamwe ibikorwa by'amajyambere, ugenda ugabanuka mu banyarwanda, kubera abantu batali bake bahemukira bagenzi babo bafatanyije.
Muzi ko Koperative nyinshi zigenda zisenyuka kubera ubuhemu cyangwa uburangare, cyangwa umwete muke cyangwa byose hamwe, biboneka mu bayobozi, mu bagenzuzi b'imali no mu bakozi.
Icyo Koperative itsura amajyambere rusange igamije rero, ni ukugerageza kubonera umuti ibyo bibazo. Mbese imigambi yayo ni iyi:

1. Gufasha abaturage, alibo banyamulyango, guhunika imyaka yabo, no kubika amafaranga yabo kure y'imungu n'ingegera.

2. Kubafasha kugulisha imyaka yabo, batayihenzweho, haba mu giciro cyangwa ku munzani.

3. Kurangura ibyo abaturage bakeneye mu ngo zabo, byaba ibilibwa cyangwa ibikoresho, no kubigulisha abanyamulyango ku giciro gikwiliye.

4. Kuvugurura mu banyarwanda umuco wo gufatanyiliza amajyambere, ntibivugwe mu magambo gusa, ahubwo bikagaragalira mu bikorwa no mu mikorere y'iyo Koperative.

5. Gutera inkunga izindi Koperative zili muli Komini, izifasha kugulisha ibyo zikora cyangwa zejeje kimwe no kuzizanira ibikoresho zikeneye. Ikazibera kandi urugero, cyane cyane mu byerekeye gucunga imali, kurwanya igihendo no kujijura abanyamulyango.

6. Uko umutungo wayo wiyongera, niko nayo igomba guhora yongera ibikorwa bifitiye rubanda rusange akamaro. Tuvuge nko kugura urusyo rusya imyaka y'abanyamulyango cyangwa gucuruza imiti ikenerwa kenshi kandi na benshi.

7. Gutuma uturere dushobora guhahirana.

D. UKO IKORA

Kimwe n'izindi Koperative, Koperative itsura amajyambere rusange iyoborwa, icungwa kandi igategekwa na bene yo. Abanyamulyango nibo bashyiraho amategeko ayigenga. Bikoramo abayobozi, abagenzuzi b'imali n'abakozi.

.../...

Nibo bagena umugabane buli munyamulyango agomba gutanga, ukuntu n'igihe awutangira. Nibo bihitiramo ibikorwa Koperative itangiliraho. Nibo bemeza ibiciro, imishahara y'abakozi n'ukuntu imali n'inyungu bigomba gukoreshwa.

Kimwe no mu zindi Koperative rero, abanyamulyango bafite uburenganzira bureshya 'wo kugira icyo bavugakuli Koperative yabo, haba ku mutungo wayo cyangwa ku bikorwa byayo. Humiliza nkuyobore ntikora rero muli Koperative.

E. INKUNGA YA LETA

Kubera uruhare runini Koperative itsura amajyambere rusange ifite mu kuzamura ubukungu, imibereho n'ubujijuke mu banyamulyango bayo, Ministeri y'Imizamukire y'Abaturage na za Koperative itera inkunga bene izo Koperative kuburyo bukulikira:

- Izifasha kwiyubakira ikigega, ikaziha ibikoresho kandi ikazigulizа amafaranga ya ngombwa kugira ngo imilimo yo kugura no guhunika imyaka itungane.
- Ihugura abanyamulyango, abayobozi, abagenzuzi b'imali kimwe n'abakozi kugira ngo buli wese mu rwego alimo, ashobore gutunganya neza imilimo ashinzwe.
- Igenzura buli gihe niba imilimo ikorwa neza, niba imali ikoreshwa k'uburyo butunganye kandi bwemewe, niba buli rwego rutunganya neza imilimo rushinzwe.
- Izazifasha no gushinga ishyirahamwe kimwe n'isanduku zihuliyeho kugira ngo zirusheho kumenyana, gufashanya no guhahirana.

F. IBYITONDERWA

Kugira ngo Koperative itsura amajyambere rusange izakomere ku ntego yayo kandi programu yo kuzishinga ikulikizwe neza, ingingo zikulikira zigomba kwitabwaho:

Icyitonderwa cya mbere:

Iyo Koperative igomba kuba iy'abaturage koko kandi ikabagilira akamaro muli byinshi by'ingenzi bakeneye.

Ihame likomeye imiryango ya Koperative ishingiyeho ni uko Koperative ali iy'abanyamulyango bayilimo, bayinjiramo k'ubushake bwabo nta gahato, akaba alibo bayitegeka, nayo ikabakorera ibyo bifuza kandi ikabitaho cyane kurusha uko umucuruzi yita k'umukiliya we.

Ubwo rero Koperative yita mbere na mbere ku banyamulyango bayo kandi Koperative itsura amajyambere rusange ikaba igamije ibikorwa bifitiye akamaro buli wese; kubera ko buli wese aho ali hose akeneye guhaha, akeneye kubitsa cyangwa kugira icyo agulisha, kugira ngo hatazagira ucikanwa n'ibikorwa by'ingirakamaro iyo Koperative yifuza kugeza ku batura-Rwanda bose; byaba byiza kubwiliza abo dushinzwe kuyobora bose kuyinjiramo, kandi bakayinjiramo nta gahato.

.../...

Hali inzira nyinshi zo kuyibumvisha no kuyibakundisha. Inzira ya mbere ni animasiyo, animasiyo ikorwa na Burgumestri n'abafasha be: abajyanama, ankadereli wa Koperative, abagize inama iharanira amajyambere ya Komini, kimwe n'abandi bamilitants bumva vuba kandi bakunda gucengeza muli bagenzi babo ibitekerezo bishya byiza.

Inzira ya kabili ni uko umugabane (part sociale) umunyamulyango agomba gutanga kugira ngo yinjire muli Koperative, uburyo n'igihe utangirwa byaba bilinganiye n'ubushobozi bwa benshi. Iyo tugereranyije uko imigabane itangwa hiryo no hino, dusanga uwo abaturage bakira neza uli hagati y'ijana na maganabili, noneho kugira ngo umutungo utubuke ababishoboye batanga imigabane myinshi. Si ngombwa kandi ko uwo mugabane utangwa buli gihe mu mafaranga gusa, ushobora no kubarwa mu mibyizi cyangwa ibiro by'imyaka bihwanyije agaciro n'ayo mafaranga.

Inzira ya gatatu ni ugutangira vuba, abatanze amafaranga yabo mbere batararambirwa. Ibikorwa byose twarondoye Koperative itsura amajyambere rusange ikomatanyije, ntibishobora gutangilirwa limwe. Ahubwo bigenda bikulikirana buhoro buhoro. Niyo mpamvu, uwabona amaze kwakira amafaranga ageze nko ku bihumbi mirongo itanu, ashobora gutangira Koperative y'abaturage. Icyo gihe, akoranya abatanze imigabane, akababaza ikintu kibabaje basanzwe bahendwaho kandi gishobora nyine kurangurwa n'ayo mafaranga. Yumvikana nabo igiciro bacyifuzaho, aho kizabikwa n'ukuntu bazakigabana. Iyo icyo kintu kibonetse abatanze imigabane bonyine bakakibona ku giciro cyiza, inkuru irakwira, akamaro ka Koperative kakagaragara gatyo. Iyo bongeye ubwa kabili n'ubwa kenshi abatalinjiramo mu mulyango bumviraho ko bacikanwe, bityo bakihutira kuwuyoboka.

Inzira ya kane ni uko Koperative iba hafi y'abanyamulyango. Aha umuntu yakwibaza niba Koperative imwe rukumbi ili ku biro bya Komini ishobora kugilira koko akamaro abaturage batuye mu turere twose twa Komini. Kuli iki kibazo, icyifuzo cya Ministeri y'Imizamukire y'Abaturage na za Koperative ni uko mu gushinga Koperative zifasha abaturage gutsura amajyambere mu ngo zabo, hatakulikizwa gusa imbibi za Komini, ahubwo ko zashingwa hakulikijwe uko abantu basanzwe bagenderana cyangwa bahahirana muli segiteri yabo cyangwa segiteri zegeranye. Izo segiteri zishobora kuba nizo mu makomini atandukanye aliko ahana imbibi.

Akamaro ko kwegereza abaturanyi Koperative yabo bituma abanyamulyango barushaho kuyiyoboka, bityo bakanayigenzulira hafi. Baba baziranye bihagije, k'uburyo bitoramo abayobozi, abakozi n'abagenzuzi b'indakemwa kuli byose: haba mu mico, mu bwitonzi, mu budahemuka, mu bumenyi no mu bwitange.

Bishobora gutuma muli buli Komini hashingwa byibuze nka Koperative eshatu zitsura amajyambere kandi zihagije (ni ukuvuga économiquement et socialement viables). Muli buli Komini rero habonetse Koperative zirenze imwe, zishobora guterana inkunga cyangwa se hagati yazo hakaba akantu k'ishyaka ryo kugira ngo imwe igire icyo isumbya izindi. Muli iryo rushanwa rero abaturage barahungukira.

.../...

Ikindi cyiza tutakwirengagiza ni uko hagize igira ibyago igahomba, izindi zasigara zigeragaza. Si kimwe rero na Koperative imwe rukumbi ishobora guhomba igasiga abaturage bose ba Komini nzima mu kangaratete.

Ababurugumesitiri bamwe bashinze izo Koperative mu rwego rwa Komini, usanga bavuga ko Koperative izagenda ishinga sikilisale buhoro buhoro. Mbega none muyaga yazayisenya itaragera kuli iyo ntego?
Ikindi kibi ni uko Koperative kimwe n'izindi "entreprises" zifite amashami hiryo no hino, ikenera amafaranga menshi yo gukoresha (capitaux circulants et frais généraux d'administration), kugenzura nabyo bigatera ingorane.

Mu gushinga rero Koperative zitsura amajyambere rusange, byaba byiza gukora uko dushoboye kwose kugira ngo tuzegereze abaturage, kandi muli buli Komini hashobore gushingwa Koperative irenze imwe. Urugero rwiza rw'izo Koperative ruli muli Komini Bicumbi kimwe no mu makomini amwe yo mu Bugesera no mu Mayaga, O.B.M. yahoze ikoramo.

Ibikorwa Koperative itsura amajyambere rusange ishobora gukomatanya mwabyumvise. Ni ibikorwa bihuliweho n'imbaga nyamwinshi byonyine.
Naho kubyerekeye imyuga yihaliye, tuvuge nk'ubworozi bw'inzuki, bw'amafi, bw'amatungo, ububumbyi bw'amatafali n'amategura, ubudozi bw'imyenda n'ubw'inkweto, ubukanishi mbega ubukolikoli bwose bugomba kandi buteganyilijwe kugira urubuga bwihaliye.
Koperative z'abanyamyuga zili muli Komini zishobora gushinga ishyirahamwe ryo kuzikorera ibikorwa bimwe zishobora guhuliraho nka transport cyangwa kuzishakira ibikoresho.
Nyamara kandi iryo shyirahamwe ntilishobora kwishingira kugulisha ibintu byazo.
Tuvuge nk'ubucuruzi bw'imboga, amafi n'amagi bigomba ibikoresho bidahwanye n'ibikenewe mu bucuruzi bw'inkono cyangwa amatafali. Abantu rero badafite ibibazo bimwe, wabashyira hamwe kugira ngo bagere kuki?
Twibuke ko Koperative muli kamere yayo, ihuza abantu bahuliye ku bibazo bimwe, kubera ko baturanye cyangwa bakora umwuga umwe.

Twilinde rero kwitiranya Koperative itsura amajyambere rusange n'amashyirahamwe (unions) ashobora guhuza Koperative zihuje ibikorwa cyangwa zili mu karere kamwe.

Icyitonderwa cya kabili:

Ni byiza kumenya ukuntu intwererano igenewe izo Koperative itangwa.
Nk'uko byavuzwe mu kanya, iyo ntwererano igenewe izo Koperative itangwa na Ministeri y'Imizamukire y'Abaturage na za Koperative, ibifashijwemo:

a) n'isanduku y'umuryango w'abibumbye igoboka ibihugu bigiharanira amajyambere (Fonds d'Equipement des Nations-Unies);
b) na Leta ya Etats-Unis z'Amerika;
c) n'Ishyirahamwe rya za Koperative zo muli Etats-Unis z'Amerika.

.../...

Igenewe gufasha izo Koperative kwiyubakira ikigega, kubona amafaranga n'ibikoresho bya ngombwa mu milimo y'igura, y'igulisha no mw'ihunikwa ry'imyaka.
Guhugura abanyamulyango, abayobozi, abakozi n'abagenzuzi b'imali.
Gukulikirana ko imilimo igenda neza.

Programu ntanga-rugero yatangiliye ku makoperative atandatu atsura amajyambere aliyo:

| | | |
|---|---|---|
| - INGANDURARUGO | : | Komini GATONDE |
| - CODEBU | : | " CYERU |
| - KOPIAN | : | " NYARUTOVU |
| - COCODEGI | : | " GITI |
| - COPADAGI | : | " GISHAMVU |
| - CODAPAKI | : | " KIGEMBE |

Ku byerekeye ubwubatsi, iyo programu ntanga-rugero ili hafi kurangira. Gusa umulimo wo guhugura abakozi, abayobozi n'abagenzuzi wo uracyakomeza. Ba jera ba Koperative, ba responsables b'ibigega, abagenzuzi na bamwe mu bagize inama z'ubutegetsi babonye inyigisho za mbere. Nyamara aliko inzira iracyali ndende.

Programu ntanga-rugero yihatiye gufasha Koperative zali zisanzwe ziteraniwemo n'abaturage benshi kandi zigamije nyine ibikorwa bitsura amajyambere mu ngo za rubanda nyamwinshi. Nyamara aliko muli iki gihe no mu kizaza, Komini yose yaba yaratangiye gushinga Koperative itsura amajyambere cyangwa iyifuza kuyishinga ikulikije amabwiliza ya Ministeri y'Imizamukire y'Abaturage na za Koperative nk'uko mwayumvise muli iyi nyigisho, ishobora gufashwa.

Gusa rero, kubera ko service ishinzwe uwo mushinga idafite abakozi bashobora gukwira mu makomini yose icyalimwe, hagomba kubaho ihitamo.

Iryo hitamo rero likorwa na Komisiyo ibishinzwe n'intumwa za:
- Ministeri y'Imizamukire y'Abaturage na za Koperative
- Ministeri y'Ubutegetsi bw'Igihugu
- Ministeri ya Plan y'Amajyambere y'Igihugu
- Ministeri y'Ubuhinzi n'Ubworozi
- OPROVIA, GRENARWA, na CATHOLIC RELIEF SERVICE.

Mu mabwiliza iyo Komisiyo yaduhaye mu nama yayo yo kw'italiki ya 1 Kanama 1979 yavuze ko mw'ikubitiro rya mbere tugomba kwita cyane kuli Komini zikennye. Komini zikennye rero tuzibwirwa n'abategetsi ba Prefegitura tukajya kuzisura, twasanga hali umushinga wa Koperative y'amajyambere rusange cyangwa se igitekerezo cyo kuyishinga, twasanga Burugumesitiri abishishikayemo kandi Komini ifite Ankadereli wa Koperative, ubwo tugatangira tukigira hamwe nabo uburyo dushobora gufatanya.
Twakumvikana, tugashyira umukono ku masezerano ahamya icyo buli wese yiyemeje gukora n'igihe imilimo izatangilira. Aho rero Burugumestri atabishishikaliye cyangwa ahatali Ankadereli wa Koperative, ntitwilirwa twirushya, aho baba barwikatiye.

.../...

Iby'ingenzi Koperative yiyemeje gukora ni ibi:

1. Gusiza ikibanza no gutunganya umuhanda ukigezeho;
2. Gucukura no gupakira umucanga mutoya, munini, gravier n'amabuye;
3. Gupakurura imodoka zizanye ibikoresho, kubibika, kubicunga neza no kubiralira;
4. Kuvoma amazi akenewe kuli chantier;
5. Gushaka ibikoresho bimwe byo kuli chantier nk'ibikwa, ibitiyo, ingorofani, amapiki, imihoro, imbegeti n'inkezo;
6. Gucumbikira Kapita Chef niba muli ako karere atahabonetse;
7. Gushyiraho Komite y'abantu batatu bahagaraliye Koperative, bafasha abakozi ba Ministeri gukulikirana imilimo y'ubwubatsi;
8. Gukulikira programu zose zibategulirwa zerekeye ihugurwa ry'abanyamuryango, ry'abayobozi, abagenzuzi b'imali n'abakozi.

Ministeri nayo ikora ibi bikulikira:

1. Gutanga ibikoresho biremereye mu bwubatsi nk'amatafali, sima, fer à béton, amabati, inzugi n'amadilishya, rufingi, kimwe n'imodoka yo gutunda umucanga, gravier n'amabuye;
2. Guhemba abafundi no gucunga imilimo y'ubwubatsi,
3. Guhugura abanyamulyango, abayobozi, abagenzuzi b'imali n'abakozi;
4. Gutanga ibikoresho by'ifatizo bya ngombwa mu milimo y'igura; y'ihunika n'iyigulisha ly'imyaka: umunzani, akuma gapima ubushyuhe n'ubukonje, umuti wica udukoko, ibitabo bya Kontabilite, kofreforo n'ibindi...
5. Kuguliza Koperative imali y'ifatizo yo kugura imyaka y'abanyamulyango cyangwa kubahahira umusaruro wabaye mukeya.

Kubyerekeye umudeli w'amazu twubaka, twatangiliye ku bigega bimeze nk'ibyo Catholic Relief Service yagiye yubakira Paruwasi cyangwa se Komini zimwe na zimwe. Nyuma twaje gusanga ibigega nk'ibyo bya toni 80 atali ngombwa hose kubera ko hamwe na hamwe baba badafite ibyo bahunika. Ikindi Koperative nyinshi usanga zikeneye n'amangazini agaragara yo kudandazamo ibindi bicuruzwa abanyamulyango bifuza, cyangwa se icyumba gikomeye cyajyamo kofreforo nini kandi ikomeye y'abifuza kuzigama. Kubera iyo mpamvu rero, twasanze ali ngombwa kugira imideli myinshi y'amazu ku buryo buli Koperative ishobora kwihitiramo umudeli ishaka. Kugeza ubu hali imideli itatu: umwe wa silos yihaliye, undi w'amangazini asanzwe afatanye na stoki na Banki y'Abaturage, n'undi w'ibyumba bike bya silos bifatanye n'amangazini na Banki y'Abaturage.

Ng'ibyo rero iby'ingenzi mukwiye kumenya ku ntwererano Ministeri y'Imizamukire y'Abaturage na za Koperative ifatanije n'inshuti z'u Rwanda, yageneye Komini ziyemeje gushinga no gushyigikira Koperative ya rubanda nyamwinshi itsura amajyambere rusange.

Ndabamenyesha ko atali ngombwa na gato kwilirwa mwandika musaba iyo ntwererano, kubera ko Komisiyo ibishinzwe yigenzulira ubwayo imaze kubyumvikanaho n'abategetsi ba Prefegitura. Ikindi na none tugomba kwumvikanaho ni uko kubera programu ifata igihe kirekire yo gukangura, kuvugurura no kujijura abayobozi, abakozi,

.../...

n'abagenzuzi, dusanga ali ngombwa kugenda mu rugero ku buryo mu mwaka tudashobora kwita bihagije kuli Koperative zirenze icumi.

Icyitonderwa cya gatatu:

Ikimenyetso, ishyirahamwe n'isanduku bya Koperative zitsura amajyambere rusange.

Kugira ngo Koperative zitsura amajyambere rusange zishobore kumenyekana no kumenyana, zizagira ikimenyetso kiziranga zihuliyeho zose nk'uko bimeze muli TRAFIPRO no muli Banki z'Abaturage.

Turacyashakisha icyo kimenyetso. Uwadutiza igitekerezo twamugororera.

Kugira ngo kandi izo Koperative zishobore kurushaho gufashanya, guhahirana no kugilira bene zo akamaro, zizagira ishyirahamwe ryazo kimwe n'isanduku rusange zihuliyeho izajya cyane cyane izitangira ingwate kugira ngo zishobore kugulizwa amafaranga n'amasanduku ayafite. Igihe izo nzego zitarajyaho, Koperative zitsura amajyambere rusange zisunga:

- OPROVIA na GRENARWA mu byerekeye ubucuruzi bw'imyaka ngandura-rugo;
- RWANDEX na TRAFIPRO mu byerekeye ubucuruzi bwa kawa;
- TRAFIPRO mu byerekeye ibindi bicuruzwa abanyamulyango bakeneye;
- BANKI y'ABATURAGE mu byerekeye kubitsa;
- ISANDUKU ITSURA AMAJYAMBERE YA KOMINI, Banki y'Abaturage n'Isanduku yo Kuzigama y'u Rwanda mu byerekeye kuguza amafaranga yo gukoresha.

F. UMWANZURO

Ba Militants Burgumestri,

Ibyo mumaze kwumva ni umusogongero ku bigomba kumenywa no gukorwa byose kugira ngo Koperative itsura amajyambere rusange ishinge imizi. Ibyinshi bizabwirwa abafasha banyu, alibo ba Ankadereli ba za Koperative kimwe n'abakozi, abayobozi n'abagenzuzi b'imali b'iyo Koperative. Ahasigaye rero, umwanya ni uwanyu. Uwaba atasobanukiwe ku ngingo iyi n'iyi yasobanuza.

Gusa mbere yo kubaha ijambo, nagira ngo mbanze menyeshe bamwe muli mwe ko Ministeri y'Imizamukire y'Abaturage na za Koperative yifuza kumenya impamvu amakomini amwe ataraha akazi ba Ankadereli ba za Koperative, yatwoherereje guhugulira uwo mwuga, none bakaba bararangije mu mwaka w'i 1978. Bene ubwite barabe bumvise ko Komini idafite Ankadereli wa Koperative idashobora kubona ya ntwererano Ministeri igenera Koperative itsura amajyambere rusange.

Mboneyeho no kumenyesha ba Burgumestri ba za Komini zifite ba Ankadereli ba Koperative bakora, ko mu mezi ali imbere, abo bakozi bazahamagalirwa kwihugura.

Naho kubyerekeye ibibazo rusange byerekeye Koperative zose muli uyu mwanya w'ibibazo n'ibisubizo, nabyo uwabigiraho igitekerezo cyangwa icyifuzo yagitanga, ku buryo aliko bitadutesha umwanya wo gusuzuma birambuye ibibazo bireba Koperative itsura amajyambere rusange, kuko aliyo twibanzeho uyu munsi.

.../...

# IBIBAZO N'IBISUBIZO

1. Izo Koperative zo gutsura amajyambere rusange muhitamo mute aho zigomba kujya? Mwasimbutse Prefegitura GIKONGORO kandi ili muzikennye, byaturutse kuki?

R. GIKONGORO ntiyibagiranye kuko yo igomba igikorwa gihambaye. Haliyo umushinga wa FAO uzakora "intensification agricole". Muli uwo mushinga kandi halimo ishami lishinzwe kurwanya inzara likabamo ibigega.

2. Iyo Koperative ikulikiza stati kandi ifite ubuzima-gatozi, hali izindi Koperative cyangwa za "organismes" zayivanaho?

R. Biterwa n'uko iyo Koperative iba igongana n'undi mushinga munini kandi ukomeye;ishobora muli icyo gihe kuvanwaho.

3. Hali igica intege za Koperative zimwe na zimwe nk'imisoro bazaka minini bakazifata nk'aho ali amasosiyete. Nta kuntu mwazisonera cyangwa ngo muzisabire gutanga make?

R. Hali itegeko lyigeze kubaho livuga ko Koperative zakoroherezwa imisoro aliko ntabwo lyashyigikiwe ngo lisobanuke.
Hali na za Koperative usanga zidashobotse ku buryo ubona ntaho zitaniye n'umucuruzi wicuruliza ku giti cye kandi agasora;nazo rero urumva ko zasora.

4. Koperative yisunze TRAFIPRO ishobora ite kuba Koperative yo gutsura amajyambere rusange?

R. Koperative associée kuli TRAFIPRO ishobora kuba Koperative yo gutsura amajyambere rusange iyo yiyemeje gukora ibyo izo koperative zikora.

5. Tulifuza ko mwatumenyesha "attributions" za encadreurs kimwe n'iz'abandi batekinisiye bakora muli Komini bahembwa nayo cyangwa bahembwa na Leta, kugira ngo dusobanukirwe neza umulimo wabo.

*****************************

Nyuma ya saa sita, ba Burgmestri basobanuliwe ibyerekeye:

I. Imilimo y'ubukolikoli

II. Ingorane zikunda kuboneka mw'igenzurwa ly'ubucuruzi

III. Ibibazo byerekeye imisoro n'amahôro

I. IMILIMO Y'UBUKOLIKOLI

Mbanje gushimira Militant Secrétaire Général umpaye ijambo kandi nkaba nshimira na Ministeri y'Ubutegetsi bw'Igihugu yasabye Ministeri y'Ubukungu n'Ubucuruzi kubaha ikiganiro cyerekeye artisanat (Ubukolikoli) mu Rwanda.

Ikibazo cya artisanat uko kimeze mu gihugu.

Artisanat mu Rwanda ntitwavuga ko itunganye ku buryo buboneye kandi mu turere twose tw'Igihugu. Icyakora muzi mwese ko hali ibigo cyane cyane iby'abihaye Mungu bakoreramo imyuga ishingiye ku bukolikoli, hakaba n'abandi babikora ku giti cyabo mu turere twinshi tw'u Rwanda.

Nkuko musanzwe mubizi, artisanat mu Rwanda ishingiye cyane cyane ku bikulikira :

- Iboha ry'ibyibo, ibitebo, ibiseke, inkangara, ibisobane, alicyo bita mu gireransa "vannerie"
- Kuboha za tapis, alicyo bita mu gifaransa "tapisserie"
- Kubaza no gutaka ibibaje, alicyo bita mu gifransa "travail de bois"
- Gucura alicyo bita mu gifransa "travail de fer"
- Kubumba alicyo bita mu gifransa "travail de la terre cuite"
- Gutaka alicyo bita mu gifransa "objets perlés"
- Gufuma alicyo bita mu gifransa "broderie".

Dukulikije ibyo maze kuvuga ni ngombwa guhagurukira guteza imbere artisanat mu gihugu, aliko kubitunganya ntibyoroshye kubera ko nta bulyo buhagije igihugu gifite bwo kubikora. Nicyo gituma ali ngombwa ko ibarura lyuzuye ly'abanyamyuga bashingiye ku bukolikoli mu mpande zose z'igihugu likorwa. Aho rero buli Komini ifite uruhare runini kuko aliyo yegereye kuturusha abakora bene iyo milimo, niyo mpamvu kuwa 9 Werurwe 1977 hali ibarwa n° 05.25/766/77/Art yavuye muli Ministeri yacu yandikiwe Komini zose. Muli iyo baruwa, Ministeri yasabye raporo yerekeye artisanat muli buli Komini. Hashize igihe kuko ibisubizo bitazaga neza, kuko kuli 7 Nyakanga 1979 mw'ibaruwa N° 05.25/1508/79/Art, Ministri w'Ubukungu n'Ubucuruzi yongera kwibutsa ba Burgmestri iyo barwa kandi abaha na modeli buli Komini izajya yuzuza ikulikije ko hali abanyamyuga bishyize hamwe, n'abandi abakora ku giti cyabo. Kugeza ubu ibisubizo ntibize neza, nicyo cyatumye Ministri w'Ubukungu n'Ubucuruzi yarongeye kwandikira ba Inspecteurs b'Ubucuruzi n'Ubukolikoli kuli 27 Gicurasi 80 mw'ibaruwa n° 05.25/1712/80/Art kugira ngo bibutse ba Bourgmestres kubikora. Akamaro k'ibyo bisubizo ni uko bifasha Ministeri ishinzwe artisanat gukora programu yo gutsura bene iyo myuga ihereye ku byakozwe no ku ngorane ziliho. Iyo programu iteye itya :

.../...

1° Gushyigikira abashaka gushyiraho za coopératives zishingiye ku bukolikoli.
Dukulikije amatwara ya M.R.N.D.; programu yo gushyiraho za coopératives ni ngombwa kandi bituma abantu bishyize hamwe bungurana ubwenge kugira ngo bagere ku majyambere nyakuli.

2° Gushyiraho amategeko agenga artisanat.

3° Gushaka ubulyo buboneye bwo gucuruza ibiva muli artisanat ali mu gihugu ali mu mahanga kugira ngo umunyamyuga abonemo akayabo.

4° - Gushyiraho ibigo byo guhugulirano abakora bene iyo myuga.
- Kubonera ibikoresho abanyabukolikoli.
- Kugenzura ibiciro.
- Gukora animation muli artisanat kugira ngo abantu bumve akamaro k'iyo myuga.

Icyakora iyi programu maze kuvuga ntishobora kugerwaho nta ngorane. Izo ngorane ni nyinshi kuko uko umuntu utangiye umushinga uwo aliwo wose, atabura ibizazane aliko rero bene ibyo ntawe byabujije gukomeza kujya imbere keretse udafite ugushaka guhagije (volonté).

Artisanat nayo rero ntibuze ingorane zimwe n'izo dukunda gusanga mu bihugu bitaratera imbere cyane mu majyambere. Dore iz'ingenzi ni izi :

1° Ubujijuke budahagije bw'abanyabukolikoli ku byerekeye umwuga wabo.

2° Ibikoresho bya ntabyo cyangwa se byaboneka bikaza bihenda ku buryo buli wese atashobora kubigura nka : (amasaro, irangi, etc...)

3° Kubura amasoko ahagije ku bulyo ibikozwe byose byagurwa nta ngorane. Ibyo rero bigatuma abenshi mu banyabukolikoli bahitamo kutibanda ku iyo milimo, kubera inyungu nke babonamo.

4° Kubura inkunga kuko kenshi za banki zitinya kuguliza bene abo banyamyuga kubera ikizere gike babafitiye ngo nta za garantie.

Hali n'izindi ngorane aliko zose siko twazirondora hano.

Militants Burgmestri, tumaze kureberahamwe imigambi tugamije n'ingorane ziliho mu guteza imbere artisanat nkaba nizeye ko mutirengagiza ko guteza imbere iyo myuga bigomba igihe n'imbaraga nyinshi.

- Ibyo tumaze kuvuga byose aliko ntacyo byamara igihe ibikorwa n'abanyamyuga bidashoboye kugulishwa, ni ukuvuga ko hagomba amasoko ahagije ashobora kugura ibyo bintu haba mu Rwanda cyangwa mu mahanga. Imwe mu milyango rero idufasha muli ibyo ni iyi :

* Hali umulyango witwa "FRIDA" Fonds de Recherches et d'Investissement pour le Développement de l'Afrique, twavuga ko ali umulyango wita ku byo gutsura amajyambere muli Afrika. Uwo mulyango ufite icyicaro i Londres mu Bwongereza kandi uzajya udufasha kubona inzira zitunganya amasoko aliko cyane cyane mu Burayi no muli Amerika.

.../...

* Hali kandi abandi bantu ku giti cyabo badusaba za échantillons cyane cyane abo mu Budage no muli Amerika, kugira ngo nyuma bazashobore gukora commande ishimishije. Turacyafite aliko ikibazo cya catalogue yerekana ibyo dushobora gukora byose byerekeye artisanat mu Rwanda. Iyo catalogue turayikeneye cyane aliko twatangiye kuyitegura.

* Hali undi mulyango ushobora kudufasha kubona andi masoko mu mahanga witwa "Agence de Coopération Culturelle et Technique" ni ukuvuga agence ireba iby'umuco na za tekiniki mu bihugu bivuga igifransa, ikaba ifite ikicaro i Paris mu Bufransa aliko ikaba yarashyizweho bisabwe n'abakuru b'ibihugu bya Afrika. bivuga igifransa. Dushobora rero kwitabaza uwo mulyango nawo kugira ngo udushakire amasoko nk'uko ubigilira ibindi bihugu bya Afrika bivuga igifransa iyo biwubisabye.

* Ikindi u Rwanda rujya mu mahanga ahabaye imulika ly'ibintu kugira ngo abaguzi bo mu mahanga babone ibyo dushaka kugulisha iwabo. Mubyo u Rwanda rwerekana rero muli ayo materaniro, artisanat ifitemo uruhare runini.

* Uretse rero ibintu twohereza mu mahanga, hali ibindi bigomba kubona aho bicurulizwa mu gihugu kugira ngo abatura-Rwanda cyangwa aba touristes (ba mukerarugendo) babone aho babisanga bagure. Ibyo byatumye hashyirwaho umulyango udaharanira inyungu (Ass. sans but luccratif) witwa "ASPAR". Ni ukuvuga Umulyango uharanira kuzamura mu Rwanda imyuga ishingiye ku bukolikoli. Nk'uko stati zawo zibivuga cyane cyane mu ngingo yayo ya gatatu, intego ya ASPAR ni uguteza imbere ibintu bikorwa n'abanyamyuga bashingiye ku bukolikoli kandi ikabijyana mu masoko yo mu mahanga. Intego z'uwo mulyango ni izi :

- Gushinga imilimo mishya ikungahaza ibikozwe n'abanyabukolikoli cyane cyane ibikomotse muli za coopératives ali izashinzwe na Leta cyangwa izigenga.
- Gushakira abo banyamyuga ibikoresho bya ngombwa.
- Gutegura imulikwa ly'ibyakozwe n'abanyabukolikoli (exposition), haba mu Rwanda cyangwa se mu mahanga.
- Mu bulyo rusange, gufatanya n'izindi services zibishinzwe mu byerekeye guteza imbere ubucuruzi mu mahanga (exposition).

Uwo mulyango "ASPAR" niho ugitangira aliko ni igikorwa cyiza cyane kuko imyuga ishingiye ku bukolikoli igomba gutera imbere nk'ibindi byose bicuruzwa kandi bituma umutungo w'igihugu wiyongera. Uwo mulyango washyizweho kugira ngo akazi kiyongere ku byerekeye gukora imyuga y'ubukolikoli no gucuruza ibivuyemo.

.../...

Abagize uwo mulyango ni aba:

1° Home y'ibimuga y'i GATAGARA

2° Bwana SEBUKANGAGA Jean Baptiste, umuhanga mu bya sculpture akaba yigisha muli I.P.N. i Butare

3° Umulyango utagamije inyungu witwa "ARTIMO" (Artisanat du Tiers-Monde) uba mu Bubiligi

4° Umulyango utagamije inyungu witwa "Association Belgique-Rwanda" uba mu Bubiligi nawo.

Ubu hali programu yo gushaka abandi banyamulyango bo mu Rwanda, aliko stati zigikorwa, na Leta y'u Rwanda yalimo ihagaraliwe na Ministeri y'Imizamukire y'Abaturage na za Koperative, na Ministeri y'Ubukungu n'Ubucuruzi na Offisi ya Turisimi na za parki z'Igihugu. Hanyuma Leta isanga ibyiza ali ukureka uwo mulyango ukigenga, ahubwo Leta ikagira uko ishoboye iwushyigikira.
Kw'italiki ya 19 Nyakanga 1979 twatashye ku mugaragaro inzu uwo mulyango ukoreramo i GIKONDO (Kigali) muli parc industriel.

Iyo nzu ilimo:

- Icyumba kinini cyo kumulikiramo ibintu ku bulyo abaguzi bahitamo ndetse bakaba batanga commande ya byinshi bakulikije ibyo babonye aho.
- Stock y'ibintu bitegereje kwoherezwa mu mahanga
- Aho bahambilira ibintu bigenewe kujya mu mahanga (salle d'emballage)
- Ibiro bisanzwe byo gukoreramo. Ibya Gérant n'iby'abandi bakozi.

Iyo nzu rero yerekanye imigambi uwo mulyango ufite. Amafaranga yayubatse yashatwe n'umwe mu banyamulyango wa ASPAR witwa "Association Belgique-Rwanda" kuko ali Leta y'Ububiligi yayatanze, none ASPAR ikaba yarabonye aho ikorera hagali hashimishije. ASPAR nimara imyaka itatu ni ukuvuga umwaka wa 1982 ushize, izahinduka Société y'abanyabukolikoli bo mu Rwanda niko stati zibiteganya kandi icyo cyifuzo ni Leta yakigize isaba ko stati zikorwa zityo.

Uruhare rwa artisanat mu Rwanda rugomba kuba runini kubera ko dufite urubyiruko rwinshi rugomba kubona icyo rukora. Imyuga ishingiye k'ubukolikoli nitungana cyane cyane mu byaro bizatuma n'urubyiruko rwagiye mu migi rukabura akazi rugaruka mu byaro aho kuguma mu mijyi rudafite amacumbi n'ikirutunga.

Icyakora iyo umuntu agereranyije n'ibindi bihugu byadutanze amajyambere, usanga iwacu imyuga ishingiye ku bukolikoli itarabona umurongo utunganye.

.../...

Usanga abanyamyuga banyanyagiye mu gihugu, abenshi nta bufatanye bafite, babura ibikoresho bya ngombwa, ndetse bakanabura uko ibintu byabo byagurwa. Izo mpamvu zose rero zigatuma uwo mwuga udindira. Ibyo alibyo byose imyuga y'ubukolikoli iha abantu benshi akazi kandi ugasanga ibikoresho muli iyo myuga bigura amafaranga atali menshi cyane. Nicyo gituma u Rwanda rugomba kwita ku myuga nk'iyo ishoboye kugilira akamaro rubanda nyamwinshi. Kubera urubyiruko rwinshi n'ubutaka bumaze kubura, ahasigaye ni ugushakira mu myuga iciye bugufi itagomba abashora amafaranga menshi.

Ministeri y'Ubukungu n'Ubucuruzi irashaka ko abanyamyuga bashingiye k'ubukolikoli bakwishyira hamwe, ni ukuvuga ko bashinga za coopératives bakulikije buli bwoko bw'imyuga kugira ngo babone ibikoresho bakeneye kandi kugira ngo ibintu byabo bicuruzwe vuba kuko kenshi umuntu ku giti cye utamenya icyo akora n'aho ahereraye.

Ministeri y'Ubukungu n'Ubucuruzi izakora uko ishoboye kugira ngo ifashe abanyabukolikoli. Yatangiye no muli za prefegitura kuhashyira amazu yo gufasha abanyabukolikoli kuko muli ayo mazu hacurulizwamo ibintu bizanywe n'abanyamyuga. Muli 1979, hafunguwe bene ayo mazu i GITARAMA, mu RUHENGERI no ku GISENYI. I BUTARE bene iyo nzu yali imaze iminsi ihageze. Mu zindi prefegitura naho hazajya bene ayo mazu. Abakozi ba Ministeri y'Ubukungu n'Ubucuruzi bashinzwe izo nzu bazajya babonerahô no gusobanulira abanyabukolikoli uburyo bushya bwo gukora ibintu bishobora kugurwa vuba kandi ku giciro cyiza bakulikije icyo abaguzi baba bifuza, ali mu Rwanda cyangwa mu mahanga.

Ayo mazu niyo azajya ashyikiliza ASPAR itarushye ibintu ishaka, bimwe bicurulizwe i Kigali, ibindi byoherezwe mu mahanga. Ayo mazu rero yo mu mijyi azacurulizwamo ibintu bizanywe n'abanyamyuga azadufasha no gukwiza mu mpande zose z'igihugu bene ibyo bicuruzwa, kugira ngo ushatse ikintu giturutse mu myuga akibone aho yaba ali hose mu Rwanda. Icyo Ministeri y'Ubucuruzi n'Ubukungu yimilije imbere rero ni uko iyo programu itungana, ayo mazu yo muli za prefegitura yo kwakira ibintu by'abanyamyuga akagenda neza, ASPAR ikarangiza neza intego yiyemeje yo gufasha abanyamyuga kubona amasoko y'ibintu byabo cyane cyane mu mahanga kuko ibigiye mu mahanga bituma devises ziyongera. Muli iyo programu ndende aliko, muzi ko plan yacu y'amajyambere iteganya na za centres communaux d'artisanat. Akamaro k'izo centres ni ugufasha urubyiruko ruli mu byaro cyane cyane gukunda no kwishyira hamwe bagakora imyuga y'ubukolikoli kandi abategetsi ba za Komini bakabibafashamo.

Buli centre communal yazagira:

- Ka salle ko kwerekaniramo ibintu byakozwe, bikaba ndetse byanahagulirwa;
- ka stock kalimo ibikoresho abanyabukolikoli bo muli Komini baba bakeneye.

.../...

Guteza imbere ubukolikoli mu byaro Leta ibyitayeho cyane n'ubwo ingufu (moyens) zibura. Mubyo plan yacu ya kabili yimilije imbere, imyuga ifite uruhare runini cyane. Imyuga rero igomba gutera imbere byanze bikunze.
Ni ukuvuga rero ko ibintu byakorewe muli izo centres communaux byagera muli za comptoirs zo muli za Prefegitura hanyuma bikava aho bijya muli ASPAR i KIGALI.
Inzira rero iracyali ndende kuko izo centres zo mu makomini zitaraboneka kubera umutungo w'Igihugu ukili muke.

M U R A K O Z E .-

## II. IMITERERE Y ' UBUCURUZI MU RWANDA

Ministeri y'Ubukungu n'Ubucuruzi igizwe n'amashami atatu "Directions Générales" aliyo aya akulikira:

- Ishami lishinzwe ubucuruzi (Direction Générale du Commerce)
- Ishami lireba Politique Economique y'Igihugu
- Ishami lishinzwe iby'Inganda n'Ubukolikoli.

Buli shami nk'uko bizwi lifite umwihaliko mu kazi karyo. Muli uyu mwanya rero, ngiye kubagezaho mu magambo make imiterere y'Ishami lishinzwe ubucuruzi. Ilyo shami lishinzwe kureba imiterere y'ubucuruzi bwose bw'igihugu, n'imikorere y'Inzego za Ministeri zireba imyifatire y'ubukungu ligizwe n'andi mashami abili matoya. Haliho ishami alilyo "Direction du Commerce Intérieur" lishinzwe ubucuruzi mu Rwanda ligakorana n'ilindi shami "Direction du Commerce Extérieur" lishinzwe kureba uko ibintu byatugeraho biturutse mu mahanga cyangwa uko twakwohereza ibyacu mu mahanga.

Ni ukuvuga rero ko ibicuruzwa mu Rwanda bili ukubili: ibiva mu mahanga (produits importés), ibyera cyangwa bikorerwa mu Rwanda (produits locaux). Ibyo byose bihulira mu maduka cyangwa mu masoko, aho abacuruzi bahulira n'abaguzi.

Kugira ngo rero twumve uko ubucuruzi buteye mu Rwanda, turebere hamwe izi ngingo zikulikira:

1. Uko ibicuruzwa biboneka n'aho bicurulizwa (circuits de distribution);
2. Ababicuruza n'uko bicuruzwa (Commerçants et contrôle des prix);
3. Ibibazo biboneka mu bucuruzi (problèmes brûlants).

### A. IBICURUZWA BIBONEKA BITE KANDI BICURUZWA HE?

Nk'uko byavuzwe haruguru, ibicuruzwa bili ukubili, hali ibiva mu mahanga (produits importés), hali n'ibyera cyangwa bikorerwa mu Rwanda.

a) Ibicuruzwa biva mu mahanga:

Murabizi hafi y'ibintu byose biva mu mahanga, kuva ku rushinge kugeza ku mamodoka, unyuze ku masuka, amabati, umunyu, ... mbese ibyo dushobora kwikorera ni mbarwa. No mu byo twikorera hano mu Rwanda, akenshi ibikoresho tubivana hanze (matières premières - semi manufacturées). Ubwo bucuruzi rero usanga akenshi buli mu maboko y'Abanyamahanga n'amasosiyeti, amenshi nayo muli ayo masosiyeti agizwe n'Abanyamahanga. Aliko haliho n'abanyarwanda batangiye, uretse ko bakili bake. Abenshi muli abo kandi nabwo birunze i KIGALI, ibyo nabyo bikaba bitera ingorane kuli benshi bava mu zindi za Prefegitura baza kurangura i KIGALI. Aha Ministeri ikaba ilimo kwiga icyo kibazo cy'ukuntu no mu yandi maprefegitura haba abacuruzi bavana ibintu mu mahanga bakabiranguza aho batuye. Na none ingorane ni uko umucuruz umaze kubona amafaranga, ashaka guta icyaro akimulira ubucuruzi bwe i KIGALI.

.../...

Abanyarwanda bali bakwiye gucengerwamo n'umwuga w'ubucuruzi, bakishyira hamwe, bagashinga "Sosiyeti" zihamye zo kuzana ibintu bigakwira hilya no hino. Haliho abenegihugu babishoboye, banafite n'ubulyo bwo kubigeraho, gusa haracyaliho ubwizerane buke, ubuhemu no kutagishanya inama.

b) Ibicuruzwa byera cyangwa bikorerwa mu Rwanda:

Hali imyaka yera iwacu mu Rwanda, yaba ingandura-rugo, yaba se ingengabukungu. Gusa hano mu Rwanda, abacuruzi bibanze ku bishyimbo, ibirayi, amasaka no ku bitoki n'imyumbati muli iyi minsi.

Hali ibibazo byinshi rero muli ubwo bucuruzi. Kuva hambere aha, ubwo bucuruzi bwatangiye guhura n'ingorane ziterwa ahanini n'abashaka kunyunyuza imitsi ya rubanda rugufi. Abo bene-nda nini mubasanga mu turere twose tw'u Rwanda. Bamwe bitwaza ko lisansi (Essence) yongejwe, abandi ko umuhanda wacitse cyangwa umeze nabi, ... nako ibyo bitwaza ntibibura. Abandi ahubwo bitwaza aliko abo ni abaguzi, ko Ministeri idakora akazi ko kurwanya abo bambuzi no kugenzura ibiciro. Ntabwo twahakana ko Ministeri idahura n'ibizazane ndetse n'ingorane zimwe na zimwe, aliko akenshi izo ngorane zituruka ku buryo buke ifite bwo kugenzura bena abo bambuzi n'abamamyi. Haliho nko gushyiraho ibiciro ntarengwa ku myaka yera mu Rwanda, akenshi nk'aha usanga bigoye cyane kubera ko ibyo bihingwa ngandura-rugo iyo byeze mu karere aka n'aka, byiha igiciro ku bulyo kimanuka cyane, noneho icyo gihe nuko haduka abamamyi babigura babihunika kugira ngo bazabone uko babihenda.

Kubyerekeye ilyo genzura ly'ibiciro, haliho amategeko kandi atureba twese. Muzi ko muli buli Prefegitura hali Inspegiteri umwe; ntahagije kugira ngo azenguruke amasoko yose. Cyakora ubu Ministeri irashaka uko uwo yagira abafasha.
Ministeri yanatanze amabwiliza menshi, byali ngombwa rero ko twese twayakulikiza kandi tugafasha abashinzwe kuyubahiliza. Nk'uko nyine ilyo shyiraho ly'ibiciro lifite imbogamizi nyinshi, Leta ntabwo yatereye iyo, yasanze ali ngombwa ko yashyiraho ibigo byajya bigura iyo myaka bikanayicuruza ku bulyo byashaka uko byalinganiza ibiciro by'iyo myaka mu turere twose tw'u Rwanda kandi bikanatabara abaturage mu gihe cy'ururamba cyangwa cy'inzara.
Ibyo bigo ni OPROVIA na GRENARWA. Ubu hali umushinga wo kugerageza kwubaka ibigega mu mpande zose z'Igihugu.

Kuliiyi ngingo, nakwibutsa ba Prefe, Burugumestri, ko nabo bashinzwe igenzura ly'ibiciro muli Prefegitura cyangwa Komini yabo, bagafasha ba Inspegiteri muli ako kazi katoroshye.

## B. ABACURUZA N'UKO BACURUZA

Ubucuruzi ni umwuga kimwe n'indi. Ntabwo rero gucuruza ali ugushakisha cyangwa kujarajara nk'uko abantu benshi babyibwira mbese ugasanga kanaka watangiye gucuruza ejobundi ngo yabihagalitse. Ni ngombwa ko ushaka gucuruza yabikora abyiyeneje, akabikorana umurava.

.../...

Buli mucuruzi rero agomba kuba afite Rejistri y'Ubucuruzi, aliyo imuhesha uburenganzira bwo gucuruza kandi nabwo agacuruza gusa ibyo yemerewe. Kubera ko aba agiye mu mubare no mu murongo w'abacuruzi, icyo gihe agomba kwubahiliza amategeko agenga ubucuruzi. Haliho nk'itegeko lyo kuwa 5 Nyakanga 1967 lyerekeye igenzura ly'ibiciro, n'itegeko lyo kuwa 21 Gashyantare lyerekeye Registre y'Ubucuruzi cyane cyane mw'isaba ly'inyandiko-nyongera, hakabaho kandi n'amabwiliza cyangwa amateka atangwa na Ministri w'Ubucuruzi.

Mu Rwanda ubu dufite amasoko menshi, cyakora adateye kimwe. Hali za "Centres Commerciaux" aliyo masoko yo ku maduka usanga mbese ali manini kandi uhabona icyo ushaka guhaha, za "Centres de Négoce" ni amasoko matoya, hanyuma hakaba na za "Marchés Publics" twagereranya n'ibiterane kuko abadandaza n'abaguzi bahahulira gusa limwe na limwe kandi nta n'amaduka aba ahali, uretse twa butike.

Uko amasoko yiyongera niko n'abacuruzi biyongera, ubu abacuruzi baragera ku bihumbi bitanu n'ijana, Prefegitura ya KIGALI ikaba aliyo ifite benshi cyane. Iyo turebye rero dusanga buli Komini ifite isoko lyayo; hali ndetse n'izifite atatu, ane, atanu, ...

Gusa abategetsi ba Komini ntibagomba gushyiraho amasoko kugira ngo babone uko basoresha amafaranga ajya mw'isanduku ya za Komini, bagomba mbere na mbere kureba akamaro ayo masoko afitiye abaturage kimwe no mw'itangwa ly'ibyemezo by'uko kanaka ashobora kuba umucuruzi, bagomba kureba icyo azamalira abaturage. Reka turebere hamwe noneho ibibazo bimwe biboneka mu bucuruzi.

## C. IBIBAZO BIBONEKA MU BUCURUZI

Muli iki gihe, ubucuruzi bwifashe neza aliko haliho n'ingorane buhura nazo. Haliho nk'izamuka ly'ibiciro, hakabaho n'ubumamyi.

### a) Igituma ibiciro bizamuka:

Igikunda kudindiza ubucuruzi bwacu, ni ibiciro bidasiba kuzamuka, cyane cyane ku bicuruzwa dukura mu mahanga. (i Burayi, Aziya n'Amerika). Ikibitera ni uko amahanga tuguramo ali kure cyane, kandi tukaba tuli hagati. Ibintu tuguze bigera i Mombasa, bikanyura muli Kenya, no muli Uganda, bikazabona kugera mu Rwanda. Ibyo bihugu byose tunyuzamo ibintu biduca amafranga y'amahoro kuli za Gasutamo. Binongeye kandi hali n'ihindagulika lya buli munsi ly'amafaranga y'amanyamahanga (nk'amadolari) ifaranga lyacu lishingiyeho, hakaba n'izamurwa ly'ibiciro bya lisansi (Essence) mbese n'ibindi. Ibyo byose bituma usanga ibintu bigera mu Rwanda, wajya mw'iduka, ugasanga igiciro cy'ibintu waguze mu kwezi gushize cyalikubye kabili.

.../...

Ng'izo muli make impamvu zituma ibiciro bizamuka, cyakora kandi ntitwakwibagirwa ko haliho n'abacuruzi bumva ngo aha n'aha byagenze bitya, wenda ibicuruzwa ntibize neza, abo bacuruzi bagahita baligisa ibicuruzwa bali bafite muli za "stocks", bagatangira kugulisha rwihishwa bahenda. Aha naho hakwiye ko nk'ufashwe mu makosa nk'ayo y'ubusambo yakulikiranwa.

b) Ubumanyi:

Mu bihe bishize hadutse abantu biyita abacuruzi kandi ubundi atali bo kubera ko badafite ibyangombwa; icyo gihe batangiye bitwa abaforodeli. None mul iki gihe, nta n'ubwo ali abaforodeli nk'uko twakwumva ilyo jambo, kuko abo bantu utamenya icyo bakora kubera ko bilirwa biyicaliye. Aliko wajya kwumva ngo kanaka yaguze imodoka, kanaka afite ibintu ibi n'ibi kandi byarabuze. Ubwo bucuruzi rero bwadutse ubu basigaye babwita ngo ni "Ubucuruzi bwo mu kirere" cyangwa ngo "Ubucuruzi bwo guteka umutwe". Ahubwo hakaziraho n'ubwo "munsi y'igitanda" iyo ali byeli. Ikibazo cya byeli nacyo muzi uko giteye.

Ntawe ibi bibereye ibanga kuko twese tujya tubona abantu nk'abo bacuruliza mu kirere. Gushaka umuti w'icyo kibazo, ibyo ni ibya twese, ku bulyo twagombye kurwanya abantu nk'abo b'abambuzi. Iki kibazo kikaba ali icy'abategetsi ba Prefegitura na Komini bakwiye kumenyesha Ministeri y'Ubukungu n'Ubucuruzi ilisiti y'abantu bigira abacuruzi kandi atalibo.

Mu kurangiza, nkaba nakwongera kubabwira ko hali ingorane nyinshi tugihura nazo mu kugenzura ibiciro. Zituruka ahanini ku mubare w'abakozi bake dufite, kutagira imodoka zihagije. Aha rero nkaba nongeye kwibutsa ba Prefe na ba Burugumestri ko bashinzwe kugenzura ibiciro mu karere bashinzwe kubera nyine ko Inspegiteri w'Ubucuruzi atagera hose icyalimwe.

*******************

## III. BIMWE MU BIBAZO BYEREKEYE IMISORO MU RWANDA

PLAN:

A) INKOMOKO Y'IMISORO (Sources):

- Itegeko nshinga
- Itegeko lyo kuwa 2 Kamena 1964 lyerekeye imisoro y'inyungu
- Itegeko-teka lyo kuwa 28 Ukuboza 1973 lyerekeye imisoro bwite.

B) ABASORESHWA (des Contribuables):

1° Ibigo bigengwa na Leta (Etablissements Publics)
2° Ibigo byigenga (Etablissements privés): abikorera ku giti cyabo (personnes physiques), abashora amafaranga hamwe (sociétés).
3° Ibigo by'imbera-byombi (entreprises mixtes).

C) IMISORO YA KOMINI : Itegeko liyishyiraho.

D) Ingingo zimwe zigenewe kubuza gusoresha kabili (quelques dispositions préventives de la double imposition).

### A) INKOMOKO Y'IMISORO.

Itegeko-nshinga lya Republika y'u Rwanda mu ngingo yalyo ya 72 liteganya ko: "Nta soreshwa lishobora gushyirwaho, guhindurwa cyangwa gukurwaho lidashingiye kw'itegeko; ntawe ushobora gusonerwa umusoro cyangwa kuwugabanyilizwa bitanyuze mu mpamvu zateganijwe n'amategeko". Birumvikana ko umusoro uwo aliwo wose ugomba kuba ushingiye kw'itegeko lyanditse kandi ligomba gukulikizwa na bose ali usora ali n'usoresha. Bitagenze bityo byaba ali akarengane.

Ubwo rero turabona ko itegeko-nshinga liriho ubu mu Rwanda alilyo rya mbere lyitaye ku bibazo byerekeye imisoro mu gihugu cyacu ibyo ali ukugira ngo Leta ishobore kubona amafaranga ayifasha kurangiza imilimo yayo rusange, kandi mu basora nabo hoye kugira urengana.

Mu byerekeye amategeko y'umwihaliko, ubu dukoresha itegeko lyo kuwa 2 Kamena 1964 lyerekeye imisoro y'inyungu nk'uko lyagiye lihindurwa kugeza kuwa 8 Gashyantare 1978 n'amabwiliza agenga imikoreshereze yalyo.

Dufite kandi itegeko-teka lyo kuwa 28 Ukuboza 1973 lyerekeye imisoro ku bintu bimwe bigaragaza ubukungu nk'uko lyahinduwe n'itegeko-teka n° 37/78 lyo kuwa 23 Ugushyingo 1978.

.../...

I. ITEGEKO LYO KUWA 2 KAMENA 1964 LYEREKEYE IMISORO Y'INYUNGU.

Ilyo tegeko lyateganije muli rusange iyi misoro ikulikira:

1° Umusoro ku nyungu ziva mw'ikodesha ly'amazu, ubutaka, bili mu Rwanda cyangwa umusoro ku nyungu z'ibikodeshwa;

2° Umusoro ku nyungu z'amafaranga yashowe mu masosiyeti, yagulijwe cyangwa yabikijwe ahandi;

3° Umusoro ku nyungu z'imilimo cyangwa tagisi ku milimo;

Ubwo bwoko bw'imisoro uko ali butatu buteye butya:

1. Umusoro ku nyungu z'ibikodeshwa:

Ishingiro (base): Hasoreshwa inyungu, aho benezo baba bali hose, zikomoka ku bukodeshe bw'amazu, n'ubutaka, bili mu Rwanda.

Amafaranga y'icumbi ahabwa abakozi batuye mu mazu yabo bwite afatwa kimwe n'inyungu z'ubukodeshe iyo ayo mazu yanditswe mu gitabo cy'ibarura-butaka (enregistrement aux services des terres).

Uwo musoro washyizweho:
- ku rwunguko rw'amazu n'ubutaka bikodeshwa;
- ku rwunguko rw'ukodesha ibikodeshanyo byaba byose cyangwa igice cyabyo.

Inyungu z'ukuli zisoreshwa ziboneka bakuye mu nyungu rusange nyili ibintu bikodeshwa yafashe amafaranga atangwa kuli ibyo bintu. (Kubifata neza, kubisana n'ibindi). Mu Rwanda ayo mafaranga ntashobora kurenga 20 % y'inyungu zose.

2. Umusoro ku nyungu z'amafaranga yashowe mu masosiyeti, yagulijwe cyangwa yabikijwe abandi:

Umusoro nk'uwo washyizwe:

1°) Ku nyungu z'imigabane iyo aliyo yose, y'amafaranga yashowe muli sosiyeti no ku nyungu z'imigabane-ngaruka yashowe mu masosiyeti acuruza cyangwa adacuruza kandi afite intebe mu Rwanda n'ikigo gikuru cy'imbonezamilimo;

2°) Ku nyungu zihabwa abafatanije imali mu masosiyeti yandi atali nk'ayo tumaze kuvuga, badafite akazi mul'ayo masosiyeti aliko yo afite icyicaro mu Rwanda n'ikigo gikuru cy'imboneza-milimo;

3°) Ku nyungu y'imali yagulijwe gukoreshwa mu masosiyeti cyangwa n'abantu bikorera batuye mu Rwanda, cyangwa bahafite icumbi cyangwa ikigo;

4°) Ku nyungu y'imigabane iyo aliyo yose y'amafaranga yashowe mu masosiyeti y'abanyamahanga acuruza cyangwa adacuruza, afite mu Rwanda ikigo kiharamba cyangwa kihahama;

5°) Ku nyungu zihabwa abagize sosiyeti zitali izishora imali, batazifitemo akazi, kandi zifite mu Rwanda ikigo kiharamba cyangwa kihahama;

6°) Ku gihembo n'andi mafaranga ahabwa abajyanama b'amasosiyeti y'ishora-mafaranga yashyizweho bakulikije amategeko akoreshwa mu gihugu;

.../...

7°) Kuli bene ayo mafaranga ahabwa abajyanama b'amasosiyeti y'abanyamahanga y'ishora-mafaranga afite mu Rwanda ikigo kiharamba cyangwa kihahama.

Ubundi uwo musoro washyizwe kuli 20 % y'inyungu rusange, nyir'ugu-tanga inyungu ategetswe kuwukura mul'izo nyungu akaba aliwe uwutanga muli Ministeri y'Imali.

3. Umusoro ku nyungu n'imilimo cyangwa tagisi ku milimo:

Ishingiro ly'uwo musoro

Uwo musoro ukomoka ku nyungu zikulikira z'imilimo ikorerwa mu Rwanda n'iyo nyir'ubwite yaba adatuye mu Rwanda cyangwa atanahacumbitse, atahafite inteko nta n'ikigo cy'imboneza-milimo ahafite:

1°) Inyungu ziva mu milimo y'inganda, y'ubucuruzi, y'imyuga, y'ubukolikoli, y'ubuhinzi cyangwa y'ibitimukanwa, ndetse n'inyungu n'imishahara by'abavanze imali kandi bayicunga muli za sosiyeti zitali inshora-mafaranga;

2°) Imishahara yose ya buli muntu uhembwa n'undi, [illegible]o atali [illegible] ntara y'igihe gito, ibihembo byose by'abagize inama y'ubutegetsi, by'abayobozi, by'abage-nzuzi b'imali, n'abagenga za sosiyeti zili mw'irangiza ry'akazi kazo, zahombye se, z'inshora-mali, n'abandi bakora imilimo nk'iyo yose;

3°) Inyungu izo alizo zose ziva mu milimo itali iy'amaboko cyangwa ziva mu kazi kose umuntu ashinzwe;

4°) Inyungu izo alizo zose ziva ku milimo twaba tutavuze haruguru aha.

Uwo musoro ubazwa ku nyungu, imishahara, umulimo ubonetse wose, n'iyo iyo nyungu cyangwa iyo mishahara wabibona utagikora k[illegible]i.

Izo nyungu zose zisoreshwa bakulikije umubare [illegible]o w'ukuli, ni ukuvuga umubare w'ibanze bakuyemo gusa amafaranga yatangiwe umulimo, mu mwaka ugomba gusoreshwaho, kugira ngo ubone cyangwa ugumane izo nyungu.

Iyo bavuze amafaranga yatanzwe mu mwaka usoreshwaho, twumva amafaranga yatanzwe ku milimo, yishyuwe cyangwa yabaye imyenda, cyangwa yabaye igihombo kigaragara.

II. ITEGEKO-TEKA LYO KUWA 28 UKUBOZA 1978 YEREKEYE IMISORO-BWITE.

Mu Rwanda ntabwo dufite imisoro ikomoka ku nyungu gusa, hali n'indi misoro bita "imisoro bwite" aliyo umuntu yakwita "imisoro ishingiye ku bintu bimwe na bimwe bigaragaza ubukungu kuli nyirabyo".

.../...

Washyizwe kuli ibi bikulikira:

1° Ubuso bw'amazu: bawubara bakulikije metero-kare

2° Ubuso bw'ibibanza bikikije ayo mazu iyo byanditswe mu gitabo cy'ibarura-butaka. Uwo nawo ushyirwaho bakulikije metero-kare.

3° Umusoro w'amato akenshi bawushyiraho bakulikije ubunini bw'amato. Ministri w'Imali ashyiraho amabwiliza agomba gukulikizwa mw'ipima ly'ayo mato.

4° Umusoro w'amamodoka n'ibindi byuma bigendera mu mihanda; ushyirwaho bakulikije buli cyuma, cyangwa imbaraga za moteri, cyangwa uburemere.

5° Ubuso bw'ahatangiwe ubushakashatsi, cyangwa ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro. Bawushyizeho kuli buli hegitali, kandi ibice bya hegitali ntibibarwa.

Tumaze kubona ayo moko y'imisoro yakwa na Leta, twakwibaza abagomba gusora, cyangwa se abasonewe abo alibo.

B) ABASORESHWA (des Contribuables):

(1) Ibigo bigengwa na Leta (Etablissements publics): C.E.R., C.S.R., n'ibindi ... Ibyo bigo, kimwe na Leta y'u Rwanda, za Prefegitura, na za Komini byarasonewe. Kubera ko byashyiliweho guharanira icyagilira akamaro Rubanda nyamwinshi, bigomba kubona inkunga ihagije ituma byagera ku nshingano yabyo. Nyamara aliko, n'ubwo byasonewe n'amategeko abigenga, ntibigomba kwibagirwa ko abakozi babyo batasonewe.

Bitegetswe rero gufata ku mushahara wabo wa buli kwezi, hakulikijwe amabwiliza yatanzwe na Ministeri y'Imali guhera muli 1970. Umusoro ugomba gushyikilizwa buli gihembwe umwakilizi w'imisoro i Kigali.

(2) Ibigo byigenga (Entreprises privées): Bigizwe n'abikorera ku giti cyabo (personnes physiques) cyangwa n'abashoye amafaranga hamwe (sociétés cyangwa associations). Kuli ibyo bigo nta gusonerwa guteganijwe, uretse amasezerano y'umwihaliko ashobora kuba hagati ya Leta y'u Rwanda n'abashora amafaranga mu milimo ifitiye igihugu akamaro bakulikije ingingo ya 39 y'itegeko lyo kuwa 2 Kamena 1964. Ayo masezerano nayo agomba kwemerwa n'itegeko.

Ntitwakwibagirwa aliko ko za Koperative zisonerwa ku misoro bwite, mu gihe kitarenga imyaka itanu uhereye igihe zaboneye ubizima-gatozi.

Izo Koperative aliko zigomba kuba zarashyizweho bakulikije itegeko lyo kuwa 22 Ugushyingo 1966 lyerekeye za sosiyeti-koperative. Ibyo tubisanga mu ngingo ya 34 y'itegeko-teka lyo kuwa 28 Ukuboza 1973 twavuze haruguru.

(3) Ibigo by'imbera-byombi (entreprises mixtes): Bene ibyo bigo ni bimwe Leta ifitemo imigabane. Urugero: S.T.I.R., MAGERWA, C.R.H.T., n'ibindi... Kuli ibyo bigo kimwe n'ibyo tumaze kubona byigenga nta gusonerwa guteganijwe. Nyamara aliko hali bamwe bibeshya bakitiranya bene ibyo bigo na bimwe bigengwa na Leta. Abo rero bagomba kubyikuramo.

.../...

C) Imisoro ya Komini (fiscalité communale):

Imisoro ya Komini yateganijwe mw'itegeko ryo kuwa 23 Ugushyingo 1963 lyerekeye imitunganilize y'ubutegetsi bwa Komini.

Ingingo ya 111 y'ilyo tegeko ivuga ko:" Ibyakirwa taxe cyangwa imisoro ya Leta bidashobora kwakirwa taxe za Komini";iyo ni imwe mu ngingo zagenewe kulinda usora gusoreshwa kabili nk'uko tugiye kubibona hepfo aha.

D) Ingingo zimwe zigenewe kubuza gusoresha kabili ku bintu bimwe (double imposition).

1° Ingingo ya 111 y'itegeko lyo kuwa 23 Ugushyingo 1963 nk'uko tumaze kuyibona;

2° Ingingo ya 151 y'itegeko lyo kuwa 2 Kamena 1964 lyerekeye imisoro y'inyungu ivuga ko: "Imisoro yashyizweho n'ilyo tegeko idashobora kubazwa imisoro ya Komini";

3° Ingingo ya 91 y'itegeko-teka lyo kuwa 28 Ukuboza 1973 lyerekeye imisoro bwite iteganya ibi bikulikira: "Komini ntishobora gushyiraho imisoro isa n'ishyizweho n'ili tegeko-teka".

Izo ngingo zashyiliweho kugira ngo hatagira urengana nk'uko benshi bamaze iminsi batakamba ngo Ministeri y'Imali irabasoresha, na Komini zigahindukira zikabasoresha kandi ku bintu bimwe (nk'ibibanza n'amazu).

Kubera ko Komini nayo ifite imilimo rusange y'amajyambere y'abaturage igomba kurangiza, Leta yayeguliye imisoro imwe n'imwe: C.P.M., imisoro y'amagare n'ibindi byuma bigendeshwa n'ingufu z'umuntu. Hali kandi amafaranga yagenewe gutsura amajyambere ya za Komini acungwa na Ministeri ibigenewe aliyo y'Ubutegetsi bw'Igihugu, Komini iramutse ifite umushinga uhambaye yakwitabaza ayo mafaranga.

Yewe, hali n'imfashanyo z'abagiraneza, tutaretse n'umusanzu ndetse n'umuganda w'abaturage. Aliko uwo musanzu cyangwa umuganda ntibigomba kwitwa umusoro ngo bishingire ku bintu Leta iba yasoresheje.

Mu kurangiza rero turasaba Ministeri zibishinzwe, iy'Imali n'iy'Ubutegetsi bw'Igihugu, gushyiraho amabwiliza asobanuye yerekana aho imisoro ya Leta n'iya za Komini igarukira, kugira ngo hoye kuzongera kubaho ubugongane.

* Ibyerekeye amahôro, ntabwo twabiboneye kopi.

.../...

## IBIBAZO N'IBISUBIZO

Q.1.-Kuki ibicuruzwa bivuye mu mahanga bigira igiciro gihanitse naho ibyacu bikagira igiciro gito?
- Abagenewe kugenzura ibiciro ntacyo bakora
- Nta bulyo mwashaka ukuntu mushyiraho ibiciro mu Rwanda?
- Kuki abacuruzi alibo bafite amafaranga menshi?

R.1.-Ibiturutse mu mahanga bihenda kubera transport n'amafaranga bicibwa kuli douane kandi muzi ko ibiciro bya lisansi bihora bihindagulika, byiyongera.
- Si ukutagira icyo bakora ahubwo ni ubuke bwabo. Gusa ndabibutsa ko namwe ba Burugumestri mufite ububasha bwo kugenzura ibiciro muli za Komini zanyu.
- Twasanze gushyira ibiciro ku bicuruzwa abanyarwanda biyezereza bitoroshye. Haba igihe byeze ali byinshi bikagura make, hakaba n'igihe abaturage barumbije ibiciro bikazamuka. Gushyiraho ibiciro bidakuka rero biraruhije kuko byatuma umuturage ahendwa n'umucuruzi.
- Abacuruzi nibo bafite amafaranga menshi koko. Ndakeka ko biterwa n'uko alibo bayirukaho cyane.

Q.2.-Kuki registres ambulants zavuyeho kandi abacuruzi bose batangilira k'utuntu duke?

R.2. Ubucuruzi ni umwuga nk'indi. Abacuruzi badandaza bagomba nabo kugira registres bakerekana ko bafite 50.000 F ya "Fonds de Roulement". Ibyerekeye za registres ambulants, twasanze ali akajagali turabihagalika, kuko byatumaga abemerewe gucuruza badakora umulimo wabo neza.

Q.3. Hali amatungo yambuka akajya muli Zaire kandi kuli Douane mutabizi, amahôro yabyo aboneka ate?

R.3. Ibijya muli Zaire iyo binyuze kuli Douane bitanga amahôro. Ibinyuze iruhande ni frode nk'izindi, twafatanya kuzirwanya.

Q.4.-Ministeri y'Ubukungu n'Ubucuruzi itanga ibiciro bya essence n'ibya byeli. Nka byeli zo munsi y'ibitanda zikururwa n'amategeko ahanitse ya Ministeri y'Ubukungu n'Ubucuruzi, nta bulyo mwazayoroshya kandi mukareka kujya muranga ibiciro bya byeli muli radio.
Muzashake n'ukuntu mwabonera Komini itegeko liyiha umusoro ku bacuruza amakaziye make ya byeli.
-Imodoka zikodeshwa turabasaba gushyiraho ibiciro bishya kuko ibiliho ni ibya kera.
-Komini ishaka ahantu igatanga ibibanza hakajya isoko.
- Leta igasoresha inzu n'ibicuruzwa Komini ntibonemo indi nyungu.

.../...

R.4. - Ibibazo byinshi ni ibyifuzo. Icyakora ku kibazo cya nyuma Komini nayo ifite ibyo igomba gusoresha. Ntabwo rero abacuruzi basoreshwa kabili kandi uwerekanye quittance ya Komini ntibongera kumusoresha kuli icyo gicuruzwa.

Q.5. - Mwavuze ko Burgumestri nawe ali umugenzuzi w'ibiciro; aramutse afashe umucuruzi mu makosa aya n'aya, yamenya amuca amafaranga angana iki?

R.5. - Iyo Burgumestri afashe umucuruzi mu makosa, agomba kubishyikiliza ushinzwe guhana bene abo, kuko alibo bazi ibihano byateganilijwe buli muntu.

Q.6. - Dufata imodoka zikoreye frode twabishyikiliza abakozi ba douanes ntibatumenyeshe uko byagenze. Kuki mudateganyiliza Komini % y'ibyo iba yafashe?
- Turasaba douane mu Bugesera kuko twabandikiye kuva kera mukaba ntacyo muradusubiza.

R.6. - Iyo % musaba irateganyijwe koko. Mugomba rero kujya mukora procès-verbal. Ibyo byo kutabamenyesha ni ikosa lyabayeho, ubundi bagomba kubibamenyesha.
- Ibyo gushyiraho iyo douane biracyigwa, kuko itakwinjiza amafaranga.

Q.7. - Essence ntigera i Cyangugu, turabasaba ko mwatwigira ukuntu natwe twajya tuyibona.

R.7. - Icyo kibazo kizasubizwa na PETRORWANDA nitumara kukiyigezaho.

Q.8. - Centre de forge y'i Nyabisindu ishyigikiwe na Ministeri y'Ubukungu n'Ubucuruzi. Nta kuntu mwajya mubashakira umwanya mu gihe barangije?

R.8. - Abanyeshuli bahiga bazi ko alibo bishakira aho bagomba gukora kuko tubaha za certificats kandi dufite programu ndende ku bulyo tuzagira batanu muli buli Komini. Urumva rero ko tutabashakira akazi, kuko nta na za ateliers dufite ngo tube twabahamo akazi.

Q.9. - Ko Ministeri y'Ubuhinzi n'Ubworozi isa n'aho ishaka guhagalika ababaji, murabona bizagenda bite?

R.9. - Abo MINAGRI ibuza ni abonona amashyamba yayo, naho umunyamyuga wundi yakwiterera ibiti bye (nk'inturusu) akaba alizo abaza. Umuntu akora afite ubushobozi bw'ibyo ashaka gukora.

Q.10.- Ibyo bintu by'ubukolikoli mwavuze ko bizajya bishyirwa kuli Prefegitura ku nzu yabigenewe.
Bizajya bihagezwa n'iki?

R.10.- ASPAR muyibimenyesheje, yabohererezа imodoka yo kubitwara ikabihageza.

.../...

Kuwa gatanu taliki ya 12, ba Burgumestri basobanuliwe ibyerekeye:

I. Umushinga werekeye kumenyesha amakuru mu byaro.
II. Ubulyo bushya bwo gutumanaho mu cyaro.
III. Imikorere ya Ministeri y'Umutungo Kamere, Mini na Kariyeri.
IV. Uruhare rwa OPROVIA mu majyambere yo mu cyaro.
V. Dusobanuririrwe SONARWA.

---

## I. UMUSHINGA WEREKEYE KUMENYESHA AMAKURU MU BYARO.

### 1. INTANGILIRO.

ORINFOR ni iki? Ofisi y'Amatangazo ya Leta (ORINFOR) ni ikigo kigengwa na Leta, gifite ubwihagaralire kikagengwa n'amategeko yacyo mu bikorwa byerekeye imali n'ubutegetsi. ORINFOR yita ku milimo y'Igihugu yerekeye Radio, amakuru yanditse, Sinema n'amafoto ndetse na Televiziyo igihe izaba ibonetse, kugirango iboneze amakuru, uburezi, ubumenyi n'ubuhanga. Igombakurebera Igihugu ibintu byose byerekeye itangazamakuru mu gihugu no mu mahanga kandi ikora imilimo yayo ibiyoborwamo na Prezidansi ya Republika.

### 1.1. UKO BIMEZE MULI IKI GIHE:

Mu Rwanda ibinyamakuru ntabwo bingana. Hali Radio imaze kugira ubushobozi bulinganiye, amakuru yanditse afahagije na gato na Sinema igitangira.

### 1.11. RADIO RWANDA:

Ubungubu niyo itangaza amakuru ku buryo bugaragara mu Rwanda. Muzi neza ko ivugira ku murongo wa 49 kuli KHZ 6055 no ku murongo wa 90 kuli KHZ 3330. Ubungubu kandi Radio Rwanda ishobora kumvikana muli FM. Hirya no hino nko hafi 70 % z'ubuso bw'igihugu. Uwo mushinga washyiliweho kugira ngo abanyarwanda bashobore kumva neza Radio Rwanda kandi ku buryo bushimishije. F.M. yumvikanira ku murongo wa 89,066; 94,828; 97,752; 99,902 kugirango yumvikane mu Rwanda hose. Iyo mirongo myinshi iterwa n'igihugu cyacu gifite imisozi miremire. Uwo mushinga uracyakomeza kubera ko FM itumvikana neza hose nko muli Prefegitura ya CYANGUGU. Niyo mpamvu tuli mu nzira zo gushyira indi "station relais" muli ako gace.

### 1.12. "AFFICHE":

Ofisi y'Amatangazo ya Leta yatangiye umushinga wo gukwiza mu baturage inyigisho ikoresheje amashusho. Uwo mushinga witwa "Service de Communication par les Moyens Audio-visuels (SECOMAV)" ikorana na Radio Rwanda mu gutangaza ikoresheje amashusho ibyavuzwe muli Radio kandi igakora n'ibindi byose byerekeye kumenyesha (publicité). Uwo mushinga rero uzagira akamaro kanini cyane.

.../...

1.13. AMAKURU YANDITSE:

Muyasanga mu kinyamakuru cyitwa "IMVAHO" mu kinyarwanda, mu gifransa muyasanga muli "LA RELEVE" no mu igazeti yandikwa buli munsi yitwa "A.R.P.". IMVAHO yavutse muli 1960 ikaba igomba guha abanyarwanda amakuru y'u Rwanda, n'ay'amahanga, ndetse n'ibitekerezo byerekeye ubuhinzi, ubukungu, ubuzima n'ibindi. Naho "RELEVE" muli iki gihe igenewe abazi igifransa n'abanyamahanga kubera ko yandikwa mu gifransa.

Ibiro Ntaramakuru by'u Rwanda byo kugeza ubu byandika igazeti mu gifransa isohoka buli munsi uretse ku cyumweru. Yandika amakuru yo mu Rwanda iyo yabonetse n'ayo mu mahanga avuye mu biro ntaramakuru bikomeye kw'isi. Umulimo wo gutara amakuru ubungubu ntabwo ukorwa ku buryo buhagije.

Byongeye kandi "IMVAHO" cyane cyane "RELEVE" ntabwo bigisohoka ku buryo buhagije kubera kubura aho byandikirwa. "Imprimerie Nationale" irashaje kandi ifite "Commandes" nyinshi. Nyamara aliko ntibyabujije Imvaho gutera imbere. Twali dufite abasomyi 7.500 mu kwezi kwa cumi na kumwe muw'1979. Ubu dufite 12.500.

1.14. SINEMA NA PHOTO:

Umulimo wa Sinema uracyali mu ntangiliro kandi kubura amafranga bitubuza gukora Sinema nyinshi, kuzigura ndetse no kuba twazereka abaturage. Naho ibyerekeye amafoto, akoreshwa mu binyamakuru byanditse akanamanikwa ahantu abaturage bashobora kuyareba.

1.15. Nubwo Radio yatangiye ibiganiro biturutse mu baturage ubwabo biracyali bike cyane kubera kubura uburyo n'amafranga. Amakuru yanditse nayo ni uko. ORINFOR rero yakomeje kubabazwa no kubona ibinyamakuru byayo ntaho bihuliye n'abaturage, amakuru avugwa kenshi ali ay'ahandi, ibiganiro byinshi bikorerwa mu biro.

Nibwo rero yatangiye gushakashaka imfashanyo mu nshuti no mu milyango mpuzamahanga kugira ngo ibinyamakuru birusheho gukorera abaturage bibacengezamo amajyambere. Yahise ishyiraho umushinga wo kumenyesha amakuru mu byaro ikaba ibifashwamo ku gice gito n'imilyango yitwa PNUD na UNESCO.

2. UKO UWO MUSHINGA UMEZE:

2.1. Mu gice cya mbere uwo mushinga ugomba kwibanda ku "IMVAHO" no ku BIRO NTARAMAKURU BY'U RWANDA kugira ngo abaturage bagire uruhare runini mu makuru yandikwa kandi ayo makuru atume barushaho kujijuka.

Ubundi IMVAHO yandikirwa muli "Imprimerie Nationale" ku giciro giciliritse. Aliko kubera ibyuma byayo bishaje bituma idasohoka uko bigenwe, tukagomba kubijyana muli imprimerie y'abacuruzi baduhenda cyane. Ubungubu rero turongera ibikoresho twali dusanganywe kugira ngo dushobore kwikorera igice kinini, igisigaye tukakijyana muli "Imprimerie Scolaire" yatangiye. Ibyo bikazatuma amafranga aba make kandi Imvaho igasohoka vuba uko byagenwe ni ukuvuga buli cyumweru.

Uwo mushinga uteganya abantu bazajya batugezaho amakuru muli za Prefegitura. Tuzabanziliza kuli zimwe na zimwe kugeza igihe tuzabashyilirahoo hose bakajya bohereza amakuru mu biro ntaramakuru no muli Radio. Muli uyu mwaka tuzatangilira muli Prefegitura ebyili, GISENYI na BUTARE.

Dore ibyo tugomba kuba tugezeho icyo gice cya mbere nikirangira:

- Kuvugurura imikorere y'amakuru yanditse cyane cyane IMVAHO
- Kuba dushobora kwikorera imilimo imwe yerekeye kwandika icyo kinyamakuru
- Kuba isohoka buli cyumweru nta nkomyi
- Kuba amafranga twayitangagaho yaragabanutse
- Kuba ibilimo n'uko yanditse birushaho kunogera ubisoma
- Kuba abenshi mu bagomba kuduha amakuru muli izo Prefegitura bamaze gushyirwaho.
- Umunyamakuru wo muli Prefegitura amaze kugira abantu bamuha amakuru yo mu byaro agomba kuvugwa cyangwa kwandikwa bakamufasha no gukwirakwiza Imvaho ndetse no kumva icyo abaturage batekereza ku makuru tubaha bigatuma abanyamakuru bakulikiza ibyifuzo byabo.

2.2. Mu gice cya kabili tumaze kubona inshuti zidufasha uwo mushinga uzafata ibinyamakuru byose dufite Radio, Ibinyamateka bya Leta, Sinema, Amafoto ndetse na za "Affiches" kugira ngo akamaro kabyo mu mishinga y'amajyambere kiyongere. Uwo mushinga ugamije kubumbira hamwe ibikorwa mu byaro byose byerekeye guhugura no kwigisha abaturage kugira ngo bahugukire amajyambere, tukazafatanya na za Ministeri zose zishinzwe gutsura amajyambere mu byaro alizo izi: Ministeri y'Ubuhinzi n'Ubworozi, Ministeri y'Imizamukire y'Abaturage na za Koperative, Ministeri y'Ubugenga Gihugu, Ministeri y'Urubyiruko n'Imikino, Ministeri y'Ubuvuzi, Ministeri y'Uburezi bw'Igihugu, tutibagiwe na Mouvement Revolutionnaire Iharanira Amajyambere y'Igihugu.

2.3. Akamaro k'uwo mushinga ni ako guhugura abaturage bishingiye ku bibazo bigaragara bahura nabyo buli munsi. Ubwo bulyo bwo kuvuga amakuru tuvanye mu baturage ubwabo ndetse nabo bakabona ubulyo bwo kubwira bagenzi babo icyo batekereza, uko bakora, imishinga yabera abandi urugero cyangwa ikigisha umuturage uhereye kubyo abona, ku mishinga ili hafi, ibyo bizatuma abaturage bajijuka vuba. Uwo mushinga uzatuma abaturage nabo babona umwanya uhagije mu bitangazamakuru kubera ko bazashobora kwandika mu MVAHO kandi bagashobora no kuvuga ibyifuzo byabo muli Radio.

.../...

Kandi uko kwegera abaturage ukabigishiliza mu mishinga yabo bizatuma havamo bamwe bajijukiwe kurusha abandi bababera urugero noneho n'abo mu kandi gace bazabonereho kuko bazashobora kubisoma cyangwa bakabyumva muli Radio, cyangwa bakabibona muli Sinema.

Uwo mushinga kandi uzagilira akamaro Ofisi y'Amatangazo ya Leta kubera ko ibikoresho by'uwo mushinga bijya bimara igihe kirekire kandi tukagera kubikorwa bigaragara kandi bikulikije ibyifuzo by'abaturage n'ubukene bafite. Tuzaba kandi tuzigamye bimwe mu byo twakoreshaga kubera ko ingendo zo kuva muli Kapitali tujya mu byaro zizaba nke kuko tuzaba dufite yo abantu.

Uwo mushinga uzagira akamaro ko kungiliza inyigisho zizaba zitangwa na za Ministeri twavuze kuko abanyamakuru bazajya bibanda ku mishinga bazaba bimilije imbere kandi bafatanya na bya bigo bigomba gutsura amajyambere.

2.4. IMISHINGA TUZIBANDAHO NI IYI IKULIKIRA:

- Ibyerekeye ubuhinzi n'ubworozi byose
- Ibyerekeye ubwiyongere bw'abaturage no kurera abana
- Ibyerekeye kurya neza, guteka n'akamaro ka bya bigo byerekeye kurya neza
- Ibyerekeye kubaka no gufata neza inzu
- Ibyerekeye isuku no kwivuza, no kurwanya ubusinzi
- Ibyerekeye gukoresha amazi meza
- Ibyerekeye ubukungu, kuzigama, kuguza, gufatanya, n'ibindi.
- Ibyerekeye kwiga gusoma no kwandika, kumvisha akamaro kabyo, gutanga ibinyamateka, gushyiraho ibice bifasha abaturage kutibagirwa gusoma,
- Gukundisha abaturage Sinema, imikino no kubibereka n'ibindi.

2.5. UKO BIZAKORWA.

- Guhitisha ibiganiro bigenewe ibyaro kugira ngo bahagurukire amajyambere
- Gukora "reportage" mu mishinga yose y'amajyambere
- Kwandika no gukwiza hilya no hino ikinyamateka cyerekeye ibyaro
- Kwerekana Sinema mu makomini no mu masegiteri
- Gukora programu dufatanyije na za Ministeri zibishinzwe.
- Kujya mu byaro kenshi kugira ngo tumenyane n'abaturage, aho batuye, uko babaho, ibibazo bafite no gufata amajwi.
- Gufatanya n'abaturage mu gutegura ibiganiro
- Guhitisha muli Radio no mu binyamakuru byanditse ibyabaye mu duce utu n'utu
- Kwibanda mu gace aka n'aka igihe ali ngombwa ali nko gutangiza umushinga cyangwa inyigisho zihaliwe n'abaturage b'ako gace gusa.

2.6. Nguwo umushinga duteganya muli iki gihe. Uwo mushinga ni uwacu twese ndetse ba Burgumestri bafite mo uruhare rwinshi kuko ibyerekeye gutsura amajyambere mu byaro alibo babishinzwe mbere na mbere. Umunyamakuru rero uzaba ali muli Prefegitura cyangwa Komini agomba gukorana n'abashinzwe amajyambere muli ako gace.

.../...

Aliko rero ntagomba kuba igikoresho cya Prefe cyangwa cya Burgumestri ngo avuge ibyo bashaka gusa. Umunyamakuru afite akazi ko kuvuga ibyo yabonye kandi akavugisha ukuli kwose. Ni ukuvuga rero ko n'ubwo hali ubufatanye bwose umunyamakuru azakomeza kuba umukozi wa Ofisi y'Amatangazo ya Leta agakulikiza imikorere yayo.

IBIBAZO N'IBISUBIZO.

1. Mu gace ka Mutara FM y'i Byumba ntihagera tukaba twibaza niba mutadutegányiliza icyacu cyuma.

R. Nzabimenyesha impuguke zo muli ORINFOR zize kwiga icyo kibazo. Icyakora ndakeka ko muli ondes courtes mwumva Radio neza, mugihe rero mutarabona FM yanyu mwaba mukomeje izo ngizo.

2. Abantu bifitiye appareils za sinema hali ubwo ORINFOR yabatiza films?

R. Muramutse mufite tekinisiye nta ngorane mukubatiza. Gusa twanga ko abatazi gukoresha ibyo byuma batwangiliza films.

3. Amafoto mutwoherereza ngo tugure amwe aba ali ntacyo yungura abaturage kandi ntituba twayabasabye. Amaze iki ko tubona aduhombya?

R. Ubundi ORINFOR iyohereza iziko yagilira abaturage akamaro. Uzabona atayashaka azatwandikire abitumenyesha tuzayahagalika. Icyakora ibyo byali byarasabwe na Ministeri y'Ubutegetsi bw'Igihugu kandi icyo gitekerezo kivuye mu nama nk'izi. Twasanze rero ayo mafoto afitiye abaturage akamaro mu kubajijura. Si ngombwa ko amafoto aba ayo muli iyo Komini gusa. Abaturage bagomba kumenya n'ibibera ahandi mu yandi makomini.

4. Igihe muli Komini habaye umunsi mukuru turasaba ko abanyamakuru bajya babonana na Burgumestri bakamubaza ibyerekeye Komini ye (monographie).

R. Tuzabigerageza uretse ko n'ubusanzwe mu munsi mukuru ukomeye abanyamakuru bali basanzwe bahaza.

5. Iyo urebye usanga relève isa n'aho yahagaze, ese ibyayo bimeze bite?
-Kuki Komini itabona Imvaho y'ubuntu nkuko Trafipro ibigenza ku munyamulyango?

R. Relève yahuye n'ingorane zitewe na Imprimerie ibitindana.
-Udufaranga dutangwa ku mvaho ni duke cyane ugereranyije n'ayo Imprimerie iduca, ku buryo ubu rero nta nyungu imvaho ituzanira. Icyo nabasaba ni ukudufasha kumenya aho imvaho n'ibindi binyamakuru twohereza bizimilira kuko ababigura batwandikira ngo ntibyabagezeho kandi twarabyohereje.

6. Tulibaza impamvu Radio ifata indilimbo mu makomini yose, zimwe zigahora zumva indilimbo zazo izindi shwi da!?

R. Uko bafashe indilimbo kwose siko zahita kuko haba ubwo ziba zilimo amagambo mabi atakumvishwa abatura-Rwanda bose.
Muli Radio rero dukora uko dushoboye kugira ngo hahitemo ibintu binogeye amatwi, kandi ndetse ibivugwamo bigire icyo byungura abatura-Rwanda.

.../...

7. Mu bindi bihugu umwanya w'amakuru uruta uw'indilimbo, kuki mu Rwanda atali ko bimeze?

R. Izo Radiyo z'ahandi zifite igihe kirekire zivugamo. Ino ntiturabigeraho kubera amafranga make yo kugura ibyuma bishobora gukora igihe kirekire.
Na none umwanya w'amakuru y'ahandi nturuta uw'indilimbo kuko bidashoboka kandi natwe tujya dukulikira ibiganiro na programmes z'amaradiyo y'ahandi uretse ko bayavuga buli kanya.

8. Ikibazo cyo gutanga amafranga y'amatangazo nticyoroheye abaturage ba kure tulifuza ko mwateganya ubundi bulyo.

R. Icyo cyifuzo cyanyu tuzacyiga, tubashyikilize icyo tuzaba twashoboye kugeraho.

9. Hali abaturage batunze mu mazu yabo za Poste za Télévision bakareba ibyo muli Zaïre. Hali icyo byaba bitwaye?

R. Si bibi kuko bidasabota itumanaho lyo mu Rwanda kandi mu mategeko ntaho igihugu cyacu kibibuza.

10. Radiyo Rwanda ivuga amakuru make kandi ikanayavuga mu yandi maradiyo barayavuze kera.

R. Nko mu bihugu duturanye twanga kuvuga amakuru y'impuha nta bimenyetso dufite. Muzi ukuntu igihugu gitangaza amakuru abandi bakayabeshyuza. Ibyo rero nibyo twilinda, tukavuga amakuru y'impamo.

11. Nta kuntu mwahindura programu y'amakuru mu kinyarwanda ya mugitondo mukayashyira 5H30 mu mwanya w'ay'igiswahili?

R. Ibyo nzabishyikiliza ababishinzwe barebe niba bishoboka.

12. Ikiganiro cyo ku cyumweru cyitwa "TUJIJURANE" cyangwa "KUBAZA BITERA KUMENYA" gikwiye guhindura amasaha kuko abantu baba bagiye mu misa abandi bagiye mu yindi milimo.

R. Hazakorwa enquête nkuko duhora tuyikora buli mwaka urangiye. Tuzamenya rero amasaha abaturage bifulizaho ibiganiro.

13. Kuki hataba variétés mu ndilimbo -animateri iyo aliwe wakoze haza indilimbo yishakiye akenshi zikaba zimwe buli teka, ibyo nta kuntu mwabikosora?
-Kuki mudateganya amakuru mu Cyongereza, abumva tutagikoresha bakeka ko tuli abaswa tukaba twese tutacyumva.

R. Ibyo byifuzo byombi tuzabishyikiliza ababishinzwe.

Nyuma y'ilyo hugurwa uwali warahagaraliye ORINFOR yatwohereje ibisubizo by'ibibazo yali atashoboye gusubiza atabanje kubaza abakuru bo mu nzego za ORINFOR.
Nibyo ibi bikulikira:

1. UBWUMVIKANE BWA FM.

Mu Mutara ngo FM ntigezayo. Icyo kibazo kirazwi muli ORINFOR, aliko ibikoresho ntibiraboneka. Ibyo gutunganyiliza abo mu Mutara n'ahandi FM itumvikana neza biracyigwa, icyakora ntibyoroshye kubera ko u Rwanda ali igihugu cy'imisozi miremire rero ntishobora gutuma FM yumvikana neza.

2. INDILIMBO ZITAJYA ZICURANGWA.

Hali ababurgumestri babajije impamvu indilimbo zitajya zicurangwa muli Radiyo zaravuye mu makomini yabo. Hali impamvu nyinshi, zimwe ni izi:

- hali izononekara;
- hali izahoze muli Republika ya mbere zidacurangwa, kuko igihe cyazo cyarangiye;
- hali iziba zihagalitswe kubera ko zisa n'izifite ubwizimbe;
- hali izo dusanga natwe ubwacu twalibeshye, zigacurangwa zifite inenge. Aho bigaragaliye, zigahabwa akato;
- hali n'iziba zarafashwe ku buryo butanoze.

Icyakora na none, ntitwabura kuvuga ko bamwe mu bakozi bacu bagira agahararo gatuma indilimbo n'imbyino zimwe bazibandaho. Ubu tubahozaho ijisho ngo bikosore.

3. KUMENYA IBYIFUZO BY'ABATURAGE.

Hali abifuza kumenya niba tubanza kubaza rubanda ibyo bifuza. Tulibutsa ko mu w'i 1979 byakozwe, aliko biracyasuzumwa. Si ibintu byigwa akanya gato, kandi bitwara amafaranga menshi. Hali abatwandikira bakatugezaho ibyifuzo byabo. Iyo tubishimye, tugerageza kubikulikiza.

4. AMATANGAZO Y'ABAKURE.

Bamwe bibajije uburyo abatuye kure bageza amatangazo yabo kuli Radiyo, ahubwo bifuza ko bakwohereza amatelegramu. Ubundi Radiyo yohereje impapuro mu maposita ababishaka bakaba buzuza, bagatanga n'amafaranga ijana kuli mandat. Nta bundi buryo twali twabona, aliko n'ubwo bufasha benshi.
Ababishaka rero, bajye bagana iposita ibali hafi.
Nanone ingorane zizaba nke umunsi ORINFOR izaba ifite ibiro muli Prefegitura zose.

.../...

5. AMAKURU YA MU GITONDO.

Hali abavuga ko amakuru mu kinyarwanda ya mu gitondo yali akwiye kuvugwa saa kumi n'imwe n'igice, kuko ngo saa kumi n'ebyili abantu baba bagiye ku milimo yabo. Byali byiza, aliko haracyali ibitugora; icya mbere cyo tuzi ko amaradiyo ya FM ataragwira, kandi muli AM (ondes courtes) henshi bakaba batabasha kwumva radiyo neza mbere ya saa kumi n'ebyili.
Ikindi kandi, amakuru dushyikilizwa n'amahanga dutangira kuyagezwaho saa kumi n'imwe. Umunyamakuru rero ntiyaba abonye umwanya uhagije wo kuyategura.

6. IBIGANIRO BYO KU CYUMWERU SAA TATU.

Abenshi bavuze ko ibyo biganiro batabasha kubyumva kuko baba bagiye mu misa. Muli iki gihe turasuzuma uburyo byazashyirwa ni joro kugira ngo abenshi bababashe kubitega amatwi.

7. IMVAHO ZIBIRWA MU MAPOSITA.

Tuzagerageza kwumvikana n'abayobozi b'iposita kugira ngo ibyo bihoshe.

8. SINEMA.

Hali ba Burgumestri bifuza gutizwa za sinema. Ntibahejwe na busa. Abandi kandi bifuje kubona kenshi izo tubereka.
Uretse ko tubura imodoka n'amafranga yo kubikora uko tubyifuza, ntitwabura kwibutsa ko amakomini yose y'u Rwanda twayagezemo tuyereka sinema.
Iyo programu iracyakomeza, tuzongera tuhazenguruke.

Twongeye gusaba ba Burgumestri kujya batugezaho inyandiko z'ibitekerezo n'ibyifuzo by'abatuye amakomini yabo, kandi bajye badutera inkunga mu kutumenyesha amakuru y'iwabo.

.../...


## II. UBURYO BUSHYA BWO GUTUMANAHO MU CYARO.

### 1. INTANGILIRO:

Tuzi twese ko mu cyaro aliho hatuye imbaga nyamwinshi y'abanyarwanda. Mu mugambi wa kabili wo gutsura amajyambere mu bukungu, mu mibereho no mu bujijuke mu gihe cy'imyaka itanu (1977 - 1981), Republika ya kabili yiyemeje mbere na mbere kwita kuli iyo mbaga nyamwinshi. Bumwe mu buryo bwo kwita kuli abo baturarwanda ni ukubaha ubushobozi bwo gutumanaho byoroheje, bigatuma nk'abategetsi ba Komini babona bitagoye amabwiliza y'ababali hejuru, kandi nabo bagashyikiliza ababishinzwe ingorane abaturage bagira bitaruhanije. Turagerageza kurebera hamwe mbere/na mbere ukuntu mu Rwanda uburyo bwo gutumanaho bumeze mu magambo avunaguye, hanyuma tubonereho gusuzuma ukuntu mu cyaro telefoni zizahagera.

### 2. UBURYO BWO GUTUMANAHO MU RWANDA.

2.1. Turebere hamwe ukuntu ijwi liva ku muntu ushaka guhamagara undi muli telefoni aho linyura:
Dukulikije igishushanyo cya mbere turabona iyo nzira igizwe n'ibice bikulikira:




- (A): telefoni ili ahantu
- (B): insinga ziva kuli telefoni zikagera kuli santarali
- (C): santarali
- (D): ihulizo rya za santarali ebyili

- A: telefoni: ni cya cyuma gituma wumva kandi unabwira mugenzi wawe muli mo kuvugana ibyo ushaka.


.../...

- B: Insinga ziva kuli telefoni zikagera kuli santarali; izo nsinga zishobora kuba zitabye cyangwa zili mu kirere.

- C: <u>Santarali</u>: Za nsinga zose ziva kuli za telefoni zigera kuli santarali. Santarali rero ifite akamaro kanini; yaba itabagaho, umuntu wese ufite telefoni kugirango avugane n'abandi bose bazifite hagombye kuba hagati ye na buli wese insinga ebyili zibafatanije. Murabona ko izo nsinga zaba ali nyinshi cyane. Dufate nk'urugero rw'abantu batanu bafite telefoni, santarali italiho insinga ebyili zajya ziva kuli buli muntu zijya ku wundi; ni ukuvuga ko izo nsinga zose zaba ali makumyabili.




Santarali rero ni ikintu kizi ubwenge kikamenya mubantu bose bafite telefoni uwo bashakamo noneho kikabahuza.




Muli rwa rugero rwacu rwo hejuru kuberako santarali ihali hakenewe gusa insinga icumi.

- D: Ihulizo rya za santarali.
  Nkiyo umuntu ashaka kuvugisha undi muntu ufite telefoni aliko akaba atali kuli santarali imwe nawe, hagomba hagati y'izo santarali ebyili ikintu kizihuza. Icyo kintu gishobora kuba ali ikirere gusa (ni ukuvuga ko amajwi anyura mu kirere), cyangwa se insinga.

.../...

2.2. Mu Rwanda rero kuli buli Prefegitura (n'i Nyabisindu) hali za santarali twabonye haruguru. Abantu bose bafite telefoni batuye kuli Prefegitura hali insinga ziva ku matelefoni yabo zikagera kuli santarali. Ubungubu uko bimeze mu Rwanda amajwi kugirango ave kuli santarali ajya kuyindi agomba kunyura i Kigali. Dufate urugero rw'umuntu utuye i Byumba ashaka kuvugisha uw'i Butare:




Ijwi liva kuli telefoni likagera kuli santarali y'i Byumba linyuze mu nsinga, kuva i Byumba kugera i Kigali, ijwi linyura mu kirere, kuva i Kigali kugera i Butare naho linyura mu kirere likabona guca mu nsinga liva kuli santarali y'i Butare lijya kuli wa muntu waho bashaka kuvugisha.

## 3. ITUMANAHO UVUYE MU CYARO.

Nkuko twabibonye haruguru, muli ya migambi Republika y'u Rwanda yiyemeje yo gukura umuturage waho mu bwigunge, buli Komini yose, n'ahantu hose hashobora kugilira umuturage akamaro (nk' ivuliro, isoko, koperative, n'ahandi), hazajya hashyirwa telefoni. Ni ukuvugako iyo telefoni aho izaba ili hose umuntu azajya ashobora kuganira n'abahandi bazifite bose, haba muli iyo Komini cyangwa se mu zindi ndetse no kw' isi yose.

Icyakora ntabwo bizakorerwa icyalimwe, hazabanza Komini zimwe na zimwe kubera ko amafranga atali menshi.

Muti ubwo bizagenda bite; reka dufate urugero rwa Komini Ngarama ili muli S/Prefegitura ya Gatsibo, na Komini Cyumba ndetse na rwa ruganda rw' icyayi cyo ku Mulindi bili muli Prefegitura ya Byumba.

.../...

Buli wese muli baliya batatu (Gyumba, Mulindi, Ngarama) azaba afite ubushobozi nk'ubwo umuntu utuye i Byumba ufite telefoni. Azajya ashobora kuvugisha ab'i Byumba, i Kigali, n'ahandi hose kw'isi hali telefoni.

Itandukanyilizo lihali hagati y'umuntu uli i Byumba n'umwe muli abo batatu twavuze, ni uko tuvuge niba umwe muli abo batatu ali mu kuganira n'undi kuli telefoni ye, babandi babili bo ntibabishobora, ni ukugomba gutegereza ko wawundi arangiza. Muti ese umuntu azajya abwirwa n'iki yuko nta wundi uli kuli telefoni kugirango nawe ashobore kuvugana n'uwo ashaka. Ibyo biroroshye kuko muli telefoni umuntu avugiramo, hali ijwi lizamo likakumenyesha niba ushobora guhamagara uwo ushaka, cyangwa niba ugomba kuba utegereje.

Muti ese mwabaye mwarakoraga ku buryo umuntu wese kuli Komini agira ubushobozi nk'ubwo uli kuli Prefegitura ntagombe gutegereza ko mugenzi we arangiza kuvuga. Ibyo byatewe n'uko twasanze iminota abantu bafite bene izo telefone bazakoresha bavuga ku munsi ali mike cyane ku buryo umuntu ategereje umunota umwe cyangwa ibili kugirango mugenzi we arangize ntacyo byaba bitwaye.

Bene izo telefoni nizimara kuba nyinshi ku buryo gutegereza byaba birebire, hateganijwe kwongera umubare w'abantu bashobora kuvugira icyalimwe.

Nko mu makomini amwe n'amwe hali abantu benshi bashaka telefoni ndetse no muli za S/Prefegitura twateganije kuhashyira twa santarali dutoya ku buryo abantu baho hantu hakomeye bafite ubushobozi bwo kuvugana nk'ubw'abatuye kuli Prefegitura.

## 3. IMISHINGA MU BY'UBUHANGA BWO GUTUMANAHO.

Kugirango ibyo byose bigende neza, twateganije kuzashyiraho uburyo bushya kandi bworoshye bwo gukoresha telefoni. Umuntu wese aho azaba ali azajya ahamagara mugenzi we nta wundi muntu ubimufashijemo. Ubusanzwe nk'umuntu w'i Byumba washakaga uw'i Butare, yabanzaga guhamagara ababishinzwe i Kigali, akaba alibo bamuha uwo ashaka. Mu mishinga dufite, ibyo ntibizongera kubaho. Kugirango tubigereho, haba mu Rwanda hose cyangwa mu mahanga, tuzabanza guhindura cyangwa gukora neza ibyuma twali dusanzwe dukoresha mu gutumanaho.

IBIBAZO N'IBISUBIZO.

Q.1. Abanyamahanga bizanira Radio zo gutumanaho Ministeri y'Amaposita na Kominikasiyo iba ibizi? Ese Burgumestri yabikoraho iki?

R.1. Ubundi Ministeri y'Amaposita na Kominikasiyo niyo ishinzwe kumenya ayo maradiyo n'ibindi byo gutumanaho. Icyakora abenshi babifite babanza kwiyandikisha ndetse akenshi hali abacibwa amafranga. Burgumestri icyo yabikoraho rero ni ukumenyesha Ministeri y'Amaposita na Kominikasiyo ati Komini yanjye ilimo bene ayo maradiyo umubare uyu n'uyu aliko ntagomba kubinjilira mu kigo cyangwa mu nzu ali byo bimujyanye.

Q.2. Mwavuze gukwirakwiza telefoni mu byaro, uwo mugambi ukaba ali mwiza koko. Gusa amatelefoni mu ma prefegitura yarazambye. Ese mwabanje mugatunganya izilIho hanyuma mukabona gukora uwo mushinga wanyu?

- Muli uwo mushinga wa za telefoni usanga ikiruhije ali ibyuma bishaje noneho hakabura na ba tekinisiye, hali abo muliho mwigisha uwo mulimo?

- Kugira ngo umuntu yitungire radio-communication agomba kuba afite ibyangombwa ki?

R.2. Telefoni ziliho ubu mu ma prefegitura zizahindurwa hajyeho izindi nshya kandi uwo mushinga waratangiye.

- Abatekinisiye batangiye kwiga n'ubwo bakili bake bwose. Uwo mushinga nujya gutangira niho hazoherezwa benshi kwiga.

- Gutunga radio-communication bigomba uruhushya rwa Ministri w'Amaposita na Kominikasiyo. Uwarusaba yahabwa n'ibindi bisobanuro kuli ubwo burenganzira.

Q.3. Kuki iyo Komini ishaka telefoni mutayigabanyiliza (Frais d'installation)?

R.3. Si ngombwa kuko n'amafranga abitangwaho atali menshi ugereranyije n'ibiciro by'ibikoresho.

Q.4. Iyo umuntu yimutse afite telefoni hali ubwo asholora kuyimukana?

R.4. Birashoboka.

Q.5. Kuli uwo mushinga wo gukwiza telefoni mu byaro, nk'umuturage utuye kuli kilometero eshanu (5 Km) ashaka telefoni ubwo azayibona?

R.5. Birashoboka, aliko bizamuhenda kubera uburebure bw'insinga.

.../...

Q.6. Tulifuza kumenya Komini muzatangiliramo.

R.6. Tuzatangilira muli Komini zili hafi ya Prefegitura cyangwa S/Prefegitura. Aliko ntibizatinda kugira ngo n'izili kure zibone amatefefoni.

- Nkuko byali biteganyijwe kuli programu nyuma ya saa sita ba Burgumestri bakomeje gukulikira ibiganiro byerekeye:

  - Ministeri y'Umutungo Kamere, Mini na Kariyeri
  - Uruhare rwa OPROVIA mu majyambere yo mu cyaro.

.../...

## III. MINISTERI Y'UMUTUNGO KAMERE, MINI NA KARIYERI.

### IJAMBO RY'IBANZE.

Muli discours programme y'Umukuru w'Igihugu yo kuwa mbere Kanama 1973, mulibuka mwese ko yagiraga ati: "Komini nirwo rwego rw'ubutegetsi rwegereye abaturage; igomba gutunganywa kugirango irusheho gufasha rubanda rugufi gutera imbere. Komini niyo shingiro ly'amajyambere". Ibyo rero byatumye muli Pla y'imyaka itanu 1977 - 1981, hateganywa ko Burgumestri aliwe ushinzwe mbere na mbere kurebera hamwe ibikorwa byose bikorerwa muli Komini biturutse mu nzego zo hejuru za Leta cyangwa bikorwa n'abantu ku giti cyabo. Niwe ugomba kuba "animateur" w'ibikorwa byose bibera muli Komini, byaba ibyerekeye services za Komini cyangwa se ibindi bikorwa byose bigamije guteza Komini imbere.

Kugirango rero Burgumestri ashobore gukora ibyo bamusaba, ubutegetsi bwo hejuru nabwo bugomba kumwigisha no kumuhugura; ngiyo rero impamvu yatumye Ministeri y'Ubutegetsi bw'Igihugu ibatumiza hano.

Kubera ko Burgumestri ahagaraliye buli rwego rwa Leta muli Komini ashinzwe, Ministeri y'Umutungo w'Igihugu, Mini na Kariyeli yasanze ali ngombwa ko mwagirana ikiganiro, ikabanyuliramo bimwe bibareba, mushobora kuyifasha gutunganya.

#### 1. IBYEREKEYE UBUCUKUZI ALI BYO MINI NA KARIYERI.

##### 1.1. MINI.

##### 1.1.1. MINI NI IKI?

Amabuye bita aya Mini (produits miniers) ni amabuye afite agaciro ashobora kugilira igihugu akamaro kanini cyane, kubera ko ahenda, andi mabuye yose atali aya Mini bayita aya Kaliyeri (produits des Carrières).

Urugero: Mu kwezi k'ukuboza 1979 (décembre) i "Londres" mu Bwongereza ikiro cy'itini (Sn) cyaguraga 1.574 FRW icya Rufurama ($WO_3$ à 68 %): 833 FRW.

Murumva ko ayo mabuye afite agaciro gahambaye. Ntaho ahuliye rero n'aya Kaliyeri. Hano mu Rwanda (koko) muzi ko itoni y'umucanga cyangwa se y'amabuye yo kubakisha itigeze irenza amafranga 1.000. Kandi kubera agaciro gakeya k'umucanga ntushobora kuwukura ino ngo ujye kuwugulisha mu mahanga nk'i Londres navugaga mu kanya.

Nicyo gituma Gasegereti (bakuramo itini), Rufurama cyangwa se zahabu bayita amabuye y'agaciro cyangwa se aya Mini; naho umucanga, amabuye bubakisha, ayo bakoramo ingwa cyangwa ishwagara ... bikitwa amabuye ya Kaliyeri.

1.1.2. UBUSHAKASHATSI N'UBUCUKUZI BWA MINI - MATEGEKO.

Kubera akamaro kanini Mini zifite, Leta yasanze idashobora kuzihalira rubanda, izigira izayo. Icyo gitekerezo cy'ingenzi amategeko ya Mini ashingiyeho tugisanga mu ngingo ya kane y'itegeko ryo kuwa 27/04/1971 ivuga itya: 'Mini ni iza Leta".
(Les mines sont propriété domaniale).

Birumvikana rero ko ntawe ushobora gushakashaka Mini cyangwa se kuzicukura atabiherewe uruhushya na Leta. Uruhushya rwo gushakashaka Mini rutangwa na Ministri ushinzwe ubucukuzi. Uruhushya rwo kuzicukura rugatangwa na Prezida wa Republika iyo rugomba kumara imyaka 30.
Abacukuzi bagufi (artisans miniers) bahabwa uruhushya rworoheje rumara umwaka cyangwa ine, rugatangwa na Ministri ushinzwe ubucukuzi.

Nkuko mumaze kubyumva ntawundi ufite ububasha bwo gutanga uruhushya rwo gushakashaka cyangwa gucukura amabuye y'agaciro, uretse Prezida wa Republika na Ministri ushinzwe ubucukuzi.
Mu myaka ishize hali ba Burgmestri bamwe na bamwe bagiye baha abantu uburenganzira bwo gucukura nka zahabu n'ibindi. Ndabamenyesha ko iryo ali ikosa likomeye cyane. Ikindi hali abantu (cyangwa se za Société) biha gushakashaka no gucukura amabuye y'agaciro batabifitiye uruhushya. Ba Burgumestri bakabihorera. Ibyo ntibikwiye. Igihe umuntu atangiye iyo milimo muli Komini ushinzwe, ugomba kumwaka icyemezo kibimuhera uburenganzira. Yakibura ugahagalika imilimo ye, ukanamenyesha Ministeri ishinzwe ubucukuzi.

Muli mwe hali abashobora kubona ikibazo giteye gitya:
"Hali itegeko-teka ligenera igihembo buli muntu wese wakwerekana isambure (échantillons) ishobora gutuma indili z'amabuye y'agaciro zivumburwa. Ubwo se iryo tegeko ntiliha buli wese uburenganzira bwo gushakashaka ayo mabuye?".
Ndabamenyesha ko gushakashaka amabuye y'agaciro bigomba ubuhanga bwinshi, akazi kenshi n'amafranga menshi cyane. Ubushakashatsi nk'ubwo nibwo bugomba uruhushya rwa Ministri. Iryo tegeko rero ntabwo alibwo bushakashatsi ligamije cyane cyane.
Ahubwo ligamije kubwira abaturage bose ko amabuye bashobora guhura nayo bakabona adasanzwe bagomba kuyashyikiliza Ministeri ishinzwe ubucukuzi, kugirango iyige kuko ashobora kuba aturutse mu ndiri itazwi. Iyo ndiri rero ibaye ivumbuwe, umuturage wazanye ya sambule nibwo abona ibihembo.

.../...

1.1.3. <u>IGENZURA RY'UBUCUKUZI BWA MINI NA KALIYERI.</u>

Muli Ministeri y'Umutungo kamere, Mini na Kaliyeri, hali ibiro bishinzwe ubucukuzi. Ibyangombwa ibyo biro bigomba kureba ni ibyerekeye:

- amahoro rusange (sécurité publique)
- imishahara (rémunération)
- isuku mu kazi n'imitulire y'abakozi (hygiène et habitation)
- kudapfusha Mini ubusa no gucukura neza indili zazo (conservation de la mine et meilleure utilisation des gisements)
- kulinda amasoko (sources d'eau), imihanda rusange, amazu yubatswe kubutaka ...

Ibyo biro bifite ababihagarariye muli za Prefegitura; abo bitwa ba inspegiteri b'akarere (Inspecteurs de zone). Mu Rwanda hashyizwemo uturere (zone) dutanu.

1. <u>Akarere k'iburasirazuba</u> (<u>zone Est</u>).

- Intebe ya insipegiteri (siège d'inspection) ili i Kigali.
- Ako karere kagizwe na Prefegitura ya Kibungo, Prefegitura ya Kigali, n'igice cya Prefegitura ya Byumba.

2. <u>Akarere ko hagati</u> (<u>zone centre</u>).

- Intebe ya insipegiteri: Gitarama
- Prefegitura -Gitarama
  -Igice cya Prefegitura ya Gisenyi
  -Igice cya Prefegitura ya Kibuye.

Insupegiteri ntarashyirwaho.

3. <u>Akarere k'epfo</u> (<u>zone Sud</u>).

- Intebe ya insipegiteri: Butare
- Prefegitura:-Butare
  -Gikongoro
  -Cyangugu

4. <u>Akarere k'iburengerazuba</u> (<u>zone Ouest</u>).

- Intebe ya Insipegiteri: Kibuye
- Prefegitura: -Igice cya Prefegitura ya Kibuye
  -Igice cya Prefegitura ya Gisenyi

5. <u>Akarere ka ruguru</u> (<u>zone Nord</u>).

- Intebe ya insipegiteri: Ruhengeri
- Prefegitura ya Ruhengeri
- Igice cya Prefegitura ya Gisenyi
- Igice cya Prefegitura ya Byumba.

.../...

Birumvikana ko abo ba Insipegiteri badashobora gutunganya akazi kabo batabifashijwemo n'abategetsi ba Komini. Birumvikana kandi ko Burgumestri atakwigira Insupegiteri wa Mini na Kaliyeri muli Komini ashinzwe, aliko rero birababaje kubona mu makomini abantu bacukura ntaruhushya babifitiye, Burgumestri akabihorera abareba, nibura ntagerageze no kubibwira Insipegiteri.

1.2. KALIYERI.

1.2.1. KALIYERI NI IKI?

Nkuko mwabyumvise, amabuye ya Mini, bayita amabuye y'agaciro si ukuvuga ko ibiva muli Kaliyeri (umucanga, ibumba ...) bitagira agaciro. Biragafite, ahubwo ni uko ako gaciro ali gato cyane ugereranyije n'ako Mini zifite. Nongeye rero kubibutsa ko ibiva mu butaka bidafite agaciro kanini (faible importance économique) alibyo itegeko ryita "ibya Kaliyeri".

1.2.2. UBUCUKUZI BWA KALIYERI.

Twabonye ko Mini ali iza Leta, kubera iyo mpamvu, ntawe ushobora kuzishakashaka cyangwa se kuzicukura atabifitiye uruhushya.

Kaliyeri zo ni iza Nyilisambu (ingingo ya 3 y'itegeko ligenga ubucukuzi bwa Mini). Ni ukuvuga ko, niba ufite isambu, hakabonekamo gasegereti, cyangwa se zahabu, ayo mabuye ni aya Leta. Ntaburenganzira uyafiteho. Aliko ibumba lili muli iyo sambu, umucanga ulimo, ingwa ilimo, ibyo byose ni ibyawe.
Kugeza kw'italiki ya 13/10/1976, nyilisambu yali afite uburenganzira bwo gucukura kaliyeri nta ruhushya yatse ubutegetsi. Ibyo rero biza gutera ingorane zikulikira:

- Hali amabuye ya Kaliyeri afitiye igihugu cyose akamaro (intérêt public) tuvuge nk'ayo bashobora gukoramo isima (calcaires).
- Birumvikana ko Leta idashobora kwemera ko indili zayo bazicukura igihe bashakiye cyangwa se ngo zicukurwe nabi.
- Gucukura Kaliyeri nta ruhushya rutanzwe n'ubutegetsi byali bitangiye kuba akajagali no kwonona igihugu (environnement). Ugasanga ahantu hagombaga guhingwa (projets agricoles) cyangwa se gukorerwa ikintu gifitiye igihugu akamaro kanini, abantu batangiye kuhashwanyaguza.
- Kubera ko abantu bacukuraga nta ruhushya bagombye gusaba, ntabwo batangaga raporo ku byo babonye (production). Ugasanga kandi izo raporo ubutegetsi buzikeneye, kuko abahanga bize "Statistiques" zishobora kubafasha mu gupima amajyambere y'igihugu.

Nicyo cyatumye Prezida wa Republika ashyiraho itegeko-teka n° 34/76 ryo kuwa 13/10/1976 ryerekeye uko za Kaliyeri zikwiye gucukurwa. Iryo tegeko-teka ryasohotse kandi mw'igazeti ya Leta n° 21 yo kuwa 1/11/1976. Amabwiliza avuga uko ligomba gukulikizwa (n° 279/16.03/77 yohererejwe ba Prefe n'ibarwa n° 280/16.03.02/77 yo kuwa 11/3/77. Ba Prefe nabo bayabagezaho.

.../...

Mu magambo make liteye litya:

Ubucukuzi bwa Kaliyeli buli ukubili:

- Hali abacukura Kaliyeri badashaka gucuruza ibivuyemo (Nko kubumba amatafali yo kwiyubakira inzu ugomba kwituliramo, cyangwa gucukura ingwa yo kuyihoma ...). Abo ngabo bahabwa uruhushya na Burgumestri. Impushya nkizo Burgumestri atanga agomba kuzimenyesha Prefe uko buli mezi atandatu ashize, nawe akabimenyesha Ministri ushinzwe ubucukuzi.

- Hali abacukura Kaliyeri bashaka gucuruza ibivuyemo. Abo ni benshi cyane. Mbere yo gucukura, bagomba kubisabira uruhushya Ministri ushinzwe ubucukuzi. Kugeza ubu rero hali benshi bacukura batiliwe basaba urwo ruhushya ugasanga bisa n'ubufrode, kandi ba Burgumestri bakabihorera, ndetse limwe na limwe akaba ali bo babibagiramo inama. Ibyo bigomba gucika.

1.3. AKAMARO KA BURGUMESTRI MW'ITANGWA LY'IMPUSHYA ZO GUCUKURA MINI NA KALIYERI.

Abenshi muli mwe barabizi:

1.3.1. IMPUSHYA ZIHABWA ABANTU BAZWIHO UBUHANGA BWINSHI BWO GUCUKURA MINI.

Ndabibutsa ko izo mpushya zitangwa na Ministri ushinzwe ubucukuzi (permis de recherches) cyangwa se na Prezida wa Republika (concession). Mbere yo kuzitanga babanza gukora anketi cyangwa se iperereza alilyo lyitwa "enquête de commodo et incommodo". Muli iyo anketi haba handitsemo ko kanaka yasabye gushakashaka cyangwa se gucukura aha n'aha. Uwo bibangamiye akaba yabivuga bitarengeje amezi atatu. Iryo tangazo limanikwa ku biro bya Komini na Prefegitura amezi atatu. Haba rero, igihe umuturage atabimenya kuko abenshi batazi no gusoma. Aha rero, kubera ko Burgumestri aba azi ibibazo bikomeye muli Komini ye, ashobora gutuma iyo anketi ikorwa neza avuze ibibangamiye abaturage.

1.3.2. IZINDI MPUSHYA ZEREKEYE MINI NA KALIYERI.

Izo zihabwa abacukuzi bagufi ba Mini, cyangwa se abacukura Kaliyeri bashaka gucuruza. Zigatangwa na Ministri ushinzwe ubucukuzi nkuko twabivuze. Abenshi mugomba kuba mumaze kubimenyera:

Umuntu usaba uruhushya yandika imbibi z'aho asaba. Urwandiko akarunyuza kwa Burgumestri kugirango yemeze ko izo mbibi ali zo, kandi ko aho hantu hacukuwe n'uhasaba nta mbogamizi byatera. Burgumestri iyo abisinyiye (S/Couvert) Nyirugusaba uruhushya abinyuza kuli Prefe nawe yamara kubisinya urwandiko akaba alibwo rwoherezwa muli Ministeri ishinzwe ubucukuzi.

Ndashaka kubibutsa ko Burgumestri asinya kuli urwo rwandiko aba yerekana ko imbibi zitanzwe ali zo kandi ko kubwe nta kibi abona kugirango aho hantu hacukurwe. Ntabwo rero aba atanze uruhushya rwo gucukura nkuko bamwe babyibwira. Urwo ruhushya ntafite uburenganzira bwo kurutanga. .../...

Iyo aho hantu hasabwa hashobora guhingwa (igishanga), Prefe na Burgumestri ni byiza ko babanza kubaza b'agronome ba Komini na Prefegitura niba nta mbogamizi ihali.

1.4. AMAHORO YA KOMINI KU BICUKURWA.

Nkuko itegeko rya Prezida n° 213/01 ryo kuwa 15/12/1967 ryerekeye imali ya Komini libivuga mu ngingo yaryo ya 39, Inama ya Komini (Conseil Communal) niyo ifite uburenganzira bwo gushyiraho amahoro muli Komini. Nyamara ntishobora gusoresha ikintu Leta ubwayo isanzwe isoresha, kuko icyo gihe cyaba gisorewe kabili.

Ndabamenyesha rero ko umuntu watse Leta uruhushya rwo gucukura uwaliwe wese abitangira amafranga. Igihe rero aje kwaka ibyangombwa muli Komini ntabwo mugomba kumubaza andi mafranga kuko iyo ngingo mvuze haruguru ibibuza (Ibyo byangombwa mvuga ni ugusinyisha imbibi, ntaho bihuliye n'impapuro Komini isanzwe itanga nk'icyemezo cy'indangamuntu cyangwa icy'imico n'imyifatire ...).

Ndabibutsa ko uruhushya rwo gucukura Kaliyeri ushaka gucuruza (rutangwa na Ministri ubishinzwe) rugurwa amafranga ibihumbi bibili kandi rukamara imyaka ine. Iyo ruvuguruwe rugurwa ibihumbi bine (4.000 FRW.).

Murumva rero ko uruhushya rwo gucukura Kaliyeri udashaka gucuruza (alirwo rutangwa na Burgumestri) rutagombaga kugeza ku 2.000 FRW.. Ibyo alibyo byose ntirushobora kuyarenza.

Ikindi kubera ko kugeza ubu, Leta itali yasoresha abacukuzi ba Mini ishingiye kubyo bacukuye uko bingana (taxe à la production), Inama ya Komini ifite uburenganzira bwo gushyiraho uwo musoro.
Icyakora nanone za Komini ntizali zikwiye gukabya kugirango umucukuzi nawe agire icyo asigarana.
Aliko ku byerekeye Kaliyeri, ubwo burenganzira ntibufite kubera ko hali itegeko rya Ministri aliryo n° 05.23/08/77 ryo kuwa 19/09/77 livuga ko abo bacukuzi bagomba gusorera Komini amafranga 1.500 gusa mu mwaka. Iryo tegeko mwaryohererejwe n'ibarwa ya Ministri n° 16/16.03.02/78 ryo kuwa 9/1/78. Hali ibintu rero bimaze iminsi biboneka hamwe na hamwe.

- Ugasanga nka Burgumestri yahaye umuturage uruhushya rwo gucukura zahabu, ku mafranga nk'ibihumbi cumi. Uretse ko iryo horo ntaho lishingiye, n'urwo ruhushya narwo runyuranyije n'amategeko kuko Burgumestri adafite uburenganzira bwo kurutanga.

- Ugasanga umuntu ucukura umucanga arasorera Komini nk'ibihumbi bitanu ku kwezi kandi yagombaga gutanga 1.500 FRW ku mwaka.

Ibyo bigomba kuvaho.

.../...

## 1.5. KURWANYA UBUFORODE BW'IBICUKURWA MU RWANDA.

Mu Rwanda hali hamwe zahabu isigaye yambuka imipaka ikigira mu mahanga mu buryo butazwi bityo igihugu kigahomba. Abategetsi ba za Komini bagomba kwigora uko bashoboye kwose kugirango bafashe ababishinzwe kurwanya iyo forode.

## 1.6. IKIBAZO CYO KWIMURA ABANTU.

Imanza n'ubwumvikane buke byakomeje kuba urudaca cyane cyane iyo ikibazo cyo kwimura abantu kivutse mu mbago (concessions) zigengwa n'amategeko yerekeye ubucukuzi. Ngasanga rero hali bimwe tugomba gusobanukirwa kugirango turusheho kwitondera gukulikiza amategeko agenga ubucukuzi.

1. Gusobanukirwa uburenganzira bw'umunyambago, umunyaruhushya n'abanyabutaka: itegeko-teka n° 09/76 ryo kuwa 4 Werurwe 1976 mu ngingo yaryo ya mbere, risobanura neza ko ubutaka ali ubwa Leta. Murumva rero ko abaturage bafite uburenganzira bwo kubukoresha kugira ngo babone ibibatunga (droit d'usage). Naho umunyambago (concessionnaire) cyangwa umunyaruhushya (permissionnaire) bakagira gusa uburenganzira bw'ibikorwa bihuje n'amasezerano abahesha izo mbago. Ni ukuvuga ko uruhushya rwo gucukura gasegereti mu mbago iyi n'iyi rutagira aho ruhuliye n'uburenganzira bwo gukoresha ubutaka buli muli iyo mbago. Muzi neza ko iyo Leta yimura abantu nta mvururu zivuka hagati yayo n'abaturage yimuye. Itegeko-teka n° 21/79 ryo kuwa 23 Nyakanga 1979 litanga ibisobanuro bihagije. Leta rero niyo yonyine ifite uburenganzira bwo kwimura abantu bishingiye ku milimo ifitiye igihugu cyose akamaro kandi kugez'ubu yihatira kwitondera no gukulikiza amategeko abigenga. Abashinzwe amakomini yo mu migi cyangwa andi alimo ibikorwa bya Leta babifitemo akamenyero gahagije.

URUGERO: Iyo nyilisambu ayikoresha **Leta imubalira** indishyi y'ibilimo byose aliko iyo atayikoresha nta ndishyi iyikomokaho.

2. Kugez'ubu dusanga abanyambago cyangwa abanyaruhushya (urugero: abafite amasezerano y'ubucukuzi) batitondera amategeko yihaliye agenga ibikorwa baherewe imbago iyo bibaye ngombwa ko bagulira ibikorwa byabo mu masambu y'abaturage. Amategeko agenga ubucukuzi mu ngingo yayo ya 82 asobanura bihagije imyifatire y'abanyambago na banyira masambu mu gihe umunyambago akeneye isambu yakomoka kuburyo buhuje n'uruhushya yaherewe iyo mbago. Igika cya kabili n'icya gatatu muli iyo ngingo bivuga ko biturutse ku bwumvikane, umunyambago cyangwa nyiruruhushya bagomba kwishyura nyilisambu indishyi ya buli mwaka ingana n'inshuro ebyili z'ibyo yayikuragamo. Birumvikana rero ko nyirisambu aba ahaye nyilimbago uburenganzira yali afitiye iyo sambu yakuragamo ibimutunga (droit d'occupation) bikaba biguranwa ya ndishyi ya buli mwaka kugeza igihe umunyambago azaba atakiyikeneye.
Ubwo nyirisambu arayisubirana.

.../...

3. Kubera rero ko iyo ngingo isa naho ititonderwa cyane cyane mu bika twavuze haruguru birumvikana neza ko hali abanyambago cyangwa abanyaruhushya biyeguliye ibikingi batagikeneye mu bikorwa bafitiye amasezerano mu mbago zabo. Birumvikana kandi ko mugihe mw'isambu habonetse ikibazo hagati y'imilimo ya nyilimbago n'uburenganzira umuturage ayifiteho ubutegetsi bubigenewe bugomba kwitondera ya ngingo twavuze haruguru ku bika byayo bisobanura itangwa ly'indishyi ya buli mwaka.

Ibyerekeye rero kwimura abantu (expropriation) ni ikibazo gikwiliye kwitonderwa kuko ali umunyambago ali n'umunyaruhushya nta n'umwe ufite uburenganzira bwo kwimura umuturage mw'isambu bidaturutse ku ruhushya rutanzwe na Leta. Murumva kandi ko abanyambago cyangwa abanyaruhushya baramutse bagize uburenganzira bwo kwimura abantu kurenga 5 % by'abanyarwanda batabona uko babaho. Abanyambago bakwikubira binyuranyije n'amategeko 4,5 % by'ubutaka bw'igihugu kandi amasambu menshi adakenewe mu milimo baherewe imbago. Kubera rero ko amasambu amwe n'amwe agikenerwa mu milimo ya nyilimbago, ubwumvikane bushingiye kuguha nyilisambu uburenganzira bwo kuzayisubirana mu gihe nyilimbago atakiyikoresha bukwiliye kwubahilizwa.

4. Imilimo iramutse yerekanye ko nyilisambu yakwimurwa, abategetsi babishinzwe bagomba kugenzura ishingiro ly'icyo kibazo bakulikije amategeko kugirango umunyambago ahabwe uburenganzira bwo kucyumvikanaho na nyilisambu. Bityo ikibazo cyo kwimura abantu mu masambu yabo ku buryo butitondewe (nk'uko abanyambago bakunze kubikora ubwabo kuva kera) kikaba cyacogora. Ubu ndetse hali n'amasambu abanyambago biyeguliye burundu ubu akaba adakoreshwa cyangwa se adakenewe mu milimo y'uruhushya rwatangiwe imbago; ni ngombwa ko inzego zibishinzwe zashaka uburyo zumvisha abanyambago ko kugeza ubu amategeko abaha gusa uburenganzira bwo gukoresha amasambu bakeneye mu milimo baherewe impushya. Bakiyumvisha kandi ko ayo badakeneye, abaturage bayakoresha mu burenganzira bafite aho kwishingikiliza ko ali mu mbago.

## II. HYDRAULIQUE RURALE (imilimo yo gukwiza amazi mu byaro)

Imilimo yo gukwiza amazi mu gihugu imaze igihe kirekire ikorwa. Kuva yatangira yagiye ikorwa kubulyo bubili:

1. Hydraulique Rurale (gukwiza amazi mu byaro)

Kureba amasoko afite amazi meza.

Bakubaka za kano ahantu hagati kandi hafi y'ingo nyinshi.

2. Hydraulique Urbaine (gushyira amazi mu mijyi)

Kureba amasoko afite amazi meza kandi menshi haba hafi cyangwa kure y'imijyi icyangombwa ni uko amazi ahagije agera mu mijyi. Ayo mazi bakayakwiza mu mazu yose agize uwo mujyi, batibagiwe aliko n'ahantu hahulirwa n'abantu benshi (amasoko, amashuli, amavuliro, n'ibindi).

.../...

KERA BYAGENDAGA BITE.

1. Mu migi hakorwaga na REGIDESO.
2. Mu byaro hagakorwa n'Umuryango witwaga F.B.I. (Fonds du Bien Etre Indigène).

UBU BYIFASHE BITE.

Muli iki gihe.

1. ELECTROGAZ ireba iby'amazi yo mu mijyi.
2. Naho ibyakorwaga na F.B.I. byafashwe na A.I.D.R., aliko haziyemo n'abandi nk'abapadiri, abavolontaires, n'abandi bagiraneza.

Muli iki kiganiro cyacu rero tugiye kwibanda cyane cyane ku byerekeye gukwiza amazi mu byaro. Leta kandi irabihagurukiye rwose.

Iyo milimo yo mu byaro ikorwa na:

a) - A.I.D.R.
b) - Padiri Bourguet (Nyakabanda)
c) - Abavolonteli b'abaholandi.

Kera F.B.I. yubakaga amaliba Kano, iruhande rw'aho yabonye isoko ifite amazi meza. Muli iki gihe, bashobora no gufata amazi bakayajyana muli kilometero nyinshi bakoresheje i moteri (Adduction par pompage) cyangwa Adduction par gravité. Adduction par gravité bivuga ko aho amazi aturuka hagomba gusumba (altitude) aho ajya. Noneho amazi akijyana adafashijwe n'imbaraga ziturutse hanze.

INGORANE ZIBANGAMIRA IYO MILIMO.

Izo ngorane zikunda kuvuka cyane cyane iyo imilimo irangiye.

Twigeze kuvuga ko F.B.I. yubakaga amaliba mu byaro. Iyo turebye dusanga ayo maliba atakiliho cyangwa se hakaboneka limwe na limwe, hakaba nubwo udashobora kubona n'aho ryahoze. Twasanze ibyo byaragiye biterwa ahanini no kutayitaho. Beneyo (abayakoresha) usanga baragiye bayafata nabi cyangwa se barayasenyeye ubwende.

Indi ngorane ni ukubura ibimenyetso (données) bihagije, bituma ibyo bikorwa byoroha ntibirushye cyane mu gihe cy'itangira.

Kumenya umubare w'amasoko ali mu misozi no mu mibande.
Kumenya amaliba (Kano, Borne, Fontaine) ali muli Komini (F.B.I. - A.I.D.R.) na buli segiteri; n'ibindi. Murumva ko Leta ubwayo idashobora kumenya amasoko y'amazi yose.
Twigeze gusaba ivanteli y'amasoko n'amaliba muli buli Komini. Ibyo Ministeri y'Ubutegetsi bw'Igihugu yarabiduhaye, aliko twasanze hali Komini zimwe na zimwe zitabitanze tukaba twasaba Komini zizi ko zitabikoze kwihutira kubigira vuba zikabyohereza kuko bifasha Leta gukora "Programu na Plan d'action bien orientés" (Programu na Plan y'imilimo nyakuli bizakulikizwa).

.../...

IBYO LETA IBATEZEHO.

Komini igomba kwita ku bikorwa byose by'amazi bimaze kuzura. Ikabwiliza abaturage kubifata neza, ikabilinda gusenyuka bidashaje.

Ikagomba kumenyesha services zibigenewe (MIRENAMICA) amaliba yigeze kubakwa none akaba atagifite akamaro, n'amasoko yose ashobora gukoreshwa amaliba cyangwa za kano.

Igomba gufatanya na Leta kumvisha abaturage akamaro ibyo bikorwa bibafitiye:

- Kulinda indwara ziterwa na microbes ziba mu mazi mabi;
- Kugira isuku ku mubili no mu myambaro;
- Kuruhura abagore n'abana, kubera ko usanga alibo bavunwa no kuvoma kure.

Amasoko yafatiweho amazi agomba kugira uruzitiro. Ntihagire inzira ihaca. Ntibaharagire amatungo cyangwa se ngo bayahanyuze. Béton zubatse kano ntibagomba kuzimeseraho.

Komini ishobora gushinga abaselire kulinda ibyo bikorwa. Mu gihe hagize icyononekara, bagakoresha anketi, uwacyishe akakiliha kandi akabona n'ikindi gihano cy'umugereka.

ITORANYA RY'AHO BASHYIRA IBYO BIKORWA.

Nkuko twabibonye haruguru, Ministeri y'Umutungo w'Igihugu Mini na Kaliyeri n'iyo ishinzwe gukora Programu yo gukwiza amazi mu byaro. Komini rero zandikira iyo Ministeri hanyuma nayo ikareba priorité. Zigomba gusobanura akamaro bateze kuli icyo gikorwa. Kuvuga ibigo bitsura amajyambere, amashuli, dispenseri, centre de santé, centre nutritionnel cyangwa ibindi bikorwa rusange bili muli Komini, zitibagiwe n'imbaga nyamwinshi y'abaturage bashobora kuboneraho amazi meza. Imishinga ili muli Komini nayo ntigomba gusigara inyuma. Kuvuga izina ry'isoko naho ili, aho adduction izanyura (ibigo izaha amazi) n'abaturage bazabona amazi.

IBYO MINISTERI IKULIKIZA.

Kureba niba:
- Hali amafranga ahagije
- Adduction par gravité ishoboka
- Amazi atazava kure ku buryo bukabije
- Gusuzuma niba impamvu zitanzwe zifite uruhare runini mu majyambere ya Komini.

Ministeri iyo ibonye ko bishoboka, yandikira Abavolonteli b'Abahorandi cyangwa abandi babishoboye ikabibashinga ngo babikore.

.../...

Iyo ibyo byose bitunganye, Komini niyo yitoranyiliza aho bazashyira amazi (borne fontaine) y'abaturage bayo.

3. UMURIRO W'AMASHANYARAZI MU RWANDA.

3.1. AHO UTURUKA.

Muli iki kiganiro turabanyuliramo akamaro k'amashanyarazi mu mijyi no mu cyaro cyane cyane.
Ubusanzwe uwo muliro uva kuli byinshi. Hariho ubwo bawukura kuli moteli (groupes electrogènes) zikoreshwa mazout cyangwa se ku masumo y'imigezi. Umuliro rero uva kuli za moteri urahenda cyane kubera mazout zinywa kandi rero n'ibiciro byayo ntibisiba kwiyongera. Naho ibyerekeye umuliro uva ku masumo y'imigezi urahendutse cyane ni nayo mpamvu aliwo bakunda kwibandaho cyane. Ntituyobewe uliya muliro uva kuli Ntaruka, kuli Rusizi I, Mukungwa, n'andi dushobora kuzakoresha mu myaka ili imbere nka Kagera, nka Rusizi II, nka Runyombyi, n'ayandi ...
Ubu Leta y'u Rwanda yimilije imbere iyo programu yo gutsura uwo mushinga wo gukwiza amashanyarazi mu gihugu.

MULI IKI GIHE BYIFASHE BITE.

Mu Rwanda ubu dukoresha ahanini amashanyarazi akomoka ku masumo y'imigezi aliyo: NTARUKA
RUSIZI
GISENYI
Hali na twa centrales duto, nka Kilinda, Gihira na ETIRU.

BIZIFATA BITE MU MINSI ILI IMBERE.

Hali ayandi masumo ali mu nzira zo kugakoreshwa umunsi yuzuye.

MUKUNGWA: iteganyijwe kuzuzura umwaka utaha wa 1981 ikazagoboka ahanini NTARUKA

RUNYOMBYI: izacanira cyane ENI ya RUNYOMBYI, Dispensaire na za projets z'ibyayi zizakorerwa muli icyo cyerekezo.

RUSIZI II: izacanira RWANDA - BURUNDI - ZAIRE. Ibyo bihugu bifatanyije iyo projet muli wa muryango w'ubukungu bw'Ibihugu bituliye ibiyaga binini (ali wo C.E.P.G.L.); iyo projet iracyigwa.

RUSUMO: izacanira RWANDA - BURUNDI na TANZANIE. Nayo ifatanyijwe n'ibyo bihugu uko ali bitatu; nayo iracyigwa.

3.2. UMUSHINGA W'AMASUMO MATO.

Twigeze kubona haruguru ko amasumo mato nayo ashobora gutunganywa akaduha amashanyarazi. Leta rero yiyemeje kwiga n'umushinga wo kuturebera uko ayo masumo ashobora kuba ali na kure y'aho ziliya nsinga mubona zica yagira icyo atumalira.

.../...

Murumva rero ko Leta ubwayo yonyine itashobora kuyamenya yose. Akaba aliyo mpamvu ba Burgumestri babidufashamo batumenyesha aho baba bazi amasumo ayo aliyo yose, yaba mato cyangwa manini. Impuguke zabizobereyemo zikazajya ziza kuyareba niba akwiye cyangwa adakwiliye. Ibyo byazanadufasha kwiga neza uwo mushinga ku buryo mu minsi ili imbere Leta yajya yiha imigambi yo kwiga ayo masumo itagombye kwibaza iti haliya umuliro wahagera ute? Ese haba hali isumo hafi yaho? Ese ntaryo? N'ibindi bibazo nk'ibyo. Igihe rero tuzaba tuzi aho amasumo yose ali tuzarushaho kumenya n'uburyo bworoshye bwo kuhageza umuliro w'amashanyarazi; aliko kandi tutirengagije ikibazo cy'amafranga.
Igihe ahali ntacyabuza Leta kuwukora.
Hali nka za Komini zijya zigira amacuti mu mahanga. Ayo macuti ashobora kuzifasha kubáka nka za Centrale z'amashanyarazi.

Murumva rero ko zajya zaka imfashanyo y'amafranga angana n'ayo iryo yubakwa ry'izo centrales ligura. Murumva rero ko kutubwira aho ayo masumo ali hose ali ukudufasha kandi namwe ali ukwifasha no kwiyorohereza akazi kanyu n'akacu.

### 3.3. ITORANYA RY'AHO DUSHOBORA GUSHYIRA IBYO BIKORWA.

Ministeri y'Umutungo w'Igihugu, Mini na Kariyeli ishinzwe Etudes z'imishinga y'amashanyarazi. Komini rero zandikira iyo Ministeri ziyibwira imishinga zifite noneho Ministeri ikareba priorité, ikanareba niba hali amafranga yo kubikora. Iyo igihe cyo gushyiraho insinga kigeze, Ministeri y'Imilimo ya Leta n'Ibikoresho niyo ibikulikirana kugeza igihe byuzuliye ikabiha ELECTROGAZ.

## 4. ISENYWA RYA BORNES GEODESIQUES.

Bornes Géodésiques ni iki? Zimaliye iki igihugu cyacu.
Ibyo nibyo ngiye kubasobanulira, kugirango namwe mushobore kuzabigeza ku baturage mutegeka mu makomini mushinzwe.

Mwese mwabonye ko ku mpinga z'imisozi miremire imwe n'imwe bahubatse ibintu bimeze nk'uruhiza rw'ikigega, (pyramide) bikaba byubakiye hejuru ya beto ishinze hasi nko muli metero imwe ugana mu butaka.
Urwo ruhiza barwambika imyenda yera y'americani, kugirango impuguke zishoboro kurupimiraho zifashishije ibyuma bihambaye bita "<u>théodolites</u>". Ibyo byuma rero bipima infuruka (angle) na distance hanyuma bagashobora gushushanya amakarita y'uturere cyangwa se y'Igihugu bifashije ibyo bimenyetso bashyize ku misozi.

Abantu benshi rero mu Rwanda, bita ibyo bimenyetso:
ibigega by'inzara cyangwa "isheryeli" (signal) "ibisima", aliko twebwe tugasanga ayo mazina yose adasobanura neza akamaro k'ibyo bintu. Mu bikulikira rero, ibyo bintu turabyita "ibimenyetso by'ubumenyi bw'isi".
Ibyo bimenyetso byashyizweho rero kera nko muli 1958, bishyirwaho n'Ababiligi kuko u Rwanda icyo gihe nta mpuguke mu buhanga bwo gukora amakarita rwali rwakagira. Ahantu hamwe na hamwe, aho kugira ngo bahashyire za beto, bagiye bahataba ibitoryi (douilles) bacukuliye ku rutare. Abantu rero biha kuvuga ngo ibyo bimenyetso bilimo amasasu, abandi ngo bilimo ubukire: nka merikire, zahabu, n'ibindi. .../...

Aliko mu byukuli nta kintu cy'agakiza kili muli ibyo bimenyetso, usibye ko byafashaga service zibishinzwe gukora amakarita cyangwa pula z'imigi. Kuva muli 1974 kugeza ubu, abantu rero bihaye kwonona ibyo "bimenyetso" byali birenze magana ane, barabirandura hose, barabimenagura bashaka ubukire, nyamara nta muntu n'umwe wigeze abona mo ubukire. Mbese uwaba atunze ibya mirenge, ya jya guhisha umutungo we mu mpinga z'imisozi? Ibyo murumva ko ali impuha zakwijwe mu baturage n'abantu badashaka ko u Rwanda rwacu rutera imbere. Abo bagizi ba nabi rero bagomba guhanwa, igihe bafashwe bangiza ibyo bimenyetso.

Amakarita amaliye iki igihugu? Amakarita afitiye akamaro kanini igihugu, kuko impuguke mu bya planification, mubyerekeye imihanda n'ibindi bifashisha amakarita. Fata nka za projet OVAPAM, B.G.M. izo projets zose zifashishije amakarita kugirango bashobore gutunganya uturere twa Mutara na Bugesera, murumva ko nka za organismes zidufasha guteza igihugu cyacu mu majyambere zitagera hose mu Rwanda, zimenya rero u Rwanda, cyangwa uturere tw'u Rwanda zishaka guteza imbere zikoresheje amakarita. Mbere y'uko hagira umugambi ufatwa, izo mpuguke zibanza kubyigira ku makarita zikareba aho imihanda izaca, aho bazubaka ibiro n'amazu, aho bazubaka za S/Prefegitura, aho bacisha umuliro w'amashanyarazi n'ibindi byinshi cyane byateza Komini imbere, ibyo rero byigirwa mu biro, babigira bifashishije ikarita. Ikarita rero idufitiye akamaro kanini kuko idufasha kumenya uturere, cyangwa se ibihugu tutigeze tubona.

Maze rero nkaba nabasabaga ko, mwakumvisha ba Conseiller, na ba Chef de Cellule ko ibyo bimenyetso bikwiye kubahilizwa, bakabilinda abagizi ba nabi. Mukajya muduha na za raporo kuli ibyo bimenyetso mukatumenyesha niba bikiliho cyangwa se byaralimbutse.

## 5. IBY'UMUSHINGA WA NYIRAMUGENGERI.

Nyiramugengeli ni ibisindu bikomoka ku biti no ku byatsi biba byaraboreye cyane cyane mu bishanga. Ibyo bisindu bikaba bishobora gucanwa bigatanga ubushyuhe bwinshi.

Abegereye ibishanga bilimo Nyiramugengeli mwarabyiboneye. Iyo abantu bibeshye bagacana mo ibiyorero, cyangwa se bagatamo igishilira, iyo imaze gufatwa kuzimya uwo muliro birabagora kenshi ndetse ntibabishobore, umuliro ukaba wamara nk'amezi atandatu waka.

* Aho Nyiramugengeli ili, usanga ijya kumera nk'ibyondo, harameze kenshi na kenshi urufunzo, umwenya cyangwa urukerakenja, urukembagufa, limwe na limwe hakaba n'urukangaga kandi ugasanga hatigita.

Mu Rwanda, Nyiramugengeli yatangiye gucukurwa muli GISHOMA i Cyangugu, bakayijyana muli "izine" ikora isima i KATANA muli ZAIRE. Nyuma hakulikiyeho igishanga cya KIGUHU mu Ruhengeri. Nyiramugengeli bakuramo niyo bacana bumisha ibireti (Pyrèthre) nko mu Kinigi, i Nkumba n'ahandi.

.../...

Umushinga-bwite wa Nyiramugengeli watangiye mu mwaka ushize aho tumaliye kubona ko amashyamba agenda akendera, ikibazo cy'inkwi n'amakara kikaba cyaratangiye gutera inkeke, cyane cyane mu mijyi minini nka KIGALI na BUTARE. Si aho gusa izakora, ndetse na bamwe babumba amatafali bashobora kuyicana, na wa mushinga uzakora isima y'amakoro niyo uzacana. Ubwo Leta ntiyabyihoreye, yahise ishaka ibihugu by'inshuti n'imilyango mpuza-mahanga byazobereye mu gukoresha Nyiramugengeli.

Umulyango PNUD hamwe n'igihugu Irlande byemeye kuduha imfashanyo. PNUD yaduhaye abatekinisiye bafatanyije n'impuguke z'abanyarwanda kwiga ibishanga bimwe na bimwe bilimo Nyiramugengeli. Irlande yo ikaba yaraduhaye ibikoresho n'abahanga mu byo gucukura ubwo bukungu.

Ubu batangiliye mu gishanga cy'i Busoro muli Komini MUYIRA. Niho bashakashaka uburyo bunogeye bwo gucukura neza, ubwo buryo bukazakwizwa no mu bindi bishanga.

Nyiramugengeli aliko ntabwo icanwa gusa; ishobora no kudufasha gufata ubutaka bwacu neza bityo bigatuma twongera umusaruro. Koko rero nko mu isambu mbi, ushobora gushyiramo nyiramugengeli cyangwa imizi y'inkorogoto, icyo gihe iyo imvura iguye isi ishobora gusoma, ibihingwa bikabona ibibitunga.

** Nkaba rero nsaba ababa bazi ibishanga bilimo Nyiramugengeli kuzabitumenyesha, tukazabyiga ku buryo buhagije bityo tukazabigisha n'uko mwayikoresha.

Iby'uwo mushinga sinabirangiza ntabasabye kujya-mwihanangiliza abatwika n'abacana mu bishanga bilimo nyiramugengeli bitwaza ko batongora.

IBIBAZO N'IBISUBIZO.

Q.1. Nka Komini zituye ku mupaka, abanyamahanga bo mu bihugu bidukikije baratu-rengerera bakadutwalira ubutaka nubwo hali za bornes frontières na bornes de direction barazilimbura.
Urugero ni nko muli Komini MUVUMBA.

R.1. Twebwe icyo twakora ni ugusubizaho izo bornes gusa naho ibindi bibazo hali komisiyo igizwe n'abanyarwanda n'indi igizwe n'abaganda zigomba kuziga neza icyo kibazo cy'imipaka.
Iy'Abanyarwanda yo yarakozwe iliho.

Q.2. Bornes géodésiques mwashyize mu misozi hose mwali mugamije iki mukuzishyiraho bakazirandura uko bishakiye?

R.2. Tulibaza natwe uko bizagenda kuko n'aho dushyira ibishya barakomeza kubirandu-ra. Si bornes zonyine rero n'amaliba barayangiza ngo halimo ubukire. Mugomba rero kubumvisha ko alibo bihombya kuko ibyo byose bangiza biva mu misoro. Abafashwe mugomba kubashyikiliza Ubucamanza kuko abo bahombya umutungo wa Leta.

Q.3. Muli Komini KAYOVE haba harabonetse utuvungukira twa zahabu aliko MIRENAMICA yarabisuzuguye kuko itaje kubisuzuma. Ubu abaturage ni bayicukulira tuzabi-genza dute?

R.3. Icyo kibazo tuzagikulikirana aliko kandi habonetse nk'akavungukira gato tuga-sanga kugacukura byaduhenda kurusha tukihoreye kagakura duhitamo kubireka.

Q.4. Hali igishanga Ministeri y'Umutungo Kamere Mini na Kariyeri yaje gupima muli Komini KIBALI, isiga ihashyize za piquets na poteaux abaturage nijoro bacukuye bahabona zahabu. Ubu rero ibishanga babimaze babicukura kandi n'aho izo bornes zili hose niyo mpamvu bazilimbura.

R.4. Aho hantu hali zahabu koko aliko gukingura mine ntibyoroshye. Ibyo byatumye tuba tubiretse gusa mwebwe abategetsi ba Komini mugomba gukoresha amarondo ahegereye ibyo bishanga mugafata ali abagulisha iyo zahabu ali n'abayigura.

Q.5. Ahali amarobine hamwe ELECTROGAZ ilihisha abaturage ahandi bakavomera ubusa, ibyo mubivugaho iki?

R.5. ELECTROGAZ ubusanzwe igomba kwaka amafranga ku batuye mu mijyi gusa.
Icyakora amaherezo n'ahandi hose hali robinets tuzajya tubaka amafranga bitewe n'uko ayo marobine abaturage bayangiza uko bishakiye, amafranga yo kuyasana akaba menshi. Ayo tuzajya tubaka rero niyo azajya abisana.

.../...

Q.6. Muli projets zimwe na zimwe dukenera amakarita, kuko tuyabura tulifuza ko mwayadukorera kandi turabasaba kudufasha mu mishinga iturenze mukatwohereza abatekinisiye.

R.6. Ibyifuzo byawe turabyanditse, aliko ibyo alibyo byose nuwahura n'ingorane yatwandikira ku giti cya Komini ubwayo ndetse byashoboka tukamufasha no gushaka imfashanyo mu mahanga. Nko ku byerekeye imishinga y'amazi yo mukwiye kujya mwubaka amazu muyegereje aho hali amazi.

Q.7. Hali projets za F.E.D. zikwiza amazi aho ataba aliko akanyura muli Komini ntibaheho abaturage. Ibyo bikunda kuboneka mu makomini aba alimo ayo masoko bo bakagira amazi mabi abatuye kure binywera ameza.
Urugero ni nka Komini MUGUSA yandikiye représentant wa A.I.D.R. ntiyayisubiza.

R. 7. Iyo baruwa wanditse uzayifate uyitwohereze tugerageze kubwira abafite iyo mishinga basige points d'eau aho bazajya banyura.

Q.8. Abacukura amabuye, umucanga, kubumba amatafali, bagira Registre y'Ubucuruzi cyangwa se permis gusa?

R. 8. Niba abo baturage bashaka gucuruza, bagomba kugira registre y'ubucuruzi (mu gihe bacukura kugirango bacuruze).

Q.9. Taxes twaka abacuruza amatafali cyangwa ibumba turasaba ko mwayongera bikaba 1.500 FRW.
Ali abacukura mu isambu yabo n'abacukura mu isambu ya Komini ni kimwe?

R.9. Ibyo byo kwongera bizigwa turebe inyungu babona aliko ntibyoroshye kuko nabo wenda bakwongera igiciro.

- Ali uwo Komini ihaye ali n'ucukura mu isambu ye bose ni kimwe kuko ubutaka bwose ali ubwa Leta.

## IV. URUHARE RWA OPROVIA MU MAYAMBERE YO MU CYARO.

IBIKUBIYEMO.

1. Intangiliro
2. OPROVIA ni iki?
   a) Amavu n'amavuko yayo
   b) Ubutumwa ishinzwe
3. Akamaro OPROVIA ifitiye abatura-Rwanda
4. Uko OPROVIA ishobora gufatanya n'ubutegetsi bwa Komini mu gutsura amajyambere mu cyaro
5. Ibibazo OPROVIA ihura nabyo muli iki gihe
6. ibikorwa OPROVIA iteganya kugeraho mu gihe kili imbere
7. Umusozo n'ibyifuzo
8. Umwanya w'ibibazo n'ibisubizo.

Conférencier: Militant Lieutenant-Colonel NTIBITURA Bonaventure,
Directeur Général de l'OPROVIA.

1. INTANGILIRO:

Ba Militants Bourgmestres, mbere yo kubagezaho ibitekerezo nabateguliye, mbanje kubaramutsa, nifatanya n'abandi kubifuliza ukwihugura kwiza, muli iyi minsi mugomba kumara hano i Byumba

Mulibuka ko muli 78, kuva taliki ya 21 kugeza kuli 27 Gicurasi habaye ukwihugura nk'ubu. Ijambo navugiye aho lyali ligamije kubumvisha imibereho ya OPROVIA mu Rwanda.

Nababwiye: -OPROVIA icyo alicyo
-Uko iteye n'Ubutegetsi bwayo
-Ubutumwa yashinzwe n'uko iburangiza
-Ukuntu OPROVIA iharanira amajyambere ifatanya n'abandi
-Icyo iteze kuli ba Burgumestri ba Republika ya kabili.

Mwakomeje kandi kumenya OPROVIA n'imibereho yayo mwumva ibiganiro biyerekeyeho bihita kenshi kuli Radio Rwanda. Muli ibyo biganiro kandi OPROVIA ijya ibagezaho ubumenyi bushya bushobora gufasha Abatura-Rwanda guharanira ibikorwa bya kijyambere.

Muli aka kanya mbonye ko kongera kuganira namwe, ndashaka kubabwira ibyerekeye "Uruhare rwa OPROVIA mu majyambere yo mu cyaro".
Ndabanza mbibutse OPROVIA icyo alicyo, amavu n'amavuko, n'ubutumwa ishinzwe.
Abanyarwanda benshi batuye mu cyaro, bakaba batunzwe ahanini n'ubuhinzi n'ubworozi.

Kuli iyo ngingo, ndababwira akamaro OPROVIA ibafitiye:

- Hali ukubafasha kurwanya inzara n'ihindagulika ry'ibiciro. OPROVIA kandi ishyigikiye imishinga ya kijyambere Leta ikorera mu cyaro.

Kubera ko mushinzwe gushaka icyatuma Komini zanyu zitera imbere mu majyambere, turarebera hamwe uko mwafatanya na OPROVIA muli uwo mulimo w'imena.

OPROVIA ili hafi kumara imyaka itanu kuva aho yatangiliye gukora. Nicyo gituma igifite ibibazo ihura nabyo, inzira ikaba ali ndende kugira ngo igere kuli byinshi yifuza.

Ibikorwa OPROVIA igamije kugeraho mu gihe kili imbere ni byinshi. Igomba gutera imbere kugirango irusheho kugilira akamaro Abatura-Rwanda. Nabyo ndaza kubibabwira.

Nimara gusoza iki kiganiro, turaza kungurana ibitekerezo nsubiza ibibazo muza kumpa.

2. <u>OPROVIA NI IKI?</u>

OPROVIA ni ikigo cya Leta gishinzwe guteza imbere ukwiyongera n'ubucuruzi bw'ibihingwa ngandura-rugo n'ibikomoka ku matungo.

2.1. <u>AMAVU N'AMAVUKO YA OPROVIA.</u>

Mwese muzi ko, Abanyarwanda hafi ya bose batunzwe n'ubuhinzi n'ubworozi. Ibyo byatumye Leta y'u Rwanda, cyane cyane aho Republika ya kabili itangiliye, iha umwanya ukomeye ibikorwa bigamije guteza imbere ubuhinzi n'ubworozi. Ali mu byerekeye kwongera umusaruro, ali mu bucuruzi bw'ibilibwa, hagombaga kubaho ikigo kibishinzwe, kugira ngo Ministeri y'Ubuhinzi n'Ubworozi ishobore kurangiza neza amatwara mashya yahawe.

Izo mpamvu, n'izindi zishingiye ku mibereho myiza y'Abatura-Rwanda, zatumye OPROVIA ishingwa, byandikwa mw'itegeko-teka n° 24/75 lyo kuwa 2 Nyakanga 1975.

2.2. <u>UBUTUMWA OPROVIA ISHINZWE.</u>

Ubutumwa bw'ingenzi OPROVIA ishinzwe bukubiye mu ngingo y'itegeko-teka ryayishyizeho.

Aliko muli iyi myaka ya mbere, Leta y'u Rwanda yashatse ko OPROVIA yibanda ku bintu bibili:

a) Gucuruza ibilibwa ngandura-rugo n'ibikomoka ku matungo;

b) Gufasha Leta gukoresha no gukwiza mu gihugu imfashanyo z'ibilibwa ziva mu mahanga.

Sinilibwe mbanobanulira icyo ibihingwa ngandura-rugo icyo alicyo kuko nkeka ko mubizi. Byavuzwe kenshi mu biganiro OPROVIA igirana namwe ibinyujije kuli Radio Rwanda.

Gusa icyo mugomba gusobanukirwaho, ni uko kugeza ubu ibilibwa ngandura-rugo byose ndetse n'ibikomoka ku matungo uko byakabaye, OPROVIA itarabona uburyo bwo kubiteza imbere. Kuva igitangira, OPROVIA yakoze mu byerekeye ibihingwa ngandura-rugo icuruza bimwe na bimwe, umubare wabyo ali mu bwinshi ali no mu bwoko ukaba waragiye wiyongera kugeza ubu.

.../...

Muli Kamena 1976 niho ibikomoka mu matungo byatangiye kugeragezwa, igihe ibagiro ly'i Kigali lishingwa OPROVIA. Uwo mushinga w'ibagiro lya kijyambere watangiye muw'1964, ubu tukaba dukora uko dushoboye kugirango wuzure.

Zimwe mu ngorane zikomeye zatumye OPROVIA icumbagira igishyirwaho zili ugutatu:

1° Ikibazo cy'imali cyagombaga kujyana n'ubukene u Rwanda rufite;

2° Kubura abakozi babishoboye kandi bahagije;

3° No kutagira amazu agaragara yo gukoreramo n'ibikoresho bihagije.

Aliko ibyo ntibyaciye intege ubutegetsi. Bwakomeje gushaka buhoro buhoro, uburyo icyo kigo cyatera imbere, ngo kigere ku ntego zacyo. Kuva muli Mutarama 1977, havuguruwe byinshi, ali mu bakozi ali mu bikoresho, n'imitunganyilize y'imilimo.

3. AKAMARO OPROVIA IFITIYE ABATURA-RWANDA.

3.1. GUFATANYA NABO KURWANYA INZARA.

Inzara cyangwa amapfa ni kimwe mu byago bibabaza cyane imbaga nyamwinshi. Kubera umusaruro uhindagulika igihe cyose, kubona ibilibwa bihagije bihora ali ikibazo.

Bitewe n'uko ubutaka bwacu bugabanyuka aliko twe tukaba twiyongera, twahinga ntitweze iteka uko tubyifuza bivuye ku mpamvu nyinshi muzi, ni ngombwa guteganyiliza iminsi mibi.

Muti ese OPROVIA twafatanya dute mu kurwanya inzara?

1° OPROVIA ishyigikiye byimazeyo kwongera umusaruro. Hali za koperative zimwe na zimwe OPROVIA yagiye kandi ikomeza gufasha. Izo koperative ni iz'abahinzi b'imyaka ngandura-rugo icuruzwa k'ubulyo bworoshye nk'ibirayi n'ubunyobwa. Amakomini amwe n'amwe yashoboye kwifatanya na OPROVIA gutera inkunga bene izo koperative

Ingero zatangwa ni:

COCOBIMU mu Ruhengeri, COPISHYAKA y'i Kibungo.

Abahinzi b'umuceli nabo OPROVIA ibafasha ibagulira umuceli neza.

Ubuhinzi bugomba kuvugururwa kuli byinshi. Muli byo hali ukubufatanya n'ubworozi kandi bigakorwa kijyambere. Nicyo gituma habonetse koperative z'abahinzi-borozi byarushaho kuba byiza. Aha ngaha, mwebwe ba Burgumestri, mufitemo uruhare runini rwo gufasha Leta byimazeyo guteza imbere bene izo koperative. Ntabwo abakorera i Kigali alibo bagomba kubarusha kumenya no kwita ku bibazo bili mu cyaro.

Mwibuke ko Umukuru w'Igihugu ahora abumvisha ko amajyambere nyakuli ali atangiliye muli za Komini. Birababaza rero kubona koperative nyinshi zivuka, hashira igihe gito, ntihagire n'umenya ko zigeze no kubaho.

.../...

Ibyo biterwa ahanini:

a) N'ubusambo butuma umutungo muke zitangirana usahurwa
b) Imikorere mibi y'abazitegeka
c) Ubuke n'ububi bw'ubutaka
d) No kubura umutima wo gukorera hamwe buli wese ashaka kubanyamwigendaho.

Nyamara iyo koperative y'abahinzi-borozi yifashe neza, inyungu ibona ni nyinshi:

- hali ukubona ibibatunga bihagije
- kwikenura no gukora ubucuruzi bugaragara
- gufashwa k'ubulyo bworoshye.

2° IHUNIKA LY'IBILIBWA.

OPROVIA yifatanya n'Abatura-Rwanda mw'ihunika ly'ibilibwa. Ntawashidikanya ko guhunika ibilibwa ali uburyo bwo kurwanya inzara kuko ali ugutegányiliza iminsi mibi.
Ali umushinga w'ibigega by'u Rwanda (GRENARWA), ndetse na Ministeri y'Imizamukire y'Abaturage na za Koperative, byose bifatanya na OPROVIA mu gushaka uburyo bwiza bwo guhunika ibilibwa ngandura-rugo by'ifatizo.

Amwe mu ma Komini y'u Rwanda yagezwemo n'ibigega by'imyaka ngandura-rugo. Icyo nabasaba, mwe mushinzwe cyane cyane abatuye mu cyaro, ni ukujijurwa mu buhanga bwo guhunika kijyambere, mukiyumvisha akamaro kabyo, kandi mukabikundisha abo mushinzwe. OPROVIA yifatanyije n'abandi babihagurukiye kubafasha gutera imbere muli bene ubwo bumenyi bushya.

3° ICURUZA LY'IBILIBWA.

Duhinze gusa ibyo dushobora kurya ntiduhunike, kandi dusagulira amasoko, icuruza ly'ibilibwa lyadindira.
Dushoboye kubona ibilibwa by'ubwoko bwinshi kandi mu masoko yose y'Igihugu, ubukungu bwakiyongera.

Mugihe umusaruro utubanye muke, twagobokwa n'ibiva mu mahanga. Aliko ngo akimuhana kaza imvura ihise. OPROVIA lero kugeza ubu yihatiye ubucuruzi bw'ibilibwa ngandura-rugo, ikaba inateganya n'ibiva ku mutungo.

Na none mulibaza muti ese OPROVIA izahera i Kigali n'i Butare gusa?
Oya! Buhoro buhoro izegera imbaga nyamwinshi. Niyo byatinda kubera ubushobozi buke igifite, ntibizahera. Amasoko ali mu cyaro ni menshi. Kuyashyikira bizafata igihe kinini. Uburyo mbona OPROVIA izafasha za Komini, mu gihe itarageza amashami yayo hose, ni ugutuma zihahirana, igeza ku mangazini amwe namwe cyangwa mu masoko, ibilibwa bitahaboneka.
Igihe imihanda izaba imeze neza, OPROVIA izakoresha imodoka zayo.

.../...

3.2. KURWANYA IHINDAGULIKA LIKABIJE LY'IBICIRO BY'IBILIBWA.

Zimwe mu mpamvu zituma ibiciro bihindagulika ni izi:

a) Imyifatire y'ubukungu kw'isi;
b) Ugukenerwa kw'ibigurwa;
c) Gushaka kunguka bikabije by'abacuruzi;
d) Ubugenzuzi budahagije bw'ibiciro.

Kubyereye imyifatire y'ubukungu kw'isi, muzi ko muli iki gihe ibihugu byose bihangayikishijwe n'uguta agaciro k'amafranga, ibiciro bya Petroli n'ibindi bituma ibigurwa byose birushaho guhenda.
Byongeye kandi ibihugu byakataje mu majyambere, nibyo byihaliye umutungo munini wo kw'isi. Ibihugu bikennye bishaka kubona kuli uwo mutungo aliko bikagira ingorane z'ubwishyu; bigatuma bihora mu myenda ali nako imfashanyo bibona ali nkeya.
Ibyo dukenera kugira ngo tubeho cyangwa imilimo y'ifatizo ikorwe tugomba gukora uko dushoboye tukabibona n'ubwo byaduhenda. Nyili ukugira ibyo bintu yishyiliraho igiciro ashatse. Ngo ntawe uburana n'umuhamba.

Hali ikibazo cyo gukenerwa kw'ibigurwa. Ibintu byose ntibikenerwa kimwe. Hali ibyo dukenera tudashobora kwibuza mu buzima bwacu bya buli munsi.

Ingero natanga ni:

- Nk'ibilibwa, imyambaro, ibikoresho by'ubwubatsi, peteroli, ali icanwa cyangwa ibyara ingufu za moteli n'ibindi ...

Bene ibyo bintu bikunda gukenerwa cyane nibyo bigira ibiciro bihindagulika iteka.

Mu bacuruzi, halimo abashaka kunguka by'agakabyo.
Ubundi mu mategeko ya Leta inyungu ivuye mu bucuruzi ntigomba kurenga 25 kw'ijana kudandaza na 15 kw'ijana kuranguza.
Aliko ibyo abacuruzi bamwe na bamwe ntibabikozwa, bishingikiliza ko ibyo bacuruza biba byarabahenze mu gihe cyo kubizana mu mangazini. Abacuruza muli ubwo bulyo, bunguka by'agakabyo, ntaho bataniye n'abajura. Aho kugira ngo ubucuruzi bwabo buteze imbere abaturage, burushaho kubakenesha.

Ihindagulika likabije ly'ibiciro lishobora guterwa no kutagenzura byimazeyo ubucuruzi n'ibiciro.
Ministeri ibishinzwe, ali yo y'Ubukungu n'Ubucuruzi, iracyafite abakozi bakeya cyane. Igenzura ly'ibiciro lyarushaho gutungana abatura-Rwanda bose bagobotse iyo Ministeri. Mwebwe ba Burgumestri mufitemo uruhare runini. Kugenzura uko ubucuruzi bwifashe muli za Komini zanyu ni ngombwa, kugira ngo mufashe abaturage kudahendwa cyane kubyo bakenera byose.

OPROVIA se yo, irwanya ite ihindagulika likabije ly'ibiciro?
Kubyo icuruza, ubu bikaba byose ali ibilibwa ngandura-rugo, ikora uko ishoboye ikabitanga ku biciro byemerwa na Leta. Nta nyungu ikabije ivana mu bucuruzi bwayo, kuko ibereyeho kurengera abayihahamo.

.../...

Mu magambo make, ubulyo bwiza bwo kurwanya ihindagulika ly'ibiciro by'ibilibwa, kuli OPROVIA ibicuruza, ni:

- kubicuruza ali byinshi kandi hose;
- guhamisha hamwe ibiciro, ntibihinduke nta mpamvu igaragara;
- gukorana cyane n'imilyango n'abacuruzi binyanga-mugayo.

Kugeza ubu ntabwo OPROVIA icuruza byinshi kuko itabyivanira mu mahanga. Icyo ni ikibazo cyitaweho kimwe n'icyo gukwira mu Rwanda hose.

## 3.3. GUSHYIGIKIRA IMISHINGA YA KIJYAMBERE LETA IKORERA MU CYARO.

Hali imishinga ya kijyambere myinshi Leta ikorera mu cyaro. Muliyo navuga:

- ubuhinzi bw'ingano muli za Prefegitura zeramo (GIKONGORO, KIBUYE, RUHENGERI, BYUMBA);
- umushinga w'ubuhinzi-bworozi wa Bugesera na Gisaka Migongo;
- iyubaka ly'ibigega by'ibilibwa;
- umushinga w'ubuhinzi bw'ibirayi.

Imwe muli iyo mishinga itezwa imbere n'imali iva mu mfashanyo z'ibilibwa OPROVIA igulishiliza Leta.

Aho nkaba mbibukije ko OPROVIA mu mpera z'umwaka w'i 1977 yashyikilije Leta amafranga 60.508.772 agenewe guteza imbere umushinga wo guhinga ingano. Hali andi mafranga OPROVIA yashyize muli Banki Nasiyonali avuye mu mfashanyo, akaba azashorwa mu mishinga yateganyijwe.

Kw'italiki ya kane y'ukwa kane mu w'i 1980, yali 79.218.776 FRW.

## 4. UKO OPROVIA ISHOBORA GUFATANYA N'UBUTEGETSI BWA KOMINI MU GUTSURA AMAJYAMBERE YO MU CYARO.

Amajyambere yo mu cyaro ashingiye ku bintu byinshi, aliko iby'ingenzi ni ibi:

- -ubuhinzi n'ubworozi
- -uburezi n'umuco
- -imitulire n'amacumbi
- -ubuvuzi
- -ubukolikoli n'inganda
- -imihanda n'amateme
- -ubucuruzi

Mu byo OPROVIA ishobora gufatanya n'ubutegetsi bwa Komini kubuteza imbere ni:

- ubuhinzi n'ubworozi bihereye ku milimo ishinzwe.

Nko mu byerekeye kwongera umusaruro, mbabwiye ko OPROVIA itera inkunga za koperative z'abahinzi-borozi.

…/…

Ikindi OPROVIA ishobora gufatanya n'ubutegetsi bwa za Komini mu byerekeye imimerere myiza y'abatuye mu cyaro niuguhahirana kw'uturere. OPROVIA izabikora mu rwego rw'ubucuruzi, ba Burgumestri bayifasha mu kwiga itunganya ly'amasoko, n'ibikunda gukenerwa mu turere bashinzwe. Igihe muli Komini iyi n'iyi hali umucuruzi w'inyanga-mugayo, wakodesha amakamyo ya OPROVIA ngo agezeyo ibilibwa bakeneye, byaba byiza ko ubutegetsi bwa Komini budufasha kumumenya.

Amajyambere ntashobora gucengera mu baturage niba abenshi muli bo ali injiji, cyangwa badashobora gusobanukirwa neza mu bumenyi bushya. Muzi ko OPROVIA ifatanya n'abandi bose babyiyemeje mu kujijura abatura-Rwanda. Mu biganiro bihita kuli Radio Rwanda, ntitwahora tubabwira gusa ibyo ducuruza cyangwa amakuru atagize icyo amaliye abayumva. Dukora uko dushoboye tukanabagezaho ibibungura mu bumenyi.

INGERO NATANGA NI NKO:

Kwigisha no gutoza abatura-Rwanda bose kubagana isuku. Ibyo nabibabwiye ubushize igihe nanone mwali muteraniye hano. Ndibaza niba mu ma Komini yanyu mubigenzura bihagije hamwe na ba Vetelineli mukorana. Nta kigoye, ndetse nta n'ubwenge bwinshi bigomba, gushinga ibiti bibili ugatambikaho icya gatatu, itungo libagwa likamanikwa inshuli. Amatungo magufi yose arabibereye. Inkoko n'inkwavu zabagirwa ku gatanda kubatswe. Birababaje rero kubona hamwe na hamwe muli za Komini zanyu bakibagira k'ubutaka bwambaye ubusa. Uretse umwanda ujya kuli izo nyama, hali udukoko tuba mw'itaka tuzijyaho no kuzoza bigatwara amazi menshi.

Abafite imishinga yo kubaka ibigega bya kijyambere, ni mukulikize inyigisho twabahaye. Ni mutwandikire musobanuze ibyo mutumva neza cyangwa ibindi mushaka kumenya. Tuzasubiza nta shiti. Kujya inama rero no kungurana ubumenyi ntako bisa kuko bituma ingorane zimwe na zimwe twahura nazo zigabanuka.

## 5. IBIBAZO OPROVIA IHURA NA BYO MULI IKI GIHE.

Ibibazo OPROVIA ihura nabyo muli iki gihe bili mu nzego ebyili.

1° Ikibazo cy'imali idahagije, icy'abakozi bazwiho ubushobozi n'icy'amazu n'ibikoresho bihagije.

2° Ibibazo by'umwihaliko bijyana n'ubucuruzi bw'ibilibwa.
Hali ibintu byinshi bigikenewe gukorwa kugira ngo ubucuruzi bw'ibilibwa butungane mu gihugu cyacu.

.../...

Icya mbere: Hali ukumenya neza umusaruro wa buli karere k'u Rwanda no kumenya umubare w'ibilibwa buli karere gashobora gukenera. Kugez'ubu ntabwo umusaruro w'igihugu uzwi neza. Aho ibilibwa bijya hose hagombye kumenyekana, ndetse bakamenya uko uturere duhahirana.

- Tuzi ko nk'igihe kinini cy'ibishyimbo n'amasaka byera mu BUGESERA no mu CYANYA bicuruzwa mu bice bya ruguru niby'epfo by'u Rwanda. Aliko ntituzi amatoni agenda uko angana.

- Ikibazo cya kabili mu bucuruzi bw'ibilibwa, n'ibyinjira cyangwa ibisohoka binyuze ku mipaka.
  Nk'ibishyimbo turya haba halimo ibiva muli ZAIRE cyangwa muli UGANDA.
  Hali n'ibiva mu Rwanda bikajya mu BURUNDI. Nk'amasaka mu mezi ashize mu Rwanda yarahendaga kuko hali ayajyaga mu BURUNDI kubera umusaruro mukeya wabayeyo.
  Ibyo bigatuma umuntu atamenya neza umubare w'ibilibwa byera mu Rwanda bili mu masoko yacu, kandi n'ibiciro ntibihame hamwe.

- Ikibazo cya gatatu mu bucuruzi bw'ibilibwa ni icyerekeye abacuruzi bashyiraho ibiciro bishakiye, bagahenda abahinzi, mu gihe cyo kubigurura bakunguka by'agakabyo. Igituma akenshi abahinzi bahendwa, ni uko habuze ukwibumbira hamwe muli za koperative, no kuba badatuye hamwe.

- Hali ingorane ziboneka ku turere tudafite imihanda myiza kandi ihagije. Abacuruzi bajya muli utwo turere n'utumodoka duto, bakagulira abaturage kugiciro gito cyane. Nka GRENARWA cyangwa OPROVIA ntibishobora gukoresha amakamyo yabyo kugira ngo bigere ku turere tudafite imihanda myiza iberanye n'imodoka nini.

- Hali n'ikibazo cy'imitulire y'Abanyarwanda, kuba batuye intatane. Iyaba bose bali batuliye imihanda, kubageraho byakoroha, kandi no gushyiraho ahantu bazajya bagulishiliza ibilibwa muli rusange byakoroha. Biragoye kugera mu turere tumwe na tumwe cyane cyane ahatagera imihanda.
  Kugira ngo kandi OPROVIA ibikore yonyine muli iki gihe biragoye kuko igifite ubushobozi buke.

## 6. IBIKORWA OPROVIA ITEGANYA KUGERAHO MULI IKI GIHE KILI IMBERE:

N'ubwo hali ingorane nyinshi OPROVIA igifite, igomba gukora uko ishoboye kugira ngo igere ku ntego n'imigambi yashinzwe n'ubutegetsi. Kugira ngo irusheho kugaragaza ibikorwa mu byerekeye ibilibwa ngandura-rugo n'ibikomoka ku matungo:

- OPROVIA izakomeza gushaka icyatuma umushinga w'ibigega by'u Rwanda (GRENARWA) winjiramo neza burundu.
- Amashami yayo azakwizwa buhoro mu gihugu hose.
- Umushinga w'ubuhinzi bworozi wa Bugesera na Gisaka Migongo uzakomeza kwitabwaho.

.../...

Ibikomoka ku matungo, cyane cyane inyama, bizava mu bworozi bw'amatungo manini OPROVIA ikorera muli uwo mushinga.

- Kubera kubura abakozi bazwiho ubushobozi, ibyo kubashaka bizakomeza byitabweho.
- Gutwara ibicuruzwa bigomba amamodoka abikwiliye kandi ahagije. Nicyo gituma OPROVIA igomba kuvugurura imodoka zayo, hakagurwa izindi nshya, zo kwongera kuzihali.
- Mu rwego rw'ubucuruzi, OPROVIA ishaka ubulyo yakwongera ibyo icuruza, haba mu bwinshi no mu bwoko bwabyo.

7. UMUSOZO N'IBYIFUZO.

Mbere yo gusubiza ibibazo muza kumbaza, nagira ngo mbanyulire muli make ibitekerezo by'ingenzi bikubiye mu magambo maze kubabwira.

1° OPROVIA ni ikigo cya Leta (Ofisi) cyashyizweho na Republika ya kabili (II), kikaba gishinzwe guteza imbere ukwiyongera n'ubucuruzi bw'ibilibwa ngandura-rugo n'ibikomoka ku matungo.

2° Ubutumwa OPROVIA yahawe ni bwinshi, nk'uko bivugwa mu nyandiko y'Itegeko-Teka lyayishyizeho. Aliko muli iki gihe cya hafi, Leta y'u Rwanda yashatse ko OPROVIA yibanda:

a) Mu gucuruza ibilibwa, byaba ingandura-rugo n'ibikomoka ku matungo.
b) Gukoresha no gukwiza mu gihugu imfashanyo z'ibilibwa u Rwanda ruhabwa n'amahanga.

3° OPROVIA ifitiye akamaro kanini abatura-Rwanda kubera uruhare runini ifite mu gutsura amajyambere yo mu cyaro ashingiye k'ubuhinzi n'ubworozi, ali mu byo kwongera umusaruro, ali mu bucuruzi bw'ibilibwa, no mwihunika lyabyo. Hali imishinga ya kijyambere ikorerwa mu cyaro. OPROVIA ibifashamo Leta ishaka ukuntu imali ishorwamo yaboneka bitagoye cyane.

4° Ubutegetsi bwa Komini bushobora gufatanya na OPROVIA muli byinshi, muli byo hakaba ibireba:
- ubuhinzi n'ubworozi
- kujijura Abaturage no kubatoza isuku y'ibilibwa
- ubucuruzi bw'imyaka ngandura-rugo n'ibikomoka ku matungo.

IBYIFUZO

- Kubera ko amajyambere yo mu cyaro n'umutungo w'Abatura-Rwanda bishingiye ahanini k'ubuhinzi n'ubworozi, ibigomba kubiteza imbere bigomba kwitabwaho byimazeyo.

.../...

- Ubutegetsi bwa Komini bugomba gushyigikira koperative z'abahinzi-borozi, bugakaza n'umurego mu gutoza abaturage kubagana isuku.
  Igenzura ly'amasoko, ubucuruzi n'ibiciro, bigomba kurushaho gutungana, ubutegetsi bwa Komini bugafasha Ministeri ibishinzwe kugenzura uturere twose tw'igihugu.

- Mu nzira yiyemeje yo kurushaho kugilira abatura-Rwanda akamaro, OPROVIA ishaka ko yajya yungurana inama n'ubutegetsi bwa za Komini, mu byo yiga kubyerekeye amasoko n'ibiciro igafatanya n'abashinzwe kuyobora abaturage bo mu cyaro.

- Uturere tudatuliye imihanda migali tugomba kwitabwaho kugira ngo na two dufashwe kurwanya inzara tubona ibilibwa bitagoye.

8. <u>UMWANYA W'IBIBAZO N'IBISUBIZO</u>.

Q.1. Nta ngurube, nta ntama bikibagirwa muli Cyangugu kandi twarasabye ibagiro mw'isoko lya Gisuma. Icyo gitekerezo cyacu cyaheze he?

R.1. Hali ahantu twubatse ikigega hafi y'aho noneho duhura n'ingorane zo kubihashyira byombi dusanga ko byaba kulyamira andi makomini aliko ubu icyo kibazo kili hafi no gutungana kandi nta électricité yali ihali kubera za frigos. Inyama zo zizagira abaguzi benshi. Uwo mushinga rero OPROVIA iwitayeho, ntabwo yawibagiwe.

Q.2. Nta kuntu Komini yahabwa umwanya wa mbere mu kugura ibintu muli OPROVIA cyane cyane iyo ali Koperative ya Komini? Urugero ni nka koperative ya Komini RUTARE ikora imigati aliko bakomeje kuyima ifarini kandi bakarenga bakayiha abacuruzi.

R.2. Uzohereze jera w'iyo koperative aliko umuhe n'urwandiko tuzayimuha. Ubusanzwe OPROVIA igamije gushyigikira abacuruzi, za koperative, n'ibigega byashyizweho na C.R.S. (Catholic Relief Service) kuko bakomeza gufasha abaturage. Si ngombwa ko twandika ku iduka liri muli Centre Commercial ngo OPROVIA; kuko OPROVIA ni ahantu hose dushobora gukorera ubucuruzi, cyangwa aho twatangira ibicuruzwa. Iyo ali ngombwa rero kandi ibintu biliho ntawe twakwima ibyo yifuza mu nzira zihuje n'amategeko yacu.

*

***

## V. DUSOBANUKIRWE NA SONARWA

Ubundi ntibyali kuba ngombwa ko twakwandika aka gatabo, iyo ba Militantes na ba Militants, ndetse n'abandi bakorana na SONARWA, baba basobanukiwe n'imikorere yayo. Koko rero, abenshi bazi ko SONARWA ikora gusa imilimo y'ubwishingire bw'amamodoka, abazi nabo andi mashami y'ubwishingire aboneka muli SONARWA, ugasanga batayasobanukiweho neza.

Mbere aliko y'uko tuganira mu magambo arambuye amashami y'ubwishingire dufite muli iki gihe, ndagira ngo mbanze mbibutse ko akamaro k'ubwishingire ali ukudufasha kwitega iminsi kugira ngo tuzabone ikiturwanaho niturumuka tuguweho n'icyago iki n'iki. Na none sinababwira ko ubwishingire ali urukingo cyangwa se ingabo umuntu yakwikingira kamere y'ibiliho. Icyo nahamya cyo, ni uko ali intwaro. Uwayitwaje imukura mu kangaratete. Muzi mwese ko iyi si dutuye imaze kugera ku majyambere y'agahebuzo, cyane cyane mu rwego rwa tekiniki. Uko ayo majyambere agenda yiyongera, niko havuka ibyonnyi bitubya umutungo w'abantu. Ibili amahire aliko, hali andi majyambere, nayo y'agatangaza, abantu bagezeho, agenewe kubateza imbere cyangwa se kubatera inkunga ngo umutungo wabo woye gutuba. Ayo majyambere ni "Assurance".

Abantu batuye mu bihugu byadutanze kugera ku majyambere, bo barayisunga, kuko bashima akamaro kayo. Bityo, umuntu utunze imodoka akayishyilisha muli assurance atagombye kubyibutswa n'abajandarume, kuko azi neza ko nimuteza ibyago, assurance ye izamugoboka, ikamwishyulira.
Ibyo byerekeye assurance y'amamodoka simbitindaho kuko nizeye ko abayatunze basobanukiwe n'iyo assurance, aliko ndagira ngo nibutse buli wese izi ngingo zikulikira uko ali eshanu.

Icya mbere ni uko buli wese utunze imodoka agomba kuyifatira nibura assurance contre-tiers, yayindi umuntu afata kugira ngo imodoka ye niyangiza ibintu by'abandi SONARWA izabimulihilire. Gufata bene ubwo bwishingire ni itegeko lyashyizweho na Republika ya Kabili, ikulikije akamaro ubwo bwishingire bufitiye buli wese.

Ingingo ya kabili ni uko mu gihe imodoka itagikora kubera ubusaze cyangwa se kwangilika bitewe n'impanuka, agomba gusubiza carte rose muli Ministeri y'Imali, akibuka no gusubiza SONARWA ka gakarita bita Certificat d'Assurances, maze akaba akiranutse na Ministeri y'Imali ndetse na SONARWA.

Ingingo ya gatatu ni uko Assurance y'imodoka irengera nyirayo gusa mu gihe akoreye agisida mu RWANDA. Imana rero ni uko mu gihe ugiye kuyijyana mu mahanga wayifatira icyo bita "extension de l'Assurance" maze SONARWA ikazakulihilira ibintu imodoka yawe yakwangiza mu mahanga.

.../...

Ingingo ya kane ni ukumenya icyo buli assurance ivuga ndetse n'akamaro kayo. Ukamenya ko ya assurance bita "contre-tiers" ibereyeho kuliha ibintu by'abandi imodoka yawe yakwangiza, ko rero iramutse iguye ikononekara ntacyo SONARWA yagutabaraho. Ukamenya ko iyo wifuza ko SONARWA izagukoreshereza imodoka yawe niyangilika bitewe n'impanuka ugomba kuyifatira Assurance bita "Omnium".

Ingingo ya gatanu ni uko iyo modoka yagize impanuka SONARWA igomba kubimenyeshwa hatarashira iminsi itanu. Tukamenya kandi ko mu gihe imodoka yononekaye kubera impanuka udashobora kuyikoresha SONARWA itarabiguhera uruhushya. Ibyo rero byali ibireba amamodoka.

Ngarutse rero ku byerekeye akamaro ka Assurance, muli bya bihugu nababwiye ko byateye imbere, amazu yabo nayo bayashyilisha muli Assurance kuko bazi neza ko ashobora gusenyuka n'ubwo yaba yubatswe yitondewe n'abahanga. Muzi mwese ko inzu ishobora gusenyuka bitewe n'amashanyarazi, umuyaga, inkuba, umushyitsi cyangwa se amahindure. Kugira ngo mbamare ipfa nagira ngo mbabwire ko ibiciro by'ubu bwishingire biterwa n'ingingo enye alizo z'izi :

Icya mbere ni ikiguzi cy'inzu ishinganwa, maze inzu ifite agaciro kanini igatangirwa menshi kuko natwe twaliha menshi iyo nzu iramutse ihiye.

Ikindi tureba ni icyo iyo nzu ishinganwa bayikoreramo. Urugero nabaha ni uko nk'inzu ikorerwamo imyenda cyangwa se ibikwamo impapuro byoroshye ko yashya kurusha inzu ibikwamo imifuko ya sima.

Ikindi tureba ni aho inzu yubatswe. Ibyo ni ngombwa kuko nk'inzu yubatswe mu mpinga y'umusozi gutwarwa n'umuyaga biroroshye kurusha inzu yubatse mu gisiza.

Ikindi nacyo cy'ingenzi ni ibikoresho inzu yubatsweno. Ibyo nabyo ni ngombwa kubireba kuko nk'inzu yubakishijwe ibiti gushya kwayo, gutwarwa n'umuyaga biroroshye kurusha inzu yubakishije za bloc-ciment.

Ikindi nagira ngo nongere kuli ibyo byerekeye assurance y'amazu, ni uko tudatoranya ubwoko ubu n'ubu bw'amazu ashinganwa. Buli wese rero ubishatse ashobora gushyilisha inzu ye muli Assurance.

Ubwo tulimo tuvuga ibyerekeye amazu, nagira ngo mbabwire ko habaho n'ubwishingire bita "Assurance-vol", umuntu afata kugira ngo ibintu bili mu nzu ye nibyibwa SONARWA izabimulihe. Igiciro cy'ubwo bwishingire rero kikaba gishingiye ku ngingo enye zikulikira :

Icya mbere ni ubwoko bw'ibintu bishinganwa, maze ibintu byoroshye kwibwa bikalihirwa menshi. Urugero nabaha ni uko nko kwiba amasaha byoroshye kurusha kwiba imifuko ya sima. Nta gitangaza rero ko ushingana amasaha yaliha menshi kurusha ushingana sima.

.../...

Ikindi tureba ni igiciro cy'ibyo bintu bishinganwa, maze ibintu bifite agaciro kanini bigatangwaho menshi kuko natwe twatanga menshi biramutse byibwe.

Ikindi tureba ni uko inzu ibyo bintu bilimo yubatse. Ibyo kandi birumvikana kuko inzu yoroshye kubomora, abanyoni barayihata, cyane cyane iyo halimo ibintu by'agaciro.

Ikindi tureba ni aho iyo nzu ilimo ibintu yubatse. Ibyo tugomba kubireba nabyo kuko nk'inzu yubatse yonyine ku gasozi kuyiba biroroshye kurusha inzu ili mu rusisiro.

Ubundi bwishingire dufite muli iki gihe ni ubwitwa "Responsabilité civile familiale", bugafatwa n'umuntu uwo aliwe wese kugira ngo ibintu byose abana be bakwangiliza abandi SONARWA izabilihe. Muzi mwese ko baca umugani ngo "ibuguma yona izilitse". Umwana wawe ashobora gukina na mugenzi we akamukomeretsa cyangwa se akamwica. Umwana wawe ashobora kwica itungo ly'umuturanyi cyangwa se akamutwikira inzu. Itungo lyawe lishobora kwangiza ibintu by'abandi cyangwa se ligateza impanuka. Mul'icyo gihe rero ugomba kuliha abangilijwe ibintu. Nyamara iyo wafashe ubwishingire bita "Responsabilité Civile Familiale", SONARWA iragutabara ikakulihilira. Icyo nagira ngo nongereho ni uko iyi assurance itangirwa amafaranga 1.000 gusa ku mwaka.

Ubundi bwishingire dufite muli SONARWA ni ubwerekeye indege, bita mu gifransa "Tous Risques Aviation", abatunze indege bafata kugira ngo izo ndege nizigira agisida SONARWA izalihe:

- Abagenzi bazaba bali muli iyo ndege bakicwa n'agisida
- Ibintu cyangwa se abantu indege izangiza nigwa k'ubutaka
- Imitwaro y'abagenzi bazaba bagenda muli iyo ndege
- Imitwaro iposita izaba yatumye iyo ndege
- Abadereva b'indege baramutse bapfuye kubera agisida y'indege
- Amafaranga yo gushyingura abazicwa n'iyo agisida.

Ubundi bwishingire dufite ni ubw'abantu bakunda guhiga. Bishyilisha mu bwishingire bita "Responsabilité Civile Chasse" kugira ngo nko mu gihe baba bahigana imbunda urusasu rukabacika rukagira ibintu by'abandi rwangiza cyangwa se abantu rwica cyangwa rukomeretsa, SONARWA izabalihire.

Abantu nabo bafite amagaraji, amahoteli, ahagulishilizwa lisansi cyangwa se aho berekanira za sinema, ahamulikirwa ibintu, bishyilisha mu bwishingire bita "Responsabilité Civile Exploitation" kugira ngo SONARWA izabagoboke nihagira impanuka ibera aho bakorera.

.../...

Ubundi bwishingire ni uburcba cyane cyane abafite imali nyinshi. Iyo bibutse ko iyo mali ishobora kwibirwa imuhira cyangwa se mu mayira bagiye kuyibitsa cyangwa se bavuye kuyibikuza, bafata assurance bita "Séjour et transport de Fonds" kugira ngo iyo mali niyibwa SONARWA izayilihe.

Abubatsi bo bashobora kwishyilisha mu bwishingire bita Responsabilité Civile Travaux sur Chantiers, kugira ngo SONARWA izabagoboke nihagira impanuka zibera kuli chantiers zabo.

Abanyamyuga bo bishyilisha mu bwishingire bita Responsabilité Civile Professionnelle kugira ngo SONARWA izabalihilire ibintu byose bakwangiza mu gihe bakora akazi kabo. Urugero nabaha ni uko nk'umuganga ashobora gufata iyo assurance kugira ngo nk'igihe yahaye umuntu imiti ikamwica SONARWA izamulihilire.

Abayobozi b'ishuli bo bishyilisha mu bwishingire bita Responsabilité Civile Scolaire kugira ngo SONARWA izabalihilire ibintu abanyeshuli bakwangiza bali kw'ishuli, ndetse ikanatanga n'udufranga two guhoza ababyeyi mu gihe umunyeshuli cyangwa se umwalimu apfiliye kw'ishuli.

Abakoresha irushanwa ly'imikino nabo, tuvuge nka Course y'amagare, Course y'amamodoka, ... bafata ubwishingire bita Responsabilité Civile Compétition kugira ngo SONARWA izabalihilire nihagira ibintu by'abandi byononekalira muli ilyo rushanwa.

Ubundi rero muli bya bihugu nababwiye, aliko no mu Rwanda batangiye kwiyongera, abantu nabo ubwabo bishyilisha muli Assurance, tuvuge nko mu bwishingire bw'impanuka bita mu gifransa Assurance Individuelle Accident, cyangwa se mu bwishingire bw'ubuzima bita mu gifransa Assurance-Vie.

Twongere twibutse ko Assurance individuelle Accident ibamo amashami ane aliyo aya :

- Hali ishami liteganyiliza urupfu ruturutse kuli agisida. Umuntu afata ilyo shami kugira ngo aramutse apfuye azize agisida, SONARWA izahe umulyango we amafranga baba baravuganye.
- Ishami lya kabili ni ilyitwa Incapacité Permanente, umuntu afata kugira ngo naramuka agize agisida ikamuviramo ubumuga adateze kuzakira, SONARWA izamuhe umubare uyu n'uyu w'amafranga aba yarasezeranye na SONARWA.
- Ishami lya gatatu ni ilyitwa Incapacité Temporaire de Travail, liteganya ko uwalifashe naramuka agize agisida ikamuviramo ubumuga aliko buzageza aho bumushiramo, mu gihe cyose azaba yivuza, SONARWA izajya imuha buli munsi umubare uyu n'uyu w'amafranga, baba baravuganye.

.../...

- Ishami lya kane ni ilyitwa Soins Médicaux, liteganya ko ulifashe SONARWA izamulihira amafranga yose azaba yaratanze ku miti mu gihe cyose azaba yivuza indwara ikomotse kuli agisida.

Ubwishingire bw'ubuzima bwo bufite amashami atatu aliyo akulikira :

- Hali ubwishingire bw'ubuzima bita mu gifransa Assurance-Vie Entière umuntu afata yishingana mu gihe cyose asigaje kubaho, kugira ngo igihe cyose yapfira, icyo yazira cyose, SONARWA izahe abo asize umubare uyu n'uyu w'amafranga aba yarasezeranye na SONARWA.

- Habaho n'ubwishingire bw'ubuzima bita Assurance-vie Temporaire, umuntu afata kugira ngo naramuka apfuye mbere y'italiki runaka yivugira ubwe, SONARWA izahe abo asize umubare uyu n'uyu w'amafranga baba barasezeranye.

- Habaho rero n'ubwishingire bw'ubuzima bita mu gifransa "Assurance Vie Mixte, umuntu afata kugira ngo italiki runaka nigera akiliho azaze SONARWA imuhe amafaranga bavuganye, naramuka kandi apfuye mbere ya yataliki, abo asize bazaze SONARWA ibahe ya mafaranga y'isezerano.

Ubundi bwishingire dufite muli SONARWA ni ubw'umuntu utumiza cyangwa wohereza ibintu mu mahanga. Abishingana muli SONARWA kugira ngo nibihutalira mu mayira yoye kuzacyura ubusa ahubwo SONARWA izabimulihe.
Icyo nakongera kuli ibyo ngibyo ni uko gufata bene ubwo bwishingire ali itegeko lyashyizweho na BANKI NASIYONALI Y'U RWANDA.

Ku munsi wa nyuma w'ilyo hugurwa, kuwa gatandatu taliki ya 13, ba Burgmestri basobanuliwe ibyerekeye : I. Ubutegetsi bwa Komini n'Ubucamanza

II. Etat civil mu Rwanda

III. Ibarura ly'abaturage

IV. Itoranywa ly'ingabo z'igihugu

V. Kwinjizwa muli Jandarumeri.

## I. UBUTEGETSI BWA KOMINI N'UBUCAMANZA

Mul'iki kiganiro, turasuzuma izi ngingo :

A. Ubutegetsi bwa Komini n'Inkiko;

B. Ubutegetsi bwa Komini na Parquet;

C. Ubutegetsi bwa Komini n'Ubuyobozi bwa za gereza.

### A. Ubufatanye bw'Ubutegetsi bwa Komini n'Inkiko

Ubutegetsi bwa Komini bufatanya n'Ubucamanza kurengera uburenganzira n'ubwigenge bya buli muntu bubyubahiliza m'uburyo buteganywa n'amategeko.

Inkiko zirengera buli muntu ku giti cye no mubyo atunze, zica imanza mw'izina rya rubanda. Izo manza zikaba izihana cyangwa iziboneza umubano mu bantu.

Muli iyi nteruro, tulibanda cyane cyane ku manza z'imboneza-mubano, alizo mu gifransa bita: "Affaires civiles". Turareba uko izo manza ziregerwa inkiko, uko uwarezwe amenya ko yarezwe n'igihe ababuranyi bazaburanira. Iyo izo manza zaciwe, ababuranyi bamenya bate uko zaciwe. Ni bande bashinzwe irangiza ryazo?

1°. Kuregera urukiko no gutumiza umuburanyi

Ingingo ya mbere y'Itegeko lishinga imiburanishilize y'imanza z'imboneza-mubano n'ubucuruzi ivuga ko : "Urukiko rushobora kuregerwa ruhawe ikibazo cyangwa se rusabwe gutumira umuburanyi".

Iyo ruregewe mu nyandiko cyangwa se mu mvugo gusa, grefiye yandika icyo kirego mu gitabo cy'imanza, akabyereka Prezida w'Urukiko nawe agaherako avuga igihe ruzaburanishilizwa. Grefiye, ako kanya, amenyesha ababuranyi italiki, isaha n'aho bazaburanira.

Hali igihe nabwo umuntu asanga grefiye akamubwira ko ashaka gutumiza undi ngo baburane. Grefiye ahita atumira uwo muburanyi, akamusobanulira mu magambo ahinnye ikiregerwa, akavuga urukiko rwaregewe, n'uwareze uwo aliwe, n'umwuga we n'aho atuye, akamubwira umunsi n'isaha ababuranyi bazitabira. Izo mpapuro zombi, ali urumenyesha umuburanyi ko yarezwe (notification de la requête itroductive d'instance), ali urutumira (assignation), mul'iki gihe zinyura mu biro bya Komini. Burgumestri ashinzwe kuzigeza ku baburanyi agasinyaho ko azibonye kandi n'ababuranyi cyangwa se bene wabo bakamusinyira ko bazibonye.

.../...

2°. <u>Kumenyesha uko urubanza rwaciwe.</u>

N'impapuro zimenyesha imikilize y'urubanza, zoherezwa na grefiye muli Komini, kugira ngo Burgumestri azishyikilize bene zo; bazisinyeho kugira ngo bibe ikimenyetso cy'uko bamenyeshejwe uko urubanza rwakijijwe.

3°. <u>Kurangiza imanza zaciwe.</u>

Imanza nyinshi zaciwe zo mu Rwanda zirangizwa n'ubutegetsi bwa Komini, ahanini Burgumestri ubwe akaba aliwe uzirangiriza.

Mu mategeko dufite ubu, abashinzwe kumenyesha ubutumwa bw'inkiko no kurangiza imanza ni "Intumwa z'inkiko"; mu gifaransa bazita "huissiers". Izo ntumwa zishinzwe gukora imilimo yo kumenyesha amategeko yose y'inkiko no gutunganya imilimo yose yerekeye imyifatire myiza mu rukiko, cyane cyane igihe cy'iburanisha.

Mu Rwanda aliko ntibashoboye gushyira muli buli rukiko intumwa yarwo kubera ubukene. Bashyize intumwa ebyili cyangwa eshatu muli buli rukiko rwa mbere rw'iremezo, ku buryo zitashoboye kurangiza imilimo yose zali zishinzwe kubera ubwinshi bwayo.

Kugira ngo umuburanyi abone ibyo yatsindiye maze umutekano ugaruke mu baturage, ubutegetsi bw'Ubucamanza bwasanze ali ngombwa rwose ko ba Burgumestri ndetse kenshi babifashijwemo na ba Prefe, inkiko zibashinga irangiza ry'imanza, cyane cyane izerekeye amasambu n'amatungo kuko alizo ziboneka kenshi mu baturage.

Uretse ibyo by'ubwumvikane bw'ubutegetsi bw'inkiko n'ubwa Komini, itegeko lishinga imiburanishilize y'imanza z'imiboneza-mubano n'ubucuruzi, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 270, livuga ko "ba Burgumestri .... batabajwe mu buryo bukulikije amategeko, bafasha kurangiza imanza n'inyandiko biliho inyandiko-mpuruza... Iyo banze gutabara kandi bahurujwe mu nzira z'amategeko, barabiryozwa, guvernema cyangwa ababuranyi bakaba babakulikirana".

Iyo ngingo rero murumva ko ikomeye kuko ali imwe mu zatumye itegeko ryerekeye imitunganyilize n'ububasha by'inkiko bivugururwa.

Itegeko lishya litunganya inkiko livuga ko mu bakozi Ministri w'Ubucamanza ashyira mu nkiko, akuramo umwe cyangwa benshi akabagira intumwa z'inkiko; Ministri w'Ubucamanza ashobora kandi guha ubwo bubasha ba Burgumestri cyangwa abandi bakozi ba Komini cyangwa ba Leta.

Itegeko ryo kuwa 24 Kanama 1962 ryo ryahaga Ministri w'Ubucamanza ububasha bwo gushyira mu nkiko intumwa z'inkiko; umulimo wazo ukaba uwo mu nkiko gusa kandi zigategekwa n'abayobozi b'inkiko.

Itegeko lishya livuga ko hali ubwoko bubili bw'intumwa z'inkiko.

- Intumwa zitoranijwe mu bakozi basanzwe b'inkiko aliko batali abacamanza cyangwa abashinja-cyaha; izo ntumwa zikora umulimo wazo usanzwe kandi zikawugerekaho uwo kumenyesha amategeko yose y'inkiko no kwubahiliza imyifatire mu rukiko.

.../...

- Intumwa zitali abakozi basanzwe b'inkiko, aliko bagereka ubwo butumwa bwo kumenyesha amategeko y'inkiko ku milimo basanganywe mu butegetsi bwa Komini cyangwa se bwa Leta.

Muli icyo cyiciro, niho ba Burgumestre, ba Conseillers cyangwa abakozi ba Komini bashobora kugirwa intumwa z'inkiko.

Iyo nitegereje aliko imitegekere ya Komini uko iteye ubu, nsanga ubutegetsi bwa Komini bwaragabanijwemo amafasi, aliyo yiswe segiteri, ku buryo conseiller afite ubutegetsi bwihaliye muli segiteri yatorewe kuyobora. Bigatuma rero Burgumestri aba umutegetsi usanganya imilimo yose ya za segeteri, n'ubwo afite ububasha bwose muli buli segiteri. Ugasanga mu by'ukuli Burgumestri yagombye gukemura ibibazo byo muli segiteri ali uko byananiranye mu ruhererekane rw'inzego za segiteri.

Ibyo byatera umuntu kwibaza niba mu byerekeye imenyesha n'irangiza ry'urubanza, buli conseiller wa segiteri ataba intumwa y'urukiko muli segiteri ye, noneho Burgumestri, mw'izina ry'ubutegetsi bwa Komini akajya ahuruzwa irangiza ry'imanza ryananiranye.

Kuko nanone muli buli rukiko haba hali intumwa ijijukiwe cyangwa zijijukiwe mu manza, konseye abonye ko bimukomereye, yabanza kugisha inama umwe muli izo ntumwa mbere yo guhuruza Burgumestri.

Ndakeka ko bigenze bityo, Burgumestri yabona umwanya uhagije wo gukora indi milimo aho guhora mu manza gusa.

Ikindi cyerekeye iyo ngingo, ni uko abashinzwe kurangiza imanza bagomba kuzirangiza uko zaciwe. Iyo batumva uko urubanza rwaciwe bajya gusiganuza mu rukiko rwaruciye rukababwira icyo bagomba gukora.

B. <u>Ubutegetsi bwa Komini na Parquet</u>

Umulimo w'ingenzi ubutegetsi bwa Komini bushinzwe ni ukwubahiliza amahoro n'ituze mu baturage nk'uko nigeze kubivuga. Ubutegetsi bwa Komini burwanya urugomo bukarengera umuturage uwo aliwe wese urugiliwe.

Uretse ububasha bwa gipolisi Burgumestri afite bwo gufunga mu gihe cyateganijwe n'amategeko abazambya amahoro muli Komini, agomba no gutabaza cyangwa gushyikiliza ubushinja-cyaha abagizi ba nabi ako kanya akibafata.

Ubu biroroshye cyane kuko hafi ya za Komini zose zifitiye urukiko rwa kanto kandi na za sous-brigades judiciaires zikaba ziyongera.

Uwafashweho urugomo cyangwa ubusambo ashobora guturwa imbere ya juji wa kanto akamwohereza mu rwego rw'ubucamanza ibye bibarizwamo.
Ashobora se gutungurwa imbere ya parquet mu gihe bishobotse cyangwa ali ngombwa.

.../...

Mu minsi mike kandi, parquet izaba hafi ya Komini cyane ku buryo muli buli rukiko rwa kanto, ubushinja-cyaha buzaba buhagarariwe na substitut wa procureur wa Republika cyangwa n'umugenza-cyaha umwe cyangwa benshi.

Aho ngaho rero murumva ko itegeko lishya litunganya inkiko ryangushya imilimo y'ubutegetsi bwa Komini mu kulinda amahoro n'umutekano mu gihugu.

C. Ubutegetsi bwa Komini n'ubuyobozi bwa za gereza

Burgumestri ashobora guhanisha igihano cy'igifungo kitarengeje amasaha 48 umuntu utera imvururu muli Komini kumugaragaro. Ashobora no gufunga by'ubugwatira-mubili uwanze gutanga umusoro, akamufunga igihe kitarenze iminsi cumi n'itanu. Ali ugufunga uwateye imvururu, ali ugufunga uwanze gutanga umusoro, byose Burgumestri ategetswe kubikorera inyandiko-mvugo.

Abafunzwe kandi kuli ubwo buryo bafungirwa muli gereza ya Komini bita "cachot". Cyera uburoko bwa Komini ntibwali "cachot" ahubwo yali inzu abapolisi ba Komini bashyiragamo abantu basakuza ku muhanda mw'ijoro ali ukubera ubusinzi cyangwa se batera imvururu. Abapolisi rero bababona bakabashyira muli iyo nzu, kugira ngo batagira icyo baba cyangwa se kugira ngo batagira icyo bahutaza. Mu gitondo cya kare, umukuru w'abapolisi ba Komini yaza kureba abaraye muli iyo nzu, abenshi akabasezerera bagataha kuko babaga basindutse cyangwa bagaruye agatima, abandi abona ko bashobora kuba bakoze icyaha akabohereza ubushinja-cyaha ako kanya. Iyo nzu niyo mu Bubiligi bise "Amigo" maze ababiligi bageza ino iryo zina.

Muli iki gihe rero, gereza ya Komini, uretse gufungira umusoro, ishinzwe kwakira abantu batoraguwe ku muhanda basinze cyangwa basakuza cyane ku buryo bashoza intugunda ku musozi. Bene abo barara muli gereza mu gitondo bakabarekura kuko baba bacururutse.

Mu gihe kigiye kuza, buli Komini izagira gereza yakira abashinjwa n'abaciliwe urubanza ruhana.

Uko byagombye kugenda, ni uko mu gihe ubucamanza busanze ali ngombwa ko ushinjwa aba afunzwe by'agateganyo, bamushyira mu kigo kibigenewe, kitali gereza ilimo abakatiwe. Abafungiye by'agateganyo mu bigo nk'ibyo, bashobora kugaburirwa n'iwabo maze bakarya ibyo bifuza. Byongeye kandi ntibafatwa nk'abanyururu b'abanya-byaha kuko baba bataragaragarwaho icyaha; baba bakili abera imbere y'itegeko; n'icyo gituma bagombye kwiyambalira imyenda yabo bwite ntibambare kinyururu. Iryo fungwa ry'agateganyo libereye muli Komini ushinjwa yafatiwemo cyangwa atuyemo, byatuma ikibazo dufite ubu muli za gereza za Leta cyoroha.

Ku byerekeye abakatiwe, hali za gereza zigenewe kubakira. Nizo ziliya dusanzwe tuzi ziba kuli Prefegitura. Izo aliko zagombye gufungirwamo abakozi ibyaha bikomeye n'iby'ubugome gusa, naho abakoze ibyaha byoroheje, ibi bihanishwa igifungo kitarenze amezi abili, bagafungirwa muli gereza za Komini. Ibyo kandi birumvikana kuko abenshi mu bakatirwa igifungo kitarenze amezi abili bazaba baburanishijwe n'inkiko za kanto nazo zili hafi y'izo gereza.

.../...

Hali igihe abafunzwe barakatiwe bafungurwa by'agateganyo. Abantu nk'abo iyo bageze muli Komini, ubutegetsi bwa Komini bugenzura imyifatire yabo, bwasanga barenga kw'itegeko rya Ministri w'Ubucamanza ryabafunguye by'agateganyo, bukabafata, bakabashyikiliza ubushinja-cyaha nabwo bukongera kubafunga bukulikije amategeko yerekeye ifungurwa ry'agateganyo.

Niyo abali mu bigo bifungirwamo inzererezi n'abasabilizi bafunguwe by'agateganyo, ni uko bigenda. Boherezwa iwabo cyangwa aho bifuza kuba, aliko bakagenzurwa n'ubutegetsi bwa Komini. Iyo barenze ku byo bategetswe n'iteka ryabafunguye by'agateganyo, Burgumestri abashyikiliza ubushinja-cyaha bukongera kubohereza mu kigo kibigenewe, bukulikije amategeko abigenga.

## UMWANZURO

Ubutegetsi bwa Komini n'ubucamanza ni ibintu bifitanye isano ya hafi k'uburyo kimwe ali ukuboko cyangwa ijisho ry'ikindi. Agatsinda byose bigamije intego imwe : "AMAHORO N'ITUZE MU GIHUGU".

Burgumestri n'abajyanama ba Komini nibo bali hafi y'abaturage; abo baturage kandi nibo baburanira inkiko. Kugira ngo ababuranyi bamenye icyo inkiko zategetse babigezwaho n'abo bategetsi babegereye kandi bakaba alibo babarangiliza imanza. Nicyo gituma mu mivugurulire y'imiterere y'inkiko, abajyanama ba Komini bazashobora gushingwa n'itegeko rya Ministri kurangiza imanza, maze Burgumestri akajya abatabara mu gihe haje ingorane.

Byongeye kandi imitunganyilize mishya y'ubushinja-cyaha izatuma ubutegetsi bwa Komini bworoherezwa imilimo kuko muli buli rukiko rwa kanto hazaba byibura umugenza-cyaha, bityo Burgumestri ntakubite amaguru ajya kuli Prefegitura guhuruza Parquet.

Uko kuba hafi ya Komini kwa Parquet kuzahuza kandi n'uko buli Komini izagira gereza yayo ku buryo ba bantu batubahiliza amahoro ku muntu no kubyo atunze bazafatwa vuba bagafungirwa by'agateganyo aho kuli Komini ndetse bamwe muli bo bagaragaweho icyaha gihanishijwe igifungo cy'amezi atarenze abili bakaba bakomeza kuhafungirwa, bityo bikagaragara ko ubutabera atali ubw'ubucamanza gusa, aliko bushyigikiwe n'izindi nzego z'ubutegetsi kandi ali umuco wacengeye mu banyarwanda.

.../...

## II. ETAT CIVIL MU RWANDA

### Cg. IRANGA-MIMERERE YA BULI MUNYARWANDA

Twese tuzi ko kandi n'Umukuru w'Igihugu ntabwo ahwema kubitubwira no kubitwibutsa, Komini aliyo shingiro ry'amajyambere. Umuntu wa Komini, ali ubutaka, ali ibicukurwamo, ali ibyeramo, ali ibikorerwamo, byose bigamije gutsura amajyambere y'Umuturage wa Komini.

Niyo mpamvu ali ngombwa kumenya abo bantu uko bateye, uko bangana, uko babaho kuva mwivuka ryabo kugeza igihe Imana ibahamagariye.

Muli ubwo buzima bwabo rero, hakaba haliho amategeko abagenga kugira ngo bamenyekane, n'ayo majyambere dushaka, tumenye neza abo tuyashakira n'uburyo bwo kuyashaka.

Ayo mategeko rero agamije cyane cyane kugaragaza no kwemeza ibiliho by'ingenzi mu buzima bw'umuntu - ukuvuka - gushaka - no gupfa.

UBU RERO TUKABA TUGIYE KUREBERA HAMWE :

1. Amategeko agenga Iranga-mimerere cyangwa agenga ibihe by'ingenzi twavuze haruguru:
   1) Ivuka
   2) Ishyingirwa
   3) Ugupfa.
2. Imitunganyilize y'imibereho bwite
3. Ubwoko bw'inyandiko y'imibereho bwite
4. Akamaro k'imibereho bwite.

### I. AMATEGEKO AGENGA IRANGA-MIMERERE (loi regissant l'Etat-civil)

- Itegeko ryo kuwa 23/11/1963 ryerekeye imitunganyilize n'imitegekere ya Komini cyane cyane mu ngingo yalyo ya .........
- Itegeko ryo kuwa 19/2/1964 ryerekeye ibarura, iranga-muntu no kwimuka
- Amategeko yo mu gitabo cya mbere cy'imboneza-mubano yerekeye imibereho bwite y'umuntu.

Aya mategeko ya nyuma niyo twibandaho cyane kuko aliyo asobanura neza ibyerekeye bya bihe by'ingenzi by'iranga-mimerere y'umuntu (Ivuka-Ishyingirwa-Ugupfa).

### IMITUNGANYILIZE Y'IMIBEREHO-BWITE (Organisation de l'Etat-civil).

Muli buli Komini hali ibiro by'iranga-mimerere Burgumestri, iruhande rw'indi milimo ashinzwe yo gutegeka Komini, akaba aliwe ushinzwe gukora ibyerekeye byose iranga-mimerere aliko nyine afite n'abandi bamufasha tutibagiwe ko igihe hali icyononekaye aliwe ukibazwa.

Burgumestri kandi niwe ushinzwe gufata neza no kubika ibitabo byose byerekeye iranga-mimerere. Niwe ukora inyandiko zose z'iranga-mimerere zerekeye abantu batuye muli Komini. Izo nyandiko rero Burgumestri iyo amaze kuzikora zimwe arazisigarana izindi akazohereza muli Ministeri y'Ubutegetsi bw'Igihugu, izindi muli Ministeri ya Plan.

.../...

Burgumestri yandika ibyerekeye iranga-mimerere y'abatuye muli Komini ye aliko ntashobora kwandika inyandiko y'iranga-mimerere imwerekeye ho, yerekeye umugore we, abana be, ise cyangwa nyina, bikorwa n'umuhagarariye.

Tumaze kubona ugenewe kwakira inyandiko y'iranga-mimerere, noneho turebe uko agomba kubikora.

* Igitabo icyo ali cyo cyose cyerekeye iranga-mimerere y'umuntu kibanza gusinywa kuli buli rupapuro rwa mbere na Procureur wa Republika cyangwa umuhagaraliye. Uwo mukono uba uhinnye. Ibyo bikorwa kugira ngo hatagira urupapuro rwongerwamo cyangwa rugakurwamo.

* Buli gitabo kijyana n'urupapuro rwakorewe muli imprimerie (page de garde), rwometse kuli registre. Urwo rupapuro rushyirwaho umukono na Procureur kugira ngo yerekane ko Burgumestri, Officier d'Etat-civil, yarangije imilimo ye neza.

* Inyandiko zigomba gukorwa kuburyo <u>bukulikiranye</u>, kandi ntabwo zishobora <u>gukosorerwamo</u> (rature). Iyo hali ibigomba gukosorwa, umwanditsi w'iranga-mimerere ashyiraho umukono we n'uwandikisha hamwe n'abagabo.

* Mbere yo gushyiraho umukono, umwanditsi w'iranga-mimerere asomera inyandiko yakoze abaje kwandikisha. Bose bagashyiraho umukono cyangwa bagatera igikumwe.

Inyandiko z'iranga-mimerere zandikwa mu bitabo (registre) :
- Igitabo cy'inyandiko z'abavuka
- Igitabo cy'inyandiko z'ugushyingiranwa
- Igitabo cy'inyandiko z'abapfuye
- Igitabo cy'inyandiko zo kwemera abana (reconnaissance).

<u>BIGENDA BITE KUGIRANGO BAKOSORE AMAKOSA</u> :

Inyandiko ilimo ikosa cyangwa yakozwe ku bulyo butali bwo ishobora gukosorwa, kuzuzwa cyangwa kuvanwaho n'uwabikoze, uwandikisha, n'abagabo bahali bakabisinyira aliko rero gukuraho inyandiko y'abashakanye, yo kwemera umwana cyangwa yo kugira umwana wundi uwawe bishobora kugirwa n'ubucamanza gusa.

Icyemezo cyo kubikosora cyangwa kubikuraho cyandukurwa <u>uko kili</u> inyuma y'urupapuro rw'inyandiko, bigakorwa n'umwanditsi w'iranga-mimerere aliwe Burgumestri.

<u>UBWOKO BW'INYANDIKO N'IMIBEREHO BWITE</u> (acte d'Etat-civil)

1. <u>Inyandiko z'amavuko</u>: (acte de naissance)

Izo nyandiko ni zo zerekana, kandi zerekeye kubaho k'umuntu.

Akamaro kazo ni akahe?

<u>Imbere y'Ubutegetsi</u> :
- Kumenya umubare w'abantu bali mu gihugu;
- Kumenya ko akarere aka n'aka gafite abantu benshi cyangwa bake;
- Kumenya igitsina n'umubare w'abantu bakulikije igitsina;
- Ibyo rero bituma Leta ishobora gukora programu y'amajyambere, ibinyujije kuli za Ministeri (kubaka za centres nutritionnels, maternité, gukora za programu zo gukingiza indwara z'abana, kubaka amashuli bakulikije uko aha n'aha havuka abana benshi).

.../...

Icyo zimaliye uwandikishijwe:

- Kwerekana imbere y'amategeko ko umuntu ali runaka;
- Gutangira ishuli mu gihe gitegetswe;
- Kubona izindi mpapuro passeport n'ibindi;
- Kushyira mu mulyango;
- Kugaragaza-ubwene-gihugu n'ibindi;
- Kuzungura n'ibindi.

Ufite ububasha bwo kwandika:

Ni umwanditsi w'iranga-mimerere wo muli Komini ababyaye uwo mwana batuyemo (Burgumestri).

Ninde ugomba kumwandikisha:

- Se - Nyina - Umuturanyi batumye
- Bakavuga igitsina - amazina ye

Amazina ya se, nyina n'akazi bakora.

Kwandikisha umwana n'itegeko, ni ukumwandikisha hatarashira ukwezi atabikora akabihanirwa.

- 1 à 7 jours de servitude pénale principale (code pénal)
- 200 Frs cyangwa kimwe muli byo (art.50)

Aho rero hashobora kuba ingorane. Ibyo bihano byose, ukubitiyeho no kwaka abaturage ibyemezo runaka, umusoro, amafaranga y'amashuli n'ibindi. Ibyo rero bigatuma ababyeyi batinya cyangwa bataza kwandikisha abana bavutse.

Iyo nyandiko irangiye, uwaje kwandikisha ntaba agishoboye guhindura amazina keretse abinyujije mu nzira ziteganyijwe n'itegeko-teka n° 33/79 ryo kuwa 22 ukwakira ryerekeye ihindura ry'amazina.

Icyitonderwa :

1. Umwana wavutse yapfuye ntakorerwa inyandiko y'amavuko, ni nacyo kimwe ku mwana wavutse ntamare n'umunsi umwe byibura. Muli icyo gihe hazakorwa inyandiko y'uko yapfuye.
2. Iyo umwana atoraguwe, umwanditsi w'imibereho-bwite akora inyandiko y'amavuko abibwiwe n'uwamutoye uwo mwana akavuga ko Se na Nyina batazwi. Izina n'amazina y'idini bizatangwa n'umwanditsi w'iranga-mimerere. Uwo mwanditsi azasaba umuganga cyangwa umuforomo icyemezo gicishiliza ku buryo bwegereje itaLiki uwo mwana yavutseho.

KWANDIKA ABAPFUYE :

Urupfu rusibanganya ibyo uwapfuye yarafiteho uburenganzira n'ibyo yarategetswe gukora ku giti cye.

Akamaro ko kwandikisha abapfuye

- Leta : - Kumenya umubare w'abaturage bagereranyije abavutse n'abapfuye;
  - Kumenya umubare w'abashobora gutora;
  - Kumenya umubare w'abagisora;
  - Guteganya ibitaro, imiti bakulikije indwara runaka zihitana abantu n'abandi mu karere aka n'aka.

.../...

- Usigaye :
  - Icyemezo ko kanaka yapfuye;
  - Kuzungura umutungo we;
  - Irerwa ry'abana basigaye n'ibindi.

Murumva rero ko kwandikisha uwapfuye bifite akamaro, kandi ahangaha murumva ko inyandiko y'amavuko n'iyabapfuye iramutse ikozwe neza, ibarura litaba ngombwa cyane kugira ngo tumenye umubare w'abaturage b'u Rwanda, imyaka yabo, abashakanye n'ababyara.

Urwandiko :

Ni umwanditsi w'imibereho bwite wo muli Komini yaratuyemo, Burgumestri wiyo Komini.

Kwandikisha uwapfuye bikorwa mu gihe kitarenze ukwezi, bivuzwe na bene wabo b'uwapfuye (ababyeyi cyangwa inshuti).

Inyandiko y'uwapfuye igomba kwerekana italiki yapfiliyeho, naho yapfiliye izina lye, izina ly'idini, italiki yavutseho, n'aho yavukiye, kimwe naho yaratuye igihe apfa n'ubwoko bwe n'umwuga yakoraga.
Iyo nyandiko kandi igomba kuba ilimo n'amazina y'idini yose ya se na nyina y'uwapfuye.
Iyo uwapfuye yali yarashatse, yarapfakaye cyangwa yaratanye n'uwo bashakanye inyandiko izarondora izina n'amazina y'idini y'uwo bashakanye cyangwa y'uwo bali barashakanye.
Inyandiko igomba kugaragaza izina, amazina y'idini y'uwabivuze, imyaka ye, umwuga we n'aho atuye.

3. KWANDIKA ABASHYINGIRWA

Amategeko aliho: (voir code-civil -législation indigène)
-Coutume)

1) Mu gihe cya gikolonize, haliho amategeko agenga abazungu n'abandi bitaga évolués cyangwa immatriculés, hakabaho n'ayandi yagengaga abaturage (indigènes). Ayo mategeko murumva rero ko yavanguraga abatura Rwanda.

2) Tumaze kubona ubwigenge, Itegeko-nshinga lyemeza ko ugushyingirwa (mariage) kuzatunganywa n'Itegeko ko kandi amategeko yose yambere anyuranije n'ilyo tegeko-nshinga avaho; ni ukuvuga rero, ko ilyo tegeko lyagengaga abaturage lyavuyeho kuko lyavanguraga abatura-rwanda. Icyateye impungenge rero, ni uko itegeko lyali liteganijwe n'itegeko-nshinga litashyizweho kugeza n'ubu.

Ikibazo rero ni iki :

Ba Burgumestri bakulikira ilihe tegeko iyo bashyingira?
Ni iyihe mihango simusiga bagomba gukulikira?
Hali igitabo cya mariage, hali n'igitabo cy'inkwano. Byashyizweho n'ayo mategeko? Byashyizweho lyali?
Bamwe bemeza ko Burgumestri asezeranya, abandi bati ntashobora kubikora kuko nta mategeko ahali abiteganya.

.../...

Kugira ngo byose bitungane, Ministeri y'Ubucamanza ifite umushinga w'itegeko litunganya ibyo gushyingirwa. Mbere yo kureba uko umeze murabanza kumenya ko iby'inkwano n'isaba twabirekeye umuco-karande kuko kugira ngo byandikwe, hagomba kubanza enquêtes nyinshi mu Rwanda hose.

Uwo mushinga uteye utya :

Mu byerekeye inyandiko z'abashyingirwa, umwanditsi w'iranga-mimerere afite umulimo ukomeye cyane. Agomba kubanza kumenya neza niba ibyangombwa byose byerekeye ugushyingirwa byujujwe.

Yumva imvugo yabo yuko bemeranye akabashyingira. Gushyingirwa kubaho gusa nyuma y'ibyo, ni ukuvuga igihe umwanditsi w'iranga-mimerere amaze gutangaliza mu ruhame ko abashyingiye.

Umwanditsi w'imibereho-bwite ufite ububasha bwo gusezeranya ni uli mu ifasi y'aho umwe mu bazashyingirwa atuye.

Nta gihe cyo kumara ahantu gitegetswe kugira ngo umuntu yitwe ko ahatuye. Kwandikwa mu gitabo cy'ibarura ry'abaturage ni yo ntanga-muganda mu butegetsi y'aho umuntu atuye.

<u>Igihe cyose gusezeranira imbere y'Ubutegetsi bibanziliza gusezeranira mw'idini. Umusore utaruzuza imyaka 18, n'umukobwa utaruzuza imyaka 16 ntibashobora gushyingirwa.</u>

Iyo myaka iyo itaragera, Ministri ushinzwe Ubucamanza cyangwa intumwa ye, ashobora kubitangira uruhusa, habonetse impamvu zikomeye.

<u>Urugero</u> : <u>Igihe umukobwa atwite.</u>

Umusor utaruzuza imyaka 21 ntashobora gushyingirwa atabyemerewe na se cyangwa na nyina iyo e atabonetse. Iyo se na Nyina batabonetse, agomba kubyemererwa n'umurera.

"Kutaboneka" bigomba kumvikana bitya : se na nyina cyangwa umwe muli bo agomba kuba yarapfuye cyangwa adashoboye kugaragaza icyo abitekerezaho. (législation sur l'absence).

Abazashyingirwa bagomba kugaragaza ko ababyeyi babo cyangwa ababarera bagomba kubemerera gushyingirwa bapfuye cyangwa badashoboye kugaragaza icyo babitekerezaho.

Ikimenyetso cy'uko yapfuye kigaragazwa na kopi y'inyandiko y'uko yapfuye. Ikimenyetso cy'uko badashoboye kuvuga kigaragazwa na muganga. Icy'uko yabuze kigaragazwa n'urukiko.

Gushakana birabujijwe kubakomoka mu nzu imwe no ku gisekuru kimwe; ku buzukuru no ku buzukuruza bavutse ku isezerano lyemewe cyangwa n'abahahano mu muryango umwe, ku bahungu n'abakobwa bavutse ku isezerano lyemewe cyangwa b'abahahano

Ntibashobora gushyingirwa, uwagize umwana uwe n'uwagizwe umwana kimwe n'abamukomokaho, abana bagizwe abana n'umuntu umwe, uwagizwe umwana n'abana b'uwamugize umwana we.

.../...

Ntawe ushobora gusezerana ubwa kabili isezerano rya mbere litarasezwa cyangwa litaravanwaho.

Iseswa ly'isezerano lituruka ku rupfu ligaragazwa n'inyandiko y'uko umwe mu bashakanye yapfuye. Iseswa ly'isezerano liturutse ku butane cyangwa ryaravanyweho ligaragazwa n'urubanza rwalisheshe cyangwa rwalivanyeho.

Inyandiko yo gushyingirwa irondora kandi ibya ngombwa byerekanywe. Abazashyingirwa bagomba kwerekana icyemezo cy'amavuko n'icyemezo cyo kuba ingaragu. Iyo habayeho isezerano rya mbere, icyemezo cyo kuba ingaragu gisimburwa n'inyandiko y'uko uwo basezeranye yapfuye cyangwa kopi y'urubanza rwasheshe isezerano cyangwa rwabatandukanyije. Bibaye ngombwa, uruhusa rubemerera gushyingirwa batarageza ku myaka.

4) <u>Inyandiko zo kwemera umwana</u> : (Reconnaissance)

Kwemera umwana ni igikorwa kigaragaza ko umuntu yiyemeje ko umwana wabyawe nta bushyingirane buliho ali uwe.

Gukura ku mwana izina ry'umuhahano ni ukumukura mu murongo w'abana b'abahahano agashyirwa mu w'abana bavutse ku babyeyi basezeranye bitewe n'uko ababyeyi <u>bamwemeye bashyingiranye</u>. Ku byerekeye nyina, kuvuga ko umwana yavutse byitwa ko amwemeye. Ku byerekeye se, kwemera umwana w'umuhahano bikorerwa igihe cyose ku nyandiko ili ukwayo.

Gukura ku mwana izina ry'umuhahano bishobora guterwa n'uko yemewe bikorewe inyandiko ili ukwayo igihe abamubyaye bashyingiranywe.
Bishobora guterwa kandi n'uko se na nyina bamwemeye mbere yo gushyingiranywa. Muli icyo gihe, gushyingirwa kwa bo guhita kumukuraho izina ry'umuhahano. Kumukuraho izina ry'umuhahano bishobora guterwa nanone n'uko bamwemeye (mariage incestueux) barashyingiranywe.

Umwana wese w'umuhahano ashobora kwemerwa na se cyangwa na nyina cyangwa bombi hamwe kereka iyo kumwemera bigaragara ko yabyawe n'ababujijwe <u>gushakana</u>.
Birabujijwe ko umwanditsi w'imibereho-bwite yagira inyandiko akora yashobora kugaragaza ko umwana yabyawe n'ababujijwe gushakana, kuko abikoze byaba bitemewe.

Kuba umwana yaravutse ku babujijwe gushakana bitangira mu mavuka ntabwo bitangira igihe cyo kumwemera.

Kubuza kwemera umwana wavutse ku babujijwe gushakana bifitiye bose akamaro (ordre public).

Kwemera umwana bishobora gukorwa ndetse n'abasore batarageza ku myaka itegetswe, n'abagore bafite abagabo. Umusore utarageza ku myaka itegetswe ashobora rero kwemera umwana w'umuhahano ntawe ubimufashijemo cyangwa ngo abimuhere uruhusa.

.../...

Umugore ufite umugabo nawe atagombye kubisabira umugabo we uruhusa, ashobora kwemera umwana w'umuhahano yaba yarabyaranye n'undi utali umugabo we mbere yo gushyingirwa. Inyandiko yo kwemera umwana ishyirwaho umukono ako kanya n'umwanditsi w'iranga-mimerere n'ababyandikishije. Iyo ababyandikishije cyangwa umwe muli bo adashoboye gushyiraho umukono, atera igikumwe.

Inyandiko yo kwemera umwana igomba kugaragaza ku buryo burambuye ibi bikulikira :

- ku byerekeye abaje kwemera umwana :
  * Izina n'amazina y'idini, italiki bavutseho n'aho bavukiye, aho batuye kimwe n'amazina y'idini ya ba se na ba nyina;
- Ku byerekeye umwana wemewe :
  * Izina n'amazina y'idini, italiki yavutseho n'aho yavukiye, kimwe n'aho atuye.

Iyo umwanditsi w'iranga-mimerere adashoboye kugaragaza ko hali iseswa rya mbere ryabayeho kubera ko nta nyandiko zerekanywe cyangwa kubera ko umwe ntazo afite, agomba kwibwira ko uwo muntu atarashaka. Umwanditsi w'iranga-mimerere ni we ugomba kugaragaza ko hali impamvu ibabuza gushyingirwa.

Mbere yo gushyingirwa, abazashyingirwa bategetswe kwereka umwanditsi w'iranga-mimerere :

1. Icyemezo cy'amavuko,
2. Icyemezo cy'ingaragu cyangwa icyemezo cy'uko uwo basezeranye mbere yapfuye cyangwa se kopi y'urubanza rwabatanyije cyangwa rwasheshe isezerano.

Byongeye kandi, igihe bibaye ngombwa abazashyingirwa bagomba kwerekana :

1. Icyemezo kigaragaza ko umubyeyi agomba kwemera umwana we gushaka adashoboye kuza ngo avuge igitekerezo cye;
2. Uruhushya rwo gushyingirwa batarageza ku myaka rutangwa na Ministri cyangwa intumwa ye.

Ishyingirwa likorerwa mu ruhame rwa benshi imbere y'umwanditsi w'iranga-mimerere wo mu ifasi y'aho umwe mu bashyingirwa atuye.

Gushyingirwa bishobora gukorwa mu munsi uwo aliwo wose, ndetse no ku cyumweru cyangwa ku munsi w'ikiruhuko.
Ibyo birori bigomba kubera mu nzu ikinguye idahezwamo rubanda. Iyo bibereye mu nzu ikinze, nko mu biro, urugi rureba hanze rurakingurwa.

Abagomba gushyingirwa, baherekejwe n'abafite ububasha bwo kubemerera gushyingirwa, bose bajya imbere y'umwanditsi w'iranga-mimerere.
Umwanditsi w'iranga-mimerere abasomera impapuro zerekeye imibereho yabo bwite, akumva n'imvugo yabo yuko bemeranye ko umwe azabera umugabo undi akamubera umugore. Atangaza ko bashyingiranywe.

Abazashyingirwa bagomba kwiyizira ubwabo. Guhagararirwa mu ishyingirwa birabujijwe.

.../...

Abantu bafite ububasha bwo kubemerera gushyingirwa bagomba kuba bafite nibura imyaka 21 yuzuye.

Umwanditsi w'iranga-mimerere agomba gusoma inyandiko z'iranga-mimerere y'abazashyingirwa. Ntagomba kuzivuga umubare gusa. Ku basanzwe, umwanditsi w'iranga-mimerere asoma ku buryo burambuye inyandiko y'ibyo aba amaze kwandika.

Kwemera kw'abashyingirwa kumvikana ku buryo bw'ibisubizo byemera bisubiza ikibazo cyabajijwe umwe muli bo, giteye ku buryo bukulikira :
" Kanaka ........wemeye ko Nyirakanaka uyu akubera umugore ?"
" Nyirakanaka ...wemeye ko Kanaka uyu akubera umugabo ?"
Ibisubizo bigomba kuvugwa neza kandi bikumvikana. Ntibigomba kubamo gushidikanya.

Iyo abashaka gushyingirwa bamaze gusubiza ko bashimanye, umwanditsi w'iranga-mimerere arabashyingira avuga ati:
"Nemeje ko kanaka; .......................
na Nyirakanaka ........................... bashyingiranywe.

Inyandiko yo gushyingirwa ishyirwaho umukono ako kanya n'umwanditsi w'iranga-mimerere n'umugabo n'umugore, n'abafite ububasha bwo kubemerera gushyingirwa. Iyo mu bahali halimo abatazi kwandika, batera igikumwe.

Ibivugwa mu nyandiko bigomba kumvisha ko gushyingirwa byakozwe mu buryo bwemewe. Ibya ngombwa byose bigomba gukorerwa inyandiko zigaragaza ko byujujwe.

Inyandiko yo gushyingirwa ivuga ku buryo burambuye ibi bikulikira:
- Ku byerekeye abazashyingirwa:
  * Izina n'amazina y'idini yabo, izina n'amazina y'idini ya base na banyina, aho bavukiye n'italiki bavutseho, umwuga wabo, aho batuye, imibereho-bwite yabo n'ubwoko bwabo.
- Ku byerekeye abafite ububasha bwo kubemerera gushyingirwa, icyo bapfana n'abazashyingirwa (se, nyina, umurezi, n'ibindi...).
- Imvugo y'abazashyingirwa yemeza ko umwe amubereye umugabo n'uko undi amubereye umugore, n'uko ishyingirwa ryabo ryatangajwe n'umwanditsi w'iranga-mimerere.

5) <u>Inyandiko zo kugira uwawe umwana w'undi</u> ( adoption ):

Kugira uwawe umwana w'undi ni uburyo bunyuze mu mategeko gushyiraho imibanire imeze nk'umubyeyi ku mwana we yibyaliye, biturutse ku masezerano akorewe mu ruhame n'uwagize uwe umwana w'undi hamwe n'uwagizwe umwana.

Kugira uwawe umwana w'undi bikorerwa inyandiko n'umwanditsi w'iranga-mimere.

.../....

Umwanditsi w'imibereho-bwite, agomba kwaka ibya ngombwa byose bituma inyandiko igira agaciro.

Inyandiko ikorwa n'umwanditsi w'iranga-mimerere w'aho uwagizwe umwana atuye.

Umwana utarageza ku myaka itegetswe aba atuye kwa se. Aba atuye kwa nyina, iyo nyina nta mugabo yigeze, yarapfakaye cyangwa iyo yatanye n'umugabo cyangwa agahabwa uburenganzira bwo gutura ukwe kandi aliwe ushinzwe kurera uwo mwana. Umwana utarageza ku myaka itegetswe, udafite se na nyina, aba k'umurera.

Abantu bakuze cyangwa bahawe uburenganzira bw'abakuze nibo bonyine bashobora kugira uwabo umwana w'undi.
Abatarahabwa uburenganzira bw'abakuze nibo bonyine bashobora kugirwa abana b'undi.

Umugore ufite umugabo ntashobora kugira uwe umwana w'undi atabanje kubyemererwa n'umugabo we.

Kugira abana b'isezerano cyangwa b'abahahano ntawe bibuza kugira uwe umwana w'undi.

Kugira abandi bana b'undi abawe ntawabibuza kwongera kugira uwe undi mwana

Abantu benshi ntibashobora gufatanya kugira uwabo umwana umwe keretse umugabo n'umugore.

Iyo uwagizwe umwana atarageza ku myaka y'ubukuru itegetswe agomba kwemererwa na se, yaba atarabonetse akemerwa na nyina cyangwa akemerwa n'umurera igihe se na nyina batabonetse.

Umwana wahawe uburenganzira bw'abakuze ntabwo agomba gusaba uruhusa keretse umugore ufite umugabo niwe ugomba igihe cyose kwemererwa n'umugabo we.

Umwana wavutse kubabujijwe gushyingirwa ntashobora kugirwa umwana na se cyangwa na nyina.

Inyandiko yo kugirwa umwana ishyirwaho umukono ako kanya n'umwanditsi w'iranga-mimerere n'abaje kubyandikisha.
Iyo abaje kubyandikisha cyangwa umwe muli bo atazi kwandika atera igikumwe.

Inyandiko y'amavuko y'ugizwe umwana igomba kwerekanwa ntakabuza. Izandikwa mu mwanya w'"inyandiko zerekanwa".

Inyandiko yo kugira uwawe umwana w'undi, izarondora, ku buryo burambuye ibi bikulikira:

- Ku byerekeye ugira uwe umwana w'undi nugizwe umwana: amazina, amazina y'idini aya ba se ba nyina, aho bavukiye n'italiki bavutseho, umwuga wabo, aho batuye iranga-mimerere n'ubwoko bwabo.

.../...

- Kubyerekeye ufite ububasha bwo kwemera ko umwana agirwa uw'undi: izina n'amazina y'idini, imyaka, umwuga we, aho atuye n'isano bafitanye.

- Inyandiko y'iranga-mimerere mu mahanga ikorwa n'Abaduhagaraliye muli ayo mahanga.

## III. IKIGANIRO CYEREKEYE IBARURA RY'ABATURAGE.

Ibyerekeye ibarura byatangiye mu gihe abamisiyoneri ba mbere bageraga ino mu Rwanda, hamwe na za raporo zatangwaga n'abazungu bali bakigera ino. Muli 1907, niho bavugaga ko mu Rwanda hali 1.500.000 nabwo bakulikije densité y'abaturage ibyo babibonaga bahereye ku mubare w'amazu bahura nayo ku mayira aho banyuraga. Muli 1903 nibwo umupadiri Van Der Burght yavuze ko abavuka baruta abapfa ibyo byali ibyerekana ko buli mwaka abantu biyongeraga kandi abamisiyoneri benshi barabyemeje. Uko icyo gihe (1903) imyiyongerere yali imeze, ubu abaturage baba barabaye benshi iyo hataza kubaho inzara z'ibyorezo.
Muli 1922, ababiligi bagitangira gutegeka u Rwanda, bashyizeho amategeko yo kubarura abagabo bashoboye imilimo no gusora, bakabandika muli za registres. Bahereye k'uwo mubare, bagereranyaga umubare w'abanyarwanda bose. Bigeze muli 1931, bategeka ko abanyarwanda bose babarulirwa ku mafishi, niko gushyiraho agatabo (certificat d'identité) kagirwaga n'abagabo gusa, aliko kakandikwamo abali mu mulyango wabo bose. Ibyo babishobozwaga no kwohereza mu misozi abantu bo gupererereza umubare w'abatuye buli karere (enquêtes démographiques). Muli 1948, hashyizweho itegeko-teka lishyiraho ibitabo byo kwandikamo abavuka n'abapfa kandi liteganya iminsi mirongo itatu ntarengwa, n'ibihano ku bakererwa kwandikisha cyangwa kwandukuza.

<u>Mu gitabo cy'amavuko</u> :

Handikwagamo amazina yose y'umwana, igitsina, italiki yavutseho, amazina ya se na nyina, ubwoko, umusozi cyangwa adresse iyo yabaga atuye mu mugi. Kuva icyo gihe nta lindi tegeko, uretse ko mw'itegeko lyo kuwa 19 Gashyantare 1964 halimo inyuzuzo zivuga ko uwo babara ko ali umwana ali utarageza ku myaka 16 y'ubuvuke.

<u>Mu gitabo cy'abapfuye</u> :

Hagombaga kwandikwamo amazina y'uwapfuye, igitsina, italiki yapfiliyeho amazina ya se na nyina, ubwoko, umurenge yali atuyeho, byashoboka bakandika n'italiki yavutseho. Uwandukuza ni se, nyina, cyangwa se undi muntu uzi neza uko gupfa. Igihano cy'uwirengagizaga ilyo tegeko cyali icy'amafranga ijana cyangwa umunyururu w'iminsi ilindwi. Kugeza n'ubu, nta lindi tegeko lyalisimbuye.

Muli 1961, Résident Général ashyiraho itegeko-teka lyerekeye ibarura n'iyimuka ly'abaturage b'u Rwanda n'Uburundi. Icyo gihe n'abanyamahanga b'ibihugu bidukikije babarwaga kimwe na twe. Abantu bose bujuje imyaka 18, ali abahungu cyangwa abakobwa, bagombaga kujya kwiyandikisha ubwabo mu gitabo cy'ibarura ly'abaturage (Registre de population). <u>Muli 1963</u>: Président w'u Rwanda ashyiraho itegeko-teka lyerekeye ibarura ly'abaturage, ikarita ibaranga n'iyimuka lyabo. Ilyo tegeko-teka ryahamijwe n'itegeko ryo kuwa 19/2/1964 ryerekeye ibarura, ikarita iranga umuntu, n'ifishi ya Recensement.

.../...

Muli 1972 ; niho hasohotse instruction ishyiraho ibiro bya Recensement muli buli Komini liherekejwe n'inyigisho 1272/APA/REC yo kuwa 21/7/1972 ali nalyo ryavugaga imilimo umukarani w'ibarura ashinzwe.

Muli 1972: niho i Murambi hatangiye ihugurwa ryabo bali bashyizweho, hahugurwa abakarani b'ibarura ba Komini.

Muli 1976: nibwo abakozi b'ibiro Recensement na Statistiques bo muli Ministeri y'Ubutegetsi bw'Igihugu bateranyije abashinzwe ibarura muli za Prefegitura zose, abakarani b'ibarura basabye ko habaho ihugurwa kuko muli bo batabyize.

Muli 1977: nibwo abakozi ba Ministeri y'Ubutegetsi bw'Igihugu hamwe na Plan bafatanyije n'Umulyango w'Abibumbye bakoze ibarura ntanga-rugero aliryo lyateguraga ibarura rusange.

Muli 1978: habayeho ibarura rusange ali naryo ryagaragaje umubare wa 4.817.319 baliho mw'ijoro ry'ifatizo ali ryo kuwa 15/8/1978. Uwo mubare ntiwatandukanye n'uwo Komini zose zohereza kuko twali dufite 4.416.174 abo barengaho byatewe n'abantu batigeze biyandikisha. Aho urwandiko rwa Ministri w'Ubutegetsi bw'Igihugu N°203/03.05/1 rwo kuwa 9/2/1979 nirwo rwasobanuye uko bagomba kureba impamvu umubare w'abaturage biyongereye cyangwa babuze. Aho twavuze ko batagomba gufata umubare wa Recensement Général bibwira ko aliwo nyakuli.

Muli 1979: nibwo hatangiye ihugurwa ry'abashinzwe ibarura muli buli Komini zose z'u Rwanda likaba ryaratangiye muli Nyakanga 1980.

## CHAPITRE I. IBYEREKEYE IBARURA MU GIHE TUGEZEMO

Ibarura ni ubulyo umutegetsi agomba kwifashisha kugira ngo amenye umubare w'abantu ategeka akulikije ibitsina, imyaka, imirenge n'amoko. Ibyo bigatuma Leta ishobora guteganya neza imishinga ikulikije umubare w'abantu izagilira akamaro. Gutanga imibare y'imihimbano bituma imishinga ali iya Komini, ali niya Leta idashobora gukorwa ku bulyo butunganye. Kumenya umubare w'abashoboye akazi, abagomba gusonerwa n'abagejeje ku myaka yo gusora.

### IBYEREKEYE USHINZWE IBARURA MULI KOMINI

Umukarani w'ibarura agomba kuba umuntu witangiye ako kazi kandi agomba kugira ibanga kuko ibyerekeye imibereho y'abaturage bali muli Komini aliwe ubibitse mu mafishi. Burgumestri agomba guhora areba imikorere ye kandi nawe agashaka ubulyo ako kazi karushaho kumvikana, mu nama agirana n'abategetsi b'inzego zose zili muli Komini, nabo bakabwira abaturage amategeko yo kwandikisha. Muli make dore ibyo agomba gukora:

Iyo ugeze mu makomini amwe usanga batazi itandukaniro ly'umukarani wa Komini n'umukarani w'ibarura. Umulimo w'umukarani w'ibarura niwo utuma dushobora kumenya umubare w'abatura-rwanda mu byiciro byabo byose (ali inkumi, ali abasore, abasaza, ibimuga, etc).

.../...

1. Guhora yandika mu gitabo cy'ibarura ly'abaturage (registre de population) ibigomba kujyamo byose, ni ukuvuga rero ko agomba kwandikamo abanyarwanda bose bujuje imyaka 16 bavutse akulikije amabwiliza yatanzwe. Kuzuza amafishi na carte d'identité.

2. Gutanga umubare w'abanyarwanda bose ba buli murenge, akulikije imyaka, amoko n'ibitsina, igihe cyose awubajijwe.
   Kwandika no gufata neza registres z'ubwoko bwose (entrées, sorties, décès, mariages, naissances, gros bétail)

3. Kuvangura amafishi bakulikije ibitsina n'imirenge no kumenya umubare w'abanyamahanga bali muli komini ukulikije igihugu cy'inkomoko.
   Kuzuza za attestations akulikije ibyanditse ku mafishi.

Uko bikunda kugaragara, za Komini nyinshi zikunda gutanga Raporo zikerewe; ibyo bigatuma imilimo yo muli Ministeri y'Ubutegetsi bw'Igihugu, mu biro bya Recensement igenda buhoro kandi nabi.

Ingingo z'ingenzi zigize izo raporo ni izi :

a) Buli kwezi hakorwa raporo itwereka abaturage baliho ukwezi gutangira, abavutse, abapfuye, abaje gutura n'abimutse muli uko kwezi. Wamara kubona umubare w'abiyongereye, ugashaka umubare w'abaturage mu mpera z'uko kwezi.

b) Buli gihembwe, hakorwa raporo y'ibarura ly'inka. Ilyo barura ligomba kugaragaza umubare w'aborozi n'inka za buli gitsina ukulikije uko zingana kandi ukulikije imirenge y'aborozi.

c) Raporo y'umwaka igomba kuba igizwe n'ibintu bikulikira :

* Imyiyongerere y'abaturage ya buli kwezi
* Imyiyongerere y'abaturage y'umwaka wose
* Umubare w'abaturage bose mu dutsiko no mu bitsina babalirwamo ukulikije ifishi ya Komini
* Umubare w'abaturage bose ukulikije imyaka, ibitsina n'amoko
* Umubare w'inka ku wa 31 Ukuboza. Icyakora haba ubwo zigera kuli Prefegitura zigatinda muli Secrétariat cyangwa kwa antenne Statistique ibyo navuze ko bagomba kuzohereza uko zimeze tukazikosora.

IBARURA RUSANGE

Ibarura rusange ly'abatura-Rwanda lyabaye muli Kanama 1978 twasanze lyaraduhaye imibare inyuranye cyane n'iy'ibarura dusanzwe dukora muli Komini.

Impamvu zabiteye zihali ali nyinshi iz'ingenzi ni izi zikulikira :

- Abantu batuye muli Komini aliko batazwi
- Ababalirwa muli Komini batuyemo no mu zo bacumbitsemo
- Abimutse aliko bakabalirwa aho bali basanzwe batuye.

.../...

Kugeza ubu rero biracyaturuhije kwemera imibare y'ilyo barura rusange. Aliko kandi, mu gihe tutarabona umuti w'icyo kibazo kandi ngo tubone Résultats définitifs z'ilyo barura, turacyakomeza gukoresha imibare dusanganywe. Abakarani b'ibarura rero batayе umubare bali bagezeho bakifatira uw'ibarura rusange, basabwe gukomeza imibare yabo bali basanganywe, aliko bakihatira gusuzuma muli buli segiteri niba biliya byavuzwe haruguru bitaliyo. Ba Burgmestri bagomba kwibutsa abaturage ko bagomba kwiyandikisha bitarenze igihe amategeko ashyiraho.

## IBIGUZI BY'IBYEMEZO BITANGWA NA LETA BYEREKEYE ETAT-CIVIL

Itegeko ryo kuwa 13/3/1970 lishyiraho ibiciro byerekeye ibyemezo bitangwa na Komini kimwe n'iryo kuwa 19/2/1964 ryerekeye ibarura, ifishi y'ibarura na Karita iranga umuntu byashyizeho ibiciro ntarengwa. Biratangaje gusanga ibyo biciro bitandukana uko uvuye muli Prefegitura imwe wajya mu yindi naho bigahinduka, mu makomini, bamwe bitwaza ngo ni ukongera umutungo wa Komini ngo kandi inama ya Komini ikaba yabyemeye. Aha ndagira ngo mbibutse ko nubwo hali abitwaza ko Komini ifite ubuzima gatozi, ntibiyibuza kugengwa n'amategeko y'Igihugu. Itegeko lihindurwa n'ilindi tegeko cyangwa na Décret-loi, na Ministri ntafite uburenganzira bwo guhindura itegeko, murumva ko kwitwaza inama ya Komini ngo niyo ihindura amategeko byaba ali ugukabya. Kuki nta Komini n'imwe yali yashyiraho amafranga 1.000 kw'ibarate ry'umusoro? Kuki se ibindi byemezo byanditseho ayo mafranga bamwe basiba ayo mafranga bakiyandikiraho andi n'ikaramu. Itegeko ryo kuwa 19/2/1964 livuga ko iranga muntu ya mbere mu Rwanda hose itangirwa ubuntu, naho iya kabili igatangwaho amafranga 20. Ayo si make kuko muli imprimerie igura 2,60 Frw. Itegeko ryo kuwa 13/3/1970 livuga ko:

- icyemezo cy'ubudakemwa mu mico no mu myifatire kigura 50 Frs
- icyemezo kiranga umuntu 50 Frs
- icyemezo cyo kuvuka 50 Frs
- icyemezo cyo kuba warashyingiwe 50 Frs
- icyemezo cyo kuba utarashyingiwe 50 Frs

Ayo mategeko yose nta yandi arayasimbura ni ukuvuga ko agomba gukulikizwa.

## IBYEREKEYE IYOHEREZA RY'IFISHI

Ubundi iyo umuntu agiye gutura mu yindi Komini, Burgumestri wa Komini agiyemo yandikira aho uwo aturuka, nawe yasanga nta kimubuza kwimuka bakayohereza muli iyo Komini nta mafranga bagomba guca umuntu kubera ko ashaka kwimuka. Dore impamvu itegeko lyashyizeho zishobora kubuza umuntu kwimuka:

1. Iyo uwimuka akulikiranywe n'urukiko
2. Iyo iyimuka litemewe kubera indwara y'icyorezo cyangwa yanduza mu karere kandi byemejwe na Muganga
3. Iyo uwimuka ali umugore wasezeranye n'umugabo mu rukiko cyangwa idini kandi umugabo we atemeye ko yimuka
4. Iyo iyimuka linyuranyije n'itegeko ryemeza aho uwimuka agomba gutura n'aho atagomba gutura. Uwangiwe kwimuka ashobora kujulira kwa Prefe. Prefe atanga icyemezo cye kibirangiza.

.../...

UMUSHINGA WO GUSUBIRA MW'ITEGEKO LYO KUWA 19 GASHYANTARE 64
RYEREKEYE IBARURA LY'ABATURAGE, IKARITA IBARANGA N'IYIMUKA LYABO

Kugeza ubu, ilyo tegeko lyo kuwa 19 Gashyantare 64 nilyo dukoresha mu byerekeye ibarura, ikarita iranga umuntu n'iyimuka. Twasanze rero hali ingingo zigomba kongerwamo, ndetse tunasanga hali n'izigomba kuvamo. Dore bimwe mu byo duteganya kuba twahindura :

1. Uretse amategeko yo mu gihe cya gikolonize, twasanze nta hantu na hamwe ilyo tegeko liteganya iminsi ntarengwa yo kwandika cyangwa se kwandukuza, abavutse, abaje gutura, abapfuye n'abimukiye ahandi. Muli uwo mushinga rero mbabwira, nanone twasanze iminsi mirongo itatu, nkuko itegeko lyo muli 48 lyabiteganyaga, ihagije kugira ngo abandikisha n'abandukuza babo bamaze kubirangiza.

2. Ubusanzwe umwana wavutse bamwandika mu gitabo cy'abavuka, kw'ifishi no kw'iranga-muntu bya se cyangwa bya nyina. Twabonye ko kugira ngo imilimo y'ibarura yihute kandi ikorwe neza, byaba ngombwa ko abo bana bakwandikwa no ku mafishi yabo bakivuka. Ayo mafishi kandi akandikwaho umwirondoro wose w'umubyeyi we cyangwa se w'undi umurera.

3. Amaranga-muntu ateganya umubare w'abana cumi na babili. Havutse rero ikibazo ku babyara abana barenze uwo mubare : ese uzajya awurenza azahabwa indi ranga-muntu cyangwa uzavuka nyuma yawe ntaho azajya yandikwa ? Niyo mpamvu yatumye ku iranga-muntu nshya dushaka gukora duteganya imyanya ihagije, ku bulyo icyo kibazo kitajya kibaho. Ikindi kandi, abantu bajyaga babeshya Ubutegetsi, ngo umugore wanjye ni Nyirakanaka cyangwa umugabo wanjye ni Runaka. Ibyo byatumye dushyiraho umwanya w'ifoto y'uwo umuntu yashakanye nawe, ni ukuvuga ko igihe umuntu agiye gushyingirwa kuli Komini bazajya bashyiramo ifoto y'uwo bashakanye bagateramo kashe ya Komini. Igihe cyo kwimuka uwimuka azajya kuli Komini kavukire yerekane icyemezo ko yabonye isambu mu yindi Komini. Nibasanga nta kimubuza kwimuka, umukarani w'ibarura azajya asigarana iranga-muntu uwimuka yali asanganywe, amwandukure muli registre de population amwandike no muli registre de sorties hanyuma Komini avuyemo imuhe attestation isimbura iranga-muntu yali afite. Ifishi ye bazajya bayishyira mw'ibahasha bayifunge, bayishyireho na kashe bayihereze nyirayo ayijyanire muli Komini agiyemo naho bamwandikire indi ranga-muntu, bamushyire no muli registre des entrées. Ibyo bizatuma amafishi atongera gutinda mu nzira.

Burgumestri wa Komini, abifashijwemo na conseiller, uyu nawe abifashijwemo na ba responsables na membres ba za cellules, agomba kumvisha abaturage akamaro kanini ibarura lifite mu gihugu. Ntagombye kubivuga, ndakeka ko ntawe utazi ko igihugu gikeneye kumenya umubare w'abantu batuye buli karere, kugira ngo kibone neza uko cyatuzanira imishinga yo kuduteza imbere no kudufasha ali mu kubaka amavuliro, amashuli, amazu y'ibigo bitsura amajyambere n'ibindi... Niyo mpamvu rero mugomba kumvisha abaturage muyobora ko buli gihe cyose bibaye bagomba kumenyesha umukarani w'ibarura ibi bikulikira : abavutse, abapfuye, uwakoraga kandi asora akamugara, kwimuka uje gutura cyangwa ugiye ahandi, abana biga n'abatiga, abagore batandukanye n'abagabo ndetse n'abakobwa babyaliye iwabo. Conseiller kandi agomba kwihatira kumenya inka buli mworozi wo muli segiteri ye afite akabishyikiliza umukarani w'ibarura akulikije ibi bikulikira :

.../...

- Amazina y'aborozi, imitavu y'ibimasa, inkone, imfizi, imitavu y'inyana, amashashi n'inka nkuru. Bityo bizatuma umukarani w'ibarura ashobora kurangiza umulimo ashinzwe, kuko muramutse mumuterceranye bizamupfana, ubwo bitume Komini yanyu itamenyekana neza.

IBYEREKEYE IHUGURWA RY'ABASHINZWE IBARURA MU MAKOMINI YOSE Y'U RWANDA

Kuva kera abakozi ba Komini bagiye bahugulirwa akazi kabo. No muli Diskuru-Programu yo kuli 08/1/1979 ya Nyakubahwa Prezida wa Republika yavuze ko Ministeri y'Ubutegetsi bw'Igihugu igomba kureba uko yahugura abakozi. Kuva kera iyo Ministeri y'Ubutegetsi bw'Igihugu yahuguye ibyiciro byinshi by'abakontabule ba Komini kugeza nanubu ihugura ba Sekreteri ba Komini, none imaze guhugura ba Recenseurs bose bo mu Rwanda. Fondation Adenauer niyo yaduhaye amafranga yo guhugura ibyiciro bibili by'amakomini 60 ni ukuvuga guhera muli Kanama itangiye kugeza mu mpera z'ugushyingo 1979.

Ayandi twayahawe na Leta y'Ububiligi. Certificats z'abo mu cyiciro cya kabili zatanzwe na Ministri w'Ubutegetsi bw'Igihugu ubwe.

Kuli 143 bahuguwe ( 130 ) babonye certificats
( 11 ) barazibuze, 2 bagiye batarangije.

Muli abo bose halimo abakobwa 5 kandi bose babonye amanota meza. Abigishije bose bavaga muli Ministeri y'Ubutegetsi bw'Igihugu. Hali inyigisho esheshatu zigasobanurwa na Travaux Pratiques twakoreshaga muli za Komini za Gitarama, Butare na Kibuye. Dore uko izo cycles zagendaga:

1. Maître de stage :

Ni Umuntu wagombaga kubayobora, akareba niba abaprofeseri bigisha neza kandi akaba ashinzwe uwo mulimo muli Ministeri. Ministri w'Ubutegetsi bw'Igihugu yali yohereje yo umuntu wabanaga nabo abacunga.

2. Cours y'imibare na Statistiques :

Iyo cours ituma nk'igihe bakora monographie ya Komini, ushinzwe recensement muli Komini ashobora kugiramo akamaro kanini.

- Gukora neza za tabulo zoherezwa muli Services zishinzwe statistiques
- Gukora neza raporo y'umwaka, igihembwe n'ukwezi ukulikije ibitsina, amoko n'imyaka.
- Gukora za graphiques z'ubwoko bwose
- Gushushanya pyramides z'uko abantu barutany'imyaka haba pyramide ya Komini, iya Prefegitura ndetse n'iy'u Rwanda.
- Indi mibare ikunda gukoreshwa.

3. Cours ya Education Civique :

- Kumenya uko u Rwanda ruteye
- Kumenya amataliki y'ingenzi mu Rwanda
- Kumenya uko Prefegitura zose ziteye
- Kumenya uko inkiko zikulikirana
- Kumenya organigramme ya Ministeri y'Ubutegetsi bw'Igihugu
- Kumenya inzego za Muvoma uko ziteye

.../...

1. Recenseur agira ingorane ku byerekeye ihindura ry'amafishi kubera ko muli ibyo biro hakoreramo abantu benshi, akenshi ugasanga Sekreteri wa Komini afungirana akabati kalimo amafishi.

- Kuli ibyo Secrétaire Général yavuze ko amafishi ali ikintu gikunda gukurura amatiku mu gihugu cyane cyane iyo batangiye guhindura amoko n'amazina. Niyo mpamvu muli plan ya Commune nshya bubaka hateganyijwe ibiro byihaliye by'ushinzwe Recensement.

2. Ku byerekeye ibikoresho bavuze ko ba comptables bashinzwe approvisionnement y'ibikoresho bya Komini bitwalira gitansi gusa.

- Aho Secrétaire Général yavuze ko ibikoresho bihali kandi bitagurwa, Burgumestri agomba kumvisha abakontabule ko bagomba gufata ibyo bikoresho kuli Prefegitura.

3. Ikibazo cyerekeye urwego recenseur wa Komini alimo. Ubundi Recensement ni service ya Komini ikomeye kandi ifite akazi kenshi. Niyo mpamvu yavuze ko mw'ivugururwa rya stati y'abakozi ba Komini, service za Ministeri y'Ubutegetsi bw'Igihugu zizabyitaho.

Kw'italiki ya 26/11/1979 nibwo Nyakubahwa Ministri w'Ubutegetsi bw'Igihugu yijihije umuhango wo guha Certificat abali barangije ikiciro cya kabili. Aho yavuze ko igihugu cyitaye ku mulimo w'ibarura, ko ba Burgmestri bafatanyije na ba Recenseurs bagomba kwilinda ingeso mbi yo kwemera ko abantu bahindura amoko. Yakomeje avuga ko azakomeza kwita ku cyateza imikorere ya Komini imbere.

## UMUSOZO:

Kuva kera kose, igihugu cyabaga gikeneye kumenya umubare w'abantu bagituye. Ndetse ugiye na kure cyane, wasanga ko na mbere yuko abantu bamenya kwandika byabaga ngombwa ko bimenya umubare wabo, kugira ngo babone uko bategura intambara yo gutera i Bunaka cyangwa i Bunaka. Ni ukuvuga rero ko ibarura lyali ngombwa kandi likili ngombwa. Aliko kugeza ubu, n'ubwo Ministeri y'Ubutegetsi bw'Igihugu idahwema gushaka icyateza ibarura imbere, ntabwo irashobora kugera k'umugambi n'intego ifite. Dore bimwe mu bidindiza uwo mulimo:

1. Muli Komini zimwe na zimwe zidafite ibiro bwite by'abakarani b'ibarura usanga buli muntu wese afata mu mafishi ukwo ashaka, akandika muli registres agatanga amaranga-muntu, kandi nta burenganzira babifitiye nta n'amabwiliza bazi.

2. Mu mategeko agenga ibarura, abana b'indaya cyangwa b'indaro bandikwa ko base batazwi. Hali ba Burgmestri bategeka ngo nta mwana utagira se. Ese hali umwana ufite se wandikwa mw'iranga-muntu ya nyina ?

3. Amakomini amwe n'amwe ntiyita mu gushaka ibikoresho by'ibarura, (udusanduku tw'amafishi, duhagije kandi tulinganiye, Registres).

4. Iyo umukarani w'ibarura atazi kwandikisha imashini, Burgmestri agomba gutegeka ko umukarani wa Komini yandika raporo y'ibarura uyishinzwe aba yamaze gutegura.

Ibyo byose navuze haruguru nibimara kwitabwaho, umulimo w'ibarura muli Komini uzagenda neza, bityo, bitume u Rwanda rumenya neza abarutuye.

...\...

## IV. ITORANYWA LY'ABASILIKARE N'IMYIFATIRE YABO IYO BAVUYE KU KAZI

Ba Militants ba Mouvement Révolutionnaire iharanira amajyambere y'u Rwanda, muli iyi nama yabateguliwe na Ministeri y'Ubutegetsi bw'Igihugu, tugiye kurebera hamwe ibyerekeye :

a. Recrutement y'Abasilikali

b. Abasilikali ba réservistes

c. Abasilikali birukanywe mu kazi.

Isobanura ly'impamvu

a. Mushinzwe kuyobora abaturage, muli abo baturage halimo abasore mwohereza kugira ngo batorwemo abajya mu Ngabo z'Igihugu.

b. Mu baturage muyobora hali ba réservistes ni ukuvuga abasilikali bavuye mu busilikali barangije neza intaro zabo aliko bakili mu mubare w'abatabara igihugu bongeye guhamagarwa busilikali, kubera iyo mpamvu ni cyo gituma bakunda guhamagalirwa kuza kwihugulira imyitozo ya gisilikali.

c. Hali kandi abali abasilikali bakirukanwa kubera amakosa cyangwa ubushobozi buke mu mulimo wa gisilikali abo nabo bagaruka muli Komini mushinzwe.

Birakwiye rero yuko twarebera hamwe uko abanyarwanda bali muli ibyo bice uko ali bitatu (Recrutement, Réserviste, Renvoyé) ibyo uko biteye, tukarebera hamwe umuti ku ngorane mwaba muhura nazo.

Isobanurwa lya buli gice

1. Kwinjira ku kazi : Recrutement

a. Kugira ngo umuntu yemererwe kwinjira mu ngabo agomba:
- Kuba ali umunyarwanda
- kuba indakemwa mu mibereho no mu mico
- kutagira icyabuzwa mu byerekeye uburenganzira na politiki (adafite imiziro)
- kugira imyaka 16 nibura, kuba atarengeje imyaka 24
- kuba afite imbaraga zihagije
- kuba atarashyingirwa
- kuba yararangije amashuli abanza (cycle ya réforme yose).

b. Ibyitonderwa :

(1) Kuba indakemwa mu mibereho no mu mico, hali abavuga bati amabandi akaze ni abasilikali birukanywe ku kazi, imyitozo babigisha niyo bakoresha iyo bagiye kwiba. Niba Burgumestri yarohereje abasore nawe bamunaniye, agira ngo abikize, ni ngombwa ko bazamugarukira uko yaboherej e, kuko Ubusilikali butazagorora umutima wabo basore banze imiti niyo mpamvu mwagombye kwohereza abasore bafite ubwitonzi "attestation de bonne conduite, vie et moeurs" igahabwa ufite ubwitonzi buhagije kandi bumuzwiho.

.../...

(2) Kuba ufite imbaraga zihagije, iyo habaye Recrutement (kandi ishobora kuba nka gatatu mu mwaka) Prefegitura ifite umubare wabasore itanga, niba Prefegitura igomba gutanga abantu ijana (100) byali bikwiye yuko buli Komini nayo yagira abantu muli iryo 100. Mukwiye kujya mufasha ba Cond Unité gushaka abasore b'inyanga-mugayo kandi bakomeye. Dukunda kubona za Komini zifite umugi zitanga abantu benshi bavuye mu nyandagazi zili mu mugi bagera mu busilikali ugasanga barananiranwa bakwirukanwa bagasubira mu bwomanzi bwabo bwa mbere.

(3) Ibyerekeye imyaka ya ngombwa kugira ngo umuntu yinjire mu busilikali, gushaka abasore bafite ingufu bazima bafite imyaka 16, abakobwa nabo mutabibagiwe. Bagomba kuba/balize amashuli yose abanza ya Primaire n'aya réforme alimo. Birumvikana rero yuko igihe Burgumestri azaba yohereje abantu badashobotse, atazibwira ko abo bantu bashobora kuvamo abakozi beza ndetse guterwa ubwoba n'uko izo nkozi z'ibibi mwikiza muzohereza mu busilikali zizarusha ubugome zigarutse mu baturage kuko zizaba zalize imyitozo ziyishingikiliza.

2. RESERVISTE

a. Réserviste ni umuntu ki?

Ni umusilikali warangije kontaro ye mu Ngabo z'Igihugu hanyuma akaza gusubira ku musozi we ategereje ko bakongera kumuhamagara ngo atabare cyangwa akore imyitozo kugeza igihe azaba arangije imyaka 45 y'amavuko ku basoda n'abafite ipeti ya sous-officier, imyaka 50 kuli ba Officiers bo mu rwego rugufi (subalternes), imyaka 55 kuli ba Officiers bakuru.

b. Ni nde ushobora kuba Réserviste?

- Officier wese ufite nibura imyaka 10 y'akazi, ubisabye kandi akabibonera uruhusa rwa Prezida wa Republika.
- Ba sous-officiers basinye kontaro burundu, bafite nibura imyaka 10 y'akazi kandi bakaba batavanwe mu Ngabo kubera ibyaha. Ministri w'Ingabo niwe ubemerera kuba ba réservistes.
- Abasilikali bose ba sous-contrat iyo batashye igihe basezeranye kirangiye ntibiyongeze intaro.

c. Hali iteka n° 3/11 lya Ministri w'Ingabo z'Igihugu lishinga amategeko agenga ba Réservistes lyo kw'italiki ya 1 Mutarama 1963 ligomba kuvugururwa bitewe n'igihe tugezemo, ibice by'ingenzi bizagumaho. Bimwe muli ibyo bice ni ibi:

- Réserviste iyo asezerewe, Leta imugeza muli Prefegitura ye.
- Réserviste agomba gusinyisha igitabo cye kwa Comd Circ no kwa Burgumestri wa Komini ye.
- Réserviste ntashobora kwambara imyambaro ya gisilikali keretse igihe yongeye guhamagarwa mu Ngabo. Ba Officiers bo bashobora kwambara imyenda ya gisilikali ku minsi mikuru (grande tenue ou tenue de cérémonie).
- Réserviste agomba gutanga umusoro amaze imyaka 2 abaye réserviste
- Réserviste wimukiye mu yindi Komini cyangwa mu yindi prefegitura agomba kubimenyesha Burgumestri na Comd Circ w'aho avuye n'aho agiye.

.../...

- Réserviste ushaka gutembera cyangwa kwimukira mu kindi gihugu agomba kubisabira uruhusa umukuru w'Ingabo z'Igihugu abinyujije kuli Burgumestri ndetse na Comd Circ we. Iyo yemerewe kugenda, agomba gukulikiza amategeko ya Immigration.

- Réserviste iyo yagiye mu kindi gihugu, iyo agarutse agomba kujya kwiyerekana kwa Comd Circ na Burgumestri.

d. Ibireba Komini ku byerekeye Réserviste

- Burgumestri agomba gusinya mu gitabo cya réserviste amaze kugenzura niba koko nyiri igitabo ali réserviste; réserviste wenyine niwe utahana Livret Militaire, n'umusilikali réformé.
- Burgumestri agomba kumenya ba réservistes be, aho batuye, icyo bakora ndetse n'imico yabo.
- Mu gihembwe cya kane cya buli mwaka, Burgumestri agomba gutegura rapport ivuga ba Réservistes be uko bangana naho batuye n'icyo bakora; iyo rapport akayohereza Comd wa Circ nibura taliki ya 31 Ukuboza buli mwaka.
- Burgumestri agomba kumenyesha Comd Circ Réserviste witabye Imana, wabuze cyangwa wimukiye ahandi. Iyo réserviste apfuye, Burgumestri agomba kwohereza Comd Circ Livret Militaire y'uwo réserviste.

N.B.: Ku bandi réserviste ni umuturage nk'abandi, agomba gukulikiza amategeko nk'abandi baturage muli Komini.

3. Abasilikali birukanwa mu Ngabo

a. Umusilikali wirukanwe:

Ni uwavanwe burundu mu Ngabo z'Igihugu, kubera ubwitonzi bwe buke kubera ibyaha bitambamiye amategeko ya gisilikali ndetse anareba abantu bose.

N.B.: Hali n'abandi bisabira kuva mu busilikali nta cyaha barangwaho, n'abandi bananirwa n'amashuli ya gisilikali bagasezererwa (E.S.M. - E.S.O.).

b. Wamenya ute umusilikali wirukanwe ?

Abasilikali birukanwe nta gitabo Livret Militaire bahabwa.

EM AR yohereza buli Komini Listi y'abasilikali birukanwe kavukire k'iyo Komini.

c. Ibyitonderwa:

- Umusilikali wirukanwe nta myenda ya gisilikali ashobora kwambara, réserviste nawe ni uko.
- Umusilikali wirukanwe agomba gutanga umusoro (impôt capital), ntagomba kwiyitiranya na réserviste kugira ngo atawutanga.
- Umusilikali wirukanwe uretse abo twavuze mu cyitonderwa (N.B.), agomba kuguma muli Komini ye imyaka 2 kugira ngo yerekane imyifatire ye muli Komini mbere yo guhabwa ibyemezo ngombwa by'abashaka akazi.

.../...

- Burgumestri agomba kugira registre des Militaires renvoyés, agakulikirana uko bifashe muli Komini, akamenya aho bacikira kugira ngo batiremamo ibico by'abagizi ba nabi.
Umusilikali wavuye mu Ngabo abyisabiye, yirukanwe muli E.S.M. kubera ubushobozi buke, nta kato agomba kugilirwa; EM AR niyo imenyesha Komini bene abo bantu.

4. ABASILIKALI "REFORMES"

a. Uretse abaréservistes n'abasoda birukanwe, haba n'abandi basilikali baba baravanwe mu Ngabo kubera ubuzima buke (réformés - inaptes).

b. Bimwe mubireba ba Réformés:

- Réformé nta musoro atanga keretse akize indwara ye, agomba kwerekana impapuro za Muganga n'iza "Caisse Sociale".

- Nta myambaro ya gisilikali agomba kwambara.

.../...

KWINJIZWA MULI JANDARUMERI Y' IGIHUGU

Umutwe wa Jandarumeri y'Igihugu ni umwe mu Mitwe igize Ingabo z'Igihugu. Ibereyeho kwubahiliza ituze, kugarura ituze mu Gihugu igihe ryahubanganijwe, kwubahiliza amategeko n'amabwiliza atangwa n'Ubutegetsi. Uwo mutwe washyizweho n'Itegeko-teka ryo kuwa 23 Mutarama 1974 watangiye kwinjiza ababishaka muli Mutarama 1975.
Ba Officiers bambere batangiranye na Jandarumeri bashyizweho kuwa 1 Kanama 1975 bakulikiwe na ba Sous-Officiers n'abandi basilikali bavuye mu Ngabo z'u Rwanda.
Kuva ubwo kugeza n'ubu, Jandarumeri niyo yiyinjiliza abashaka gukorera Igihugu bayilimo uretse ba Officiers.
Abasilikali ba Jandarumeri balimo ibice bitatu: Officier, Sous-Officier n'Abajandarume basanzwe. Buli gice gifite amategeko akireba mu byerekeye ukwinjizwa mu kazi.
Uko kwinjizwa akaba alicyo kiganiro ngiye kubabwira muli uyu mwanya.

IGICE CYA MBERE : Ba Officiers, binjizwa bate ?

Kugira ngo umuntu yemererwe kuzaba ofisiye agomba kuba yujuje ibi bikulikira :

a. kuba ali umunyarwanda;

b. kuba afite iranga-muntu cyangwa icyemezo cyayo;

c. kuba indakemwa mu myifatire, mu mibereho no mu mico. Icyemezo gitangwa na Burgumestri wa Komini akomokamo;

d. kuba atagira icyo abuzwa mu byerekeye uburenganzira agomba kugira mu mibereho ye no muli politiki;

e. kuba agejeje ku myaka y'amavuko 18 nibura kandi atarengeje 25;

f. kuba atarashatse. Icyemezo gitangwa na Burgumestri wa Komini akomokamo;

g. kuba nibura yararangije amashuli atandatu yisumbuye kandi akaba abifitiye gihamya (certificat cyangwa diplôme);

h. kuba afite imbaraga zihagije. Akoreshwa ibizamini na Ofisiye ubishinzwe.

i. kuba afite ubuzima butagira amakemwa; icyemezo gitangwa na Muganga w'Ingabo z'Igihugu;

j. gutsinda ibizamini byo kwinjizwa.

Abujuje ibya ngombwa byose bahita biga mu ishuli likuru rya Gisilikali liri i Kigali; limara imyaka ibili n'igice (amezi 30).
Iyo barangije kwiga, Etat-Major ya Jandarumeri isaba Ministeri y'Ingabo z'Igihugu umubare ibona ikeneye kandi ishoboye gukoresha.
Ministeri, icyo gihe, igabanya Imitwe yombi y'Ingabo z'Igihugu abo ba Ofisiye barangije. Abemerewe kujya muli Jandarumeri bahita batangira inyigisho zerekeye uwo mwuga; zimara amezi 6. Uretse abo biga mu Rwanda, hali n'abigira mu bihugu by'inshuti (Ububiligi n'Ubufaransa).

IGICE CYA KABILI : Ba Sous-Officiers

Kimwe na ba Ofisiye abashaka kandi bemerewe kuba Sous-Officiers bafite nabo ibya ngombwa buzuza. Gusa kuva aho Jandarumeri itangiliye kugeza ubu, Sous-Officier yagiye atoranywa muli ba Kaporali hakulikijwe ibi bikulikira :

.../...

a. kuba yaratsinze inyigisho zo mu ishuli rya Jandarumeri lili mu Ruhengeri alizo zamuhesheje ipeti ya Kaporali kandi akaba yarerekanye ko ashoboye imyitozo ya Gisilikali itangirwa muli Centre y'aba Komando mu BIGOGWE.

b. kuba afite nibura certificat y'amashuli atatu yisumbuye;

c. kuba ali indakemwa muli Discipline;

d. kuba asanzwe yerekana ubushobozi ku kazi ashinzwe.

Abemerewe kwigira kuba Sous-Officiers bajya mu Ishuli libigenewe (E.S.O.) lili i BUTARE, bahiga umwaka wose babona inyigisho za Sous-officier. Bahava bajya mu Ishuli rya Jandarumeri mu Ruhengeri kwigira mu gihe cy'amezi 8 umwuga wa sous-officier wo muli Jandarumeri. Inyigisho z'ingenzi bahabonera ni izibategura kuba OPJ (umugenza-cyaha ufite ububasha burambuye).
Inyigisho iyo zirangiye bakora stage y'amezi 6 mbere yo gutangira akazi ka OPJ.

<u>IGICE CYA GATATU</u> : <u>Abajandarume basanzwe cyangwa ba Kaporali</u>

Urubyiruko rushaka kuba Abajandarume rwuzuza ibi bikulikira:

a. kuba umunyarwanda
b. kuba indakemwa mu myifatire, mu mibereho no mu mico. Icyemezo gitangwa na Burgumestri wa Komini akomokamo.
c. Kuba atagira icyo abuzwa mu byerekeye uburenganzira agomba kugira mu mibereho ye no muli Politiki;
d. Kuba agejeje ku myaka 16 y'amavuko nibura kandi atarengeje 22 iyo ali umukobwa, kuba agejeje ku myaka 17 nibura kandi atarengeje 24 iyo ali umuhungu.
e. Kuba atarashatse. Icyemezo gitangwa na Burgumestri wa Komini akomokamo.
f. Kuba nibura yararangije amashuli 6 abanza kandi akaba abifitiye icyemezo (certificat cyangwa diplôme) gitangwa n'Umukuru w'Ishuli yizemo cyangwa se Inspecteur w'amashuli.
g. Kuba afite imbaraga zihagije. Akoreshwa ibizamini na Ofisiye ubishinzwe
h. Kuba afite ubuzima butagira amakemwa. Icyemezo gitangwa na Muganga w'Ingabo z'Igihugu.
i. Kuba afite iranga-muntu cyangwa icyemezo cyatanzwe na Burgumestri wa Komini akomokamo.
j. Gutsinda utuzamini two kugeragezwa.

Urwo rubyiruko iyo rwemerewe ruhita rujya muli Centre y'inyigisho mu Bugesera. Ruhamara amezi 6 rubona inyigisho ntangiliro za buli Musilikali wese. Iyo ruhavuye rujya kwiga imyitozo ya Gisilikali muli Centre y'abakomando mu Bigogwe; iyo myitozo imara amezi 2.
Ayo mezi arangira ruhita rujya mu Ruhengeri mu Ishuli rya Jandarumeri kwiga umwuga wa Kijandarume. Inyigisho zimara amezi 8. Nyuma y'izo nyigisho, abatsinze muli Centre y'Abakomando no mu Ishuli rya Jandarumeri, bahita babona ipeti rya Kaporali, abandi bakazalibona nyuma bitewe n'amanota babonye.

.../...

Ibiro bigenewe kwinjiza Abajandarume byakomeje kugenda bihura n'ingorane nyinshi zitewe n'uko abenshi mubabigenewe batita cyangwa batumva neza ibyo bakwiye gukora no kudahugukirwa neza mu mwuga wa Jandarumeri. Iyo bahamagaye abifuza kuba Abajandarume haza abo mu ma Komini amwe n'amwe kandi bake; abo bake nabo babonetse ugasanga bataratoranijwe nk'uko byifuzwaga. Ibyo biboneka/cyane cyane iyo urwo Rubyiruko rumaze gutangira akazi: bamwe bacisha ukubili n'amategeko abagenga, abandi ugasanga ali abantu baje kwihahira aho gukorera Igihugu. Kubera ko umwuga wa Jandarumeri uruhije kandi ko ushaka abantu b'inyangamugayo, iyinjizwa ry'ababishaka ryavuguruwe ku buryo bukulikira :

a. Ababishaka biyandikisha mu Bigo by'Ingabo z'Igihugu bibegereye kuva kw'italiki ya kabili Mutarama kugeza ku italiki ya 31 Ukuboza bya buli mwaka. Ibyo bigo ni ibi : KACYIRU (Groupement KIGALI) - GITARAMA - BUTARE - GIKONGORO - CYANGUGU-KIBUYE - GISENYI - RUHENGERI (Ishuli rya Jandarumeri) - BYUMBA - RWAMAGANA. Baza bitwaje za mpapuro za ngombwa zavuzwe haruguru.

b. Iyo izo mpapuro zimaze gushyikilizwa abategeka ibyo Bigo, ababigenewe barajonjora kugira ngo buli wese abe afite ibya ngombwa byose.

c. Buli munsi wa nyuma w'igihembwe, za mpapuro (dosiye) za buli kandida zoherezwa muli Etat-Major ya Jandarumeri ikajogora mu biyandikishije ireba abantu bashobotse, batazateza ihaya cyangwa ngo basebye Jandarumeri bagitangira.

d. Iyo iryo jogora lirangiye, Etat-Major isubiza Ibigo za dosiye zidashobotse igasigarana izo yasanze zuzuye kandi na/bene zo nt'amakemwa abarangwaho.

e. Iyo igihe cyo kwinjiza cyegereje, Etat-Major imenyesha Ibigo italiki n'ukuntu abatoranijwe bazaza i KIGALI.

f. Iyo abatoranijwe bageze i KIGALI, ibiro bishinzwe kwinjiza bifatanije na Ofisiye ushinzwe imyiyereko hamwe na Muganga w'Ingabo z'Igihugu birabasuzumisha kandi bikabakoresha ibizamini. Abahiswemo n'abo bantu uko ali batatu nibo baba bemerewe kujya muli Jandarumeri.

<u>ICYITONDERWA</u> :

Kugira ngo Jandarumeri ishobore kurangiza neza umulimo Igihugu cyayishinze, Burgumestri wese asabwe gufatanya n'abashinzwe kwinjiza kubimenyesha abasore n'abakobwa babishaka yemeraho ubushobozi n'ubwitonzi, ko impapuro zisinywe P.O. zitagifite agaciro. Kubera ko igihe ali kirekire kandi ko agomba kwisinyaho uwoherejwe na Komini ye, Burgumestri niwe wenyine ugomba gusinya impapuro zose za ngombwa zihabwa Umukandida.

Ntazatinye kuzima umuntu utaba muli Komini ye kandi ayanditswemo nta n'akazi kazwi afite ahandi; ntazatinye kuzima cyangwa kuvuga uko Umukandida ateye niba ali umuntu azwiho ubukubaganyi, urugomo no gukorakora k'utuntu tw'abandi.

<u>N.B.</u>: Kubera igihe gito, nta bibazo byashoboye kubaho, ba Burgumestri basabye abayobozi b'inama ko ababaganiliye uwo munsi bazajya babasanga muli Prefegitura zabo, noneho bakabaha ibisobanuro bihagije. Saa 4, ba Burgumestri biteguye kwakira umukuru w'Igihugu wali uje gusoza ilyo hugurwa bali bamazemo iminsi itandatu. Amaze kuhagera, saa 5 ba Burgumestri bamwakiranye animation baza kuvuga n'ili jambo likulikira :

.../...

IJAMBO RYA BA BURGMESTRI MW'ISOZA RY'IHUGURWA RYABO RYA GATATU RYABEREYE I BYUMBA KUVA KUWA 7 KUGEZA KUWA 13 NZELI 1980.

Nyakubahwa Bwana Prezida wa Republika, Prezida Fondateur wa MRND

Nyakubahwa Bwana Secrétaire Général wa MRND

Banyakubahwa bagize Comité Nyobozi ya MRND

Banyakubahwa ba Bwana Ministri

Banyakubahwa mwese muli hano,

Bubaye ubwa gatatu abayobozi ba Komini zose z'u Rwanda duteraniye hamwe biturutse ku cyifuzo cya Nyakubahwa Prezida wa Republika ushaka ko abayobozi bahura kenshi n'abayoborwa kugira ngo bashakire hamwe ibisubizo by'ibibazo bahura nabyo mu milimo bashinzwe yo gushyigikira ubumwe n'amahoro bizatugeza ku majyambere.

Nyakubahwa Bwana Prezida wa Republika, ukwigomwa imilimo mushinzwe, uyu munsi mukaza gusoza ili hugurwa, byongeye kutwereka ku mugaragaro ko mudatezuka ku mugambi wo kugira ngo Komini ibe koko ishingiro ry'amajyambere.

Iminsi tumaze hano turebera hamwe n'impuguke ibibazo duhura nabyo mu milimo dushinzwe ntiyadupfiliye ubusa:
Ibibazo bimwe byabonye ibisubizo, ibindi impuguke zitwizeza ko zigiye kubyiga, ibisubizo bikatugeraho vuba. Niyo mpamvu natwe tubijeje Nyakubahwa Prezida wa Republika ko tuzakora uko dushoboye kose, kugira ngo ibyo twungukiye hano bigere ku bo dushinzwe kandi bigaragare mu bikorwa.

Nyakubahwa Bwana Prezida wa Republika, kuba twiyemeje iyo ntego ntibyatubuza kubagezaho ingorane Komini ifite mu nzira yayo yo gutsura amajyambere.

Muli iki gihe, Komini zifite imyenda zitakwivanamo;
zimwe ntizigihemba abakozi, inyinshi ntizashoboye kwishyura imisanzu y'Isanduku y'Ubwiteganyilize bw'abakozi guhera muw' 1965; izindi ntizatanze taxes professionnelles kuva muli 1975. Hafi ya zose zilimo umwenda w'ubwubatsi bw'amashuli tutirengagije ko zitashoboye gutanga umugabane wazo mw'Isanduku itsura amajyambere ya Komini no kuyishyura indi myenda ziyifitiye.

.../...

None rero Mubyeyi Nyakubahwa Prezida wa Republika, kugira ngo Komini ikomeze gutera imbere, turasaba ko Leta yagoboka amakomini ikayishyulira iyo myenda, kandi ikajya iyagenera imfashanyo ihagije mu mushinga iteza rubanda nyamwinshi imbere :

- Nk'iy'ivugururwa ry'amashuli muli iki gihe
- Kuliha ibikorwa by'abaturage bili mu butaka Komini ikenera mu bwubatsi bwayo
- Guha Komini zose ku buntu imodoka no kuyisimbura igihe yashaje
- Gufata neza ubutaka
- Guhemba abatechniciens bose ubu beguliwe Komini
- No kongera umubare n'umushahara w'abazamu b'ibigo by'amashuli.

Dukulikije igihe tugezemo, ntawa kwibagirwa gusaba ivugururwa ry'Itegeko ryerekeye imitegekere ya Komini ryashyizweho muw'1963, muli 74 hagahinduka umutwe waryo wa mbere gusa. Na none Burgumestri uhagaraliye inzego zose z'ubutegetsi akaba n'umuyobozi wa Komini, turasaba ko yagira itegeko ryihaliye limugenga kandi limurengera.

Nyakubahwa Bwana Prezida wa Republika, ntitwarangiza tutongeye kubashimira Mwebwe Ubwanyu, hamwe n'abateguye ili hugurwa turangije cyane cyane Umunyamabanga Mukuru wa M.R.N.D., Ministri w'Ubutegetsi bw'Igihugu na za Ministeri n'Ibigo byose byatwohererej impuguke.

Turashimira abayobozi b'iki kigo batwakiliye neza bagakora uko bashoboye kugira ngo tumererwe neza hano i Byumba.

Harakabaho M.R.N.D. na Prezida Fondateur wayo.

Amajyambere nasagambe mu ma Komini.

......

Nyuma y'ilyo jambo lya ba Burgumestri, Umukuru w'Igihugu, Nyakubahwa Général-Major HABYARIMANA Juvénal yashoje ilyo hugurwa agira ati :

"Ba Bwana Burgumestri,

Muli uyu muhango wo gusoza iyi nama mumazemo icyumweru mwihugura, nejejwe no kubonana namwe, bityo tugashobora kuzuliza hamwe imwe mu ntego za Mouvement Révolutionnairë Iharanira Amajyambere y'u Rwanda, ihamya ko kubonana kenshi no gushyikirana kw'abayobozi n'abayoborwa ali bumwe mu buryo bugomba gufasha abanyarwanda kuzamura igihugu cyabo, kuko butuma basubiliza hamwe amaso inyuma, bakareba uko barangije imigambi biyemeje mu bihe bishize kandi bagasuzumira hamwe ibikwiye kugerwaho mu bihe bili imbere.

Imigambi y'ingenzi Igihugu cyose kigomba gukulikiza twayitangaje mbere na mbere muli Diskuru-Programu yo kw'italiki ya mbere Kanama 1973, tuyerekana ku bulyo buhamye muli Manifeste ya Mouvement Révolutionnaire Iharanira Amajyambere y'u Rwanda. Muli 1977, Plan National y'Amajyambere iduhamiliza ku bulyo burambuye imishinga ikwiye kwitabwaho mbere y'iyindi, n'inzira zigomba gukulikizwa, kugira ngo amajyambere yiyongere vuba. Imigambi mishya yindi, ikubiye muli Diskuru-Programu yo kuwa 8 Mutarama 1979.

Plan National yo izarangirana n'umwaka wa 1981 akaba aliyo mpamvu mu ijambo nabwiye abanyarwanda bose kw'italiki ya 31 Ukuboza 1979 mbifuliza umwaka muhire wa 1980, nibukije ko abashinzwe gutegura plan nshya bagomba gutangira gutegura ibizakulikiraho, bakulikije imigambi tubaha, ibyifuzo by'abanyarwanda n'iby'abayobozi b'inzego zose.

Muli iyo plan igiye kunara imyaka 5, iby'ingenzi za Komini zali zishinzwe kurangiza kugira ngo amajyambere yiyongere ni :

- Uguhugura abahinzi-borozi kugira ngo babone uko bongera umusaruro ushoboye kubatunga bo n'urubyaro. Tuzi neza twese ko imbaga nyinshi y'abanyarwanda itunzwe n'umwuga wo guhinga kandi ko n'abadahinga batungwa n'ibikomotse ku isuka.

- Gushyiraho uburyo bwose butuma, ali abayobozi ubwabo, ali abayoborwa n'abayobozi, babonana kenshi mu buryo bubangutse. Ubwo buryo ni nk'imihanda yakwirakwizwa muli segiteri za Komini, ni nko kubaka amaposta no gushyiraho za telefoni kugira ngo abaturage batumaneho mu buryo bwihuse; ni nko kubaka Ibiro bya Komini hagati y'ifasi ya Komini kugira ngo hatagira abaturage bavunika kurusha abandi igihe bakeneye ubutegetsi bwa Komini; ni nko kugura imodoka ya Komini kugira ngo yoroshye ingendo .

- Indi mishinga y'ingenzi yagombaga kuba umwihariko wa za Komini ni nko kubaka ibigega byo guhunikamo imyaka yo kugoboka abaturage mu bihe bibi; ni nko gukwirakwiza amazi meza mu mpande zose za Komini kugira ngo indwara ziterwa n'amazi mabi zigabanuke; ni nko guteganya za pharmacies kugira ngo abaturage bashobore kugulira imiti ahabegereye.

.../...

Iyo ikaba ali imwe mu mishinga y'umwihariko Komini zali zishinzwe n'iyo Plan y'Amajyambere y'Igihugu igiye kurangira.

Imwe muli iyo mishinga Komini zimwe na zimwe zarayirangije, ndetse itahwa kumugaragaro. Izindi ziracyashaka ukuntu zazayirangiza.

Hali imishinga ikomeye Leta nayo yiyemeje kurangiza, aliko kuko tuzi twese ko Igihugu cyacu kibarwa mu bikennye cyane kw'isi, Leta kimwe na za Komini ntifite amafaranga ahagije yo gushora mu mishinga yose yihutirwa. Niyo mpamvu Republika ya Kabili na Mouvement Révolutionnaire Iharanira Amajyambere y'u Rwanda bimaze gushingwa, byahise byemeza k'u Rwanda ruzazamurwa mbere na mbere n'imbaraga z'abana barwo bose kandi ko Komini aliyo shingiro ry'amajyambere. Imishinga myinshi rero ali iya Leta, ali iya za Komini, igomba umuganda n'umusanzu wa buli muturage-Rwanda kugira ngo yuzure neza.

Muli iki cyumweru mumaze hano mwaganiliye n'impuguke zishinzwe inzego nyinshi mu milimo ya Leta n'ibigo byayo. Mwababwiye aho Komini zigejeje imishinga zishinzwe, muzibwira ibisigaye n'ingorane mwagize cyangwa se izibategereje. Babagiliye inama nyinshi z'ukuntu mwashishikalira amajyambere y'u Rwanda n'abarutuye. Bakoze uko bashoboye kugira ngo murusheho guhugukira imilimo ikomeye Igihugu cyabashinze, bityo mukabera abaturage muyobora inzira igana amajyambere.

Ndemera ko ingorane ziliho koko kandi ko zishingiye ahanini ku bukene bw'umusaruro wacu utuma tutabona amafaranga ahagije yo kurangiza imishinga mishya ishobora kwihutisha amajyambere y'Igihugu.

Sinabura kubashimira umwete n'ubutwali buli wese muli mwe ahorana kugira ngo agire igikorwa ageraho gifitiye abaturage ba Komini ye akamaro.

Imishinga abanyarwanda bamaze kurangiza bifashishije umuganda imaze kuba myinshi cyane muli za Komini. Icyumweru cy'imishinga buli mwaka kitwibutsa k'uburyo buhagije iyo mishinga n'akamaro k'umuganda. Twagishyiliyeho kugira ngo tuze kubatera inkunga tubashima kubera umwete n'ubutwali muba mwaragize ngo murangize ibikorwa mutwereka. Aha na none nkaba nshaka gushima cyane abenshi muli mwe basobanulira buli gihe abaturage akamaro k'umuganda, bakajya inama nabo kugira ngo bumvikane ku milimo bashobora gukoresha imbaraga zabo. Nimwiyongeremo umurego wo gushishikalira umuganda kandi namwe mufatanye n'abandi kuwukora, kuko ngo haba hakili hamwe ba Burgumestri cyangwa abajyanama bagihagalikira abakora, nka bimwe twanze. Twese tugomba gukora.

Mbibutse kandi ko umuganda ugomba gukorerwa inama, ibigomba gukorwa bigategurwa bihagije kandi umusaruro w'umuganda ntiwiharirwe na runaka w'umutegetsi.

.../...

Ba Bwana Burgumestri,

Sinarangiza ili jambo ntabibukije ingingo eshatu. Iya mbere, muzi ko uyu mwaka twawise uwo kurwanya isuli no gufata neza ubutaka bwacu. Imbaga nyamwinshi y'abanyarwanda itunzwe n'ubuhinzi. Aliko iyo urebye ukuntu abanyarwanda biyongera, ubutaka bukaba buke, usanga ali ngombwa gukora uko dushoboye kugira ngo tulinde ubutaka bwacu isuli kandi tunabufumbire. Buli wese avane umugambi hano wo kuzarebera hamwe n'abaturage ba Komini ye n'abayobozi bose bayikoramo ukuntu barwanya byimazeyo isuli igiye kutumara ku butaka, aliwo mutungo wacu kamere kandi utagereranywa. Twavuze kenshi ko ak'imuhana kaza imvura ihise, hakaba hafashwa uwifashije. N'ubwo imfashanyo kenshi iba ngombwa, birakwiye ko yaza isanga nibura bike dukesha ubutaka bwacu, igasanga twalihase kubufata neza kandi kijyambere.

Muli uyu mwanya ndagira ngo mbibutse ko programu ya kijyambere twiyemeza buli mwaka itagomba gushilira aho ngo n'uko uwo mwaka urangiye. Niyo mpamvu rero tugomba gukomeza kwihatira kongera umusaruro, gutura heza kandi neza, abategetsi bakaba intanga-rugero, bityo nyakatsi igasezererwa burundu hose mu Rwanda. Muli iyo programu yo gutura heza, nasabye abanyarwanda kwubakisha cyane cyane ibikoresho twifitiye iwacu, tutagombye guhaha mu mahanga, nko kwibumbira amatafari n'amategura.

Muli uko gutura neza kandi heza twihate gutulira umuhanda kugira ngo ibyiza bya kijyambere bishobore kutugeraho k'uburyo bworoshye, kandi twilinde gupfusha ubusa ubutaka, duharanire imyaka idufasha gutunga ingo zacu neza no gusagulira amasoko, dushishikalire no guteza imbere ibihingwa nzamurabukungu, bituzanira amafaranga atuma natwe dushobora guhaha ahandi ibikoresho dukeneye.

Ingingo ya kabili ndangilijeho ni uko kugira ngo Komini zibe koko ishingiro ry'amajyambere, Republika ya kabili yavuguruye inzego z'ubutegetsi bwazo. Uretse Inama ya Komini, hiyongereyeho Inama Iharanira Amajyambere n'Akanama k'Impuguke. Ibyo kwali ukugira ngo abenshi mu bajijutse muli Komini, bashobore kubona uburyo bwo kugaragaza ibitekerezo byabo byiza byazamura iyo Komini.

Icyakora aho kugira ngo bimere bityo, usanga muli ibi bihe, bamwe baradohotse kubera umwete muke, abandi kubera ko ngo bagongana na ba Burgumestri. Uwaba atagira icyo akora kubera umwete muke yaba yiciliye urubanza, kuko ubwo aba aca abandi intege yanga gufatanya nabo guteza imbere igihugu cyamubyaye. Burgumestri nawe wakwifashisha ububasha afite muli Komini kugira ngo yikorere ibyo ashatse, aciye ku nama agiliwe n'abagomba kumufasha kurebera Komini, yaba agira nabi cyane. Ndasaba ko inzego zashyizweho muli Komini, zaba iza Muvoma, zaba iz'ubutegetsi, zahabwa uburyo buhagije bwo gukora imilimo zagenewe kandi Burgumestri akitaho gukulikiza ibyemezo ziba zafashe. Amakimbirane cyangwa amagomerane byarasezerewe. Tugomba kwizilika ku ntego ya Muvoma yacu idutegeka kugirana inama no gufatanya mubyo dukora byose.

.../...

Leta izakomeza gutera inkunga abashaka gushinga inganda n'amashyirahamwe yo kongera umusaruro. Icyakora ikaba isaba ikomeje kuyifasha kurwanya ibisambo bihombya za koperative byilira umutungo wazo, kuko usanga iyo migilire igiye rwose kuzaca abantu benshi intege. Inganda na koperative byiyongeye, byatuma urubyiruko rubona akazi, rukareka ubuzererezi no kuralikira iby'abandi.

Ivugurura ry'amashuli ligamije naryo, nk'uko byasobanuwe kenshi kandi ku buryo bwumvikana, gufasha urubyiruko mu nibereho yarwo, cyane cyane urutazagira amahirwe yo gukulikira amashuli yisumbuye n'amakuru. Koko inyigisho nshya nizimara guhama, buli mwana azajya ava mu mashuli abanza afite icyo azi kwikorera cyangwa gukorera abandi. Uyu mushinga tuzi na none ko kugira ngo uzagerweho ku buryo bunonosoye uzatwara amafaranga menshi, amwe tuzayafashishwa n'inshuti z'u Rwanda. Aliko buli wese asabwe gukoresha ingufu n'ubushobozi bwose afite kugira ngo uzatungane.

Ndagira ngo muli uyu mwanya nongere gushimira abaturage muhagaraliye hano namwe ubwanyu, umurava mwakiranye programu y'ivugururwa ly'amashuli, mukayihagurukira, mugashishikalira ibikorwa byaliteganilijwe. N'ubwo bitarangiye hose mu bihe byali bikeneweho, sinabura guhamya ko twese twumvise neza ko ilyo vugururwa ly'amashuli nta kindi ligamije atali uguteza imbere urubyiruko rw'Igihugu cyacu, ligatuma abana bacu bava mw'ishuli barushijeho guhugukira imilimo n'ubwenge byababateza imbere. Muramenye rero ntitudohoke mu gihe twagombaga kuzuza uwo mugambi twubaka amashuli y'umwaka wa munani hamwe n'amashuli agamije amajyambere y'imyuga (Enseignement Rural et Artisanal Intégré) na za ateliers ngombwa.

Umutungo wa Komini si mwinshi turabizi, aliko na none ntawabura kwamagana bamwe mu bakozi n'abayobozi ba Komini baliye isoni, ugasanga n'uwo mutungo muke bashinzwe gucunga bawunyuza hirya no hino, bakawikoreshereza mu byabo. Umutungo wa Komini ukunda kuligiswa cyane muli iki gihe ni amafaranga, n'ibikomoka k'umuganda abaturage batanga, n'imodoka za Komini zikoreshwa na bamwe mu byabo bwite. Turahamya ko ibike Komini zitunze bikoreshejwe neza n'abashinzwe kubicunga, bitabura kuzifasha kurangiza imishinga myinshi.
Ministeri y'Ubutegetsi nibafashe gucunga neza umutungo wa Komini, ihane cyane abakosa, ishyigikire abali mu nzira nziza.

Kuli iki kibazo cy'umutungo wa Komini, dusanga kandi bamwe muli mwe bagira umwete muke wo kwinjiza imisoro n'amahôro, bityo Komini nyinshi zagombaga kubalirwa mu zikize akaba alizo ahanini zirangwa n'ibikorwa bike by'amajyambere. Muramenye rero murwane kuli uwo mutungo wa Komini, muwukoresha mu nzira nziza zigamije guteza imbere Komini mushinzwe n'abaturage bazituye.

.../...

Ingingo ya gatatu, ndagira ngo mbibutse ko mu mpera z'uyu mwaka, itaiki ntiremezwa, tuzakoranya Kongre ya Gatatu ya Mouvement Révolutionnaire Iharanira Amajyambere y'u Rwanda.
Ndagira ngo nsabe buli wese muli iki gihe tuyitegura, gutekereza amahame n'imigambi iboneye abatura-Rwanda tugomba kuzafatisha ibyemezo bizadufasha kurushaho gutsura amajyambere y'Igihugu cyacu.
Ba Bwana Burgumestri, nizeye ko ili hugura mumazemo icyumweru ryarushijeho kubumvisha uruhare Muvoma ibatezeho, mu gucengeza amatwara yayo mubo mushinzwe no kubabera ijisho, mutugezaho ibyifuzo byabo n'ingorane ziboneka, bityo twese hamwe tukazishakira umuti.

Maze rero nkaba nsabye buli wese kuvana muli iyi nama imigambi ihamye ya kigabo yo guharanira amajyambere y'abo ashinzwe.
Kugira ngo abigereho agomba igihe cyose, kubabera inkingi y'amahoro n'ubumwe, urumuli muli byose, no kuba inyanga-mugayo mu gihe adahwema gushyigikira ubutabera.

Buli wese, ali umutegetsi cyangwa uyoborwa, niyiyegulira atyo Igihugu cyamubyaye n'abana bacyo bose uko bangana, ntawashidikanya ko tuzaba tuboneje koko inzira nyakuli y'amajyambere.

Ngiyo imigambi mbashinze mw'isoza ry'iyi nama, kandi mbasabye kungereza ku Banyarwanda bose indamutso dusanganywe ibifuliza ubumwe, amahoro iteka n'amajyambere kuli buli wese no kuli bose.

Mouvement Révolutionnaire Iharanira Amajyambere y'u Rwanda nirambe kandi isagambe muli twe.

UMUGEREKA

PROGRAMU Y'IHUGURWA LY'ABABURGUMESTRI

NZELI 1980 .-

| ITALIKI | INYIGISHO | UWAYITANZE |
|---|---|---|
| 7/9/1980 | Gutangiza ihugurwa | Ministri w'Ubutegetsi bw'Igihugu |
| 8/9/1980 | Muvoma Revolisiyoneri iharanira amajyambere y'u Rwanda | Secrétaire Général wa M.R.N.D. |
| | Ibyerekeye Ubutegetsi | NZARAMBA Innocent, Secrétaire d'Administration au MININTER. |
| | Ibyerekeye Abapolisi ba Komini | Capitaine AYABATERANYA Dégratias, Chef de Division Administration de la Police Communale. |
| | Amajyambere ya Komini | NIYIBIZI Tite, Fonctionnaire principal au MININTER |
| | Umutungo wa Komini | BAZIMAZIKI Bernardin, Chef de Division des Finances Communales au MININTER |
| | Ibigo bihugulirwamo abaturage | NZAMWITA Aloys, Directeur de l'Education Populaire au MINASOCOOP. |
| | Banki z'abaturage | HABIMANA Isaïe, Chef-adjoint du Projet des Banques Populaires. |
| | Banki y'amajyambere y'u Rwanda | RWANANIYE Daniel, attaché de direction à la B.R.D. |
| 9/9/1980 | Ubuhinzi bw'Ikawa | BAGILIMANA Jean, Chef de Service production - OCIR - café. |
| | Uruhare rw'Icyayi mu majyambere y'Igihugu | NIYIBIZI Stanislas, agent de l'OCIR - Thé |

.../...

| | | |
|---|---|---|
| | Ubuzima mu gihe kili imbere | MUSEMAKWELI Justin, Chef de Bureau de l'Hygiène au MINISANTE. |
| | Ubwiteganyilize bw'abakozi | MUREKEZI Evariste, agent de la Caisse Sociale. |
| | Gutanga amaraso | BINIGA Damien, agent de la Croix Rouge Rwandaise. |
| 10/9/1980 | Ubuhinzi n'Ubworozi | NZAMURAMBAHO Frédéric, Ministre de l'Agriculture et de l'Elevage. |
| | Uko twateza imbere amashyamba, Uburobyi, n'Ubworozi bw'amafi | RUREMESHA Joseph, Chef de Division Pêche et Pisciculture. |
| | Uko twateza imbere Ubuhinzi bw'Ibihingwa ngandura-rugo | KAREKEZI Célestin, Chef de Division Cultures vivrières. |
| | Uko twalinda ubutaka | BARAHIRA Cyprien, Chef de Bureau Pédologie. |
| | Guteza imbere ubworozi bw'amatungo | RUREMESHA Joseph |
| | Ivugururwa ly'amashuli | GASARASI James, Directeur Général des Etudes et Recherches Pédagogiques. |
| 11/9/1980 | Ibikorwa by'urubyiruko mu majyambere yo mu cyaro | KANYARUSHOKI Claver, Directeur de l'Encadrement et Formation au MIJEUNESPORTS. |
| | Guteza Sporo imbere mu byaro | Semateka Claude, Directeur Général des Sports et Loisirs au MIJEUNESPORTS. |
| | Inyigisho zerekeye za koperative mu Rwanda | KAYINAMURA Félicien, Directeur de la promotion des coopératives au MINASOCOOP. |
| | Imilimo y'ubukolikoli | KWIHANGANA Louis, Directeur de l'Artisanat au MINECO. |

.../...

| | | |
|---|---|---|
| | Ingorane zikunda kuboneka mw'igenzurwa ly'ubucuruzi | MBONABIRAMA Juvénal, Chef de Division Insepction et contrôle du Commerce. |
| | Ibibazo byerekeye imisoro | VUGANEZA Théoneste, Vérificateur des impôts au MINIFIN |
| | Ibibazo byerekeye amahôro | SINIYOBEWE Marc, Fonctionnaire de la Brigade Mobile des douanes. |
| 12/9/1980 | Umushinga werekeye kumenyesha amakuru | BAYIGAMBA Adalbert, Chef de Service Presse Ecrite et Cinéphoto |
| | Tumenye SONARWA | KAYIJUKA Augustin, Agent de la SONARWA |
| | Ubulyo bushya bwo gutumanaho mu byaro | KAJYIBWAMI Jean, Responsable du Bureau Etudes et Planification des télécommunications. |
| | Imikorere n'imiterere ya Ministeri y'Umutungo Kamere, Mini na Kariyeri | NYALIHAMA J.M.Vianney, Secrétaire Général au MIRENAMICA |
| | Uruhare rwa OPROVIA mu majyambere yo mu cyaro | Lieutenant Colonnel NTIBITURA Bonaventure, Directeur de l'OPROVIA. |
| 13/9/1980 | Ubutegetsi bwa Komini n'ubucamanza | NGANGO Félicien, Secrétaire Général au MINIJUST |
| | Etat civil mu Rwanda | |
| | Ibarura ly'abaturage | MULINDABABISHA Gaspard, Chef de Bureau Recensement et Statistiques au MININTER. |
| | Amahoro n'umutekano mu Rwanda n'itoranywa ly'Abajandarme | Commandant Gendarme HAKIZIMANA Pontien |
| | Itoranywa ly'abasilikari b'ingabo z'u Rwanda | Commandant BEM NDINDILIYIMANA Augustin |
| | C L O T U R E | Général Major HABYARIMANA Juvénal Président de la République et Président Fondateur du Mouvement Révolutionnaire National pour le Développement. |